REPUBULIKA Y'U RWANDA

KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE

# IGIPIMO CY'UBWIYUNGE MU RWANDA 2020

United Nations RWANDA
Unity in Diversity

UNDP
RWANDA

ISBN 978-99977-709-3-6

REPUBULIKA Y'U RWANDA

KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE

# IGIPIMO CY'UBWIYUNGE MU RWANDA 2020

United Nations RWANDA
Unity in Diversity

UNDP RWANDA

ISBN 978-99977-709-3-6

## IBIKUBIYEMO

URUTONDE RW'IMBONERAHAMWE ........ vi
URUTONDE RW'AMASHUSHO ........ vii
IMPINAMAGAMBO ZAKORESHEJWE ........ xi
INCAMAKE ........ xii

1. IRIBURIRO ........ 1
1.1. Amavu n'amavuko ........ 1
1.2. Ubwiyunge mu Rwanda: Amahitamo rukumbi yo kongera kubaka u Rwanda nyuma ya Jenoside ........ 2
1.3. Imbaraga zashyizwe mu Bumwe n'Ubwiyunge kuva mu 1994 ........ 3
1.4. Uko ubwiyunge bumeze kuva mu 2016 kugera mu 2020 ........ 4
1.5. Ibibazo n'Intego ........ 5

2. IBITEKEREZO BY'INGENZI BYAGENDEWEHO ........ 7
2.1. Ubwiyunge: Incamake ........ 7
2.2. Ubwiyunge: Icyerekezo cy'u Rwanda ........ 9
2.3. Ubwiyunge mu Rwanda mu rwego rw'ibitekerezo ........ 10
2.3.1 Gusobanukirwa amateka, ibya none,no gutekereza ahazaza by'u Rwanda ........ 11
2.3.2 Ubwenegihugu, ibiranga umwenegihugu, n'inshingano ........ 13
2.3.3 Icyizere n'uruhare rw'abaturage mu miyoborere ........ 14
2.3.4 Umutekano n'Imibereho myiza ........ 17
2.3.5 Ubutabera, Amahirwe angana n'Uburenganzira ........ 17
2.3.6 Imibanire myiza ........ 18

3. UBURYO UBUSHAKASHATSI BWAKOZWE ........ 21
3.1 Kwitegura no guhuza ibikorwa ........ 21
3.2 Uburyo bwakoreshejwe ........ 21
3.3 Ishusho mbonera y'ubushakashatsi ........ 22
3.4 Ahakorewe ubushakashatsi, abakozweho ubushakashatsi, n'ibyagendeweho mu kubukora ........ 22
3.4.1 Abakozweho ubushakashatsi ........ 23
3.4.2 Ibyagendeweho mu gusesengura ubushakashatsi ........ 23
3.5. Uburyo bwo gutoranya ikitegererezo ........ 24
3.5.1 Uburyo bwo gutoranya abakorwaho ubushakashatsi mu gukusanya amakuru ashingiye mu mibare ........ 24
3.5.2. Uburyo bwo gutoranya abakorwaho ubushakashatsi mu gukusanya amakuru ashingiye ku bitekerezo ........ 29
3.6. Uburyo bwo gukusanya amakuru n'ibikoresho byifashishwa ........ 30
3.6.1. Icyiciro cya mbere cy'amakuru ........ 30
3.6.2 Icyiciro cya kabiri cy'amakuru ........ 34
3.7.Uburyo bwo gusesengura amakuru n'ibyakoreshejwe mu kuyasesengura ........ 34
3.8. Amahugurwa ku bakusanyije amakuru n'isuzuma ry'ibikoresho byakoreshejwe ........ 35
3.9 Ingamba zo kugenzura ubuziranenge ........ 35
3.10. Ubwishingizi ku Buziranenge n'Indangagaciro z'ubushakashatsi ........ 36
3.11 Ibibazo nyamukuru byagaragaye n'ingmba zo kubikemura ........ 37

4. IBISUBIZO: UKO UBWIYUNGE BUMEZE MU 2020 ......38
4.1. Abashubije ibibazo n'imibereho yabo ......38
4.2. Gusobanukirwa amateka, iby'ubu no gutekereza ejo hazaza......41
4.2.1. Ibitekerezo ku byahise (amateka) ......41
4.2.2. Amateka n'uburyo ahererekanwa ......42
4.2.3. Kugira ubwiyunge ubwawe ......45
4.2.4. Gutekereza ejo hazaza......47
4.2.5. Incamake y'ibyagaragajwe ku 'Gusobanukirwa amateka, ubu no gutekereza ahazaza by'u Rwanda'...... 55
4.3. Ubwenegihugu, ibiranga umuntu n'inshingano ......57
4.3.1. Ibiranga Ubwenegihugu ......57
4.3.2. Ishema ry'umunyarwanda ryo gusangira Ubwenegihugu ......59
4.3.3. Indangagaciro n'icyerekezo bisangiwe ......63
4.3.4. Kwiyemeza gushyigikira ibiranga Ubwenegihugu ......64
4.3.5. Gutekerezanya ubushishozi......65
4.3.6. Incamake y'ibyavuye mu Bwenegihugu, ibiranga umuntu n'inshingano......67
4.4. Icyizere n'uruhare rw'abaturage mu miyoborere ......68
4.4.1. Ukwishimira uruhare rw'inzego ......68
4.4.2. Ibyumvikanyweho ku bijyanye n'imikorere y'abayobozi ......88
4.4.3. Ibyumvikanyweho ku kongerera ubushobozi abaturage no kugira uruhare mu miyoborere ......91
4.4.4 Incamake y'ibyavuye mu cyizere n'uruhare rw'abaturage mu miyoborere......95
4.5. Umutekano n'imibereho myiza......96
4.5.1. Umutekano w'Igihugu n'Ubwiyunge......97
4.5.2. Umutekano w'umuntu ku giti cye n'ubwiyunge ......98
4.5.3. Umutekano mu by'ubukungu n'uburenganzira ku mitungo......101
4.5.4. Ibitekerezo ku gukwirakwiza neza ibikorwa remezo......107
4.5.5. Incamake y'ibyasubijwe ku mutekano n'imibereho myiza...... 114
4.6. Ubutabera, kugira amahirwe angana n'uburenganira ......116
4.6.1. Ukuri ku mateka no guhana Jenoside n'ibindi byaha bifitanye isano......117
4.6.2. Indishyi z'imitungo yasahuwe cyangwa yangijwe mu gihe cya Jenoside ......120
4.6.3. Gusaba imbabazi no kuzitanga/kubabarirwa......124
4.6.4. Gukira ibikomere...... 128
4.6.5. Kugira amahirwe angana no kubaha uburenganzira bwa muntu......133
4.6.6. Incamake y'ibyagaragajwe ku Butabera, kugira amahirwe angana n'uburenganzira...... 140
4.7. Imibanire myiza ......143
4.7.1. Icyizere mu Banyarwanda......143
4.7.2. Ubworoherane n'imikoranire myiza...... 147
4.7.3. Ubufatanye mu Banyarwanda...... 151
4.7.4. Ubwumvikane n'ubucuti mu Banyarwanda......155
4.7.5. Incamake y'ibyagaragajwe ku mibanire myiza...... 158
4.8. Uko ubwiyunge bumeze ubu mu Rwanda ......159
4.9. Inzira ziteza imbere ubwiyunge mu Rwanda ......162
4.10. Inzitizi zibangamira ubwiyunge......163

5. UMWANZURO N'IBYIFUZO ....................................................................................................169
5.1. Umwanzuro ..........................................................................................................................169
5.2. Ibyifuzo-nama .......................................................................................................................171
5.3. Ibizitabwaho mu bushakashatsi butaha ..............................................................................174

Inyandiko zifashishijwe ..........................................................................................................176
Imigereka ..................................................................................................................................179

## URUTONDE RW'IMBONERAHAMWE


Imbonerahamwe ya 1: Uko ubwiyunge buhagaze mu Rwanda mu 2020.................................... xi
Imbonerahamwe ya 2: Kugereranya Ibipimo by'Ubwiyunge (IUR) byo mu mwaka wa 2010, 2015, no wa 2020 ............................................................... xv
Imbonerahamwe ya 3. Inzitizi zibangamira ubwiyunge ........................................................xvi
Imbonerahamwe ya 4: Inkingi, ibyitezwe n'ibipimo bigize Igipimo cy'Ubwiyunge 2020 .........19
Imbonerahamwe ya 5: Umubare w'Imidugudu yatoranyijwe ................................................27
Imbonerahamwe ya 6: Igabanya ry'ingo z'inzego ukurikije Intara n'Umujyi wa Kigali.............29
Imbonerahamwe ya 7: Urutonde rw'abatanze amakuru b'ingenzi ....................................... 32
Imbonerahamwe ya 8 : Urutonde rw'abashoboraga kwitabira ibiganiro mu matsinda y'ingenzi ......................................................................33
Imbonerahamwe ya 9: Abasubije ibibazo mu Ntara n'Umujyi wa Kigali hakurikijwe igitsina cyabo. ........................................................................38
Imbonerahamwe ya 10: Impuzandengo y'ibipimo ku 'Gusobanukirwa amateka, iby'ubu, no gutekereza ejo hazaza h'u Rwanda'...............................................56
Imbonerahamwe ya 11: Impuzandengo y'amanota ku bwenegihugu, ibiranga umuntu n'inshingano ..........................................................................67
Imbonerahamwe ya 12: Impuzandengo y'igipimo ku cyizere n'uruhare by'abaturage mu miyoborere.......................................................................95
Imbonerahamwe ya 13: Impuzandengo y'ibipimo ku mutekano n'imibereho myiza............115
Imbonerahamwe ya 14: Impuzandengo y'ibipimo k'ubutabera, kugira amahiwe angana n'uburenganzira...............................................................141
Imbonerahamwe ya 15 : Impuzandengo y'ibyagaragajwe ku mibanire myiza.......................158
Imbonerahamwe ya 16: Uko ubwiyunge buhagaze ubu mu Rwanda...................................160
Imbonerahamwe ya 17: Kugereranya ibibangamiye ubwiyunge mu bipimo byakozwe.........163
Imbonerahamwe ya 18. Ibitekerezo byatanzwe kuri buri Karere ku ngingo ivuga "ABanyarwanda bemera ko bibona nk'Abanyarwanda mbere y'ibindi"..........................................................................165

## URUTONDE RW'AMASHUSHO


Ishusho ya 1. Izindi nzitizi zibangamira ubwiyunge ....................xvii
Ishusho ya 2: Urwego rw'ibitekerezo byifashishijwe ....................11
Ishusho ya 3: Uburyo bw'igereranya rihuriranye ....................22
Ishusho ya 4. Abasubije ibibazo ukurikije icyiciro cy'imyaka....................39
Ishusho ya 5.Abasubije ibibazo ukurikije irangamimerere. .................... 39
Ishusho ya 6: Abasubije ibibazo ukurikije urwego rw'amashuri bize. ....................40
Ishusho ya 7. Abasubije ukurikije idini /Itorero barimo....................40
Ishusho ya 8. Ibitekerezo ku gusobanukirwa ibyabaye bifatika....................41
Ishusho ya 9. Amateka n'uko ahererekanwa ....................43
Ishusho ya 10. 'Amateka n'uburyo ahererekanwa' uko ibitekerezo byatanzwe hakurikijwe abagabo n'abagore .................... 44
Ishusho ya 11. "Amateka n'uko ahererekanwa' ibitekerezo byatanzwe ukurikije ibyiciro by'imyaka ....................45
Ishusho ya 12. Kugira ubwiyunge ubwawe ....................45
Ishusho ya 13. Ibisubizo ukurikije abagabo n'abagore ku 'kugira ubwiyunge ubwawe''............46
Ishusho ya 14. Ibisubizo ukurikije icyiciro cy'imyaka ku kugira ubwiyunge ubwawe ................47
Ishusho ya 15. Gutekereza ejo hazaza....................48
Ishusho ya 16. Uko Abanyarwannda babona 'gutekereza ejo hazaza' hakurikijwe igitsina .......50
Ishusho ya 17. Uko Abanyarwanda babona gutekereza ejo hazaza hakurikijwe icyiciro cy'imyaka ....................51
Ishusho ya 18. Ibitekerezo by'abaturage kuri buri Karere kuri 'Haracyari ibibazo byerekana ko jenoside ishobora kongera kubaho mu Rwanda' ........................52
Ishusho ya 19. Ibitekerezo by'abaturage kuri buri Karere kuri 'Hariho Abanyarwanda bashobora gukora jenoside baramutse babonye urwaho' ............................... 53
Ishusho ya 20: Ibitekerezo ku biranga umuntu ....................58
Ishusho ya 21 : Ibitekerezo byatanzwe ku 'biranga umuntu' ukurikije igitsina..........................59
Ishusho ya 22: Ishema ryo kugira ibibaranga bisangiwe ....................60
Ishusho ya 23: Ibitekerezo byatanzwe ku 'Ishema ryo kugira indangamuntu, Ubwenegihugu busangiwe' hakurikijwe abagabo n'abagore ............................ 61
Ishusho ya 24: Ibitekerezo by'abaturage kuri buri Karere ku Ishema ryo kugira ibibaranga bisangiwe ....................62
Ishusho ya 25: Ibitekerezo byatanzwe ndangagaciro n'icyerekezo bisangiwe ..........................63
Ishusho ya 26: Ibitekerezo byatanzwe ukurikije igitsina ku ngingo y 'Indangagaciro n'icyerekezo bisangiwe' .................... 63
Ishusho ya 27: Kwiyemeza gushyira imbere 'Ubunyarwanda' ....................64
Ishusho ya 28: 'Kwiyemeza gushyira imbere Ubunyarwanda' uko byagaragajwe ukurikije abagabo n'abagore ....................65
Ishusho ya 29: Kugira imitekerereze isesengura ....................66
Ishusho ya 30: Uko abagabo n'abagore babona ingingo ijyanye n'imitekerereze isesengura.....66
Ishusho ya 31: Inzego z'ubuyobozi .................... 68
Ishusho ya 32: Ibitekerezo by'abaturage kuri buri Karere ku 'Kwishimira uruhare rw'Inzego Nkuru za Guverinoma.................... 69
Ishusho ya 33: Ibitekerezo by'abaturage kuri buri Karere ku 'Kwishimira uruhare rw'ubuyobozi bw'inzego z'ibanze' ....................70
Ishusho ya 34: Inzego z'ubutabera.................... 71
Ishusho ya 35: Ibitekerezo by'abaturage kuri buri Karere ku 'cyizere bafitiye Abunzi' .............72

Ishusho ya 36: Ibitekerezo by’abaturage muri buri Karere ku ‘cyizere ku ‘Nzu z’abajyanama mu by’amategeko’ (MAJ) ....................................................73
Ishusho ya 37: Ibitekerezo by'abaturage kuri buri Karere ku 'cyizere ku bahesha b’inkiko b'umwuga' ....................................................................................................74
Ishusho ya 38: Ibitekerezo by’abaturage kuri buri Karere ku ‘cyizere ku ruhare rw’ubucamanza’ ....................................................................................... 75
Ishusho ya 39: Ibitekerezo by’abaturage muri buri Karere ku ‘cyizere ku ruhare rw’Ubushinjacyaha’ ................................................................................... 76
Ishusho ya 40: Ibitekerezo by’abaturage muri buri Karere ku ‘Cyizere ku ruhare rw’Ubugenzacyaha mu Rwanda (RIB)” ..............................................................77
Ishusho ya 41: Izindi nzego ................................................................................................ 78
Ishusho ya 42: Urugero rw’icyizere cy’abaturage kuri buri Karere ku ‘ Inama Njyanama z’Uturere’ ..................................................................................................79
Ishusho ya 43: Urugero rw’icyizere cy’abaturage kuri ‘Komisiyo y’Igihugu y’Uburenganzira bwa Muntu’ kuri buri Karere..................................................80
Ishusho ya 44: Urugero rw’icyizere cy’abaturage ku ‘itangazamakuru’ kuri buri Karere ...........81
Ishusho ya 45: Urugero rw’icyizere cy’abaturage ku ‘Nzego z’umutekano’ kuri buri Karere......82
Ishusho ya 46: Urugero rw’icyizere cy’abaturage kuri ‘Sosiyete sivile’ kuri buri Karere............83
Ishusho ya 47: Urugero rw’icyizere cy’abaturage kuri ‘Komisiyo y’Igihugu yo Kurwanya Jenoside’ byatanzwe muri buri Karere ............................................................. 84
Ishusho ya 48: Urugero rw’icyizere cy’abaturage kuri 'Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge 'muri buri Karere ..........................................................................85
Ishusho ya 49: Urugero rw’icyizere cy’abaturage kuri 'Komisiyo y’Igihugu y’ Amatora' kuri buri Karere ......................................................................................................86
Ishusho ya 50: Urugero rw’icyizere cy’abaturage kuri buri Karere ku ‘Mitwe ya politiki’ ..........87
Ishusho ya51: Ibyemeranyijwe ku mikorere y'abayobozi ..........................................................88
Ishusho ya 52: Uko Abagabo n’Abagore babona ‘IMikorere y’abayobozi’ ................................91
Ishusho ya 53: Ibyumvikanyweho ku bijyanye no kongerera ubushobozi abaturage no kugira uruhare mu miyoborere.................................................................... 92
Ishusho ya 54: Ibitekerezo ku ‘kongerera ubushobozi abaturage no kugira uruhare .................94
Ishusho ya 55: Umutekano w’Igihugu n’ubwiyunge ...................................................................97
Ishusho ya 56: Umutekano bwite w’umuturage n’ubwiyunge ...................................................98
Ishusho ya 57: Ibyagaragajwe ku ‘umutekano’ w’umuntu ku giti cye n’ubwiyunge’ ukurikije abagabo n’abagore ..................................................................................99
Ishusho ya 58: Ibijyanye n ‘Umutekano w’umuntu ku giti cye n’ubwiyunge ukurikije icyiciro cy’imyaka ............................................................................................100
Ishusho ya 59: Umutekano w’ubukungu n’uburenganzira ku mitungo ...................................102
Ishusho ya 60: Ibitekerezo ku buryo abantu bava mu bukene mu Karere kabo .......................103
Ishusho ya 61: Ibitekerezo ku burenganzira bwa buri muntu bwo kugira imitungo (ubutaka, amazu ...) muri buri Karere .............................................................104
Ishusho ya 62: Uko Abanyarwanda banyuzwe na poli?ki y’imiturire ukurikije Akarere ...........105
Ishusho ya 63: Ibitekerezo ku kunyurwa kw’Abanyarwanda mu kubona no gukoresha umutungo wabo bwite (ubutaka, amazu, nibindi) ukurikije 'Akarere ...............106
Ishusho ya 64: Ibitekerezo cy’abaturage ku gukwirakwiza neza ibikorwa remezo.................. 107
Ishusho ya 65: Ibitekerezo cy'abaturage ku 'Gukwirakwiza neza ibikorwa remezo amazi, isuku n'isukura’ kuri buri Karere ..........................................................108
Ishusho ya 66: Ibitekerezo by'abaturage ku 'Gukwirakwiza amashanyarazi neza' ukurikije buri Karere ..................................................................................109

Ishusho ya 67: Ibitekerezo cy'abaturage kuri buri Karere ku 'Gukwirakwiza neza imihanda.....110
Ishusho ya 88: Ibitekerezo by'abaturage kuri buri Karere ku 'Gukwirakwiza neza ibigo by'uburezi' .....111
Ishusho ya 69: Ibitekerezo by'abaturage kuri buri Karere ku 'Gukwirakwiza neza ibigo nderabuzima'.....112
Ishusho ya 70: Ibitekerezo by'abaturage kuri buri Karere ku 'Gukwirakwiza neza ibikoresho by'ikoranabuhanga mu itumanaho (ICT) '.....113
Ishusho ya 71: Ukuri ku mateka no guhana jenoside n'ibyaha bifitanye isano nayo .....117
Ishusho ya 72: Ibitekerezo byatanzwe ku 'ukuri ku mateka no guhana jenoside n'ibyaha bifitanye isano' hakurikijwe abagabo n'abagore.....119
Ishusho ya 73: Ibitekerezo byatanzwe ku 'Ukuri ku mateka no guhana jenoside n'ibyaha bifitanye isano nayo' ukurikije ibyiciro by'imyaka .....120
Ishusho ya 74: Ibitekerezo by'abaturage ku ndishyi z'imitungo yasahuwe cyangwa yangijwe mu gihe cya jenoside .....121
Ishusho ya 75: Ibitekerezo by'abaturage kuri buri Karere ku ndishyi z'imitungo yasahuwe n'iyangijwe mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi .....122
Ishusho ya 76: Ibitekerezo by'abaturage kuri buri Karere ku byerekeye gushyira mu bikorwa imyanzuro y'imanza za 'Gacaca' ijyanye n'imitungo yasahuwe n'iyangijwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi .....123
Ishusho ya 77: Gusaba imbabazi no kubabarira .....124
Ishusho ya 78: Ibitekerezo by'abaturage kuri buri Karere ku "kumenya niba abakoze jenoside barasabye imbabazi ku byaha bakoze" ..... 126
Ishusho ya 79: Ibitekerezo by'abaturage, kuri buri Karere ku kumenya niba abarokotse jenoside baratanze imbabazi ku bayikoze bazisabye .....127
Ishusho ya 80: Gukira ibikomere umuntu ku giti cye .....128
Ishusho ya 81: Ibitekerezo byatanzwe ukurikije abagabo n'abagore ku 'gukira ibikomere umuntu ku giti cye' .....130
Ishusho ya 82: Ibitekerezo byatanzwe ukurikije ibyiciro by'imyaka ku 'Gukira ibikomere by'umuntu ku giti cye'.....131
Ishusho ya 83. Ibitekerezo byatanzwe kuri buri Karere ku ngingo ya "Numva narakize ibikomere byatewe na jenoside na politiki y'ivangura".....132
Ishusho ya 84: Amahirwe angana no kubahiriza uburenganzira bw'ibanze bwa muntu .....133
Ishusho ya 85: Ibitekerezo byatanzwe ukurikije abagabo n'abagore ku 'Mahirwe angana no kubaha uburenganzira bw'ibanze bwa muntu .....135
Ishusho ya 86: Ibitekerezo byatanzwe ukurikije icyiciro cy'imyaka ku 'Mahirwe angana no kubaha uburenganzira bw'ibanze bwa muntu' .....136
Ishusho ya 87: Ibitekerezo byatanzwe ukurikije Uturere ku gitekerezo kivuga ko 'Abanyarwanda bose bafite amahirwe angana yo kubona akazi' .....137
Ishusho ya 88: Ibitekerezo byatanzwe ukurikije Uturere ku ngingo ivuga ko 'Abanyarwanda bose bafite amahirwe angana yo kwiga' .....138
Ishusho ya 89: Ibitekerezo byatanzwe ukurikije Uturere ku ngingo ya 'Abanyarwanda bose bafite amahirwe angana yo kubona serivisi z'ubuzima' .....139
Ishusho ya 90: Ibitekerezo byatanzwe ukurikije Uturere k'uko 'Hari uburinganire bw'abagabo n'abagore mu Rwanda' ..... 140
Ishusho ya 91: Icyizere mu Banyarwanda' .....143
Ishusho ya 92: Ibyagaragajwe kuri buri Karere ku 'Cyizere mu Banyarwanda' .....145
Ishusho ya 93: Ibitekerezo byatanzwe ukurikije abagabo 'abagore ku "cyizere mu Banyarwanda' .....146

Ishusho ya 100: Ubufatanye mu Banyarwanda ........................................................................153
Ishusho ya 101: Ibitekerezo byatanzwe ukurikije abagabo n’abagore
ku “Ubufatanye mu Banyarwanda” .............................................................. 154
Ishusho ya 102: Ibitekerezo byatanzwe ukurikije ibyiciro by’imyaka
ku ‘'Ubufatanye mu Banyarwanda'..................................................................155
Ishusho ya 103: Ibitekerezo k 'Ubusabane n’ubucuti mu Banyarwanda' ................................156
Ishusho ya 104: Ubusabane n’ubucuti mu Banyarwanda ukurikije abagabo n’abagore...........156
Ishusho ya 105: Ibitekerezo byatanzwe ukurikije ibyiciro by’imyaka k 'Ubusabane
n’ubucuti mu Banyarwanda' ..............................................................................157
Ishusho ya 106: Kugereranya Ibipimo by’Ubwiyunge byo mu 2010, 2015, no mu 2020...........161
Ishusho ya 107: Ibiteza imbere ubumwe n’ubwiyunge mu Rwanda....................................... 162
Ishusho ya 108: Inzitizi z’ubwiyunge zisanishijwe n’ibipimo binini…………….........................167

## IMPINAMAGAMBO ZAKORESHEJWE

| | |
|---|---|
| AERG : | Ishyirahamwe ry'Abanyeshuri Barokotse Jenoside |
| CNLG: | Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside |
| CRC: | Ikarita ya Raporo y'Umwenegihugu |
| CSO: | Ihuriro rya Sosiyete Sivile |
| EA: | Ahantu Hakorewe Ibarura |
| EICV: | Ubushakashatsi ku Mibereho y'Imiryango |
| FARG: | Ikigega cya Leta cyo Gufasha Abarokotse Jenoside batishoboye |
| FGDs: | Amatsinda y'Ingenzi y'Ibiganiro |
| GSC: | Ikarita y'Amanota y'Imiyoborere |
| ICT: | Amakuru, Itumanaho n'Ikoranabuhanga |
| KII: | Ibiganiro Bitangwa n'Abantu b'Ingenzi |
| MAJ: | Ikigo Gifasha Kugera ku Butabera |
| MDGs: | Intego z'Iterambere z'Ikinyagihumbi |
| MFIs: | Ibigo by'Imari Iciriritse |
| MINALOC: | Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu |
| MRND: | Ishyaka rya Revolusiyo y'Igihugu Rigamije Amajyambere |
| NFPO: | Ihuriro ry'Igihugu ry'Imitwe ya Politiki |
| NISR: | Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda |
| NURC: | Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge |
| REB: | Ikigo Gishinzwe Uburezi mu Rwanda |
| RGB: | Ikigo Gishinzwe Imiyoborere mu Rwanda |
| RRB: | Igipimo cy'Ubwiyunge mu Rwanda |

# INCAMAKE

## Amavu n'amavuko

Iyi raporo ikubiyemo ubushakashatsi bwasuzumye uko ubwiyunge mu Rwanda bumeze, kuva mu mwaka wa 2016 kugera mu mwaka wa 2020. Igamije gusuzuma uko imbaraga za Guverinoma, sosiyete sivile, itangazamakuru, Abikorera, zashoboye kugarura ubumwe n'ubwiyunge mu banyarwanda kuva mu 1994. Mu mwaka wa 2010 Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge (NURC) yakoze ubushakashatsi ku rwego rw'igihugu bwabaye ishingiro ry'igipimo cya mbere cy'ubwiyunge mu Rwanda. Ikindi gipimo cy'ubwiyunge mu gihugu cyakozwe mu mwaka wa 2015 kigaragaza ibyagezweho kuva mu mwaka wa 2010 ndetse n'ingorane ziri mu bwiyunge zikeneye kwitabwaho by'umwihariko. Mu byadindije ubwiyunge nk'uko bigaragara muri iyo raporo harimo imyumvire ishingiye ku moko ku iri gipimo cya 27.9%, ingengabitekerezo ya jenoside ikaba yari ku gipimo cya 25.8% n'ibikomere bituruka ku macakubiri na jenoside bitarakira neza kugeza ubu, ku gipimo cya 4,6%.

Igipimo cy'Ubwiyunge cy'umwaka wa 2020 kije nyuma y'imyaka 26 Jenoside yakorewe Abatutsi ibaye muri 1994 kandi mu bushakashatsi bwa siyanse mbonezamubano iyi myaka ikaba igize igisekuru. Hashingiwe ku byavuye mu Gipimo cy'Ubwiyunge cy'umwaka wa 2015, Igipimo cy'Ubwiyunge cy'umwaka wa 2020 kigamije kugera ku ntego 2:

1. Kwerekana uko ubwiyunge bumeze ubu mu Rwanda, binyuze mu bitekerezo by'abaturage n'ubunararibonye bafite;
2. Kumenya ibiteza imbere ubwiyunge n'imbogamizi zabwo no gutanga ibyifuzo ku cyakorwa ngo ubwiyunge bugumye gutera mbere.

## Uburyo ubushakashatsi bwakozwemo

Ubu bushakashatsi bwiswe 'Igipimo cy'Ubwiyunge 2020 (RRB 2020)' bwakozwe mu buryo buvanze; bivuze ko hakoreshejwe uburyo bukoresha ibipimo bishingiye ku mibare n'ubukoresha ibishingiye ku bitekerezo. Ubushakashatsi bwakozwe mu Mirenge yose uko ari 416 y'Igihugu, kugira ngo ingo zisanzwe 9720 n'ingo 2880 zishingiye ku nzego cyangwa ibigo, kugira ngo bitabire ubu bushakashatsi. Muri rusange, ubushakashatsi bwakorewe mu ngo 12,600 zatoranyijwe hakoreshejwe uburyo bwo gutoranya icyitegererezo cy'ikusanya makuru. Guhitamo abitabiriye iryo kusanyamakuru rishingiye ku bitekerezo, ubushakashatsi bwakoresheje uburyo bwerekana undi wo kubaza uhereye ku wo ugezeho hamwe n'ubuhanga bundi bwo gutoranya bitewe n'intego ufite. Binyuze muri ubwo buhanga bwombi, kugira ngo Uturere n'inzego, kimwe n'abantu b'inararibonye mu gutanga ibitekerezo.

Mu gusesengura amakuru, ubushakashatsi bwagendeye ku nkingi esheshatu Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yashyizeho mu gusuzuma aho ubwiyunge bugeze mu Rwanda. Hari ibipimo bishya n'ibindi bintu bimwe byongeweho kugira ngo bihuze ibipimo n'ibibazo biriho muri iki gihe.

## Ibyavuye mu bushakashatsi

Imbonerahamwe ikurikira irerekana incamake y'ibisubizo byagezweho mu buryo bw'imibare kuri buri nkingi, impuzandengo y'amanota mu ijanisha rya buri nkingi, n'impuzandengo y'ijanisha ry'uko ubwiyunge bumeze ku rwego rw'igihugu.

**Imbonerahamwe ya 1: Uko ubwiyunge buhagaze mu Rwanda mu 2020**

| Inkingi | Ibipimo | Ibisubizo (%) mu 2015 | ibisubizo (%) mu 2020 | Impuzandengo (%) mu 2020 |
|---|---|---|---|---|
| 1.Imyumvire ku mateka, iby'ubu, no gutekereza ejo hazaza h'u Rwanda | Imyumvire ku byabaye mu mateka | 91.7 | 95.8 | 94.6 |
| | Amateka n'uburyo ahererekanwa | 93.5 | 92.8 | |
| | Kugira ubwiyunge ubwawe | 91.1 | 95.1 | |
| | Gutekereza ejo hazaza | 91.2 | 94.8 | |
| 2.Ubwenegihugu, Ibiranga umuntu, umuntu, n'Inshinganoze | Ibiranga umuntu (Ubunyarwanda) | 95.6 | 99.4 | 98.6 |
| | Ishema ryo kugira ibiranga umuntu bisangiwe | 97.3 | 98.2 | |
| | Indangagaciro n'icyerekezo bisangiwe | 96.6 | 99.0 | |
| | Gukomera ku biranga Ubunyarwanda | 97.4 | 99.2 | |
| | Kugira imitekerereze isesengura[1] | | 97 | |
| 3. Ikizere n'uruhare rw'Abaturage mu miyoborere | Uruhare rw'inzego | 89.7 | 93.8 | 90.6 |
| | Imikorere y'Abayobozi | 95.4 | 94.8 | |
| | Ushobozi n'uruhare rw'abaturage mu miyoborere | 89.0 | 83.1 | |
| 4.Umutekano n'Imibereho myiza | Umutekano w'igihugu n'ubwiyunge | 96.8 | 92.8 | 94.3 |
| | Umutekano w'umuntu ubwe n'ubwiyunge | 95.4 | 96.9 | |
| | Umutekano mu by'ubukungu n'uburenganzira ku mutungo | 88.2 | 95.2 | |
| | Amahirwe angana yo kugezwaho ibikorwa remezo? | 82.7 | 92.4 | |
| 5.Ubutabera, kugira amahirwe angana, n'Uburenganzira | Ukuri ku mateka no guhana icyaha cya jenoside n'ibyaha biifitanye isano | 94.4 | 98.3 | 93.1 |
| | Kwishyura imitungo yangijwe cyangwa yasahuwe mu gihe cya jenoside | 88.2 | 91.4 | |
| | Gusaba imbabazi no kuzitanga | 93.7 | 95.8 | |
| | Gukira ibikomere k'umuntu ubwe | 88.6 | 86.7 | |
| | Amahirwe angana n'uburenganzira bw'ibanze bwa muntu | 89.5 | 93.4 | |
| 6.Imibanire myiza | Ubwizerane mu Banyarwanda | 95.1 | 95.6 | 97.1 |
| | Ubworoherane n'imikoranire mu Banyarwanda | 96.1 | 96.9 | |
| | Ubufatanye mu Banyarwanda | 96.8 | 98.2 | |
| | Ubusabane n'ubucuti mu Banyarwanda | 96.4 | 97.8 | |
| **Impuzandengo** | | **92.5** | **94.7** | |
| 7. Ibintu (uburyo, inzego) biteza imbere ubwiyunge mu Rwanda | | 98.7 | | 98.3 |

[1] Twabibutse ko ibipimo n'ibimenyetso bibigize byakomeje kunozwa uko imyaka yagiye ihita. Kubera ibyo, ibisubizo bihari ni ibyerekanwa gusa ku nkingi n'ibipimo bitahindutse cyane cyangwa ibyongerewe nyuma.

Nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ya 1, inkingi n'ibipimo hafi ya byose byagaragaje uko ubwiyunge butera imbere hagati y'umwaka wa 2016 na 2020, usibye ibintu bimwe na bimwe byasubiye inyuma. Ibipimo byagaragaye ko byasubiye inyuma ugereranije n'isuzuma ryo mu 2015 harimo uburyo amateka yumvikana kandi ahererekanwa byavuye kuri 93.8% mu 2015 bigera kuri 92.8% mu 2020. Isesengura ry'amakuru yakusanyijwe mu buryo bw'ibitekerezo rihuza uko gusubira inyuma n'ibyo abitabiriye ubushakashatsi bita "inyigisho zo ku mashyiga" cyangwa ukwigisha urwango rushingiye ku moko bigikorwa n'ababyeyi bamwe. Ibi bihuzwa n'ingengabitekerezo ya jenoside n'ibyaha bifitanye isano nayo bikiboneka, kandi bikagaragarira mu kuba abarenga 9.8% by'Abanyarwanda bitabiriye iri suzuma bavuga ko mu muryango ariwo mwanya w'ibanze amateka y'inzangano n'amacakubiri byigishwa muri iki gihe, mu gihe 8.6% bemeza ko hakiri Abanyarwanda bamwe bagikomeza kubiba ingengabitekerezo ya jenoside mu bandi. N'ubwo iyi ari impamvu ikwiye gutuma tutirara ahubwo tugashyira imbaraga zirushijeho muri gahunda z'ubumwe n'ubwiyunge, izo nyigisho zikwiye kumvikana mu rwego rw'inzira ndende y'ubwiyunge, aho kumvikana nk'intege nke zigabanya agaciro n'icyizere cy'amanota y'ibyagezweho.

Inkingi y'umuco wa politiki n'imiyoborere mu ndorerwamo y'ubwiyunge yagize ibipimo bibiri byagabanutse mu mwaka wa 2020 ugereranije n'umwaka wa 2015. Ibyo biri ku bitekerezo bijyanye n'imikorere y'abayobozi ku bijyanye n'ubwiyunge yavuye kuri 95.4% mu 2015 igera kuri 94.8% muri 2020, n'ibitekerezo bijyanye no kongerera ubushobozi abaturage no kugira uruhare mu miyoborere byavuye kuri 89% mu 2015 bigera kuri 83.1% muri 2020. Twakwibutsa ko 93.8% by'Abanyarwanda bagaragaje ko bashima uruhare rw'inzego, kandi bakabona ko izo nzego zose zikora ibiteza imbere ubwiyunge. Icyakora, isesengura ry'amakuru yakusanyijwe mu buryo bw'ibitekerezo ryerekana ko Abanyarwanda banenga uko abayobozi bamwe bakunda kwirengagiza ibibazo by'abaturage, bakananirwa kubaha serivisi zikenewe. Bamwe mu basubije ibibazo babona ubuyobozi nk'ubwo nk'ikintu kibangamira ubwiyunge. Ku bijyanye no kongerera ubushobozi abaturage no kugira uruhare mu miyoborere, isesengura ry'amakuru yakusanyijwe ku buryo bw'ibitekerezo ryerekana ishusho y'uko bihagaze. Mu by'ukuri, ababajijwe berekana ko abanyagihugu ubu basobanukiwe n'ubushobozi bwabo bwo kubaza abayobozi ibyo babakorera, ariko bakanatekereza ko abayobozi bataragera ku rwego rwateganyijwe rwo guha agaciro ibitekerezo by'abaturage mu gufata ibyemezo.

Ku nkingi y'umutekano n'imibereho myiza, igipimo cy'umutekano w'igihugu n'ubwiyunge cyasubiye inyuma kiva kuri 96.8% muri 2015 kigera kuri 92.8% muri 2020. Dukurikije isesengura ry'amakuru yakusanyijwe mu buryo bw'ibitekerezo, ibi bifitanye isano cyane n' ibiherutse kuba bijyanye n'umutekano muke no kwigamba ibitero byenda gukorwa binyuze ku mbuga nkoranyambaga. Ariko amanota y'ibindi bipimo nk'umutekano w'umuturage ku giti cye, umutekano mu by'ubukungu no gushimira isaranganywa ry'ibikorwa remezo byariyongereye cyane.

Igipimo cyo gukira ibikomere kwa buri muntu kiri mu nkingi y'ubutabera, kugira amahirwe angana n'uburenganzira, cyaramanutse kiva kuri 88.6% mu 2015 kigera kuri 86.7% mu 2020; binagaragazwa n'isesengura ry'amakuru yakusanyijwe mu buryo bw'ibitekerezo aho abasubije bemeza ko hagikenewe imbaraga nyinshi zo gufasha ibyiciro bitandukanye

by’abaturage mu nzira yo gukira ibikomere. Banagaragaje ko, n’ubwo ihungabana rikunze kumvikana nk’iryibasira abarokotse jenoside, hari ibindi byiciro by’Abanyarwanda, nk’abahamijwe icyaha cya jenoside, abana babakomokaho ndetse n’abashakanye n’abakoze jenoside, babana n’ibibazo bijyanye n’ibikomere bikomoka kuri Jenoside yakorewe Abatutsi.

Mu gihe imbonerahamwe ya 1 yerekanye ibyavuye mu Gipimo cy’Ubwiyunge mu Rwanda mu mwaka wa 2020 ugereranyije no muri 2015, ni ngombwa kumenya ko atari ryo suzuma rya mbere ryakozwe muri urwo rwego. Komisiyo y’Ubumwe n’Ubwiyunge yakoresheje ubushakashatsi nk'ubwo, bitari mu 2015 gusa, ahubwo no mu 2010. Imbonerahamwe ikurikira iragereranya imibare y’ijanisha ku bipimo by’ubwiyunge mu Rwanda byo mu 2010, mu 2015 no mu 2020.

**Imbonerahamwe ya 2:** Kugereranya Ibipimo by’Ubwiyunge (IUR) byo mu mwaka wa 2010, 2015, no wa 2020

| **Inkingi** | IUR 2010 | IUR 2015 | IUR 2020 |
|---|---|---|---|
| 1. Gusobanukirwa amateka, ubu, no gutekereza ahazaza by’u Rwanda | 81.7 | 91.8 | 94.6 |
| 2.Ubwenegihugu, ibiranga umuntu, n’inshingano | 95.2 | 96.7 | 98.6 |
| 3. Ikizere n’uruhare rw’Abaturage mu miyoborere | 77.8 | 88.4 | 90.6 |
| 4.Umutekano n’imibereho myiza | 74.7 | 90.7 | 94.3 |
| 5.Ubutabera, amahirwe angana n’uburenganzira | 77.2 | 91.4 | 93.1 |
| 6. Imibanire myiza | 87.3 | 96.1 | 97.1 |
| Impuzandengo | 82.3 | 92.5 | 94.7 |
| 7. Ibiteza imbere ubwiyunge mu Rwanda | — | 98.7 | 98.3 |

Imbonerahamwe ya 2 iri hejuru ni ikimenyetso cyerekana iterambere u Rwanda rukomeje kugeraho mu bwiyunge. Mu by’ukuri, imibare irerekana neza ko ijanisha ry’ibipimo byose byiyongereye mu isuzuma ryakozwe kuva mu mwaka wa 2010 kugeza muri iri suzuma ryo mu mwaka wa 2020. Twabibutsa kandi ko, usibye gushaka gusuzuma uko ubwiyunge bumeze mu Rwanda mu 2020, ubushakashatsi bwashatse kumenya no gusuzuma ibyo Abanyarwanda bemeza ko bigira uruhare mu guteza imbere ubwiyunge. Ibi bikaba byarasuzumwe binyuze mu kwibaza uruhare ibigo n’inzego zitandukanye bigira mu guteza imbere ubwiyunge, n’ubwo inshingano zabyo z’ibanze zitaba ari uguharanira ubumwe n’ubwiyunge koko. Ibi byari bishingiye ku kuba ubumwe n’ubwiyunge mu Rwanda bifatwa nk’inshingano rusange ya buri muntu/ikigo/umuryango. Ibisubizo, nk’uko bigaragazwa mu ishusho ya 107, byerekana ko Abanyarwanda bashima uruhare inzego n’ibigo bitandukanye bigira mu guteza imbere ubwiyunge, kuko bigaragazwa kuri 90% kandi bikagaragara ko byiyongera guhera mu 2015.
Nyuma yo kugaragaza ibigira uruhare mu guteza imbere ubwiyunge, abasubije basabwe no gutanga ibyo babona ko bibangamira inzira y'ubwiyunge. Kugira ngo bisesengurwe neza

bikaba byarashyizwe mu nsanganyamatsiko zitandukanye, nk’uko bivugwa mu ncamake mu mbonerahamwe ikurikira:

**Imbonerahamwe ya 3.** Inzitizi zibangamira ubwiyunge

| **Inzi?zi** | **Ibyagaragajwe (%) mu 2010** | **Ibyagaragajwe (%) mu 2015** | **Ibyagaragajwe (%) mu 2020** |
|---|---|---|---|
| Abanyarwanda bakibiba ingenga-bitekerezo ya jenoside n’amacakubiri | 31.5 | **25.8** | **8.6** |
| Imyumvire ishingiye ku moko. | 30.5 | **27.9** | **1.8** |
| Ibikomere bitakize byatewe na jenoside yakorewe Abatutsi na politiki y’amacakubiri. | 11.6 | **4.6** | **26.9** |


Nk’uko imbonerahamwe ya 3 ibigaragaza, hari ibyerekanywe mu bushakashatsi bwo mu mwaka wa 2010 no muri 2015 ko bizitira inzira y'ubwiyunge. N’ubwo ingamba zo kubikemura zashyizweho zagize umusaruro ufatika, isuzuma ryo muri 2020 ryerekana ko hari ibikiri inzitizi z’ubwiyunge, n’ubwo byagabanutseho gato ugereranyije n’ibyavuye muri raporo za mbere. Imbonerahamwe ya 3 yerekana ko ingufu zashyizwe mu guhangana n’ikwirakwizwa ry’ingengabitekerezo ya jenoside na politiki y’amacakubiri, ndetse n’imyumvire ishingiye ku moko byatanze umusaruro. Urugero, igipimo cyarebaga niba hari Abanyarwanda bakibiba ingengabitekerezo ya jenoside na n’amacakubiri cyaragabanyutse kiva kuri 31.5% muri 2010, kigera kuri 25.8% muri 2015, no kuri 8.6% mu mwaka wa 2020. Iri gabanuka rinini rishingiye ku ngufu zashyizwe mu kurwanya umuco wo kudahana, no gushyiraho amategeko ahana icyaha cy’ingengabitekerezo ya jenoside n’ibindi byaha bifitanye isano nayo.

Mu mwaka wa 2020, ubushakashatsi ntibwasuzumye ikibazo kibaza niba hakiri ‘Abanyarwanda bakireba (bakarebera n’abandi) mu ndorerwamo y’amoko’, uretse ko ikibazo kimwe cyabajijwe mu nkingi y’Ubwenegihugu, ibiranga umwenegihugu n’inshingano ze. Aha, abasubije bagaragaje ko Abanyarwanda bibona nk’Abanyarwanda mbere y’ibindi, bivuze ko barenze ibyo bindi bibaranga bito. Ibisubizo kuri iki kibazo byerekana ko ijanisha ry’Abanyarwanda biyumvamo nk’Abanyarwanda mbere y’ibindi byose ryiyongereye kuva kuri 95.6% mu 2015 kugera kuri 98.2% mu 2020, bivuze ko abatabibona batyo ari 1.8% by’abasubije.

Ijanisha rito ryo mu 2020 (1.8) kuri iki kibazo, rigaragara nk’ikimenyetso cy’uko Abanyarwanda batagifite ikibazo ku bwenegihugu n’ibiranga umuntu (Ubunyarwanda) bisangiwe. Icyo ibi bivuga mu buryo bwagutse, nk’uko raporo yisesengura rya Ndi Umunyarwanda ibigaragaza, ni uko Abanyarwanda babona ko ubwoko bushobora gukoreshwa mu kuzitira inzira y’ubwiyunge. Abanyarwanda bakagaragaza ibindi bitari ubwoko, urugero, nk’abihutira kwitabaza inzira z’urugomo n’ihohoterwa, abagifite ingengabitekerezo ya jenoside n’ibindi byaha bifitanye isano, nk’imbogamizi z’ingenzi z’ubwiyunge muri iki gihe.

Uretse ingingo zagaragajwe mu mbonerahamwe ya 3, Igipimo cy'Ubwiyunge cy'umwaka wa 2020 cyagaragaje izindi ngingo Abanyarwanda bagaragaza nk'inzitizi z'ubwiyunge mu gihugu, nk'uko zagaragajwe mu ishusho ikurikira:

**Ishusho ya 1. Izindi nzitizi zibangamira ubwiyunge**




Inzitizi zigaragara mu ishusho ya 1 nazo zemezwa ko zibangamira ubwiyunge. Nk'uko imbonerahamwe ibyerekana, Abanyarwanda batewe impungenge cyane cyane n'ihakana n'ipfobya bya jenoside, kubera ko iyo nzitizi yasubiwemo inshuro 894, aribyo bitanga ikigero cya 7.1%. Muri uwo mujyo umwe kandi hari n'amagambo cyangwa se imvugo zibiba urwango kwanga cyangwa gutanga amakuru ayobya uburari ku hantu imibiri y'abazize jenoside yaba yarajugunywe, n'ibindi nabyo byagaragajwe nk'inzitizi.

Indi nzitizi isa n’iteye ikibazo mu Banyarwanda ni ukuntu imitwe y’iterwabwoba yitwaje intwaro yahisemo kwitabaza inzira z’ubugizi bwa nabi ku banyagihugu igatera igihugu. Uwo muco mubi wo guhohotera abandi ugaragarira mu bantu badatinya kwanga ku mugaragaro gukurikiza ingamba zashyizweho zo gusana igihugu nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi. Ishusho ya 1 yerekana kandi izindi nzitizi nk’abayobozi bamwe b’inzego z’ibanze bananiwe gukemura ibibazo by’abaturage, abahamijwe icyaha cya jenoside banze kwihana, abasaba imbabazi bya nyirarureshwa, n’ibindi bizitira inzira y’ubwiyunge.

**Ibyifuzo-nama**

Hashingiwe ku mbogamizi n'ibindi bisubizo, abagize uruhare mu bushakashatsi ku gipimo cy’ubwiyunge batanze ibyifuzo-nama. Mbere na mbere, kumva ko ubwiyunge bukomeje kuba urugendo rugikomeza ni ikintu cy’ingenzi cyane. Muri uru rugendo rero, abaturage ku giti cyabo ntibashobora kuba ku kigero kimwe, ariko guverinoma cyangwa ubuyobozi bikomeje kugira uruhare runini mu gushyiraho umurongo, gutanga ubushobozi no gusigasira ubwiyunge bw’igihugu, bikaba bitanga inzira yizewe y’ubwiyunge bwa buri muntu. Ni ngombwa rero guhora tumenya kandi dushimangira ibintu biriho byizerwa ko bituma ubwiyunge bushoboka, nka ‘Ndi Umunyarwanda’, ariko hagashyirwaho n’ingamba zindi nshya zifasha gukemura ibibazo bikigaragara nk’ibizitira inzira y'ubwiyunge. Muri byo harimo ingengabitekerezo ya jenoside n'ibindi byaha bifitanye isano nayo, kwifashisha inzira y'urugomo n’ihohoterwa mu gukemura ibitumvikanyweho bisanzwe, ibintu byose bigikerereza ubutabera, ibijyanye n’ingamba z’ubuzima bwa buri munsi, n’ingero nke z’aho bamwe mu bayobozi bakijegajega, cyane cyane mu nzego z’ibanze.

# IRIBURIRO

Iyi raporo y'ubushakashatsi yerekana uko ubwiyunge bwifashe mu Rwanda, kuva mu mwaka wa 2016 kugeza mu 2020, akaba ari naho hashingiwe inyito "Igipimo cy'Ubwiyunge 2020". Ubushakashatsi bukubiye muri iyi raporo bwakorewe mu Turere twose tw' u Rwanda, bukaba rero ari igisubizo cy'uko Abanyarwanda babona ubwiyunge mu gihe cyavuzwe haruguru.

Iki gice cy'iriburiro kiragaragaza amavu n'amavuko y'ubushakashatsi, isobanurampamvu y'ubwiyunge mu Rwanda muri make, incamake ivuga ku mbaraga Leta yashyize muri iyo gahunda ndende y'ubwiyunge uhereye mu 1994, impamvu y'iki Gipimo cy'Ubwiyunge mu mwaka wa 2020, intego ndetse n'ibibazo iyi raporo yibanzeho.

## 1.1. Amavu n'amavuko

Nk' igihugu cyunze ubumwe kandi gifite ubusugire, u Rwanda rwabayeho kuva cyera mbere y'ubukoroni. Mu by'ukuri, mu gihe cyabanjirije ubukoroni, Abanyarwanda hafi ya bose bakundaga igihugu cyabo, bikabatera kumva ko basangiye ubunyarwanda, bityo ntibibonemo ubuhutu, ubutwa cyangwa ubututsi (Rutembesa, 2003). Mu gihe yari mu Rwanda mu myaka ya 1930, Umufaransa w'impuguke mu mateka, Louis de Lacger, yatangajwe n'uburyo Abanyarwanda bo mu myaka ya 1930 barangwaga no kumva ko basangiye igihugu kandi bakanagikunda koko (Gukunda igihugu). Dore uko yabonye u Rwanda:

> *Abaturage b'iki gihugu (u Rwanda) biyumvamo ko bagize ishyanga rimwe: Abanyarwanda, rikaba ari naryo ritanga izina ry'iki gihugu. Iyi myumvire isa n'iyo wasanga mu mahanga yateye imbere, bahuriye ku butaka bakomeyeho, ku muryango wabo, ku Karere kabo, ariko cyane cyane ku gihugu cyabo cyose kiyoboka umuyobozi umwe (de Lacger, 1930).*

Kuri uyu mwanditsi, icyabaye ishingiro ry'uko gukunda igihugu, ni ukubaho k'ururimi rumwe gusa rw' ikinyarwanda kugeza magingo aya ruvugwa n'Abanyarwanda bose mu gihugu hose. Ariko, umwaduko w'ubukoroni mu 1885 ntiwasenye ubumwe bw'Abanyarwanda gusa, ahubwo wanimitse amacakubiri n'itonesha rya bamwe nk'ingengabitekerezo za politiki. Mu by'ukuri, bakoresheje politiki ya "mbagabanye mbategeke", abakoroni, cyane cyane Ababirigi, bimitse irondamoko mu Rwanda (NURC, 2004 or 2006). Muri uko kwimika irondamoko, kumva ubuhutu, ubutwa, n'ubututsi nk'ibyiciro by'abaturage bishingiye ku mibereho y'abo basangiye Ubwenegihugu bumwe (De Lacger, 1939) byaje guhinduka amoko (Harroy, 1984). Yunga muri icyo gitekerezo, De Heusch (1995) yasanze ko gushyira ubututsi, ubuhutu n'ubutwa mu moko atandukanye byarazanywe n'abacengezamatwara b'abakoroni bagiye babyerekana mu buryo bufifitse. Ni muri icyo gihe haje ibitekerezo bishya birimo n'uburyo bwo gutandukanya Abanyarwanda hashingiwe ku miturire mu Rwanda. Kimwe muri ibyo bitekerezo ni icyerekanaga ko "Abatutsi" aribo baje mu Rwanda nyuma y'abandi, baturutse muri Ethiopia, akaba aribyo byababagiraga abanyamahanga, bagatandukana n'«Abasangwabutaka» b'Abahutu n'Abatwa! Uko kugaragaza ibintu uko bitari niko kwabaye intandaro y'ubwicanyi bwabaye nyuma y'icyiswe Impinduramatwara y'Abahutu yo mu 1959 (Louis de Lacger, 1939; Luc de Heusch, 1995).

Nubwo u Rwanda rwabonye ubwigenge mu 1962, Leta zagiye zisimburana nyuma zananiwe kunga Abanyarwanda. Ahubwo, Repubulika ya mbere n'iya kabiri zihembera amacakubiri ashingiye ku moko, maze igice kimwe cy'abaturage kivutswa uburengazira bwose, mu by'imibereho myiza, mu bukungu no muri politiki. Uhereye mu gihe cy'ubukoroni bw'Ababiligi bwaranzwe no gushyira ubwoko mu ndangamuntu, ikibazo cy'irangamuntu cyabaye igikoresho cya politiki abanyapolitiki bumvaga ko aricyo gikwiye kwitabazwa (NURC, 2017). Iyo politiki y'amacakubiri yavuyemo kwica no kwirukana igice kimwe cy'Abanyarwanda mu 1959, 1963, 1973 n'indi myaka. Mu 1994, Abatutsi barenga miliyoni imwe bishwe na bagenzi babo b'Abanyarwanda, muri jenoside nk'uko yahawe izina n'Umuryango w'Abibumye (Umwanzuro wa Loni A /72/L.31)[3]Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda.

Muri Nyakanga 1994, nyuma yo guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu gihugu, nibwo FPR yashyizeho Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda, yashyizweho hashingiwe ku Masezerano y'Amahoro ya Arusha. Birumvikana rero ko mbere gato, mu gihe na nyuma ya jenoside, u Rwanda rwasigaye ari igihugu gicitsemo ibice. Ni muri urwo rwego, igihe cya nyuma ya jenoside cyagaragaraga nk'igihugu gikwiye kugira Leta y' Ubumwe igomba gushyiraho ingamba zigamije kugarura ubumwe no kunga Abanyarwanda. Mbere yo gusobanura birambuye izo ngamba zashyizweho na Leta ngo hagerweho ubumwe n'ubwiyunge, ingingo ikurikira igaragaza muri make impamvu u Rwanda rwari rukeneye ubwiyunge.

## 1.2 Ubwiyunge mu Rwanda: Amahitamo rukumbi yo kongera kubaka u Rwanda nyuma ya Jenoside

Ikintu cy' ingenzi kandi cy'ingorabahizi ku bashakashatsi b'imibanire y'abantu ni ugusobanura iyo mibanire n'uburyo yasigasirwa. Ni gute amatsinda y'abantu ku giti cyabo asigasira imibanire myiza hagati yayo, hirengagijwe amakimbirane no guhangana bibaho mu bantu? Galtung, J. (2000) asobanura iri hurizo agira ati: "Kuba turiho bivuze byinshi, harimo n'uko dufite n'ubushobizi bwo gukemura amakimbirane, no kongera kwiyubaka, no kongera kwiyunga. Bigenda bite (Long & Brecke, 2003: 1)?" Ubugenzuzi busanzwe n'ubudasanzwe mu byiciro byinshi by'imiryango itari iya Leta bwemera itandukaniro riri hagati yo gushaka inyungu z'umuntu ku giti cye n'ubwumvikane rusange mu muryango w'abantu. Byinshi muri ibyo byagaragaye kandi byerekana akamaro ko kwiyunga - ubwiyunge hagati y'abahoze bahanganye ubwabo - nk'inzira imwe yuzuye yo kugabanya ihohoterwa ry'igihe kizaza no gukomeza umubano mwiza w'abaturage nyuma y'amakimbirane akomeye.

Amakimbirane akomeye akenshi atera umuntu umwe cyangwa itsinda ry'abantu bemera ko intego zabo zidahuye, bumva ko badashobora kubona ibisubizo by'ibibazo byabo mu mahoro. Muri rusange, imiryango y'abantu iyo yibasiwe n'ihohoterwa iba yamaze gucikamo ibice, kandi iryo hohoterwa risigara riyitandukanije cyane hari n'ibibazo byinshi bikeneye gukemurwa kugira ngo yongere yiyubake. Ubushakashatsi bwinshi bwerekana ingorane imiryango y'abantu ihura nazo nyuma y'amakimbirane, nk'ibibazo byihutirwa byo guterwa inkunga n'ubutabazi bw'ibanze no kongera kubaka ibikorwa remezo by'imibereho, ubukungu na politiki byangiritse mu gihe cy'ihohoterwa (Themnér & Utas, 2016).

[3] Iki cyemezo gikosora amakosa yari mu cyemezo A/RES/58/234 aho wasangaga kidasobanura neza ko Abatutsi aribo gice cy'abantu bari bagambiriwe kurimburwa

Ikindi kitoroshye nyuma y'amakimbirane akaze ni  ugukenera kwiyunga, mu yandi magambo kugarura umubano mwiza nk'uwa mbere y'ihohoterwa hagati y'abantu cyangwa amatsinda yabo. Imiryango nyuma y'amakimbirane ishaka gukemura ikibazo cy'ubwiyunge binyuze mu buryo butandukanye, harimo gushyiraho komisiyo z'ukuri n'ubwiyunge (Hirsch et al., 2012), komisiyo z'ukuri n'ubutabera, n'izindi nyinshi.

Kimwe n'ahandi  nyuma  y'ihohoterwa rikabije, u Rwanda narwo rwahisemo  inzira  y'ubwiyunge. Ariko ibi ntibyari urugendo rworoshye, kubera ko igihugu cyasigaranye abarokotse bahungabanye, imfubyi n'abapfakazi benshi, ibihumbi n'ibihumbi by'abafite ubumuga, n'abaturage muri rusange bahungabanye kandi batishoboye (NURC, 2014). Leta n'inzego zayo, cyane cyane Ingabo n'Abapolisi, bagize uruhare muri Jenoside, bari baratakaje icyizere cy'abaturage, ibyo bikaba byarabangamiye bikomeye inzira yo kugarura icyizere mu nzego za Leta n'iza Guverinoma. Kubera ibyo, imbogamizi muri rusange yakomeje kuba uburyo bwo guhuza no kunga igihugu cyangijwe n'ihohoterwa rikabije ry'uburenganzira bwa muntu, kandi gituwe n'abantu bafite ibikomere n'ihungabana.

Hatitawe kuri iryo curaburindi rikaze, ubwiyunge bwagaragaraga nk'uburyo budasanzwe, nk'inzira yonyine iganisha ku kongera kwiyubaka kw'igihugu. Mu by'ukuri, Amasezerano y'Amahoro ya Arusha yari yaramaze kwerekana ubumwe n'ubwiyunge nk'inzira ikenewe kugira ngo hagaruke umutekano n'iterambere by'igihugu. Muri ayo masezerano, Guverinoma y'u Rwanda y'icyo gihe n'Umuryango wa FPR babonaga ko ubumwe n'ubwiyunge ari ikintu cya ngombwa cyatoranyijwe kugira ngo hongere habeho demokarasi, amahoro n'ituze, kugendera ku mategeko, imibanire myiza n'iterambere ryuzuye mu gihugu (NURC, 2010). Nyuma yo kuganira ku mpamvu z'ubwiyunge mu Rwanda nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, igice gikurikira kiragaragaza uburyo bukomeye Guverinoma y'Ubumwe bw'Abanyarwanda yashyize mu bikorwa icyerekezo cyayo cyo kongera kunga umuryango nyarwanda.

## 1.3. Imbaraga zashyizwe mu Bumwe n'Ubwiyunge kuva mu 1994

Kuva mu 1994, Guverinoma y'u Rwanda, ifatanyije n'abafatanyabikorwa  n'abaturage, yafashe ingamba zikomeye zo kunga no guhuza abaturage b'u Rwanda nyuma y'imyaka myinshi ya politiki n'imigambi by'amacakubiri. Nk'uko byavuzwe mu gice kibanziriza iki, intambwe ya mbere yo kubaka igihugu no kwimakaza ubumwe n'imibanire myiza mu Rwanda byakozwe mu gihe cy'Amasezerano y'Amahoro ya Arusha aho hemejwe ko hazashyirwaho Guverinoma y'inzibacyuho y'ubumwe bw'igihugu amashyaka yose yari atumiwemo kandi akajyamo. Igihe ibyo ayo masezerano yateganyaga byananirwaga gushyirwa mu bikorwa, hashyizweho Guverinoma y'Ubumwe bw'Igihugu mu 1994, ikomeza imirimo yo guhuza Abanyarwanda. Kimwe no mu yindi miryango nyuma y'amakimbirane, gahunda y'ubwiyunge mu Rwanda yatangiriye ku nzira y'amahoro (amasezerano), hakurikiraho gushyiraho ingamba za politiki, amategeko n'inzego zigamije guteza imbere inzira y'ubwiyunge.

Mu 1999, Guverinoma yashyizeho inzira igaragara n'inzego zemewe zo guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge ishyiraho Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge. Inshingano z'iyo komisiyo zari, kandi zikomeza kuba, guteza imbere ibikorwa by'igihugu bijyanye no kwiyunga

no guhuriza Abanyarwanda hamwe mu guteza imbere "Ibiranga umunyawanda no kubaka imyumvire imwe y'Ubunyarwanda" (NURC, 2014). Mu nshingano za Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge harimo:

(i) Gutegura no guhuza ibikorwa bya gahunda y'Igihugu yo guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge,

(ii) Gushyiraho no gushakisha inzira n'uburyo bwo kugarura no gushimangira ubumwe n'ubwiyunge mu Banyarwanda,

(iii) Kwigisha no gukangurira abaturage ibijyanye n'ubumwe n'ubwiyunge bw'igihugu;

Biragaragara ko guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge bikomeje kuba inshingano nyamukuru ya Komisiyo kuva igishingwa.

Indi mbogamizi Guverinoma y'Ubumwe bw'Igihugu yagombaga gukuraho ni ugukurikirana mu nkiko imanza ibihumbi n'ibihumbagiza zikomoka kuri Jenoside. Ibi ntibyari gushoboka hifashishijwe ubutabera bw'inkiko zisanzwe. Itangizwa ry'Inkiko Gacaca mu 2001 nka gahunda y'ubutabera gakondo aho 'abarokotse, abatangabuhamya ndetse n'abakekwaho kuba barakoze ibyaha bahuriraga hamwe bayobowe n'abacamanza batari ab'umwuga batoranyijwe, bamenye ukuri banatange ubutabera kuri Jenoside' byashoboye kwihutisha inzira y'ubutabera. Ni muri urwo rwego, inkiko Gacaca nazo zagize uruhare mu guhuza no kwunga Abanyarwanda binyuze mu guteza imbere kuvuga ukuri, kwicuza no kubabarira. Ubutabera bwaratanzwe ari nako buteza imbere ubwiyunge. Guverinoma yakomeje guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge binyuze mu ngamba zinyuranye[4] zirimo gutangaza, muri Gicurasi 2003, Itegeko Nshinga[5] ry'igihugu binyuze muri kamarampaka na nyuma y'inama nyunguranabitekerezo mu gihugu hose, no kwegereza abaturage ubuyobozi n'ububasha kugira ngo serivisi zegerejwe abaturage. Muri izo ngamba kandi harimo no gukora amatora asanzwe nk'uko biteganywa n'Itegeko Nshinga, gushyiraho Komisiyo y'Igihugu y'Itorero, Ndi Umunyarwanda itegurwa na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge (NURC), no gutanga indangamuntu y'igihugu ku nshuro ya mbere kuva mu 1943 itagaragaza ubwoko ubwo ari bwo bwose bwa nyirayo.

Nk'urwego rushinzwe gutegura no guhuza imbaraga z'igihugu zigamije ubumwe n'ubwiyunge, Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge (NURC) yagiye ikora ubushakashatsi – bw' Igipimo cy'Ubwiyunge mu Rwanda – kugira ngo yumve kandi isuzume aho ubwiyunge bugeze mu muryango nyarwanda.

## 1.4. Uko ubwiyunge buhagaze kuva mu 2016 kugera mu 2020

Kuva ishingwa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge (NURC) ikora ubushakashatsi ku bumwe n'ubwiyunge mu Rwanda. Mu mwaka wa 2010, Komisiyo yakoze ubushakashatsi ku rwego rw'igihugu bwabaye ishingiro ry'igipimo cya mbere cy'ubwiyunge mu Rwanda. Mu 2015, yakoze ubushakashatsi bwa kabiri ku gipimo cy'ubwiyunge mu gihugu. Icyo gipimo

[4] Sentama (2014) atanga ibindi bisobanuro ku ngamba u Rwanda rwashyizeho zo kwimakaza ubwiyunge.

[5] Ingingo ya 178 y'Itegekonshinga ryo mu 2003 iha ububasha Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge n'ingingano zirimo gutegura no guhuza ibikorwa bya gahunda ziteza imbere ubumwe n'ubwiyunge.

kigaragaza ibyagezweho kuva mu mwaka wa 2010 kimwe n'inzitizi zibangamira inzira y'ubwiyunge. Mu bidindiza ubwiyunge icyo gipimo cyagaragaje harimo imyumvire ishingiye ku moko ku gipimo cya 27.9%, ingengabitekerezo ya jenoside yari ku kigero cya 25.8%, n'ibikomere bituruka ku macakubiri na jenoside bitarakira neza, ku kigero cya 4,6%.

Nyuma y'ibyifuzo bitandukanye, inzego za Leta n'abafatanyabikorwa bazo bashyizeho kandi bakomeza gushyira mu bikorwa gahunda zitandukanye zigamije gukemura ibibazo by'ubwiyunge no kuzamura imibereho y'Abanyarwanda. Ubu hashize imyaka 5 raporo igaragaza Igipimo cy'Ubwiyunge mu 2015 isohotse, itanga amahirwe meza yo gukora isuzuma[6] ry'indi myaka 5 ry'ubwiyunge mu Rwanda. Kubera ibyo rero, twubakiye ku bisubizo by'Ibipimo by'Ubwiyunge mu Rwanda byo mu 2010 no mu 2015, iyi raporo yerekeye Igipimo cy'Ubwiyunge mu Rwanda mu 2020.

Igipimo cy'Ubwiyunge mu 2020 kije nyuma y'imyaka 26 nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 kandi mu bushakashatsi bwa siyanse mbonezamubano iyi myaka igize igisekuru kimwe hafi. Ibi bivuze ko abantu bavutse nyuma ya 1994 ubu bamaze kuba bakuru. Byaba ari ngombwa kumenya icyo ab'iki gihe bazi ku bumwe n'ubwiyunge n'ibitekerezo byabo ku bihe biri imbere by'igihugu.

Icya kabiri, Gahunda y'Igihugu igamije kugera ku Mpinduka, ariyo gahunda Leta igenderaho y'imyaka 7 izarangira mu 2024, yagaragaje guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge, nka kimwe mu bice by'ingenzi byihutirwa. U Rwanda kandi rwarangije gusuzuma intego z'Umuryango w'Abibumbye z'Ikinyagihumbi (MDGs) rutangira Intego z'Iterambere Rirambye (SDGs) ryo mu 2030. Byongeye kandi, habaye ibikorwa bitandukanye bibangamira umutekano w'u Rwanda, nko kuzahara k'umubano w'u Rwanda na Uganda n'Uburundi, no kwica abasivili kw'imitwe y'iterabwoba yitwaje intwaro iturutse mu bihugu duturanye.

Izo mpinduka n'ibindi byinshi byabereye ku rwego rw'igihugu, rw'akarere ndetse no ku rwego rw'amahanga, byagize ingaruka mu bice bitandukanye by'ubuzima mu Rwanda. Mu by'ukuri, nta gushidikanya ko ibyo bibangamira imibanire iri hagati y'abaturage muri rusange no mu miryango yabo. Ni ngombwa rero kumenya niba ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda bwarakomeje gukomera mu myaka itanu ishize, kandi niba aribyo, hamenyekane icyatumye ibyo bishoboka, hanamenyekane ibibushyigikira bikanabuteza imbere. Niba kandi bigaragaye ko bwacitse intege, ubushakashatsi bukerekana ibibangamira ubumwe n'ubwiyunge.

## 1.5. Ibibazo n'intego

Mbere yo gusobanura intego z'Igipimo cy'Ubwiyunge cyo mu 2020, ni ngombwa kwibutsa ko ubumwe n'ubwiyunge mu Rwanda bifatwa nk '"inshingano ya buri munyarwanda wese ndetse n'iy'inzego zose." Bufatwa nk '"inzira imwe rukumbi y'amahoro u Rwanda rwahisemo kunyura nyuma ya politiki y'ivangura n'amacakubiri yatumye igihugu kibamo intambara na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994" (NURC, 2007). Ibi birashimangira ikigenderewe mu gushaka Igipimo cy'Ubwiyunge 2020 ko ari ugusuzuma aho ubwiyunge bugeze mu Rwanda

[6] Komisiyo ya NURC yo gusuzuma uko ubwiyunge bumeze, bwiswe Igipimo cy'Ubwiyunge mu Rwanda, buri myaka itanu.

hifashishijwe gusesengura ibitekerezo by’abaturage ku bijyanye n’ubumwe n’ubwiyunge. Kubw’ibyo, hubakiwe ku byavuye mu Gipimo cy’Ubwiyunge cyo mu 2015, intego nyamukuru y’Igipimo cy’Ubwiyunge cyo mu 2020 ni ugusuzuma uko ubwiyunge bumeze mu banyarwanda, hagati y’umwaka wa 2016 na 2020. By'umwihariko, iki Gipimo cyo mu 2020 kigamije:

1) Gushyigikira inshingano ya Komisiyo y’Igihugu y’Ubumwe n’Ubwiyunge yo guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge mu Rwanda binyuze mu gusobanukirwa neza ibitekerezo by'abaturage ku bumwe n'ubwiyunge;
2) Kongera gusuzuma no kubona inkingi nini n'ibipimo bijyanye no gukurikirana bikwiye uko ubumwe n'ubwiyunge bumeze;
3) Kumenya ibiteza imbere ubumwe n'ubwiyunge n'imbogamizi zabwo;
4) Gusuzuma ingaruka z’ibiganiro bya Ndi Umunyarwanda; no
5) Gutanga ibyifuzo n'inzira ikwiye kunyurwa ngo tujye mbere;

## 2. IBITEKEREZO BY'INGENZI BYAGENDEWEHO

Iki gice kirerekana ibitekerezo by'ingenzi byayoboye isesengura ry'ibyavuye mu bushakashatsi. Kirerekana urwego ubwiyunge bugomba kumvikanamo binyuze mu bitekerezo bisanzwe bihari ku ruhande rumwe, n'ibindi bitekerezo byagaragajwe ku rundi ruhande. Mbere y'ibyo, iki gice gisobanura icyerekezo ubwiyunge bugomba kumvikanamo muri iyi raporo.

### 2.1. Ubwiyunge: Incamake

N'ubwo ijambo 'ubwiyunge' rikoreshwa cyane mu buryo butandukanye, haracyabura imyumvire imwe ku byerekeye icyo busobanura nyakuri. Ubwiyunge bukomeje kuba ikintu kigoye gusobanura bishingiye ku miterere yabwo (Evaldsson, Anna-Karin, 2007). Nk'inyongera kuri ibyo bintu n'ubundi bitoroshye gusobanura ni uko iki gitekerezo gisobanuwe nk'intego - ikintu umuntu agamije kugeraho – ndetse n'inzira - yo kugera kuri iyo ntego, bizamura impaka kuko ibyo bitekerezo byombi bihora byitiranywa. Nk'uko Kumar (1999) abivuga, ubwiyunge ni inzira yo kongera guhuriza hamwe abantu nyuma y'intambara, nyuma ya jenoside, cyangwa abantu bahejwe mu muryango wabo. Bwerekeza ku mbaraga zo guhuza abatuye igihugu n'imiryango yahuye n'amakimbirane akaze ashingiye ku gushyiraho uburyo bushya bwo kubana, gukira ibikomere mu buzima, gutsinda ubwoba no kutizerana mu nzego zitandukanye z'iyo miryango (Krondorfer, 2018).

Ubwiyunge kandi bufatwa nk'uburyo butandukanye bwo gutekereza ku bikenewe ku miryango aho abaturage bahuye n'ibikorwa by'ihohoterwa ry'abantu benshi no guhonyora uburenganzira bwa muntu, bagarura icyizere n'ubufatanye. Ubwiyunge kandi bwuzuza ubutabera buhana bushimangira igitekerezo cyo guhana abakoze icyaha kugira ngo baryozwe ibikorwa byabo ariko bakaniyunga n'abo bahemukiye. Abashyigikiye ubwiyunge bashimangiye ko bugenda buhinduka bunagira imbaraga aho abahoze bahanganye bagenda buhoro buhoro bubaka umubano mushya, bityo bigatanga inzira yo kubaka umuryango muto mushya cyangwa umuryango mugari.

Ubwiyunge bushobora kubonwa nk'inzira yo kugarura umubano mu mahoro hagati y'umuntu umwe n'undi cyangwa itsinda ry'abantu n'irindi, kandi ko ari byiza kugarura cyangwa no kongera kubana neza, byubaka kandi bitanga umusaruro kuruta mbere y'amakimbirane yabaye mu muryango. Ibitekerezo biri inyuma y'ubwiyunge ni uko haba umubano mbere na nyuma y'amakimbirane yabayeho mu gihe runaka. Ubwiyunge, nk'ikintu cyubatswe, buragoye kandi byumvikana nk'ubusobanura inzira n'iherezo ubwabyo (IDEA, 2003). Byongeye kandi, ubwiyunge bubaho mu bihe bitandukanye no mu nzego zitandukanye bituma habaho kumva no kuganira mu buryo bwagutse hagati y'abashakashatsi, abajijutse, abafata ibyemezo ndetse n'abaturage basanzwe kugira uruhare runini mu nzira y'ubwiyunge. Nk'inzira, ubwiyunge ni igihe kirekire, inzira nyabagendwa kandi yagutse "aho umuryango uva mu mateka y'amacakubiri ugafata icyerekezo kimwe cy'ejo hazaza" (ibid. p.13).

Ubwiyunge rero, ni ugukemura ibibazo byagabanije umuryango w'abantu mu buryo burambye kugira ngo wubake ejo hazaza heza hawo. Ni muri urwo rwego ubwiyunge bukubiyemo ibijyanye n'ukuri, ubutabera, ubworoherane, imiyoborere, uburenganzira bwa muntu, kugendera ku mategeko n'ibindi. Ubwiyunge kandi bwagiye busobanurwa mu buryo butandukanye, Uburyo bwa mbere bw'igisobanuro cy'ubwiyunge bureba icyo bita ubwiyunge hagati y'abantu ubwabo -inzira abantu bahohotewe, cyangwa bakoze ihohoterwa bakeneye kwiyunga hagati yabo. Bikunze kwitwa 'gukira ihungabana' (Stovel, 2006).

Uburyo bwa kabiri bw'igisobanuro cy'ubwiyunge bwitwa ubwiyunge hagati mu bantu, rimwe na rimwe nanone bukitwa ubwiyunge butajegajega, bijyanye n'imikorere y'amadini - bufata abantu nk'ibice bigize isesengura. Bureba kugarura umubano hagati y'abahohotewe n'ababagiriye nabi cyangwa abagiriye nabi ababo (ibid.). Aha ubwiyunge bubaho ku bantu ku giti cyabo, mu bisanzwe hagati y'abantu babiri (cyangwa itsinda) ry'abantu (abarokotse n'ababahohoteye), ariko na none rimwe na rimwe n'umuntu ku giti cye. Imyumvikanire y'ubwiyunge hagati y'abantu irangwa n'icyerekezo rusange gisangiwe, kuvurana ibikomere no kugarura umubano, ndetse no kubabarirana'. Mu bibugize harimo kandi "kwatura ukemera ibyo wakoze, kwicuza, no gucungurwa" (Borer, 2006). N'ubwo iyi mibonere itandukanye ukurikije ibyo umuntu yibandaho, ibitekerezo bimwe bigaragazwa cyane nabwo, harimo gukira ibikomere, gusaba imbabazi, kubabarira, kwemera icyaha, no kwicuza.

Muri ubu buryo bwo kubona ibintu, ubwiyunge bwa buri muntu bushobora kwimakaza amahoro arambye iyo ingingo z'ingenzi zikurikira zagaragajwe na Assefa (2008) zitaweho: (a) kwemera mu buryo bwuzuye ibyangiritse/ibikomere buri ruhande rwagize ku rundi; (b) kwicuza bivuye ku mutima no kwicuza ibikomere byakorewe abandi; (c) kwitegura gusaba imbabazi ku ruhare umuntu yagize mu gukomeretsa abandi; ) (d) Kwitegura ku mpande zagiranye amakimbirane kurekura ibyatewe n'amakimbirane,(e) Kwiyemeza ku bahemutse ko ibyo bakoze bibi bitazongera gusubira; (f) imbaraga zivuye ku mutima zo gukemura ibibazo byateje amakimbirane no kwishyura ibyangiritse ku buryo bushoboka; no (g) kwinjira mu mibanire mishya ikungahaza uwo mubano mushya.

Uburyo bwa gatatu bwo kubona ubwiyunge bushobora gusobanurwa nk'ubwiyunge bwa politiki, bakunze kwita 'Ubwiyunge bw'igihugu' (UI), kandi nanone bwitwa ubwiyunge buke, bujyanye na politiki y'igihugu hamwe n'inzego z'imibereho yacyo n'ibikorwa, nk'ibice by'isesengura. Bamwe babyita kandi ubumwe n'ubwiyunge bw'igihugu (Borer, 2006).

Ubu buryo bwo kwiyunga, butandukanye n'ubwa kabiri (ubwiyunge butajegajega), buvuga ko abahoze ari abanzi bashobora kutumvikana cyangwa ngo babane neza cyane. Ni muri urwo rwego, ikintu kimwe cy'ingenzi cy'ubwiyunge bw'igihugu ari 'uguteza imbere umuco wa politiki wubaha uburenganzira bwa muntu bw'abantu bose'. Nk'uko Borer (op cit.) abishimangira, mu bwiyunge bw'igihugu ikibandwaho ni uko "Leta igomba guharanira kubaka inzego za Leta zemewe kandi zihagarariye bose zubahiriza uburenganzira bw'ibanze bwa muntu" kandi aho igihugu gifite inshingano yo "gushyiraho umuco w'uburenganzira bugendera ku myumvire ishingiye kuri demokarasi no ku bwenegihugu". Muri rusange, ubu buryo bwo kubona ubwiyunge bw'igihugu bufitanye isano rya bugufi n'amagambo akurikira:

ubworoherane, kugendera ku mategeko (ubutabera), demokarasi, umuco wo kubaha uburenganzira bwa muntu, gukemura amakimbirane, gukorera mu mucyo, no kuganira ku bibazo rusange.

Uburyo bwa kane bwo kubona ubwiyunge ni Ubundi buryo bw'imibonere: Ubwiyunge nk'Imbabazi: Ubu buryo bundi bushimangira icyo twita kwizera ko hazabaho kubabarira: ubwiyunge ni kimwe mu bikorwa byo kubabarirana, guhindura amarangamutima amwe (kuva mu burakari ukajya mu bucuti) no kurenga imyizerere imwe n'imwe kuri wowe n'indi ifungura amahirwe y'umubano mushya, w'ingirakamaro ku mpande zombi. Bitangirana no kubona ko ubwiyunge ari uburyo bukwiye hose bwo gukemura ikibazo kirekire cy'imibereho. Bihita noneho byubaka imyumvire cyangwa ibisobanuro kuri iyi myitwarire igaragara ishingiye ku nyigisho z'imihindukire y'ibitekerezo yibwira ko ibitekerezo byahindutse kugira ngo bikemure ibibazo byihariye, bigaruka kenshi nk'uburyo bwo gukomeza imibanire myiza binyuze mu guhuza amarangamutima n'ibitekerezo nyabyo.

By'umwihariko, uku kwizera rusange ko hazabaho kubabarira byerekana ibi bikurikira: ikibazo cyo kujyana n'imihindagurikire y'ibintu aho abantu n'abasokuruza bahuye nacyo mu myaka miriyoni nyinshi (kuva babana mu matsinda) n'ikibazo cy'imibereho, uburyo bwo kugarura imibereho myiza n'inyungu z'ubufatanye n'ubwo amakimbirane n'ibikomere byanze bikunze bitabura. Nk'igisubizo, ubushobozi bugaragara kandi butandukanye bwerekana ubushishozi bwo kubabarira hamwe n'inzira y'ubwiyunge ko bishoboka; uburyo bugezweho bwo kwerekana imikorere yihariye, ifasha mu marangamutima, ubushobozi bwo gukemura ibibazo abantu bafite kugira ngo bivane muri iki kibazo cy'ingutu gisubirwamo. Hatabayeho uburyo nk'ubwo, Hana, A. (1989) aribwira ati: "Ubushobozi bwacu bwo gukora bwaba bugarukira ku gikorwa kimwe [amakimbirane] tutashobora kwikiza; ahubwo tugakomeza kuba ibitambo by'ingaruka zayo ubuziraherezo, ntitumeze nk'umupfumu ukibyitoza wabuze umuvuno wo kumena amarozi".

Ingero zaganiriweho mbere z'uko ubwiyunge bubonwa zerekana neza ko ubwiyunge ari igitekerezo kitoroshye kumva gifite ibidasobanutse byinshi bitewe n'ubunini bwacyo.

## 2.2. Ubwiyunge: Icyerekezo cy'u Rwanda

Hakozwe ubushakashatsi butari buke hatoranywa abantu basobanukiwe inzira y'ubwiyunge nyuma y'ihohoterwa n'amahano nka Jenoside yakorewe Abayahudi (Longerich, 2010), ivanguramoko ryakorewe abirabura (Apartheid) muri Afurika y'Epfo (François du Bois na Antje du Bois-Pedain, 2009), Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu 1994 (NURC, 2014); amakimbirane ashingiye ku madini muri Irilande y'Amajyaruguru (Brewer & Higgins, 1998), igitugu cya politiki cyakozwe n'Abanyaustraliya b'abimukira ku banya Ositaraliya ba kavukire n'abanya Ositaraliya bitwa Torres Strait Islander bo muri Ositaraliya (Gunestone, 2007), n'abandi.

Ijambo ubwiyunge rikomeza gukurura impaka bwaba bufatwa nk'inzira ndetse n'intego (Skaar, 2013), ariko umuntu yavuga ko buri nzira y'ubwiyunge yahujwe n'imiterere y'igihugu ndetse n'ubwoko bw'ihohoterwa ibihugu byahuye naryo. Mu by'ukuri, abahanga mu

gutekereza kure bagerageza kumva icyo gitekerezo cyangwa ibyo bitekerezo bigize ubwiyunge bivuga hanyuma bagashungura ibiranga icyo gitekerezo. Mu biganiro nk'ibyo, abandi bahanga n'abagishyira mu bikorwa bahuriza ibitekerezo n'ibyifuzo byabo hamwe n'ukuri kwabo mu rwego rujyanye n'imico yabo n'ibibazo bwite byabo. Ni muri urwo rwego, Becker na Luckman bashimangiye bati: "ubumuntu buvuga ko iterambere ry'imibereho y'abantu rishingira ku myumvire y'abantu; cyane cyane imyumvire y'ibibi no kutarangiza gahunda zose z'imibereho n'ibibaho. Nk'ibinyabuzima bisanzwe, abantu barema imibereho yabo bwite, harimo amahame abagenga n'indangagaciro bagenderaho. Ibyo abantu babona rero ntibishobora kuba na rimwe ntaho bihuriye n'ibyo baha agaciro. Abantu bahuje imibereho imwe bakora umuryango wabo bwite, udashobora gusesengurwa ukurikije uburyo rusange butabogamye, ahubwo bakoresheje imibereho yabo bwite ishingiye ku buzima babaho binyuze mu biganiro n'umutimanama wabo".

Mu Rwanda igitekerezo cy'ubwiyunge kigana ku nkingi z'ingenzi zishingiye ku ndangagaciro zitandukanye zishobora kuganisha ku nzira y'ubwiyunge. Mu Rwanda nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, ubwiyunge bufatwa nk'igikorwa cyo kongera gusobanura icyo u Rwanda ari cyo no kubaka imyumvire imwe y'ubanyarwanda (NURC, 2010). Nk'uko biteganijwe muri politiki y'igihugu y'ubwiyunge, Abanyarwanda bemeje imyumvire y'ubwiyunge ku buryo bukurikira:

> *Ubwiyunge ni umuco w'ubwumvikane bw'abaturage bafite Ubwenegihugu bumwe, bahuje umuco kandi bafite uburenganzira bungana; abenegihugu barangwa no kwizerana, kwihanganirana, kubahana, bafite uburinganire, n'ibyo bakora byuzuzanya/kwuzuzanya, ukuri, no komorana ibikomere byatewe n'amateka yacu, hagamijwe gushyiraho umusingi w'iterambere rirambye* (ibid.).


Ibisobanuro byavuzwe haruguru birerekana neza icyo Abanyarwanda baha agaciro ku bijyanye n'urugendo rwabo rw'ubwiyunge. Muri make, ibisobanuro byerekana indangagaciro zagaragaye muri buri suzuma ry'ubwiyunge mu Rwanda, haba mu mwaka wa 2010 ndetse no mu 2015, kandi zikaba ari nazo zizaranga Igipimo cy'Ubwiyunge cyo mu 2020. Zimwe muri zo rero ni, Ubwenegihugu bumwe, uburenganzira bungana, kubaha umuco, ukuri no komorana ibikomere, kwizerana, kworoherana no kuzuzanya. Igice gikurikira gishyira izi ndangagaciro mu nkingi esheshatu, buri imwe ifite ibipimo bifitanye isano nayo bizatuma habaho isesengura ry'amakuru afatika ku bijyanye n'ubwiyunge mu Rwanda kuva mu mwaka wa 2016 na 2020.

## 2.3. Ubwiyunge mu Rwanda mu rwego rw'ibitekerezo

Ibipimo by'ubwiyunge byombi icyo mu 2010 n'icyo mu 2015 byagaragaje kandi bikoresha inkingi 6 mu rwego rwo gusuzuma urugero ubwiyunge bugezeho, arizo (1) gusobanukirwa ibyahise, iby'ubu ndetse no gutekereza ejo hazaza, (2) ubwenegihugu n'ibiranga umuntu, (3) umuco wa politiki, (4) umutekano n'imibereho myiza, (5) ubutabera, kugira amahirwe angana n'uburenganzira, (6) imibanire myiza. Turavuga kuri buri nkingi n'ibiyigaragaza, hamwe n'impamvu zituma izo nkingi zose zifite akamaro mu kwerekana Igipimo cy'Ubwiyunge 2020. Ikiganiro kandi kirareba izindi nkomoko z'amakuru asanzwe ariho kugira ngo hasuzumwe ko

akwiye n'akamaro afitiye ubu bushakashatsi. Ishusho ikurikira irerekana izo nkingi, n'uburyo zose zisesengurwa kugira ngo humvikane aho ubwiyunge bugeze mu Rwanda.

**Ishusho ya 2: Urwego rw'ibitekerezo byifashishijwe**




Ishusho ya 2 yerekana urwego ubwiyunge mu Rwanda buherereyemo. Nk'uko biza kuvugwa mu gice gikurikira, urwego rw'ubwiyunge mu Rwanda rushingiye ku bihe by'amateka yuzuye amacakubiri, icyenewabo na jenoside yakorewe Abatutsi Abanyarwanda banyuzemo. Buri imwe mu nkingi esheshatu ifite umubare w'ibipimo/ibimenyetso bigaragaza uruhare ifite mu bwiyunge bw'igihugu. Ingaruka ziterwa n'imikoranire hagati y'ibyo bipimo hamwe n'ibikorwa bya buri gihe byiganjemo ibya politiki bituma habaho ibihe byiza bitera ubwiyunge mu baturage.

Igice gikurikira kiratanga ibisobanuro birambuye ku nkingi n'ibipimo bifitanye isano n'impamvu buri gipimo kijyanye n'Igipimo rusange cy'Ubwiyunge 2020.

### 2.3.1 Gusobanukirwa amateka, ubu no gutekereza ahazaza by'u Rwanda

Nk'uko byerekanywe hejuru, mbere y'ubukoroni Abanyarwanda biyumvagamo ko bibumbiye hamwe basangiye igihugu cy'u Rwanda n'umutungo cyashoboraga kugira. Mu kubacamo ibice, abakoroni bakoresheje ibyiciro Abanyarwanda bisangagamo, aribyo byahinduwe amoko agize igihugu (Abahutu, Abatwa, Abatutsi). Mu by'ukuri amoko nyakuri yariho ahuje imibereho n'ubuyobozi ntiyari mu Rwanda gusa. Ahubwo yari azwi hose mu miryango igize Akarere k'ibiyaga bigari kazwi nk'Akarere kari ak'imisozi ihanamye yo muri Afurika y'Iburasirazuba.

Habayeho kugerageza gucukumbura no kwandika amateka nyakuri y'uko u Rwanda rwiyubatse nk'igihugu. Ubu abantu bagerageza kumva ukuntu amateka y'u Rwanda yagoretswe. Urugero, Igipimo cy'Ubwiyunge cyo mu 2015, cyerekana ko inkingi yo 'gusobanukirwa ibyabaye (amateka' byari ku kigero cyo hejuru cya 91.7%. ibi bivuga ko rubanda rw'Abanyarwanda bashobora kumva no kwibaza mu mateka yabo, bitari ukumira bunguri ibyo babwiwe byose nta gushishoza ngo bamenye ukuri bwabyo n'aho byavuye.

N'ubwo amateka y'u Rwanda, kimwe n'ay'ibindi bihugu byinshi, akomeje kuba ikibazo cyo gusobanurwa n'abantu bayageraho, hari ibintu bimwe na bimwe byayaranze bimaze kumvikana uko biri. Kugerageza kugoreka ayo mateka hagamijwe kugera ku nyungu za politiki no guharanira izindi nyungu ntabwo ari uguhemuka gusa ahubwo ni no gushyira abantu mu kaga, kandi ni ubu bwoko bw'ubuhemu mu by'ubwenge bwateje amakuba n'ubwicanyi bwibasiye Abatutsi kuva mu 1950 kugeza muri Jenoside yabakorewe mu 1994.

Uburyo amateka yigishwa abana mu mashuri n'uko abwirwa rubanda muri disikuru zitandukanye z'abayobozi n'inzobere byabaye ikibazo. Kwerekana ibyabaye mu mateka nk'ukuri kudashidikanywaho, ukuri ndakuka kutagira ibisobanuro kuri bimwe mu bice by'amateka kandi udatanze ibitekerezo bitandukanye ku basomyi ni kimwe n'uburiganya mu by'ubwenge bwa mwarimu. Amateka yahoze yigishwa hagamijwe gushimangira itandukaniro n'amacakubiri hamwe n'imiterere y'ubusabane hagati y'amatsinda atandukanye y'Abanyarwanda; herekanwa gusa ubwikanyize bwa bamwe n'ubucakara bw'abandi, nta na rimwe hagaragazwaga imibanire yabo mu mahoro. Nta wagerageje gutanga aho ibyo byose byabereye n'uburyo umubano wagiye uhinduka ukurikije ibihe. Disikuru rusange, imivugo n'ibisigo hamwe n'ibindi byabayeho mu mateka byari bigendereye gusa ku gushimangira itandukaniro riri hagati y'abanyagihugu bigatuma inkuru z'amateka zihinduka uburozi bukabije. Ntibitangaje rero kubona ko mu gihe gito habaye akantu, byashobokaga ko ubwicanyi buhita buba.

By'amahirwe, Ubushakashatsi bwo mu 2015 bwerekanye ko habayeho ubushake bwo guhindura uko amateka yigishwa mu mashuri no mu mvugo za rusange. Igipimo cy "imyigishirize y'amateka" cyabonye amanita 93.5%. N'ubwo aya manota ari hejuru, haracyakenewe kureba niba rubanda rw'Abanyarwanda rwemera neza niba amateka yigishwa ku buryo buboneye akanavugwa neza mu mbwirwaruhamye rusange. Byongeye kandi nyuma yo kureba uko amateka yigishwa, haracyakenewe no kureba uko yigishwa mu miryango n'ibiyakubiyemo. Ibi biterwa n'uko habonetse raporo zivuga ko imvugo z'amacakubiri cyane cyane ashingiye ku moko zigikwirakwizwa mu miryango imwe n'imwe, bikaba byagirwa icyaha cy'ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibindi byaha bifitanye isano.

Abanyarwanda kugira ubwiyunge ubwabo nyuma yo kumva neza amateka yabo n'uburyo yigishwa nta kuyagoreka ku nyungu za politiki n'ibindi ni ngombwa kugira ngo bongere kubaka umuryango nyarwanda wacitsemo ibice. Iki gipimo cyagize amanita 91.1% kandi kiba aricyo kiza hasi kurusha ibindi bigize iyi nkingi. Ni ngombwa rero kugumana iki gipimo kugira ngo harebwe niba harabaye iterambere muri urwo rwego cyangwa ntaryo. Ibyo aribyo byose, kuba abaturage biyemeza gukomera ku bwiyunge ni ingenzi cyane mu kugana inzira y'ubwiyunge. Hatabaye uko kugira ubwiyunge ubwabo bidasubirwaho, inzira y'ubwiyunge ntacyo yageraho.

Kugira icyerekezo kimwe aho buri muntu wese abona ejo hazaza he n'ah'urubyaro rwe bitanga umusingi wo gukorera hamwe ngo bagire ejo heza. Ejo hazaza ha bose bivuze ko buri muntu amenya uruhare rwe n'umwanya afite mu byo akora kandi agomba kubibazwa n'abandi bahuje intumbero y'ahazaza. Mu mpera z'imyaka ya za 1990, Abanyarwanda bumvikanye kuri ejo hazaza ha bose aribyo byiswe "Icyerekezo 2020". Ubu indi ntumbero yashyizweho yitwa 'Icyerekezo 2050". Ni iby'agaciro gakomeye kureba niba Abanyarwanda bagisangiye gusobanukirwa iyo mitekerereze mishya y'igihugu n'aho ituganisha. Ibi kandi binatuma dukomera ku byagezweho mu Cyerekezo cya 2020. Mu bushakashatsi bwo mu 2015, iki gipimo cyagize 91.2%, ariko kubera ibintu byinshi byabaye hagati y'umwaka wa 2016 na 2020, haracyakenewe irindi sesengura kuri iki gipimo. Muri ibyo bikenewe harimo gusubiramo integanyanyigisho y'amateka yifashishwa mu mashuri, guhugura barium ku bijyanye no kwigisha amateka, no gusohora ibitabo byigisha amateka.

Ni ngombwa kumenya ko bimwe mu bibazo bikomereye iki gihugu ari ukuntu amateka yagoretswe bikagira ingaruka k'ubwiyunge bw'Abanyarwanda. Ibi rero bigomba gukosorwa no kuvuga ukuri, gufata mu mutwe ibikwiye n'ibindi byakwitabazwa. Kimwe mu bibazo bijyanye n'amateka y'u Rwanda ni uko nta nyandiko nyinshi agira, kandi bifatwa nk'aho inyandiko arizo ziherwaho mu kuvuga ukuri. Ni na ngombwa kureba uko abaturage bizera ukuntu ukuri kw'amateka kwavuzwe n'uko kwakwirakwijwe mu muryango nyarwanda n'ababishinzwe bose nk'abahagarariye inzego za Leta, amashuri, abanyamadini, ababyeyi mu miryango n'itangazamakuru.

### 2.3.2 Ubwenegihugu, ibiranga umuntu n'inshingano

Mu Gipimo cy'Ubwiyunge cyo mu 2015, inkingi ya kabiri yakoreshejwe yari Ubwenegihugu n'Ibiranga umuntu n'inshingano ze. Kugira ngo tugereranye ubunini bwayo twakoresheje ibipimo bine (4), aribyo ibiranga umuntu, ishema ry'umuturage ku giti cye kumva ko ari umunyarwanda, indangagaciro n'icyerekezo bisangiwe, hamwe no gukomera ku bunyarwanda. Twabibutsa ko iyi ari yo nkingi yahawe amanota menshi kurusha izindi, angana na 96.7%, kandi ibipimo byayo byose byabonye hejuru ya 95%, ikibiruta byose kikaba gukomera ku bunyarwanda (97.4%) naho ikiri hasi cyane kikaba ibiranga umunyarwanda (95,6%). N'ubwo iyi nkingi iri hejuru kurusha izindi zose, ni ngombwa kumenya niba uru rwego rwo kwiyemeza gukomera ku bwenegihugu n'ibiranga umunyarwanda ruzakomeza kubaho. Ibi ahanini biterwa n'imbaraga nyinshi zashyizweho kugira ngo abanyagihugu bibonemo ubunyarwanda nk'igisobanuro cy'ibanze cy'ibiranga umunyarwanda binyuze muri gahunda ya Ndi Ndiarwanda, ndetse no ku karengane kahise kari gashingiye kuri politiki y'irangamuntu. Byongeye kandi, Igipimo cy'Ubwiyunge 2020 kizasuzuma kandi uruhare rw'abaturage mu mahitamo yabo ajyanye n'icyo bari cyo, ndetse n'ibisobanuro baha umubano wabo n'igihugu cyabo. N'ubwo, nk'uko byavuzwe haruguru, ikibazo cy'Ubwenegihugu n'ibiranga umuntu bisa nk'aho byashinze imizi, ubu bushakashatsi buzasuzuma niba ibyo bitekerezo bikomeje kubaho cyangwa bigenda byoroha bitewe n'igihe gishize. Kuva mu 2015, hashyizweho ingufu mu gushimangira ubumwe bw'igihugu binyuze mu gusobanura ibiranga umunyarwanda no guteza imbere indangagaciro z'u Rwanda na kirazira zigenga umunyarwanda.

### 2.3.3. Icyizere n'uruhare rw'abaturage mu miyoborere

Icyizere n'uruhare rw'abaturage mu miyoborere ni uburyo abantu bahuza kandi bakabona gahunda ya politiki barimo n'uburyo bayibonamo. Ni ugusuzuma imyifatire, imyizerere, n'amarangamutima y'abantu bafitanye isano ubihuje n'umurongo wa politiki bagenderaho n'ibyo ibagezaho bikaba ari byo byahawe inyito ya "Political culture" mu rurimi rw'amahanga mu Kinyarwanda bikaba byaba "umuco wa politiki" . N'ubwo ijambo umuco wa politiki ryaganiriweho mu gice cy'inyandiko n'ibitekerezo bitandukanye byatanzwe ku bijyanye no kuwusobanura no kuwupima, byaragaragaye ko ari ingirakamaro gutanga ibisobanuro bifatika ku biriho bivugwa. Byongeye kandi, mu gihe ibivugwa mu bigize umuco wa politiki bishaje, ubushakashatsi bwakozwe muri iki gihe bwo gutanga ibisobanuro n'ibiranga ubwoko butandukanye bw'imico ya politiki bwamenyekanye kuva habayeho imirimo y'ibiganiro bya Almond na Verba, Umuco Mboneragihugu, byatangajwe mu 1963. Binyuze mu bushakashatsi bwakorewe mu bihugu bifite demokarasi zitandukanye byo mu Burengerazuba bw'isi, ibiganiro bya Almond na Verba (1963) byazanye ubwoko butatu bw'umuco wa politiki, ari bwo umuco wa politiki ya giparuwasi, umuco wa politiki y'uyikora, n'umuco wa politiki yitabiriwe.

Umuco wa politiki ya giparuwasi ni iyo abaturage badafite uruhare runini mu gushyiraho ubayobora, igihe n'uburyo bayoborwa. Baba barambuwe burundu ubuyobozi ubwo aribwo bwose n'uruhare mu bibazo bya Leta, bityo bakaba ntaho bahuriye na gato n'ibibazo bya Leta. Mu muco wa politiki y'uyikora, abantu ku giti cyabo bemerewe kugira uruhare ku rugero ruto, cyane cyane bakurikiza amahame n'amabwiriza yashyizweho kimwe no kugirira icyizere inzego za Leta. Bagira uburenganzira buke bashobora gukoresha ariko ahanini baba bategerejweho kubahiriza amahame yashyizweho.

Umuco wa politiki yitabiriwe utuma umuturage agira uruhare rugaragara muri politiki, mu gutora, kwitabira inshingano afite ku gihugu, kubaza ibijyanye n'ibyemezo bya politiki byafashwe, kujya impaka no kuganira ku bindi bitekerezo bya politiki byakurikizwa. Umuco wa politiki yitabiriwe uhuza uburenganzira n'inshingano z'umuturage kandi ukemerera umuturage kuba mu mwanya wa politiki.
Kuvanga neza umuco wa politiki y'uyikora n'umuco wa politiki yitabiriwe bitanga umuco wa politiki y'igihugu iteza imbere umuco wa demokarasi. Encyclopedia Britannica isobanura umuco wa politiki w'igihugu nk'"imyifatire, imyizerere n'amarangamutima bitanga gahunda n'ibisobanuro mu nzira ya politiki ihamye kandi bitanga ibitekerezo n'amategeko agenga imyitwarire muri gahunda yose ya politiki" (Badie et al., 2011).

Umuco wa politiki y'u Rwanda usobanurwa neza n'ingingo zibanza z'Itegeko Nshinga ryo mu 2003 nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, mu gika cya 6 n'icya 7 giteganya ibi bikurikira:

> *'Twiyemeje kubaka Leta igengwa no kugendera ku mategeko, ishingiye ku kubahiriza uburenganzira bwa muntu, umudendezo no ku ihame ry'uburinganire bw'Abanyarwanda bose imbere y'itegeko kimwe n'uburinganire hagati y'abagabo n'abagore;' (igika cya 6)*

*'Twiyemeje kandi kubaka Igihugu gishingiye kuri demokarasi yumvikanyweho kandi ishingiye ku mitwe ya politiki myinshi no kugabana ubutegetsi, ku bumwe n'ubwiyunge, ku miyoborere myiza, iterambere, ubutabera mbonezamubano, ubworoherane no gukemura ibibazo binyuze mu biganiro;' (igika 7)*

Mu gushyiraho Itegeko Nshinga no kuritora mu buryo bwa referandumu, ubuyobozi bwa Guverinoma y'u Rwanda bwashatse gushimangira no guteza imbere uruhare rw'abaturage mu miyoborere.

Kuva mu mwaka wa 1994, Abanyarwanda bahisemo kugengwa na politiki y'ubwumvikane hamwe n'inshingano basangiye mu mitwe ya politiki itandukanye. Kuva hashyirwaho Guverinoma y'Ubumwe bw'igihugu mu mwaka wa 1994 kugeza igihe hashyizweho Itegeko Nshinga mu 2003 ndetse na nyuma yawo, Abanyarwanda bagize uruhare mu kubaka igihugu aho abantu bakuru bose bagize uruhare mu bikorwa byose bishimangira kandi biteza imbere demokarasi ishingiye kuri uwo muco wa politiki. Uwo muco wo kugira uruhare mu bigukorerwa no kugira uruhare mu byemezo bya politiki y'igihugu biri mu Itegeko Nshinga, muri politiki yo kwegereza ubuyobozi abaturage, mu miterere n'imikorere y'imitwe ya politiki kandi bishimangirwa n'amatora y'abayobozi buri gihe abaturage babigizemo uruhare. Itegeko Nshinga kandi ryemeza politiki ihuriweho n'abantu bose hatoranywa abayobozi b'inzego zitandukanye za guverinoma baturutse mu mashyaka atandukanye. Batoranyijwe hirinzwe politiki itandukanya n'amacakubiri yazanye amahano na Jenoside yakorewe Abatutsi. Abanyarwanda bemeye gushyiraho urubuga rwa politiki aho ibibazo byose bya politiki biganirwaho ku nyungu rusange. Iri ni Ihuriro ry'igihugu ry'imitwe ya politiki (NFPO) aho abahagarariye imitwe ya politiki bahurira kugira ngo baganire ku bibazo by'iterambere ry'igihugu mu bwisanzure kandi hagamijwe guteza imbere ubumwe bw'igihugu kabone niyo baba batemeranya ku bibazo byihariye n'uburyo bwo kubikemura.

Kuva Igipimo cy'Ubwiyunge mu Rwanda cyo mu 2015 gitangazwa, ibigo byinshi na byo byatanze raporo zabyo. Raporo zizwi cyane zakozwe n'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB), kasohoye Amanota y'Imiyoborere (Governance Scorecard), Raporo ku Myumvire y'Abaturage (Citizen's Report Card), raporo ku bisubizo Abanyarwanda bishakamo (homegrown solutions), hamwe n'igipimo cy'itangazamakuru (media barometer), n'ibindi.

Muri raporo igaragaza amanota y'Imiyoborere ya 2019, havugwa ko Abanyarwanda bizeye cyane ubushobozi bwa Guverinoma n'inzego zayo n'amashami azigize gukora imirimo imwe n'imwe no kurangiza inshingano zimwe na zimwe. Muri byo harimo umutekano n'umudendezo (94.29%), kugendera ku mategeko (84.70%), uburenganzira bwa politiki n'ubwisanzure bw'abaturage (85.17%), kurwanya ruswa, gukorera mu mucyo no kubazwa ibyo ukora 84.28% (Ikarita yerekana Amanota y'Imiyoborere, 2019). Mu Gipimo cy'Ubwiyunge cyo mu 2015, ibyinshi muri ibyo bipimo cyane cyane ibijyanye no kugendera ku mategeko, uburenganzira bwa politiki n'ubwisanzure bw'abaturage byagize uruhare mu bibazo byabajijwe. Igipimo cy'Ubwiyunge cyo mu 2020 nacyo cyasuzumye ibi bipimo bito bikigize hibandwa kureba aho bihuriye n'ubwiyunge.

Mu buryo busa, ibyavuye mu Ikarita yerekana Amanota y'Imiyoborere yo mu 2019 byerekanye ko ubwitabire bw'abaturage mu miyoborere, bwasuzumwe mu nkingi y'"

ubwitabire no kudaheza", bwabonye 73.00%. Kimwe mu bipimo cyari 'ubwitabire bw'abaturage' cyagize 72.68%.
Icyizere mu nzego z'abikorera cyapimwe muri Raporo ku miyoborere y'Abaturage yo mu 2019 (Reba RGB, 2018) aho cyabonye 63.8%. ibi byerekana igabanuka rinini ugereranije n'ibyavuye mu Gipimo cy'Ubwiyunge cyo mu 2015 aho cyagize 72.4% ndetse n'ibyavuye muri Raporo ku Miyoborere y'Abaturage yatanzwe mu 2018 aho cyari ku kigero cya 64.4%. Hashingiwe ku cyerekezo cy'izo Raporo z'Imiyoborere, icyizere cy'abaturage mu nzego z'abikorera cyagiye kiimanuka. Muri Raporo yo mu 2017, cyari kuri 74.9%. Ayo manota make ashingiye cyane cyane kuri serivisi mbi zitangwa mu makoperative, mu nzego zishnzwe gutwara abantu n'ibintu, no mu mahoteli na resitora.

Ibipimo byakoreshejwe byari ikoreshwa rya telefone n'ikoranabuhanga mu itangazabumenyi (ICT), serivisi zitangwa na za banki na za microfinance, imikorere y'amakoperative, servisi yo gutwara abantu n'ibintu na serivisi zitangwa mu mahoteli na za resitora. Urebye intego y'Igipimo cy'Ubwiyunge mu 2020, amakuru yavuzwe haruguru yerekeranye n'icyizere mu bigo byigenga, nta gaciro kakwiyongera mu gukusanya amakuru kuri ibyo bipimo bimwe na none. Ariko n'ubwo bimeze bityo, Igipimo cy'Ubwiyunge cyo mu 2020 kizakoresha inzira zerekana icyerekezo zihari kugira ngo gisuzume icyo uko kugabanuka kw'icyizere mu bigo by'abikorera bishobora gusobanura ku bwiyunge, kandi gitange ibyifuzo k'ukuntu haterwa intambwe ijya imbere.

Muri urwo rwego rw'ibitekerezo, raporo nk'izo zerekana ko Abanyarwanda bemeje ko mu duce tumwe na tumwe tw'ubuzima bwabo ku bijyanye n'amasezerano bagirana na Leta dukeneye kurushaho kunozwa, kandi ko utwo duce tugizwe no kwitabira no kudaheza (73.0%), gushora imari mu iterambere ry'abantu n'imibereho yabo (68.53%), serivisi zinoze (70.54%) hamwe n'imiyoborere y'ubukungu n'iy'ibigo byigenga (76.43%). Raporo ku Myumvire y'Abaturage (2019) ishyigikira kandi bimwe mu byavuzwe haruguru muri Raporo ku Miyoborere y'Igihugu yo mu 2019. By'umwihariko, bivugwa ko 79.7% by'abaturage bishimiye uko imiyoborere n'ubutabera bimeze muri rusange. Iyi nkingi yarimo itangwa rya serivisi mu nzego z'ibanze (71.3%), ubutabera (76.4%), kubahiriza amahame y'imiyoborere myiza no kwizera abayobozi n'ibigo bitanga serivisi (88.5%), umutekano n'umudendezo (89.4%) ndetse n'uruhare rw'abaturage mu miyoborere myiza (73.1%). Hashingiwe kuri ibyo byagaragaye, Igipimo cy'Ubwiyunge cyo mu 2020 kizashobora gutanga ibyifuzo bikwiye bijyanye n'ubumwe n'ubwiyunge hatagombye gukusanywa amakuru menshi ku bipimo bimaze kuvugwa muri izo raporo ziherutse gukorwa.

Ku bijyanye n'Abunzi, izo raporo zigaragaza ko komite zabo nazo zagize uruhare runini mu bumwe n'ubwiyunge. Nk'uko Inama ishinzwe Imiyoborere mu Rwanda (2019) ibivuga, komite z'Abunzi zagize uruhare mu gukemura amakimbirane mu miryango, bityo "zimakaza amahoro mu baturage bayo, zitanga ubutabera bwuzuye kandi buhendutse, zinashimangira imibanire myiza." Bitewe n'uruhare runini bagize mu gukemura amakimbirane n'uburyo batanga ubutabera ku rwego rw'abaturage, Abanyarwanda bagaragaje ko bizeye komite z'Abunzi. By'umwihariko, mu turere twose tw'igihugu, abaturage banyuzwe n'amanota arenga 90%,

ayambere aboneka muri Rutsiro (98.5%) naho ayo hasi aboneka muri Nyamagabe (92.48%). Kuba komite z'Abunzi zishaka gukemura ibibazo mu gihe ziteza imbere ubwumvikane bivuze ko ziteza imbere ubumwe n'ubwiyunge hagati y'Abanyarwanda, kandi amakuru ariho arahagije byuzuye. Hashingiwe ku mpamvu zavuzwe haruguru, ntibyari bikenewe gukusanya andi makuru menshi ku bijyanye n'inkingi y'umuco wa politiki, ariko Igipimo cy'Ubwiyunge 2020 kizakoresha amakuru yatangajwe muri raporo ziheruka kugira ngo gitange icyifuzo gikwiye cyerekeye iyi nkingi n'uruhare rwayo mu rugendo rw'ubwiyunge mu Rwanda.

Bityo rero, gusuzuma ibyo bipimo mu 2020 ngo harebwe aho bihuriye n'urugendo rw'ubwiyunge ni iby'agaciro cyane. Ni na ngombwa kwibuka ko amateka y'u Rwanda yuzuyemo kwamburwa uburenganzira k'Ubwenegihugu ku Batutsi kuva mu myaka ya za 1950 kugeza mu gihe cya Repubulika ya mbere n'iya kabiri, aribyo byaje kuzurizwa muri Jenoside yakorewe Abatutsi. Imbaraga za nyuma ya Jenoside zagerageje gukemura iki kibazo kandi, n'ubwo iki kibazo kitagishinze imizi nk'uko byari bimeze mu bihe byashize, hagomba kurandurwa uburyo ubwo ari bwo bwose bw'imyumvire yangira igice kimwe cy'Abanyarwanda uburenganzira ku bwenegihugu. Ni ngombwa kubaza abaturage icyo batekereza ku kibazo cy'ibiranga umuntu, ubwenegihugu ,inshingano n'uburenganzira.

### 2.3.4 Umutekano n'Imibereho myiza

Inkingi yiswe "Umutekano n'imibereho myiza" ikubiyemo serivisi z'umutekano w'igihugu zitangwa n'inzego zinyuranye, nk'ingabo, polisi n'inzego z'ubutasi ndetse n'inzego nyinshi zishinzwe umutekano mu nzego z'ibanze, ariko kandi n'umutekano ku rwego rw'umuntu ku giti cye hamwe n'ibijyana nawo bitandukanye. Inzego z'umutekano zitanga umutekano ku busugire bw'igihugu ndetse n'umutekano w'abantu n'umutungo wabo. Zishinzwe kandi kubungabunga amategeko n'iyubahirizwa ryayo. Ibipimo byakoreshejwe mu gupima iyi nkingi mu Gipimo cy'Ubwiyunge cyo mu 2015 byari umutekano w'igihugu, umutekano w'umuturage ku giti cye, umutekano mu by'ubukungu, n'uburenganzira ku mutungo shingiro n'ibikorwa remezo, bifite aho bihuriye n'umutekano w'imibereho y'abantu muri rusange.

Icy'ingenzi gikwiye kuvugwa hano ni uko, bitabaye ugupfa gusubiramo amagambo, inking n'ibipimo bizigize muri iyi raporo bisesengurwa bishingiye ku ruhare bifite mu bwiyunge.

### 2.3.5 Ubutabera, amahirwe angana n'uburenganzira

Nk'uko byavuzwe haruguru, n'ubwo ubwiyunge bufite ibisobanuro bishingiye ku myemerere y'amadini muri iki gihe, bukoreshwa mu biganiro-mpaka z'igihugu ndetse n'iz'amahanga nk'umuyoboro w'ubutabera bwunga (Krondorfer, 2018). Bukubiyemo ibintu bijyanye n'imyitwarire iboneye, imyifatire myiza, kubabarirana, kworoherana, no kwegerana.

Kuva mu 1994, ingamba zo kwiyunga mu gihugu zagombaga gutangirana no gukemura ibibazo by'ubutabera ku bahohotewe n'abarokotse Jenoside yakorewe abatutsi. Inzego z'ubutabera zisanzwe ntizashoboraga guhangana n'imibare y'abakoze ibyaha ndetse no guteza imbere

ubumwe bw'igihugu. Nibwo hashyizweho gahunda y'ubutabera gakondo/bw'inzibacyuho buzwi ku izina ry'"Inkiko Gacaca" kugira ngo iki kibazo gikemuke. Usibye izo nkiko, hashyizweho n'uburyo bwo gukemura amakimbirane bushingiye ku muco w' *Abunzi* (abahuza) batoranyijwe kugira ngo bakemure amakimbirane ku rwego rw'abaturage ari nako bateza imbere ubumwe n'ubwiyunge. N'ubwo inkiko Gacaca zarangiye, haracyari ikibazo cyo gushyira mu bikorwa ibyemezo bimwe na bimwe by'izi nkiko cyane cyane ikibazo cyo guha indishyi abahohotewe. Hari no gushyirwaho ingufu kugira ngo hamenyekane ahantu abantu bajugunywe ngo bashyingurwe mu cyubahiro. Ibi birakomeje kandi ahantu hose hibukirwa hubatswe neza inzibutso za Jenoside kandi imirambo igenda iboneka ijyanwa aho ishyingurwa mu cyubahiro gikwiye. Mu Gipimo cy'Ubwiyunge cyo mu 2015, iyi nkingi yari ifite ibipimo bikurikira: Ukuri, igihano ku bakoze Jenoside, indishyi z'imitungo yangiritse/yasahuwe, gusaba imbabazi no kuzitanga, gukira ibikomere umuntu ku giti cye, kugira amahirwe angana no kubahiriza uburenganzira bw'ibanze bwa muntu.

Muri Raporo y'Imiyoborere mu Rwanda (2019: 19) inkingi yiswe 'uburenganzira bwa politiki n'ubwisanzure bw'abaturage' yari ifite igipimo cyiswe 'kubahiriza uburenganzira bwa muntu n'amasezerano mpuzamahanga' gifite amanota 86.41%. N'ubwo iki gipimo gitanga amakuru y'ingirakamaro yerekeza ku bwiyunge, ibigo n'inzego byakorewemo ubushakashatsi kimwe n'uruhare rw'ibi bigo n'inzego mu bwiyunge ntibyigeze bigenzurwa bihagije. Ibi bituma biba ngombwa kugumana ibyo ibipimo byakoreshejwe. Bituma kandi hazabaho kwagura ibikorwa by'inzego hagamijwe gusuzuma ingaruka ubutabera buriho, amahirwe angana n'uburenganzira, byagize ku bwiyunge.

### 2.3.6 Imibanire myiza

Imibanire myiza irangwa n'abantu bakorera hamwe kugira ngo bakemure ibibazo bahura nabyo mu buryo bwubaha ibitekerezo bya buri wese. Mu kwibanda ku mibanire myiza, ubwiyunge bushyira imbere umubano w'abantu mu ntekerezo zabo, amarangamutima yabo, mu bwenge, no kwisubiraho (Longerich, 2010; François du Bois na Antje du Bois-Pedain, 2009; NURC, 2014). Guteza imbere imibereho myiza byabaye ishingiro rya gahunda za guverinoma zigamije imibereho myiza. Muri make, imibereho myiza ni igisubizo cya gahunda zitandukanye z'imibereho myiza zashyizwe mu bikorwa. Imibereho myiza igaragarira mu kwizerana, mu bushake bwo kuvugisha ukuri, kuvugira abanyantege nke, guha abandi ijambo, uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa no kumva ko ufite umuryango ubamo.

Mu gihe politiki y'ubwiyunge yibanda ku rwego rw'amategeko, urwego rw'imibereho y'ubwiyunge rushingiye ku kwizerana mu kuvuga inkuru ziteza imbere ubwiyunge n'ubumwe hagati y'abahoze ari abanzi. Hari imbaraga zashyizwe mu nzego z'ibanze zo guteza imbere ubumwe hakemurwa amakimbirane binyuze mu Bunzi n'Ibigo bifasha Ubutabera (MAJ) ndetse n'inama z'imidugudu za buri cyumweru zitwa Inteko z'Abaturage. Gushimangira umuryango binyuze m'Umugoroba w'Ababyeyi no mu bindi bigo mbonezamubano na byo ni imbaraga z'ingenzi zigamije guteza imbere imibereho myiza mu banyarwanda bihereye mu miryango. Iyi nzira ikubiyemo ubunyangamugayo no kwizerana kw'abaturage.

Hariho ubushakashatsi bwapimye imibereho myiza mu Rwanda, ariko iyi nkingi ikomeje kuba ingenzi ku Gipimo cy'Ubwiyunge 2020, kandi imyumvire ku bijyanye nayo ishobora guhinduka kenshi dore ko ishingiye ku mibanire y'abantu bwite. Muri Raporo y'Imiyiborere mu Rwanda yo mu 2019, mu nkingi y'umutekano n'umudendezo, hashyizwemo igipimo 'ubwiyunge, imibereho myiza n'ubumwe' kandi cyagize amanota 93,99%. N'ubwo amakuru nk'aya afite agaciro, inkingi y'imibereho myiza muri iri suzuma izibanda cyane ku mikoranire ya buri munsi mu baturage, n'icyo iyo mikoranire isobanura mu gusuzuma ubwiyunge mu baturage ubwabo, mu baturanyi, mu mudugudu, ndetse no hanze yawo hagati y'umwaka wa 2016 n'uwa 2020. Muri iyo myumvire, Igipimo cy'Ubwiyunge cyo mu 2020 kizazirikana amakuru asanzwe ariho, ariko kandi gikore ikusanyamakuru ryacyo kugira ngo gisesengure neza kandi gitange imyanzuro n'ibyifuzo bijyanye n'ikibazo kiriho kigwa.

**Imbonerahamwe ya 4:** Inkingi, ibyitezwe n'ibipimo bigize Igipimo cy'Ubwiyunge 2020

| **Inkingi** | **Ibyitezwe** | **Ibipimo** |
|---|---|---|
| Gusobanukirwa amateka, ubu, no gutekereza ahazaza by'u Rwanda | Uko abaturage benshi bashoboye kumva no guhangana n'inkomoko y'amacakubiri yabo mu mateka, mu gihe biyemeje gutekereza ejo hazaza habo, niko ubwiyunge bushobora kubaho. | ☐ Gusobanukirwa ukuri kw'ibyabaye/amateka<br>☐ Kwigisha amateka<br>☐ Kwiyemeza kwiyunga<br>☐ Gutekereza ejo hazaza |
| Ubwenegihugu, ibiranga umuntu n'inshingano | Kumva ko musangiye Ubwenegihugu, Ubwenegihugu nyabwo buhuriweho kandi bufitwe nk'inshingano buzateza imbere ubwiyunge | ☐ Ibiranga abasangiye igihugu<br>☐ Ishema ryo kumva ko musangiye igihugu<br>☐ Indangagaciro n'icyerekezo bisangiwe<br>☐ Kwiyemeza kugira Ubwenegihugu busangiwe<br>☐ Kugira imitekerereze isesengura |
| Icyizere n'uruhare by'abaturage mu miyoborere | Uko abaturage benshi bemeza ko abayobozi n'inzego baha agaciro ubwiyunge mu buzima bwa buri munsi, hamwe no kugira uruhare kw'abaturage no kubaha imbaraga mu miyoborere, niko ubwiyunge bushobora kugerwaho. | ☐ Icyizere mu buyobozi<br>☐ Icyizere muri Nyobozi<br>☐ Icyizere mu Nteko Ishinga Amategeko<br>☐ Icyizere mu bucamanza<br>☐ Kwiringira ibigo bitandukanye bya Leta<br>☐ Icyizere mu bigo byigenga<br>☐ Abaturage bitabira imiyoborere<br>☐ Guha ubushobozi abaturage mu miyoborere |
| Umutekano n'imibereho myiza | Uko abaturage biyumva muri rusange, mu | ☐ Umutekano w'igihugu n'ubwiyunge |

| | | |
|---|---|---|
| | by'ubukungu, no ku mubiri bameze neza kandi bafite umutekano, ni ko bazakomeza kwiyemeza kwiyunga | - Umutekano w'umuntu ku giti cye n'ubwiyunge<br>- Umutekano mu by'ubukungu n'uburenganzira ku mutungo bikorwa remezo<br>- Gukwirakwiza neza ibikorwa remezo |
| Ubutabera, amahirwe angana n'uburenganzira | Uko habaho ubutabera, amahirwe angana no kubahiriza uburenganzira bwa muntu, niko ubwiyunge bugenda bwiyongera | - Ukuri ku byabaye no guhana abakoze Jenoside yakorewe Abatutsi n'ibyaha bifitanye isano nayo<br>- Indishyi z'imitungo yangijwe/yasahuwe mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi<br>- Gusaba imbabazi no kuzitanga<br>- Gukira ibikomere k'umuntu<br>- Amahirwe angana no kubaha uburenganzira bw'ibanze bwa muntu |
| Imibanire myiza | Uko indangagaciro nyinshi zo kwizerana, kubahana, kwihanganirana, n'imibanire myiza n'ubucuti bigaragara mu baturage, niko ubwiyunge bushobora kubaho | - Icyizere hagati mu Banyarwanda<br>- Ubworoherane n'imikoranire myiza mu Banyarwanda<br>- Ubufatanye hagati y'abaturage<br>- Ubwumvikane n'ubucuti mu Banyarwanda |


20

# 3. UBURYO UBUSHAKASHATSI BWAKOZWE

Iki gice cyerekana amakuru ku buryo bwakoreshejwe muri ubu bushakashatsi n'ibikoresho twahisemo kwifashisha. Ikibanzweho ni igishushanyo mbonera cy'ubushakashatsi, aho ubwo bushakashatsi buzakorerwa, gutoranya abazakorerwaho ubushakashatsi n'umubare wabo, uburyo buzakoreshwa mu ikusanyamakuru n'isesenguramakuru hamwe n'ibyo tuzifashisha mu kubikora.


## 3.1 Kwitegura no guhuza ibikorwa

Nyuma y'imurika rya raporo ibanza, Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yahisemo abashakashatsi b'ingenzi n'abo mu miryango itari iya Leta kugira ngo bagire uruhare muri ubu bushakashatsi ku Gipimo cy'Ubwiyunge mu Rwanda 2020. Iryo tsinda niryo rigize na Komite ngenzuramikorere, iyobowe na Komisiyo (NURC). Iyi komite yashyizweho ngo ikurikirane imigendekere n'ishyirwa mu bikorwa by'ubushakashatsi ndetse no gusesengura ibyavuye mu bushakashatsi. Komisiyo, yahaye akazi CAP Ltd ko gukusanya amakuru ashingiye ku mibare muri Gashyantare 2020 muri buri Karere n'Umurenge by'u Rwanda, no gukusanya amakuru ashingiye ku bitekerezo muri Nzeri 2020 mu turere 10 twatoranyijwe aritwo: Gisagara, Nyarugenge, Gasabo, Musanze, Gisumbi, Rutsiro, Ngororero, Gatsibo na Ngoma.

## 3.2 Uburyo bwakoreshejwe

Ubu bushakashatsi bwakoresheje uburyo buvanze aho uburyo bushingiye ku bipimo by'imibare bwujujwe n'ubukoresha ibitekerezo. Mu by'ukuri, ubushakashatsi ntibugamije gusa kugenzura uko ubwiyunge mu Rwanda bumeze, ahubwo hari no kumva byimbitse uko abaturage babubona, imyumvire n'imyitwarire yabo kuri bwo, ndetse n'ibisobanuro n'impamvu zabyo binyuze mu bitekerezo. Kubera iyi ntego yagutse, uburyo bwo gucukumbura buvanga ibjjyanye n'imibare n'ibitekerezo nibwo bufasha kuko butuma haboneka ishusho nyayo y'ubushakashatsi bishingiyee ku mpamvu y'uko uburyo bumwe budahagije ngo intego zihariye z'ubushakashatsi zigerweho. Ishusho ikurikira iragaragaza ihuzwa ry'amakuru yakusanyijwe mu buryo bw'imibare n'ibitekerezo.

**Ishusho ya 3: Uburyo bw'igereranya rihuriranye**




Byavanywe mu byanditswe na Creswell & Plano-Clark (2011)

## 3.3 Ishusho mbonera y'ubushakashatsi

Igipimo cy'Ubwiyunge 2020 ni ubushakashatsi mpuzangingo bwakorewe ku ngo z''Abanyarwanda bagejeje ku myaka 18 no hejuru yayo, bugamije kwerekana ishusho igereranije mu mibare y'ubwiyunge ku rwego rw'Igihugu.
Ubushakashatsi mpuzangingo bukorerwa ku baturage batoranyijwe mu buryo bwa tombola, butanga amakuru avuye ku bahagarariye ibyiciro byose by'abaturage mu gihe kimwe cyagenwe -Ibi bigatuma haboneka ibipimo bikwiye ku rwego rwemewe hashingiwe ku myaka, igitsina, n'ibindi biranga imibereho n'imiterere y'abaturage.

Icyiciro cy'abagejeje ku myaka 18 no hejuru cyatoranyijwe nk'ikibereye gukorwaho ubushakashatsi kugira ngo hasuzumwe neza uko ubwiyunge bumeze mu Rwanda. Byaragaragaye ko abantu bari munsi y'imyaka 18 y'amavuko baba badafite ubukure buhagije bwo gusubiza ibibazo by'abashakashatsi ku buryo buboneye.

Ubushakashatsi bwakozwe ku ngo zigenga n'izishingiye ku nzego[7] kugira ngo zitange neza ibisobanuro by'uko ubwiyunge mu Rwanda buhagaze. Uburyo bwo gukora ubushakashatsi bushingira ku mibare n'ubushingira ku bitekerezo by'abaturage bwombi bwarakoreshejwe ngo bwuzuzanye.

## 3.4 Ahakorewe ubushakashatsi, abakozweho ubushakashatsi, n'ibyagendeweho mu isesenguramakuru

Iki gice kivuga ku hantu hakusanyirijwe amakuru, abaturage batoranyijwe mu ikusanyamakuru n'ibyagendeweho mu kuyasesengura.

[7] Ushaka ibindi bisobanuro ku bwoko bw'ingo, wareba igika kijyanye n'ibice byagendeweho mu gukora ubushakashatsi.

### 3.4.1 Abakoreweho ubushakashatsi

Ubushakashatsi bwakorewe ku rwego rw'Umudugudu. Icyari kigamijwe kwari ukubona ibitekerezo bitandukanye bivuye mu gihugu hose. Ariko, kubera igihe gito, imidugudu yose ntiyagezwemo, ariko Imirenge yose y'igihugu yo yakoreweho ubushakashatsi.
Ku bijyanye n'abaturage bakoreweho ubushakashatsi, hibanzwe ku baturage b'u Rwanda bo mu Midugudu yatoranyijwe nk'ikitegererezo. Ibyiciro bitandukanye byitaweho, kandi abatoranyijwe bari bahagarariye abandi baturage ku buryo bwuzuye. Icyari kigamijwe kwari ugukusanya amakuru yizewe ajyanye no gusobanukirwa ishusho yerekana uko ubwiyunge bumeze hakurikijwe uko Abanyarwanda babibona.

### 3.4.2 Ibyagendeweho mu isesengura

Igice cyagendeweho mu gusesengura ubu bushakashatsi ni urugo nk'uko byasobanuwe na Raporo y'Ibarura Rusange ry'Abaturage n'Ingo, Ibiranga ingo n'imiturire mu Rwanda ryo mu 2012 (MINICOFIN & NISR, 2014). Iyo raporo igaragaza ubwoko bubiri bw'ingo:

a) Urugo rwigenga rugizwe n'umuntu umwe cyangwa benshi babana kandi basangira byibuze ifunguro rimwe rya buri munsi. Abantu bo mu rugo rwigenga bashobora kuba bafitanye isano cyangwa ntayo, cyangwa se rukaba uruhurirane rw'abantu bafitanye isano cyangwa ntayo bafitanye. Ingo zigenga zishobora gushyirwa mu byiciro bine:

   (i) Ingo zigizwe n'umuntu umwe bivuga ko uwo muntu atanga ibyokurya bye bwite cyangwa ibindi bintu by'ingenzi kugira ngo abeho adahuje ibyo bikorwa n'undi muntu uwo ari we wese*:*

   (ii) Imiryango shingiro igizwe n'umuryango umwe ugizwe n'abashakanye cyangwa batashyingiranywe badafite n'abana, cyangwa se umwe cyangwa ababyeyi bombi ndetse n'abana babo ndetse hakabamo n'abakozi bo mu rugo;

   (iii) Ingo nini zisobanuwe nk'urugo rugizwe na kimwe muri ibi bikurikira: umuryango shingiro umwe n'abandi bantu bafitanye isano, imuryango shingiro ibiri cyangwa myinshi ifitanye isano nta wundi muntu wiyongeyeho, imiryango shingiro ibiri cyangwa myinshi ifitanye isano wongeyeho abandi bantu bafitanye isano byibura n'umuryango umwe, n'abantu babiri cyangwa benshi bafitanye isano, ariko nta numwe muri bo ugize umuryango shingiro; na

   (iv) Ingo zihuriye hamwe zifatwa nk'urugo rumwe rugizwe na kimwe muri ibi bikurikira: umuryango shingiro umwe harimo n'abandi bantu, bamwe muri bo bafitanye isano abandi ntibabe barifitanye, umuryango shingiro umwe harimo n'abandi bantu ariko nta n'umwe muri bo ufitanye isano n'uwo muryango; umuryango shingiro umwe cyangwa myinshi ifitanye isano harimo n'abandi bantu, bamwe muri bo bafitanye isano byibura n'umwe muri iyo miryango shingiro, cyangwa bamwe muribo ntaho bahuriye nawo; imiryango shingiro ibiri cyangwa nyinshi idafitanye isano, harimo n'abandi bantu cyangwa ntabo; abantu babiri cyangwa benshi bafitanye isano ariko nta n'umwe muribo ugize umuryango shingiro., wongeyeho n'abandi badafitanye isano; n'abandi batagira aho bahuriye gusa.

b) Urugo rw'urwego runaka rugizwe n'itsinda ry'abantu bahabwa ibibabeshaho n'urwo rwego, baba hamwe.

## 3.5 Uburyo bwo gutoranya icyitegererezo

Iki gice cyerekana uburyo bwo guhitamo ikitegererezo ku bakozweho ubushakashatsi bushingiye ku mibare n'ubushingiye ku bitekerezo bwerekana uburyo burambuye bw'uko iyo mibare yakozwe n'uko igabuye mu karere.

Ni ngombwa kumenya ko kubera igabanywa ridakwiranye n'uturere hamwe n'itandukaniro rishobora kuba ku gipimo cy'ibisubizo, hasabwa uburemere bw'ikitegererezo ngo hatoranywe imidugudu kandi hakoreshejwe isesengura ry'amakuru kugira ngo umudugudu nyirizina uhagararire ibisubizo by'ubushakashatsi mu Karere no k'urwego rw'igihugu.

### 3.5.1 Uburyo bwo gutoranya icyitegererezo mu ikusanyamakuru rishingiye ku ngano y'imibare

Igishushanyo mbonera cy'inyabutatu y'ikitegererezo ni cyo cyakoreshejwe. Mu cyiciro cya mbere, Uduce tw'ingenzi tw'Ibarura 810 nitwo twatoranyijwe hakoreshejwe uburyo bw'amahirwe bwagenwe na Sampford buhwanye n'ingano (S-PPS) kuva ku rutonde rw'imidugudu 14.837 yatanzwe n'Ikigo cy'Ibarurishamibare (NISR). Utwo duce tw'ingenzi tw'ibarura 810 twashyizwe mu byiciro by'imijyi n'icyaro, kandi kubera igishushanyo mbonera cy'ikitegererezo, ikitegererezo cy'ingo zigenga n'iz'inzego cyakozwe mu buryo bwigenga. Mu cyiciro cya kabiri, umubare uteganyijwe w'ingo 12 mu mudugudu watoranyijwe mu cyitegerezo kiringaniye na buri Gace k'Ingenzi k'ibarura (EA).

Mu cyiciro cya gatatu, umuntu umwe wujuje ibisabwa (w'igitsina gore cyangwa gabo bitewe n'urugo rwatoranyijwe) yatoranyijwe ku rutonde rw'ababajijwe bose (ab'igitsina gore cyangwa gabo bafite imyaka 18 no hejuru) muri buri rugo kugira ngo asubize ibibazo. Iyo nta muntu n'umwe wabonekaga kubazwa mu rugo cyangwa iyo umuntu watoranijwe atabonekaga nyuma yo gusurwa inshuro eshatu, imyitwarire y'ababajijwe yashyizwe ku rutonde nk'aho atabonetse. Ingo cyangwa abantu batabonetse ntibasimburwe.
Kuri iyi ngingo hakoreshejwe intambwe zikurikira:

***Intambwe ya 1:*** Ibyitaweho mu ibarura rusange ry'igihugu byagabanijwe mu turere 30.
***Intambwe ya 2:*** Gutandukanya Uturere tw'ingenzi 810 tw'ibarura (EAs) duhereye ku murongo w'igihugu niho ikitegererezo cyatoranyijwe cyavuye.
***Intambwe ya 3:*** Uduce tw'ingenzi tw'ibarura kuri buri Karere twagabanijwemo utugize imijyi n'icyaro.
***Intambwe ya 4*****:** Kuri buri gace k'ibarura hakozwe urutonde rumwe, ku rugo. Urutonde rwabaye nk'ikitegererezo cyo gutoranya ingo zoroshye kumenya.
***Intambwe ya 5*****:** Ingo 12 zatoranyijwe hakoreshejwe uburyo bworoshye bwo gutoranya muri buri gace katoranyijwe. Ibisobanuro biratangwa ahakurikira.
***Intambwe ya 6*****:** Umuntu umwe wujuje ibisabwa yatoranyijwe ku rutonde rw'abemerewe kubazwa muri buri rugo.


24

**a) Kwemeza ingano y'abantu bazabazwa**

Ku bijyanye no kwemeza ingano y'abantu bazabazwa, hari hakenewe kumenya umubare nyawo w'abantu batoranyijwe kubazwa muri ubu bushakashatsi. Ibi ni ukubera ko, nk'uko byasabwe na Lenth (2001), "Ubushakashatsi ku rugero ruto bushobora kuba ugupfusha ubusa umutungo kubera kutagira ubushobozi bwo gutanga ibisubizo byizewe, mu gihe kandi n'ubunini burenze urugero bukoresha ibikenewe birenze urugero". Byongeye kandi, ubushakashatsi bufite urugero ruto busabwa bugira imbaraga nke. Ingano y'ikitegererezo, muri iki kibazo, yerekana umubare w'abitabiriye ubushakashatsi. Icyemezo cyarwo gishingiye ku ishingiro ry'ikitegererezo-ngano cyo kubara no gukosora ibitanoze.

***Intambwe ya 1: Kubara ingano y'ikitegererezo ku rwego rw'Akarere.***
Ingano y'ikitegererezo ikwiye kuri ubu bushakashatsi yagenwe ahanini uhereye ku mikoreshereze y'iyi formulaire (Cochran, 1963; Krejcie & Morgan, 1970; Isiraheli, 2013) yatoranyijwe kurusha iyindi bishingiye ku buryo kubura ibigereranyo by'indangagaciro z'inkingi z'iyi nyigo.

$$n = DEff\left[\frac{Z_{\frac{\alpha}{2}}^2 . p. (1-p)}{d^2}\right]$$

Aho n = ingano y'ikitegererezo isabwa, Z = agaciro gasanzwe ka 1.96 gahuye na 95% intera y'icyizere, p = ijanisha rikora amahitamo (agaciro gasanzwe ka 0.5[8]), d = margin y'amakosa kuri 0.05%[9], n'ingaruka z'ishusho 1.8[10]. Gukoresha indangagaciro zisanzwe zavuzwe haruguru byatanze urugero rw'ibanze rw'abantu 308 babajijwe.

***Intambwe ya 2: Ibitateganyijwe***
Mu gihe cy'ubushakashatsi, ababajijwe bashobora kunanirwa gusubiza (igice - cyangwa ibisubizo byose bitari byo) ku bibazo byabajijwe, cyangwa se ababaza bashobora kutandika neza ibisubizo byatanzwe mu rukurikirane nyarwo rw'ibibazo. Ibi byitwa ibitateganyijwe, kandi mu gihe bibaye, birashoboka kongera kubogama ku bigereranyo bitewe no kubura umubare ukenewe w'ibisubizo kuri kimwe cyangwa byinshi bigize ubushakashatsi.

Kugira ngo ukosore ibi bivuzwe haruguru, muri rusange bisaba gusuzuma igipimo cyo kudasubiza cya 5%, hanyuma kikiyongeraho 5% kugira ngo wite kuri ibi bintu bije

8 Ubu bushakashatsi bufite intego yo gutanga igipimo cy'ubwiyunge si ukureba niba buriho.

9 Ikigereranyo cyo kwibeshya cyari 10% nk'ikigereranyo cyo hasi ku hakorwa ubushakashatsi niyo mpamvu dufite 0.05 kubera ko agaciro ka Z kari 1.96.

10 Umubare ugamijwe w'ababazwa kuri buri (m) uzaba 12 bishingiye ku mubare w'ingo zigomba gusurwa muri buri tsinda n'itsinda rimwe ngo rikore akazi mu ngo 60 ku munsi. ICC twateganije ni 1/6.5 ariko ICC y'ukuri izabarwa nyuma y'ikusanyamakuru. Rero, umubare wabyo wagenwe hakurikijwe igiteranyo gikurukira: DEFF = 1 + (m – 1)*ICC = 1.8. Igipimo cy'imikorere y'uburyo bukomeye bwo gutoranya ugereranije n'uburyo bworoshye bwo gutoranya, bisobanurwa nk'ikigereranyo kiri hagati yikosa risanzwe ukoresheje igishushanyo mbonera cyatanzwe hamwe n'ikosa risanzwe byavamo niba icyitegererezo cyoroshye cyakoreshejwe.

bitunguranye nko kudasubiza cyangwa kugira amakosa mu gufata amajwi. Kuri ubu bushakashatsi, ingano y'ikitegererezo yabaye n + 5% = 308 x 1.05 = 324.

Ingano ntoya ntangarugero yari 324 kandi yatekerezwaga ku murongo umwe n'ibyo cyangwa urwego rumwe. Kubera ibyo, ukubye urwo rugero n'uturere 30, ikitegererezo cy'imiryango yigenga yatoranyijwe ku rwego rw'igihugu ni 324 x 30 = 9720 by'ingo zigenga. Ibarura ry'ikitegererezo ryari rishingiye ku isesengura ry'amakosa y'ikitegererezo.

Umubare rusange w'ibice ugizwe n'imiryango yigenga hamwe n'ingo z'inzego, (nka gereza, amashuri yisumbuye, amashuri makuru…). Usibye ikitegererezo cy'ingo 9720 zigenga, kugira ngo ingo 2.880 z'inzego/ibigo, bityo haboneka ikitegererezo cy'ingo 12,600 z'ikusanyamakuru rishingiye ku ngano y'imibare.

**b) Gutoranya Imidugudu ngo hakorwe ubushakashatsi ku miryango yigenga**

Nk'uko ubu bushakashatsi bugenewe ingo zose zo mu Rwanda, gutoranya Imidugudu n'ingo mu Turere byashingiye ku cyiciro cy'icyitegererezo cyakozwe mu mibare y'ingo zabajijwe mu gihe cy'Ibarura Rusange ry'Abaturage n'Imiturire ryakozwe n'Ikigo cy'igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda, hamwe n'amakuru yavuye mu miryango ikomatanyirijwe hamwe Ubushakashatsi ku Mibereho (EICV5) bwakozwe n'icyo kigo (NISR) mu 2017 bwerekana igabana ry'ingo n'abaturage ku Karere no mu mijyi n'icyaro. Agace k'ibarura (EA) cyangwa imidugudu bigabanywa mu turere kandi bigatangazwa mu mbonerahamwe ya 4 ikurikira. Ni ngombwa kumenya ko mu guhitamo ibi hitabajwe Ikigereranyo cya Sampford gihwanye n'ubunini bwo gutoranya busanzwe bukoreshwa.


26

**Imbonerahamwe ya 5:** Umubare w'Imidugudu yatoranyijwe

| Intara | Akarere | Umubare w'Imidugudu |
|---|---|---|
| Amajyaruguru | Burera | 27 |
| | Gakenke | 27 |
| | Gicumbi | 27 |
| | Musanze | 27 |
| | Rulindo | 27 |
| Amajyaruguru: Igiteranyo | | 135 |
| Amajyepfo | Gisagara | 27 |
| | Huye | 27 |
| | Kamonyi | 27 |
| | Muhanga | 27 |
| | Nyamagabe | 27 |
| | Nyanza | 27 |
| | Nyaruguru | 27 |
| | Ruhango | 27 |
| Amajyepfo: Igiteranyo | | 216 |
| Iburasirazuba | Bugesera | 27 |
| | Gatsibo | 27 |
| | Kayonza | 27 |
| | Kirehe | 27 |
| | Ngoma | 27 |
| | Nyagatare | 27 |
| | Rwamagana | 27 |
| Iburasirazuba: Igiteranyo | | 189 |
| Iburengerazuba | Karongi | 27 |
| | Ngororero | 27 |
| | Nyabihu | 27 |
| | Nyamasheke | 27 |
| | Rubavu | 27 |
| | Rusizi | 27 |
| | Rutsiro | 27 |
| Iburasirazuba: Igiteranyo | | 189 |
| Umujyi wa Kigali | Gasabo | 27 |
| | Kicukiro | 27 |
| | Nyarugenge | 27 |
| Umujyi wa Kigali: Igiteranyo | | 81 |
| **Igiteranyo cya byose** | | **810** |

**c) Guhitamo ingo no gutanga ibibazo bizifashishwa**

Guhitamo ingo zitwa hano 'Secondary Sampling Units' (SSU) mu mudugudu cyangwa Agace k'Ibarura (EA) byakozwe hakurikijwe uburyo bwo gutoranya mu byiciro bibiri:
**Icyiciro cya 1:** Kuri iki cyiciro, imidugudu cyangwa Uduce tw'ibarura (EAs) byatoranyijwe hakoreshejwe uburyo bwo gutoranya bwagenwe na Sampford (Sampford's Probability Proportional to Size (Sampford's PPS).

**Icyiciro cya 2:** Guhitamo ingo (SSU) mu Uduce tw'ibarura (EAs)
Guhitamo ingo 12 muri buri Gace k'ibarura (EA) byakozwe hakoreshejwe ikitegererezo cy'itoranya hashingiwe ku rutonde rw'ingo ziboneka ku murenge/selire cyangwa mu mudugudu ukurikije inzira imwe nko mu cyiciro cya 1. Ni ngombwa kumenya ko nyuma yo gutoranya ingo, indi intambwe yari iyo kumenya umuntu wemerewe kubazwa. Ikibazo cyahawe umwe mu bagize urugo ufite imyaka 18 cyangwa irenga.

**d) Guhitamo amahirwe no kuringaniza ubushakashatsi bw'imiryango yigenga**

Imidugudu yatoranyijwe ni iyo abaturage babarizwamo harimo imwe mu mibare ikurikirana ivugwa haruguru. Ku gace k'ibarura (umudugudu i) katoranyijwe mu cyiciro runaka, amahitamo (P1i) yatanzwe n'uburyo (forumule) bukurikira:

$$P_{1i} = \frac{\text{\# of EAs to be selected} \times \text{\# of HHs in EA}_i}{\text{Total \# of HHs in all EAs in a stratum}}$$

Amahirwe ($P_{2i}$) y'urugo gutoranywa mu gace k'ibarura yatanzwe na:

$$P_{2i} = \frac{\text{\# of HHs to be selected in EAi}}{\text{Total \# of HHs in EAi}}$$

Amahirwe yose yo gutoranya urugo mu mudugudu yatanzwe na P = P1i x P2i

Nk'uko igereranya ry'ibipimo by'abaturage ryakozwe no gufata umwanzuro bigizwe no gutoranya ibisubizo bivuye ku cyitegererezo kugeza ku baturage bose, byari bikenewe gupima ibisubizo ukoresheje uburemere rusange W = 1 / P.

Twibutse ko uburyo bwo kuringaniza ingo z'inzego bwakozwe nyuma yo kubara amahirwe yo gutoranya azakoreshwa nyuma yo gukora urutonde rw'ibigo byose byo mu Ntara.

**e) Guhitamo inzego**

Guhitamo 'ingo' z'inzego byakozwe hifashishijwe icyitegererezo cyatombowe aho muri buri Ntara, hafashwe gereza 1, ni ukuvuga gereza 5 zose hamwe, n'ibindi bigo 55 by'amashuri yisumbuye, amashuri makuru na kaminuza. Abantu 81 babajijwe muri gereza na 45 babajijwe muri buri shuri batoranyijwe batombowe muri buri gereza no mu ishuri. Kubahitamo


28

hakoreshejwe icyitegererezo cyatanzwe n’ikigo cyasuwe. Ibi byatumye haboneka abantu 2.880 babajijwe baturutse muri gereza n’amashuri. Ibisobanuro birambuye byerekanwa n’imbonerahamwe ikurikira.

**Imbonerahamwe ya 6:** Igabanya ry’ingo z’inzego ukurikije Intara n’Umujyi wa Kigali

| Intara | # Gereza | # Amashuri | Ababajijwe muri za Gereza | Ababajijwe mu mashuri | Ababajijwe bose mu mashuri yose | Ababajijwe bose muri gereza n’amashuri kuri buri Ntara |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Umujyi wa Kigali | 1 | 11 | 81 | 45 | 495 | 576 |
| Amajyepfo | 1 | 11 | 81 | 45 | 495 | 576 |
| Iburengerazuba | 1 | 11 | 81 | 45 | 495 | 576 |
| Iburasirazuba | 1 | 11 | 81 | 45 | 495 | 576 |
| Amajyaruguru | 1 | 11 | 81 | 45 | 495 | 576 |
| **IGITERANYO** | **5** | **55** | **405** | **495** | **2,475** | **2880** |

### 3.5.2. Uburyo bwo gutoranya mu ikusanyamakuru rishingiye ku bitekerezo

Ikusanyamakuru rishingiye ku bitekerezo ryakozwe hifashishijwe uburyo bwa Snowball (ikitegererezo gihereye ku babajijwe). Ukurikije ubu buhanga, ababajijwe batoranyijwe kandi babajijwe basabwa kuvuga no gusobanura uburyo bwo gutoranya ikitegererezo hashingiwe hashingiwe ku ntego nabwo bwara koreshejwe kugira ngo hamenyekane abandi bushobora kubazwa mu batangabuhamwa b’ingenzi. Nko mu bushakashatsi bushingiye ku bitekerezo amakuru yatanzwe n’ababajijwe afite akamaro, kuko hakurikizwa ihame ryo kwiyuzuzamo.

Ni muri urwo rwego, Marshall (1996) abona ko “… ingano y'icyitegererezo (sample) ikwiye mu bushakashatsi bugendera ku bitekerezo ni isubiza bihagije ikibazo nyamukuru cy'ubushakashatsi'. Kubw’ibyo, ikitegererezo cyahinduwe hitawe kureba ko*:*

- ✓ Nta makuru mashya cyangwa afatika yagaragaye yerekeye insanganyamatsiko yigwaho;
- ✓ Insanganyamatsiko yatejwe imbere ukurikije imiterere yayo n’ubunini bwerekana itandukaniro; kandi
- ✓ Amasano ari hagati y’inkingi z’ubushakashatsi/insanganyamatsiko yashyizweho neza kandi byemewe.

## 3.6. Uburyo bwo gukusanya amakuru n'ibikoresho byifashishijwe

Ubwoko bune bwo gukusanya amakuru nibwo bwakoreshejwe muri ubu bushakashatsi. Harimo: Kureba ibisanzwe byanditse, kubaza umuntu ku giti cye, kubaza abatangabuhamya b'ingenzi, n'ibibazo ku bagize amatsinda yagenwe harimo uyobora itsinda ry'ibiganiro. Amakuru yakusanyijwe yaturutse ahantu habiri - amakuru y'ibanze n'aya kabiri – nk'uko bigaragara mu bice bikurikira:

### 3.6.1. Amakuru y'ibanze

Aya makuru yavuye mu byasubijwe n'ababarijwe mu ngo zabo cyangwa mu matsinda yagenwe, hakurikijwe ibibazo by'ubushakashatsi.

**a) Ibibazo byo mu ngo (household) zatoranyijwe kugira uruhare mu ikusanyamakuru**

Ibazwa muri buri rugo, rigendeye ku bibazo byateganyijwe, ryakozwe ku bantu 12,600 babajijwe. Inyandiko y'ibibazo yari igizwe n'ibibazo bitandukanye byatanzwe ku bipimo bikurikira:

Gusobanukirwa amateka, ubu no gutekereza ahazaza by' u Rwanda; Ubwenegihugu, ibiranga umuntu n'inshingano; icyizere n'uruhare by'abaturage mu miyoborere; umutekano n'imibereho myiza; ubutabera amahirwe angana n'uburenganzira; imibanire myiza. Ryari rigamije kandi no kumenya ibindi bipimo bishobora gufasha gukemura ikibazo nyamukuru cy'ubushakashatsi.

Ariko, kugira ngo hirindwe ibisubizo byo kwikiza cyangwa bigaragaza kutagira aho ubogamiye, ibibazo byinshi byari bishingiye ku myumvire, bityo rero bikaba bizaba mu buryo bw'ibibazo bitanga ibisubizo mu nzego (5- Likert scales).

Mu gikorwa cyo gukusanya amakuru, uwayakusanyaga yari kumwe n'ababajijwe imbona nkubone. Iki gikorwa cyakozwe n'abashinzwe gukusanya amakuru babimenyereye/ n'abayobozi b'amakipe babiherewe akazi kandi bose barabihugurirwa. Amahugurwa yari akubiyemo ibijyanye n'uburyo bakora ubushakashatsi, imiterere y'ibibazo n'ibirimo, abakusanya amakuru n'inshingano z'abashinzwe kubayobora, ndetse no ku myitwarire isabwa mu bushakashatsi. Amakuru abarika yakusanyijwe hakoreshejwe tableti za Android, igikoresho cy'ikoranabuhanga gifite ibikigize bya KOBO: porogaramu y'ikusanyamakuru yemera kwinjiza amakuru mu buryo butaziguye, hanyuma amakuru akoherezwa muri SPSS kugira ngo asesengurwe mu buryo bw'imibare. Gukoresha tableti ya android byateje imbere ubwiza bw'amakuru n'umutekano wayo, bivanaho gukenera impapuro, kandi bigabanya igihe gikenewe n'ababarura mu gukusanya no kwinjiza amakuru bayandika.

Birakwiye kumenya ko hari ibibazo bimwe byerekeranye no gukoresha tableti za android byagaragaye. Ibi birimo ahanini nko kubura umuriro (w'amashanyarazi) nyuma y'amasaha make y'akazi n'izananiwe gukora neza nyuma y'iminsi mike. Ibi bibazo byose byakemuwe neza no gutanga banki z'ingufu z'umuriro ubitse (power banks) no gusimbuza tableti zifite inenge aho bikenewe. Aho ibi byabaga, abakusanya amakuru bari bahawe impapuro ziriho ibibazo bizakoreshwa mu gihe tableti zidakora, hanyuma bakinjiza amakuru muri sisitemu nyuma yo kubaza.

**b) Ibibazo byabajijwe abatangamakuru b'ingenzi (KIIs)**

Ibibazo ku batangamakuru b'ingenzi byabajijwe abantu batoranyijwe bazi iby'ubumwe n'ubwiyunge. Ikiganiro cyakorewe ahantu hizewe kugira ngo na buri mutanga makuru w'ingenzi kugira ngo yemererwe gutanga amakuru mu bwisanzure. Ikiganiro kibanda ku bibazo bijyanye n'ibice by'ingenzi bigize ubushakashatsi. Amakuru y'ibanze yakusanyirijwe hamwe no kubaza umuntu ku giti cye; bivuze ko umushakashatsi akorana imbonankubone n'ababazwa bitabiriye ubu bushakashatsi. Byongeye kandi, inyandiko zerekana imyitwarire cyangwa ibimenyetso bifatika mu gihe cyo kubaza nabyo byarafashwe. Ni muri urwo rwego hifashishijwe inyandiko y'ikiganiro gishingira ku bitekerezo yakoreshejwe mu kuyobora ibiganiro. Ibibazo byabajijwe mu Kinyarwanda, bikorwa byemewe n'ababajijwe, nyuma birandukurwa ndetse binahindurwa mu Cyongereza.

**Imbonerahamwe ya 7:** Urutonde rw'abatanze amakuru b'ingenzi

| **Ibigo bakomokamo** | **Abitabiriye** |
|---|---|
| Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge (NURC) | Uhagarariye Komisiyo (NURC) hamwe n'Abayihagarariye mu Ntara bashinzwe Ubumwe n'Ibiranga umunyagihugu (National Identity) |
| Impuzamiryango y'Abarokotse Jenoside - IBUKA | Umunyamabanga Nshingwabikorwa |
| Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside (CNLG) | Abayihagarariye |
| Umuryango washinzwe n'urubyiruko rwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi - Never Again Rwanda | Uwuhagarariye |
| Umuryango w'Abapfakazi ba Jenoside yakorewe Abatutsi- Avega Agahozo | Uwuhagarariye |
| Komisiyo y' Igihugu y'Itorero (NIC) | Uyihagarariye |
| Abahagarariye Sosiyete sivile (Rwanda Civil Society Platform) | Uyihagarariye |
| Urugaga Rushinzwe Kwigenzura kw'ibitangaza-makuru (Media Self-Regulatory Body) | Uruhagarariye |
| Ihuriro Nyarwanda ry'Imitwe ya Politiki (National Forum of Political Organizations) | Uriyobora n'umukozi mukuru |
| Inteko Ishinga Amategeko Umutwe wa Sena: Komisiyo y'Imibereho Myiza n'Uburenganzira bwa Muntu | Umuyobozi wayo n'Umwungirije |
| Inteko Ishinga Amategeko Umutwe w'Abadepite: Komisiyo y'Ubwiyunge, Uburenganzira bwa muntu no Kurwanya Jenoside | Umuyobozi wayo n'Umwungirije |
| Kiliziya Gatolika: Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro | Uyihagarariye |
| Ishyirahamwe Modeste na Innocent (Association Modeste et Innocent) | Urihagarariye |
| Umuryango (Mvura-Nkuvure) ushinzwe kwita ku bahungabanye | Uwuhagarariye |
| Umuryango - Prison Fellowship | Uwuhagarariye |
| Ishyirahamwe ry'Abanyeshuri barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi (AERG) | Urihagarariye |
| Umuryango w'Abavugabutumwa b'Abanyafurika (African Evangelistic Enterprise (AEE)) | Uwuhagarariye |
| Umuryango - International Alert | Uwuhagarariye |
| Umuryango - Aegis Trust | Uwuhagarariye |
| Abashakashatsi n'Inararibonye | Prof Paul Rutayisire, Hon. Tito Rutaremara, Dr. Antoine Rutayisire, Prof. Francois Masabo, Dr. Aggée Mugabe Shyaka |
| Umuryango utari uwa Leta - Global Initiative for Environment & Reconciliation (GER) | Umuyobozi waryo n'umukozi |

### c) Ibiganiro mu matsinda y'ingenzi

Mu rwego rwo kuzuza ibyabajijwe mbere, kugera ahatangirwa ibibazo n'ibiganiro mu matsinda y'ingenzi (FGDs) byateguwe kuri buri hantu hakusanyirijwe amakuru. Ibiganiro mu matsinda y'ingenzi byatumye itsinda ry'abashakashatsi rigenzura neza ibibazo byihariye bifitanye isano n'imyumvire ku bumwe n'ubwiyunge. Ibiganiro mu matsinda y'ingenzi byahuje ibyiciro bitandukanye by'abantu kandi buri wese yari afite abitabiriye bava ku 8 kugera kuri 12 kandi ntibarenge igihe cy'isaha 1. Aho ibiganiro mu matsinda y'ingenzi byaberaga kugira ngo hashingiwe kuba ari hafi y'aho abitabiriye ibiganiro batuye. Mu gihe cy'ibiganiro mu matsinda y'ingenzi, ababiyoboraga bakoresheje umurongo umwe nk'uwakoreshejwe mu ibazwa ry'abantu ku giti cyabo, ariko noneho ababajijwe bakaba barenze umwe, hakabazwa ibibazo ngenderwaho hanyuma bakareka itsinda rigakomeza rijya ku bindi bibazo bitandukanye. Gufata amajwi no kwandika bimwe mu bitekerezo by'ingenzi mu gihe cy'ibiganiro mu matsinda y'ingenzi byakozwe uko bikwiye hagamijwe kuzamura ireme rya raporo no kwerekana ibyavuye mu bushakashatsi.

**Imbonerahamwe ya 8 :** Urutonde rw'abashoboraga kwitabira ibiganiro mu matsinda y'ingenzi[11]

| Icyiciro arimo | Abitabiriye muri buri Karere katoranyijwe |
|---|---|
| Abarinzi b'igihango[12] | Uwitabiriye 1 |
| Abakoze Jenoside bakemera icyaha | Uwitabiriye 1 |
| Abarokotse Jenoside | Uwitabiriye 1 |
| Abashakanye n'abakoze Jenoside | Uwitabiriye 1 |
| Abapfakazi ba Jenoside | Uwitabiriye 1 |
| Abanyamadini n'amatorero | Uwitabiriye 1 |
| Inyangamugayo za Gacaca[13] | Uwitabiriye 1 |
| Inshuti z'Umuryango[14] | Uwitabiriye 1 |
| Urubyiruko rufite ababyeyi bakoze jenoside | Uwitabiriye 1 |
| Ushinzwe kwita ku bahungabanye | Uwitabiriye 1 |
| Imfubyi za Jenoside yakorewe Abatutsi | Uwitabiriye 1 |
| Amashyirahamwe y'Ubumwe n'Ubwiyunge | Uwitabiriye 1 |
| **Igiteranyo cyabo bose** | **Abitabiriye 12** |

[11] Mu isesenguramakuru no kubahiriza ihame ryo kudashyirwa ku karubanda, abatangamakuru b'ingenzi banditswe amazina mu mpine nka (KI)bivuga Abatangamakuru b'ingenzi hakongerwaho umubare 1 kugera kuri 25 (umubare wa nyuma wabo bose) n'abitabiriye ibiganiro mu matsinda banditswe mu mpine (D) bivuga Akarere hakongerwaho umubare kuva kuri 01 kugera ku 10 (umubare w'Uturere 10). Byose byakozwe nta wundi murongo wihariye.

[12] Aba ni abantu bashimwe ko barokoye abahigwaga n'abicanyi mu gihe cya Jenoside

[13] Aba ni abantu b'inyangamugayo batowe n'abaturage babo kugira ngo baburanishe imanza mugihe cya Gacaca

[14] Izi ni komite z'abantu bazwiho ubunyangamugayo batowe n'abaturage kugira ngo bafashe mu gukemura amakimbirane mu miryango (gukumira amakimbirane akaze)

**d) Igikoresho gifata Amajwi n’amashusho**

Igikoresho gifata amajwi n'amashusho cyakoreshejwe mu kuzuzanya n’ibindi bikoresho byose byo gukusanya amakuru kuko byatangaga videwo ishushanya ibyagaragaye muri rusange nk’uko byagaragajwe n’ababajijwe haba mu matsinda cyangwa abantu ku giti cyabo.

### 3.6.2 Icyiciro cya kabiri cy’amakuru

Ubushakashatsi mu bisanzwe byanditswe bwasuzumye amakuru y’ingenzi kandi aboneka ajyanye n'akazi ko gutegura uko ubushakashatsi ku Gipimo cy’Ubwiyunge mu Rwanda kimeze. Izi nyandiko zirimo raporo z’ubushakashatsi n’ibisohoka mu bushakashatsi bw’ibigo bitandukanye (ibitabo byanditse, raporo zakozwe, ibinyamakuru by’ingeri zose, n’ibindi byitabazwa). Amakuru y’ibanze yakusanyiijwe yagereranijwe n’asanzwe ava mu nyandiko ziriho, cyane cyane amakuru yavuye mu Gipimo cy’Ubwiyunge mu Rwanda mu 2015 yerekeranye no gushakisha ibyagezweho ndetse n’ibibazo byagaragajwe ku bwiyunge.

## 3.7. Uburyo bwo gusesengura amakuru n’ibyakoreshejwe

Amakuru yegeranijwe mu buryo bw’imibare yakusanyijwe hakoreshejwe uburyo bwa “KOBO Collect” hanyuma yoherezwa muri SPSS kugira ngo asesengurwe. Isesengura ryabanjirijwe no kubika neza amakuru no kuyakorera isuku kugira ngo hamenyekane ibyaba byarabuze n’ibyisubiyemo, gukusanya inkoranyamagambo y’amakuru agizwe n’ingingo nkuru kandi zifite agaciro, kubika amakuru kuri disiki ikurwaho. Imibare isobanura n’isesengura ry’ibishushanyo byakoreshejwe mu gupima urugero rw’ubwiyunge kuri buri nkingi ibugize.

Birakwiye kumenya ko ibipimo byose by’ubwiyunge byahawe uburemere bungana mu gihe cy’isesengura. Kandi, ibisubizo mu nzego zari 5 byahinduwe yego cyangwa oya, aho bikenewe, kugira ngo kubara ibiranga ubwiyunge byorohe. Ni muri urwo rwego, ijanisha rya yego ryabazwe nk’ijanisha ry’umubare w’ibisubizo byemeza, aribyo, *Ndabyemera cyane / Byanyuze cyane / Ni Byinshi cyane na Ndabyemera /Mbyemera gutyo nyine/ku rwego rwo Hejuru.* Mu yandi magambo YEGO ivuga ijanisha ry’ababyemera bose (cyane cyangwa buke). Ubu buryo bw’imikorere bukurikiza ibyo Kane n’andi banditse muri 2004; berekanye ko guhindura muri Yego na Oya ibyari mu nzego 5 ntacyo bihindura ku makuru yatanzwe, kandi bitanga ibisubizo bimwe by’ibarurishamibare.

Amakuru yakusanijwe mu buryo bw’ibitekerezo yatanzwe mu buryo bw’inyandiko. Mu gihe cyo gusesengura ayo makuru, ibitekerezo hamwe n’insanganyamatsiko zabyo, nk’uko byatanzwe n’ababajijwe, byasuzumiwe mu majwi n'inyandiko zayo byinshi kugira ngo haboneke inyandiko imwe yumvikana. Amakuru yatawe mu buryo bw’ibitekerezo yerekanaga igicucu cyiri mu bisobanuro bivuze mu magambo y’Abanyarwanda. Uburyo bwo gusesengura bwari bugizwe cyane cyane no gutanga ibisubizo nk’ibisobanuro, byerekanwe mu mvugo itaziguye.

## 3.8. Amahugurwa ku bakusanyije amakuru n'isuzuma ry'ibikoresho byakoreshejwe

Bitewe n'uko byari bikenewe gukusanya amakuru afite ubuziranenge, abakusanyije amakuru bafite ubunararibonye ni bo bashakishijwe. Abo bakusanyamakuru bahuguwe n'abashakashatsi mbere yo gutangira akazi ahagenwe.

Ibi bikurikira ni byo byitaweho mu gihe cy'amahugurwa:

(i) Akamaro k'ubushakashatsi (intego, imirimo yo gukora n'ibizavamo);
(ii) Gusobanura amagambo n'ibitekerezo by'ingenzi biri mu bushakashatsi kugira ngo habeho kumvikana ku bisobanuro byabyo;
(iii) Gusubiramo tekiniki zo gutoranya abagomba gukorwaho ubushakashatsi zizakoreshwa muri buri gice cy'inyigo n'umurenge;
(iv) Tekinike yo gutanga ibibazo neza;
(v) Uburyo bwo kwegera no gushishikariza ababajijwe (ku bitekerezo by'imyitwarire);
(vi) Gusubiramo mu buryo burambuye inyandiko ikubiyemo ibibazo;
(vii) Guteza imbere gukorera hamwe no kuganira ku mahame agenga imyitwarire y'inyigo;
(viii) Kureba ishusho yose y'uburyo bwo gukusanya amakuru.

Binyuze mu myitozo yo kubikina, abagenewe gukusanya amakuru berekanye uburyo bwo gukoresha ubuhanga mu kubaza no kwitwara mu gihe bakusanya amakuru ahabugenewe.

Isuzuma ry'ibikoresho by'ikusanyamakuru ryari rishingiye ku bushakashatsi bw'ikitegererezo bwabanjirije ubwakozwe nyirizina. Ubu bushakashatsi bw'ikitegererezo bwakorewe mu mirenge ya Kabuga na Rusororo; intego nyamukuru ikaba yari ukureba niba ababajijwe bafite ubushake bwo gusubiza ibibazo mu buryo babajijwe, niba ibibazo byumvikana neza, niba hari ugusobanura nabi amabwiriza y'abifashishwa mu bushakashatsi, igihe gikoreshwa mu kubaza. Ibi byatumye habaho kunononsora ibyakoreshejwe mu gukusanya amakuru

## 3.9. Ingamba zo kugenzura ubuziranenge

Urwego rwa mbere rw'igenzura ni abayobozi b'amatsinda n'abahagarikiye ubushakashatsi. Urwego rwa kabiri rw'igenzura ni abakozi ba Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge n'ibigo by'abafatanyabikorwa. Mu gihe cy'umwitozo wo gukusanya amakuru, abayobozi b'amatsinda n'abahagarikiye ubushakashatsi bakurikiraniye hafi uwo mwitozo kugira ngo umurimo wo gukusanya amakuru ugende neza. Ikusanyamakuru ryarakozwe kandi rikoherezwa kuri seriveri buri munsi na buri mukozi ukora ubushakashatsi uko umunsi ushize.

Byongeye kandi, uburyo bwo gukora ubushakashatsi hamwe n'ibyitabajwe mu kubukora byarangiye kuganirwaho nyuma yo gutanga ibisobanuro byatanzwe mu mahugurwa atandukanye arimo abashakashatsi, impuguke za Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, n'abagize Inama y'Ubuyobozi n'abafatanyabikorwa ku rwego rw'igihugu

(abahagarariye Inteko ishinga amategeko - imitwe yombi, abahagarariye ubuyobozi bw'inzego z'igihugu n'iz'ibanze, amashuri makuru, Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda, sosiyete sivile, itangazamakuru, amadini n'amatorero, n'ibindi) binyuze mu kwemeza raporo itangira.

## 3.10. Ubwishingizi ku buziranenge n'indangagaciro z'ubushakashatsi

Ubwiza bw'ubushakashatsi buterwa ahanini n'uburyo amakuru yakusanijwe neza; ni ukuvuga, amakuru yizewe kandi afite agaciro. Kugira ngo kwizerwa no kwemerwa bibeho, tekinike zo gukusanya amakuru zigomba gutuma haboneka amakuru ajyanye n'ikibazo nyamukuru cy'ubushakashatsi kandi cy'ukuri, bityo uko kwizerwa no kwemerwa bikaba ari ingamba z'uko kuba afatika kandi ari ay'ukuri (Mugenda na Mugenda, 2003).

Kugira ngo iyo ntego yavuzwe haruguru igerweho, muri ubu bushakashatsi hitawe kuri ibi bikurikira*:*

(i) Guha akazi abakoze ubushakashatsi byashingiye ku bushobozi bwabo (abafite impamyabumenyi y'icyiciro cya kabiri cya kaminuza) n'uburambe mu gukora ubushakashatsi mu bumenyi bw'imibanire y'abantu (social science).
(ii) Intego nyamukuru y'ubushakashatsi yasobanuriwe ababukora binyuze mu mahugurwa yateguwe
(iii) Amahugurwa y'itsinda ryose ry'abakoze ubushakashatsi ku nyandiko y'ibibazo, inyoborabiganiro, n'ibiganiro mu matsinda hamwe na lisiti y'uko bigenzurwa, byarakozwe.
(iv) Amahugurwa y'abandukura amakuru bwa mbere bayinjiza n'abayandukura bwa kabiri ngo bakosore amakosa yarakozwe mu rwego rwo kwirinda ikosa iryo ariryo ryose ry'imyandikire
(v) Amagambo yoroshye kandi yumvikana yakoreshejwe mu gusobanukirwa neza ibikoresho byose by'ubushakashatsi ku babajijwe
(vi) Ubushakashatsi bw'ikitegererezo bwarakozwe mbere yo gukwirakwiza inyandiko y'ibibazo kugira ngo harebwe neza urwego rwo gusobanukirwa ubushakashatsi
(vii) Uburyo bwo gukurikirana inzira yo gukusanya amakuru buri gihe bwashyizweho
(viii) Uburyo bwo gutanga raporo buri gihe bwashyizweho

Ku bijyanye n'indangagaciro z'ubushakashatsi, ababukora basabwaga kubahiriza amahame agenga ubushakashatsi hitawe kuri ibi bikurikira:

(i) Uruhushya rwo gukora ubushakashatsi rutangwa n'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR) rwaratanze ngo ruhe abashakashatsi ba CAP uburenganzira bwo gukora ubushakashatsi
(ii) Ibaruwa ibemerera gukora ubushakashatsi yatanzwe na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge ngo yerekwe ababazwa bityo byorohere ikusanyamakuru mu midugudu yose yo mu gihugu.
(iii) Ababajijwe bemejwe ko amakuru yatanzwe azafatwa nk'ibanga kandi agakoreshwa gusa mu nyungu z'ubushakashatsi.

(iv) Gufata amajwi byasabye ko hagomba gusabwa uruhusa ku babazwa aho bibaye ngombwa.

## 3.11 Ibibazo nyamukuru byagaragaye n'ingamba zo kubikemura

Mu gihe cyo gukora ubu bushakashatsi ku Gipimo cy'Ubwiyunge 2020, cyane cyane mu myitozo yo gukusanya amakuru, ibibazo bimwe na bimwe byagaragajwe n'itsinda rishinzwe uwo umurimo. Inzitizi nyamukuru, ndetse n'ingamba zo kuzigabanya, harimo izikurikira, ariko ntizigarukira gusa aho:

(i) Mu ngo zimwe na zimwe, abantu bose bujuje ibisabwa kugira uruhare mu kiganiro ntibari bari mu ngo zabo mu gihe abakusanya amakuru babasuraga. Kugira ngo iki kibazo gikemuke, ubutumwa butangaza ko hateganijwe urundi ruzinduko rushya mu rugo rwabo nimugoroba cyangwa umunsi ukurikira rwahabwaga umuyobozi w'Umudugudu cyangwa uw'Isibo.

(ii) Mu mijyi, bamwe mu babazwa ntibabonekaga mu gihe cy'akazi. Ibi byagabanijwe no kongera gusura izo ingo nimugoroba cyangwa nyuma y'akazi.

(iii) Ku rwego rw'imidugudu, guhitamo byibasiye ingo 12 gusa. Kenshi wasangaga ingo zitatanye kandi kuzigeraho bikomeye. Ibi byatumye hongerwa amafaranga y'urugendo akoreshwa n'abakusanya amakuru kugira ngo boroherezwe akazi barimo.

(iv) Mu gihe cyo gukoresha tableti za android, ibibazo bimwe byaragaragaye. Harimo gushiramo umuriro nyuma y'amasaha make y'akazi n'izananiwe gukora neza nyuma y'iminsi mike. Ibi bibazo byose byakemuwe neza mu gutanga amabanki y'ingufu z'umuriro (power banks) no gusimbuza izifite inenge aho bikenewe. Aho ibi byabereye, abakusanya amakuru bahawe impapuro zishingiye ku bibazo byakoreshwaga mu gihe tableti idakora, hanyuma bakinjiza amakuru muri sisitemu nyuma y'ibibazo.

Ni ngombwa kumenya ko imbogamizi zabaye nkeya cyane, kandi ntizigire ingaruka ku kwizerwa n'ukuri kw'amakuru yatanzwe bitewe ahanini n'uko itsinda ryakoraga ubushakashatsi ryihutiraga gukemura ibibazo vuba na bwangu.

# 4. Ibisubizo: Uko Ubwiyunge buhagaze mu mwaka wa 2020

Iki gice kirerekana ibisubizo byavuye mu makuru yatanzwe yerekana uko ubwiyunge bumeze mu Rwanda. Mbere yo kwerekana ibisubizo ku kuntu ubwiynge buteye, igice gikurikira kiravuga ku miterere y'abatanze amakuru.


## 4.1. Abasubije ibibazo n'imibereho yabo

**Imbonerahamwe ya 9**: Abasubije ibibazo mu Ntara n'Umujyi wa Kigali hakurikijwe abagabo n'abagore.

| | | | Igitsina gore | Igitsina gabo | Igiteranyo |
|---|---|---|---|---|---|
| Intara | Umujyi wa Kigali | Imibare | 884 | 681 | 1565 |
| | | % ryo mu Ntara | 56.5% | 43.5% | 100.0% |
| | | % rya bose | 7.1% | 5.5% | 12.5% |
| | Amajyepfo | Imibare | 1575 | 1542 | 3117 |
| | | % ryo mu Ntara | 50.5% | 49.5% | 100.0% |
| | | % rya bose | 12.6% | 12.4% | 25.0% |
| | Iburengerazuba | Imibare | 1307 | 1547 | 2854 |
| | | % ryo mu Ntara | 45.8% | 54.2% | 100.0% |
| | | % rya bose | 10.5% | 12.4% | 22.9% |
| | Amajyaruguru | Imibare | 1088 | 1103 | 2191 |
| | | % ryo mu Ntara | 49.7% | 50.3% | 100.0% |
| | | % rya bose | 8.7% | 8.8% | 17.6% |
| | Iburasirazuba | Imibare | 1343 | 1402 | 2745 |
| | | % ryo mu Ntara | 48.9% | 51.1% | 100.0% |
| | | % rya bose | 10.8% | 11.2% | 22.0% |
| Igiteranyo | | Imibare | 6197 | 6275 | 12472 |
| | | % ryo mu Ntara | 49.7% | 50.3% | 100.0% |
| | | % rya bose | 49.7% | 50.3% | 100.0% |


Urebye amakuru yerekanwe mu mbonerahamwe ya 10 iri hejuru biragaragara ko mu babajijwe ibitsina biringaniye; 49,7% b'igitsina gore mu gihe 50.3% ari igitsina gabo. Mu gihe Ibarura rusange ry'Abaturage mu mwaka wa 2012 ryerekanye ko ku rwego rw'igihugu, 71% by'ingo zigenga ziyobowe n'abagabo na 29% ziyobowe n'abagore, ibi byagaragaye ku bijyanye n'ababajijwe hakurikijwe igitsina bishobora gusobanurwa igice n'uko abayobozi b'ingo b'abagabo bava mu ngo kumanywa bajya guca inshuro buri munsi cyangwa mu kazi k'igihe kirekire. Intara y'Amajyepfo ije ifite umubare munini w'ababajijwe 25% ikurikirwa n'Intara y'Iburengerazuba ifite 22.9%. Umujyi wa Kigali n'Intara y'Amajyaruguru ni Intara zifite umubare muto w'ababajijwe: 12.5% na 17,6%. Ibi bishobora gusobanurwa n'uko ubushakashatsi bwateganyaga ko Akarere ariryo fatizo. Umujyi wa Kigali n'Intara y'Amajyaruguru bikaba bifite Uturere ducye: 3 na 5.

Ishusho ya 4. **Abasubije ibibazo ukurikije icyiciro cy'imyaka**





Ishusho ya 4 ivugwa haruguru yerekana ko ibyiciro byose by'Abanyarwanda, mu myaka, byitaweho muri ubu bushakashatsi, aho benshi (41.2%) ari abo hagati y'imyaka 18 na 35. Ababajijwe bafite hagati y'imyaka 36 na 50 bagize 32% mu abo hejuru yayo batarageza kuri 65 bakaba bangana na 18% naho abasaza bafite imyaka 65 n'irenga bitabiriye ubushakashatsi bangana na 8.8%. Ibyavuye mu bushakashatsi byerekana ukuri ko Abanyarwanda benshi bafite hagati y'imyaka 18 na 44 nk'uko byagaragajwe n'ibarura rusange ry'abaturage n'imiturire ryo mu 2012 (NISR, 2014); ariko ko abasubije ibibazo muri ubu bushakashatsi ari cyane cyane Abanyarwanda bagikora imirimo yabo mu ngeri zose z'iterambere ry'igihugu.

**Ishusho ya 5.**Abasubije ibibazo ukurikije irangamimerere.





Ishusho ya 5 iri hejuru iragaragaza ko ibyiciro by'ingenzi by'Abanyarwanda, ukurikije irangamimerere, nabyo byitaweho muri ubu bushakashatsi. Ibisubizo byerekana ko abantu benshi bagize uruhare mu bushakashatsi ari abashatse byemewe n'amategeko (51.8%) bagakurikirwa n'abantu batarashaka babarirwa kuri 25.9%. Ibi bisubizo bishimangira ibyagaragaye mu ibarura rusange ry'abaturage n'imiturire 2012 bigaragaza ko Abanyarwanda bagera kuri 86% ari abashatse (MINECOFIN & NISR, 2014).

**Ishusho ya 6:** Abasubije ibibazo ukurikije urwego rw'amashuri bize.




Urwego rw'amashuri rw'ababajijwe rurangwa n'umubare munini w'ababajijwe bafite urwego rw'amashuri asanzwe y'icyiciro cya mbere cy'amashuri abanza cyangwa munsi yacyo bangana na 48.3%. Abatarageze mu mashuri asanzwe bangana na 19% mu gihe abarangije amashuri yisumbuye 16.8% n'ay'imyuga 5.3%. Mu byiciro byose, ababajijwe bafite urwego rw'amashuri rurenze amashuri abanza ni 32.7% harimo 5.3% bakurikiranye amashuri y'imyuga, 16.8% bitabiriye amashuri yisumbuye na 10,6% bageze muri kaminuza n'izindi gahunda z'uburezi ziyiruta.

**Ishusho ya 7. A**basubije ukurikije idini /Itorero barimo



Iyi shusho ya 7 irerekana ko Abanyarwanda bari mu madini n'Amatorero atandukanye yazirikanywe bakagira uruhare mu gutanga amakuru muri ubu bushakashatsi, aho benshi muri bo (48.2%) ari Abagatolika, bagakurikirwa n'Abapentekositi (17.8%), Abaporotestanti (15.9%), n'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi (13.3%). Abayisilamu (2%) n'Abahamya ba Yehova babarirwa kuri 1,6% gusa, abavuga ko bari mu idini gakondo 0.1% n'abandi batagira aho babarizwa mu idini cyangwa Itorero bangana na 1.2%.

## 4.2. Gusobanukirwa amateka, ubu no gutekereza ahazaza by'u Rwanda

Gusobanukirwa amateka, ubu no gutekereza ahazaza ni ingenzi mu nzira y'ubwiyunge bw'u Rwanda ukurikije uburyo ibyabayeho mu mateka n'ibisobanuro byakoreshejwe kugira ngo habeho ivangura n'urwango mu baturage b'igihugu. Kumenya ko abantu basangiye imyumvire y'ibyabaye by'ingenzi by'amateka bifasha gukora ibizaba. Mu Gipimo cy'Ubwiyunge cyo mu 2010, iyi nkingi yari ifite igipimo cya 81.7%, yazamutse igera kuri 91.8% mu Gipimo cy'Ubwiyunge cyo mu 2015 kandi yerekana ko yiyongereye kugera kuri 94,6% mu mwaka wa 2020.


### 4.2.1. Ibitekerezo ku mateka y'ibyahise

Kimwe mu bibazo by'ingutu Abanyarwanda bahuye nacyo nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda ni icyateye iyo Jenoside yakorewe Abatutsi. Habayeho ibiganiro byinshi ku mpamvu zateye Jenoside yakorewe Abatutsi, kandi ababajijwe muri iri suzuma bibukije nyinshi muri zo. Muri zo harimo, politiki y'amacakubiri ashingiye ku moko, ubuyobozi bubi, guhezwa mu bya politiki no mu by'ubukungu kw'igice kimwe cy'Abanyarwanda, amashyaka ya politiki yashingiye ku moko, umuco wo kudahana, n'ibindi byinshi.

Nyuma ya jenoside Guverinoma y'ubumwe bw'igihugu yatangiye gahunda yo kugaragariza abaturage iki kibazo n'ibindi bibazo byinshi by'amateka ari nako batangira gushyira ahagaragara ibinyoma no kugoreka amateka nk'uko byakozwe n'ubutegetsi mu bihe byashize.

Ni muri urwo rwego mu gihe cy'ibibazo, ikibazo kigira kiti 'impamvu cyangwa ibyateye Jenoside yakorewe Abatutsi byaganiriweho ku mugaragaro kandi byumvikanwaho mu Rwanda' cyabajijwe abitabiriye ubushakashatsi. Ishusho ikurikira irerekana ibisubizo byatanzwe:

Ishusho ya 8. **Ibitekerezo ku gusobanukirwa ibyabaye bifatika**



Mu babajijwe, 95% bemeje ko impamvu cyangwa ibyatumye habaho Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 byaganiriweho kandi byumvikanyweho. Iki ni igisubizo gikomeye cyane ku mateka y'u Rwanda urebye uko jenoside yabaye indunduro y'amacakubiri yatewe n'abanyapolitiki ndetse n'abayobozi bamwe b'amadini. Abitabiriye ibiganiro ku giti cyabo no mu matsinda yagenwe nabo berekana ishusho nziza yerekeye gusobanukirwa ibyahise. Umwe mu bitabiriye ibiganiro yabisobanuye mu magambo akurikira:

> *Amateka y’u Rwanda nanjye sinari nyazi neza, ariko uko amahugurwa twagiye dukora cyangwa tukajya mu matorero aya naya niho twamenye mu by’ukuri ko amateka y’u Rwanda bagiye bayagoreka. Twaje gusanga nk’ibyabaye mu Rwanda (ni ukuvuga Jenoside yakorewe Abatutsi) abantu baramaranye kandi bava inda imwe. Mpereye ku rubyiruko usanga amateka y’u Rwanda rwa Gasabo barayamenye uhereye ku Buhutu, Ubutwa n’Ubututsi byari byarazanywe n’umwaduko w’abazungu. Ariko mpereye ku buryo nari narigishijwe ndetse n’uko mbibona ubu, twasanze ko abantu bamaranye bari abavandimwe, kuko kera nta bwoko bwababagaho; habagaho ubwoko bw’igisekuru cyawe, umuntu akaba Umunyiginya, Umucyaba, …, biturutse wenda kuri sekuruza witwaga Kanyiginya. Niyo mpamvu wasangaga abantu basabana kuko nk’iyo wagiraga umwana urwaye mugenzi wawe yaragukamiraga*[15] *nta kiguzi agusabye. Ni uko u Rwanda rwa kera rwari rumeze mbere y’uko Abakoroni batwinjizamo amoko yaje no kutugeza kuri jenoside (D08).*

Nk’uko aya magambo yavuzwe haruguru abisobanura, Abanyarwanda bibuka ko baganiriye kandi bagashishikarira gusobanukirwa n’amateka yatumye Jenoside yakorewe Abatutsi ikorwa. N’ubwo izo mpamvu ari nyinshi, politiki mbi y’amacakubiri ishingiye ku moko - Abahutu, Abatutsi n’Abatwa - yazanywe kandi ishyirwaho n’abakoroni hamwe n’ubutegetsi bwa Kayibanda na Habyarimana, byerekanwe nk’impamvu nyamukuru ya jenoside muri aya magambo yavuzwe haruguru.

Tukiri ku bintu byateye amacakubiri mu mateka y’u Rwanda, twakagombye kumenya ko amateka agoretse yigishijwe kandi agakwirakwizwa mu Rwanda. Habayeho gusobanura ibyabaye byuzuyemo urwango rwacengejwe mu bantu kugira ngo babibe umwiryane kuva kera. Ku ruhande rumwe, hongeye gushimangirwa kumenya ko Abanyarwanda babona ko ibyateye Jenoside yakorewe Abatutsi byaganiriweho mu buryo bweruye kandi byumvikanyweho, ariko ku rundi ruhande ni ngombwa kureba uburyo amateka yigishwa kandi ahererekanwa kuko urugendo rw'ubwiyunge rukomeje.


### 4.2.2. Amateka n’uburyo ahererekanwa

Amateka agena ibihe turimo n'ibizaza; bityo rero ibintu by'ingenzi bigize amateka y’abantu n’uburyo bigenda bihererekanwa kuva ku gisekuru kugera mu kindi bifite akamaro cyane. Mu Rwanda, kimwe no mu bihugu byinshi byo muri Afurika mbere y’uko ubukoroni butangira, amateka ahanini ahererekanwa mu mvugo.

---

[15] Abanyarwanda bannywa amata nk’ikinyobwa cy’ingenzi ndetse bakayafata nk’ibyokurya. Buri mwana (ndetse n’abakuru), cyane cyane urwaye, ahabwa amata. Kubura amata uha umwana wawe bifatwa nk’urwego rwo hejuru rw’ubukene. Abanyarwanda bagiye basuzugura umuntu wima umwana we amata..

**Ishusho ya 9**. Amateka n'uko ahererekanwa




Umuryango ufite uruhare runini mu nzira y'ubwiyunge. Ibyo ababyeyi, abavandimwe, inshuti z'umuryango ndetse n'abaturanyi bavuga cyangwa bakora bifite uruhare runini mu kubiba ingengabitekerezo y'ubumwe n'ubwiyunge. Ikibabaje ni uko 9.8% by'ababajijwe mu gihe cy'ubushakashatsi bemeranyijwe n'amagambo avuga ngo 'ahantu h'ingenzi amateka y'inzangano n'amacakubiri yigishirizwa uyu munsi ni mu muryango'. Ibyo byanashimangiwe n'amakuru yaturutse mu biganiro, aho, urugero, umwe mu bitabiriye ibyo biganiro yagize ati:

> *Ndibuka mu gikorwa twakoze mu 2019 tujya kwigisha amashuri makuru n'ayisumbuye abanyeshuri baratubwiraga ngo mutubwira ibi ababyeyi bakatubwira ibindi, ugasanga ba bantu babayeho muri ya myaka baracyafite ya myumvire yo kwigisha abana babo amacakubiri n'ivangura. Bivuze ngo haracyari ingengabitekerezo mbi yo ku mashyiga niko tubyita (KI23).*


Abasubije hejuru basangiye ibitekerezo n'abanyeshuri bakiri bato ku bijyanye n'ababyeyi bakibona mu mateka y'amacakubiri ashingiye ku moko, kandi bagikwirakwiza ayo mateka agoramye mu bana. Ibi bishobora kuba bifite ishingiro kubera ko ababyeyi bemeza ko ari inshingano zabo kubwira abana babo ibyahise, nibyo, ariko akenshi babikora uko babitekereza, bikaba byaratewe n'ibyagoretswe byabayeho mu mateka ndetse n'ibyababayeho ubwabo. Ingorane zo kwigisha amateka ntizigarukira ku muryango wonyine. Mu by'ukuri, ababajijwe basobanuye ko bamwe mu barimu mu burezi busanzwe, na bo basangiye amateka amwe mu yagoretswe, bakunda no kwiyumva muri ayo mateka yagoretswe, bigatuma badashobora kwitandukanya n'amateka y'amacakubiri. Umwe mu babajijwe yabisobanuye muri aya magambo:

> *Rero, ku bijyanye no kwigisha amateka, uyu munsi hariho abo (abarimu bamwe) bigisha amateka batemera, hariho abigisha amateka hamwe ahandi bakifata, hari kandi n'abayigisha bikiza cyangwa bagendera ku magi kugira ngo bajyane na gahunda y'ubumwe n'ubwiyunge (KI21).*

Nk'uko bigaragara muri aya magambo yavuzwe haruguru, abarimu, kimwe n'abandi Banyarwanda, na bo bahuye n'amateka y'inzangano yigishijwe kandi akwirakwizwa n'ubutegetsi bwahozeho. Kuba barigishijwe binyuze muri politiki nk'iyo y'amacakubiri, bikwiye kumvikana ko abarimu bamwe bafite ibibazo kandi bazafata igihe cyo kwitandukanya n'iyo myumvire kuri bamwe yabaye imyemerere. Ni muri urwo rwego uyu munsi bamwe muri aba barimu bahitamo kwirinda kwigisha ku bijyanye n'amateka, abandi bagasa nk'aho bakikoreye ibikomere by'amateka n'ipfunwe, bityo bakigisha amateka byo kwikiza, mu gihe abandi bajya ku rwego rwo kubangamira imbaraga z'ubwiyunge bigisha amateka agoretse, babishaka cyangwa batabishaka.


Igitekerezo gifitanye isano ya hafi n'uruhare rw'umuryango ni icy'abasubije ko hari Abanyarwanda bamwe bakomeje kwinjiza mu bandi ingengabitekerezo ya jenoside. N'ubwo ijanisha ry'ibitekerezo nk'ibi ari rito (8,6%) ugereranyije n'abatabona ko bihari (91.4%), hakwiye gushyirwamo ingufu kugira ngo n'uwo umubare muto w'ababona ko hari abagifite ingengabitekerezo ya jenoside ugabanuke. Mu byukuri, kunanirwa gukemura ikibazo cy'ingengabitekerezo ya jenoside yashinze imizi, n'ubwo ku ijanisha ryayo ryaba rito, bishobora gutanga inzira ku bintu bimwe bigize ibikorwa bya jenoside, nko kudahana, ivangura rishingiye ku moko, n'ibindi. Nk'uko umwe mu babajijwe yabivuze muri make, "hari ibintu byinshi bimaze kugerwaho (nko guteza imbere imyumvire imwe ku mateka y'u Rwanda), ariko urugendo ruracyari rurerure."

**Ishusho ya 10.** 'Amateka n'uburyo ahererekanwa' uko ibitekerezo byatanzwe hakurikijwe abagabo n'abagore




Ishusho ya 10 yavuzwe haruguru yerekana ko igitsina gore n'igitsina gabo bemeranya kurenga 90% ko uburyo amateka ahererekanywa muri iki gihe bidatera ikibazo gikomeye ku bwiyunge.

Ishusho ya 11. **“Amateka n’uko ahererekanwa’ ibitekerezo byatanzwe ukurikije ibyiciro by’imyaka**





Kimwe n’ab’igitsina gabo n’igitsina gore, imyaka yose igize ibyiciro by’abasubije ifite igitekerezo cy’uko amateka n’uburyo ahererekanwa muri iki gihe biteza imbere ubwiyunge bw’Abanyarwanda bose. Ibi birerekanwa mu ishusho yavuzwe haruguru.

## 4.2.3. Kugira ubwiyunge ubwawe


Niba inzira y'ubwiyunge igomba kugenda neza, hakenewe ko abantu basanzwe, biyemeza ku giti cyabo cyangwa bose hamwe, kurinda inzira y’ubwiyunge kugera ku musozo, aribwo bumwe nyabwo bw’abaturage. Ishusho ikurikira yerekana uburyo abantu babajijwe bagaragaje urwego rwo kwiyemeza kwiyunga n’ingano y’igitambo cyangwa igiciro biteguye gutanga kugira ngo birinde kubangamira iyo nzira y’ubwiyunge. 0788872909

**Ishusho ya 12. Kugira ubwiyunge ubwawe**



Abanyarwanda basangiye icyerekezo kimwe mu kubaka umuryango utarangwamo amacakubiri ayo ari yo yose. Biteguye gutanga ubuzima bwabo kugira ngo hatabaho gusubira mu macakubiri na jenoside. Biteguye guhara amagara yabo kugira ngo barinde ejo hazaza imyumvire iyo ari yo yose yo gusubira inyuma nk'uko bigaragara mu bisubizo byabo aho 98.5% bavuga ko biteguye gukora ibishoboka byose aho kugira uruhare muri jenoside cyangwa ibikorwa bifitanye isano na yo kandi 91,6% biteguye gukora ibishoboka byose ngo bakumire jenoside harimo no gutanga ubuzima bwabo. Uru rwego rw'umuntu ku giti cye bose hamwe rwo kwiyemeza kurinda imbuto z'ubwiyunge mu myaka n'ibyiciro byose by'Abanyarwanda byerekana urufatiro rukomeye rushingiye ku bwiyunge kandi rugashimangira intekerezo n'indahiro y'ubwiyunge mu gihugu ngo 'Ntibizongere na rimwe'. Hasi murabona ibisubizo bimwe bitandukanye ukurikije igitsina n'imyaka y'ababajijwe.


**Ishusho ya 13.** Ibisubizo ukurikije abagabo n'abagore ku "kugira ubwiyunge ubwawe"




Ibisubizo nk'uko bigaragara ku mbonerahamwe iri haruguru ntabwo bigaragara ko hari itandukaniro rinini ku gitsina. Ku kibazo cyo kwitanga, bigaragara ko abagabo bafite ubushake bwo gutanga igiciro kiruseho gato ariko kidafite agaciro cyane mu buryo bwo guhitamo urupfu aho kwishora muri jenoside. Ku byerekeranye no kwiyemeza inzira y'ubwiyunge, nta tandukaniro rinini riri mu bisubizo. Ibi byerekana ko Abanyarwanda bose -abagabo n'abagore- biyemeje gukurikira inzira y'ubwiyunge, kurinda no gushimangira ibyagezweho kugeza ubu, kandi bafite ubushake bwo kuba bahitamo gutanga ubuzima bwabo (gupfa) aho kwemera gusubira mu bihe byashize.

Ibitekerezo by’abasubije ukurikije ibyiciro by’imyaka itandukanye biragaragara mu mashusho akurikira.

**Ishusho ya 14.** Ibisubizo ukurikije icyiciro cy’imyaka ku kugira ubwiyunge ubwawe





Ukurikije imyaka, nk’uko bigaragara ku mbonerahamwe yavuzwe haruguru, nta tandukaniro rikomeye riri hagati y’igiciro Abanyarwanda biteguye kwishyura kugira ngo bakumire jenoside. Ibitekerezo byatanzwe hafi mu buryo bungana mu myaka yose. Iki nacyo ni ingenzi kuko cyerekana ko abato n'abakuru bose biyemeje inzira y'ubwiyunge kandi biteguye kwigomwa byose kugeza no ku buzima bwabo kugira ngo bakumire jenoside.

### 4.2.4 Gutekereza ejo hazaza

Uburyo abantu mu muryango runaka basangiye icyerekezo cy'ejo hazaza bitanga icyerekezo cy’ukuntu bakorana cyane iyo bavuga ejo hazaza bafite ishema kandi bakerekana ubwitange bwuzuye mu kwiyemeza kugera kuri icyo cyerekezo.

**Ishusho ya 15.** Gutekereza ejo hazaza




Abanyarwanda bafite imitekerereze ireba imbere kandi bazi neza ko urugendo rugana ahazaza rugihura n'inzitizi zimwe. Nk'uko bigaragara mu ishusho ya 15, abarenga 90% by'Abanyarwanda ntibabona ukuntu jenoside yakongera kuba. Ni ngombwa kwibutsa ko igipimo cyo mu 2020 cyerekana itandukaniro ugereranije n'ibyagaragajwe muri 2015. Mu by'ukuri, umubare w'Abanyarwanda babonaga ko jenoside ishobora kongera kuba mu gihugu wari 15.9% mu 2015. Mu gihe ababonaga ko bidashoboka bari 84.1% (reba NURC, 2015). Igabanuka rimwe rigaragara no ku bindi bipimo nko kumenya niba Abanyarwanda bakongera gukora jenoside baramutse babonye amahirwe. Mu 2015 abemeranyijwe n'ibyo bari 28.9%, naho mu 2020 bageze ku kigero cya 5.2%

Igabanuka ry'ijanisha kuri ibyo bipimo 2 – kuba jenoside yakongera gukorwa no kuba hari Abanyarwanda bamwe bakora jenoside baramutse babonye amahirwe - rishingiye ku cyizere mu bushobozi bwa Leta bwo kuburizamo imyitwarire yose ijyana kuri jenoside. Mu by'ukuri, n'ubwo 9.8% by'abasubije bemera ko hari ibimenyetso byerekana ko hashobora kongera kuba jenoside mu Rwanda, 97.7% bemeza ko Abanyarwanda muri iki gihe bafite ubushobozi n'ubushake bwo guhangana n'icyo kibazo. Ibi byagaragaye mu biganiro bitandukanye by'ababajijwe. Urugero, umwe mu babajijwe yagize ati:

> *Nshobora kwemeza ko jenoside idashobora kongera kubaho mu Rwanda. Urabizi, nubwo ingengabitekerezo ya jenoside ikiriho, iri mu bantu bake batagishoboye kureba imbere ngo babone ingaruka zayo zikomeje kwibasira igihugu cyacu. Jenoside ni ikibi kidashobora kwibagirana. Ntishobora kwemererwa kongera kubaho. Urabona, yabayeho kera kubera umuco wo kudahana. Abantu bashobora kwemererwa gushinga amatsinda mato no gutegura umugambi wo kwica abaturanyi babo, kandi ntihagire n'umwe ubahana. Ariko uyu munsi, ntushobora gushinga itsinda ry'abantu*

*no kubika ibitekerezo byo gukora ibyaha ngo wo kutabihanirwa. Amakuru ahita amenyekana kandi ukabihanirwa. (D01).*

Aya magambo yavuzwe haruguru aributsa uruhare rwa Guverinoma mu gukumira jenoside cyangwa mu kwemerera ko icyo cyaha gikorwa.

Mu by'ukuri, igitekerezo kimwe cyari cyatanzwe mu isuzuma ryo mu 2015 aho umwe mu bitabiriye yagize ati:

> *"Ndaguha urugero kuri jye ubwange. Nakoze jenoside kandi ubu ndi mu buroko kubera icyo cyaha nakoze. Ndaguhamiriza ko ndashobora kongera kujya muri ibyo bintu byo kwica abantu na none cyangwa gusahura imitungo yabo. Mfite abana kandi nta muntu n'umwe ubu ubitaho kubera ko umugore wange yapfuye. Iyo ndakora jenoside mba ndi kumwe n'abana banjye. Ubu nzi ingaruka zo gukora icyaha, naricujije ubu sinakongera kugikora"(reba NURC, 2015: 34)*

Amagambo uwitabiriye DO1 avuga yemeza ko Guverinoma mbere ya 1994 yirengagizaga ibikorwa by'ubugizi bwa nabi nko gutegura umugambi wo kwica Abatutsi, ibyo bikaba aribyo byemeje kandi bigatera inkunga ibitekerezo, imyizerere n'amahitamo ko ibyaha byakorewe icyo cyiciro cy'abaturage byahabwaga umugisha n'abayobozi. Ni muri uru urwo rwego abaturage benshi batatindiganyije kuyoboka umuhamagaro rusange wa Guverinoma y'icyo gihe wo gukora jenoside bica Abatutsi. Ku byerekeye ibya nyuma ya jenoside mu Rwanda, usubiza muri aya magambo ashimangira ko kurwanya umuco wo kudahana ari imwe mu mpamvu zituma Abanyarwanda bemeza ko jenoside idashobora kongera kubaho mu Rwanda. Ku bwe, jenoside ntishobora kongera kubaho kubera ko abantu bumvise ko ari icyaha cyibasiye inyokomuntu kidashobora kwihanganirwa kudahanwa.


Twabibutsa ko kurandura umuco wo kudahana byari mu ntego eshanu zahawe Inkiko Gacaca zashyizweho n'Itegeko ngenga No 40/2000 ryo muri Mutarama 2001 rigenga ishyirwaho ry'Inkiko Gacaca no gutegura gukurikirana ibyaha bya jenoside n'ibindi byaha byibasiye inyoko muntu byakozwe hagati y'itariki ya 1 Ukwakira 1990 na 31 Ukuboza 1994. Raporo y'Urwego rw''igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca igaragaza akamaro ko guca umuco wo kudahana kugira ngo hashimangirwe ubutumwa bwo kubaha uburenganzira bwa muntu mu rwego rwo gukumira jenoside. Dore igice cyakuwe muri raporo:

> *Gushyikiriza ubutabera abakekwaho jenoside bose kuva ku bayiteguye kugeza ku bayishyize mu bikorwa binyuze mu Nkiko Gacaca ni bwo buryo bwonyine bukwiye bwo gusiga isomo ryo kubahiriza uburenganzira bwa muntu ku Banyarwanda b'ingeri zose. Ibi byasobanuraga kandi ko umuntu wese wakoze igikorwa icyo ari cyo cyose cyahungabanyije uburenganzira bwa muntu mu gihe cya jenoside yagombaga kubiryozwa. (…). Ibi ni ukubera ko umuco wo kudahana wari umaze igihe kinini mu Rwanda, aho abantu bamwe bashoboraga guhonyora uburenganzira bw'abandi kugeza aho babica nta bwoba bwo gushyikirizwa ubutabera (NGCS, 2012).*

Byongeye kandi, 96.4% bemeza ko hari ibikorwa bihagije mu Midugudu yabo ndetse no mu miryango barimo biteza imbere ubwiyunge. Mu by'ukuri, n'ubwo 5.2% by'ababajijwe bagaragaza ko Abanyarwanda bamwe bashobora gukora jenoside baramutse bagize


amahirwe, ubushakashatsi bwerekanye ko babona neza ingufu hamwe n'ubushobozi bwo kubirwanya. Iyi myumvire yerekana urwego rw'ubwumvikane Abanyarwanda bagezeho mu gihe cya nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi ku bijyanye n'icyabateye gukora iyo jenoside ndetse n'uburyo gusubira muri icyo cyaha bidashobora kwemererwa kongera kubaho. Muri make, babikuyemo inyigisho ikomeye.

**Ishusho ya 16.** Uko Abanyarwannda babona 'gutekereza ejo hazaza' hakurikijwe igitsina




Imbonerahamwe iri hejuru irerekana ko nta tandukaniro rishingiye ku gitsina rihari mu bijyanye no kwiyemeza inzira y'ubwiyunge no kwirinda ko habaho izindi mpamvu izo arizo zose zashobora kongera guteza jenoside.


**Ishusho ya 17.** Uko Abanyarwannda babona gutekereza ejo hazaza hakurikijwe icyiciro cy'imyaka





Ishusho ya 17 yerekana ko nta tandukaniro rikomeye riri hagati y'ibitekerezo mu byiciro bitandukanye ku bijyanye no 'kwiyemeza kwiyunga no gukumira ko hagaruka ibikorwa ibyo ari byo byose bijyana kuri jenoside'. Nk'uko bimaze kuvugwa haruguru, ibi ni ngombwa kuko byerekana ko Abanyarwanda b'ingeri zose bishimira akamaro k'ubwiyunge kandi bafite ubushake, baniyemeje kwirinda ikintu cyose kibangamira inzira y'ubwiyunge.

Mu bushakashatsi bwakozwe, byari ngombwa ko hasuzumwa niba abaturage bashingiye ku bunararibonye no ku myumvire bafite bumva ko hari ibitera ubwoba urugendo rw'ubwiyunge. Mu ishusho iri hasi hari ibisubizo byerekana niba 'Hakiri ibibazo byerekana ko jenoside ishobora kongera kubaho mu Rwanda hirya no hino mu Turere, hamwe n'ibisubizo ku kumenya niba' hari Abanyarwanda bashobora gukora jenoside baramutse babonye urwaho rwo kuyikora'.

**Ishusho ya 18.** Ibitekerezo by'abaturage kuri buri Karere kuri 'Haracyari ibibazo byerekana ko jenoside ishobora kongera kubaho mu Rwanda'



**Ishusho ya 19.** Ibitekerezo by'abaturage kuri buri Karere kuri 'Hariho Abanyarwanda bashobora gukora jenoside baramutse babonye urwaho'




Duhereye ku ishusho ya 18 n'iya 19 zavuzwe haruguru biragaragara ko igabanywa ry'ibisubizo byerekana umubare munini muri rusange mu Turere twose. Itandukaniro mu mibare rishobora no kutaba ingirakamaro. Ibi ni ngombwa kuko byerekana ko igihugu cyose cyiyemeje kugana inzira y'ubwiyunge.
Ubushake no kwiyemeza bigomba gushyigikirwa n'ubushobozi bwo kurwanya, gukumira cyangwa guhangana n'umuntu wese wagerageza gukora cyangwa kwamamaza ingengabitekerezo ya jenoside.

Kuba 97% by'Abanyarwanda babona ko igihugu cyageze ku bikorwa bihagije byo guteza imbere ubwiyunge mu Turere twabo ni igikorwa cy'ingenzi cyagezweho. Byerekana ukwizera ko Abanyarwanda bafite ubushobozi bwo gukora ku buryo jenoside itazongera kuba mu gihugu. Uku kubibona gutyo bishimangira ibya mbere bijyanye n'urugero Abanyarwanda biyemeje kandi bakora ku buryo bagera ku bwiyunge hamwe no gukumira icyabasubiza mu ngengabitekerezo ya jenoside.

N'ubwo Abanyarwanda muri rusange babona ko nta bushobozi bwo kongera gukora jenoside buhari, kandi bakemera ko bagize inzira y'ubwiyunge iyabo ndetse bakaba baranamenye ibyateye Jenoside yakorewe Abatutsi, banibukije ko urugendo rutararangira. Ibi babishingira k'ukuntu hakiri abantu bamwe bakigaragaza ingengabitekerezo ya jenoside. Ibi nibyo uwasubije mu matsinda (KI 22), uturuka mu muryango utari uwa Leta, yerekanye agira ati:

> *Ibintu byinshi ubu byamaze kugerwaho mu kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside. Ntekereza ko jenoside itakongera kuba kubera ubuyobozi bwiza dufite mu gihugu, ariko abantu ntibari bakwiye kwirara ngo bumve ko ibintu byose ari byiza. Ingengabitekerezo ya jenoside iracyari mu bantu bakuru, cyane cyane abafite imyaka hagati ya 40 na 65 (…). Abantu batitonze ingengabitekerezo ya jenoside yakomeza gukwirakwizwa mu rubyiruko bigatuma haboneka amahirwe yo kongera gukora jenoside. Reka nguhe urugero. Mu bikorwa dukora mu baturage mu Karere ka Nyagatare twageze aho duhura n'abantu badashaka kujya gushyingura abo badahuje ubwoko. Twabonye n'abadashaka kujya mu kiriziya, amatorero, utubari na korari kubera impamvu z'ubwoko. Ariko kubera ko bazi ko Leta idashyigikiye ibyo bintu by'amacakubiri barabihisha, nyamara bibera mu macakubiri; ariyo mpamvu ababishinzwe bose bagomba gukomeza gutegura ibikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge (KI22).*

Ibivugwa hejuru birahamagarira ababishinzwe bose gukomeza gukora ibikorwa by'ubwiyunge kubera ko abaturage bamwe bagifite ingengabitekerezo ya jenoside n'amacakubiri. Twibutse ko 8.6% by'abasubije bavuze ko abantu bamwe bakomeje kubiba ingengabitekerezo ya jenoside mu bandi, cyane cyane mu miryango (9.8%), impungenge mu byavuzwe haruguru y'uko ingengabitekerezo ya jenoside igumye gukwirakwizwa kandi ikongera amahirwe yo gukora ibyaha bijyanye na jenoside ikwiye kwitabwaho. Nk'uko uwasubije abibona, ahantu nko muri za kiriziya no mu runywero hakenewe ingufu ziyongereye, byibutsa ibyo izindi nyigo na raporo zatangaje ko inzego z'amadini n'amatorero zananiwe kwamagana jenoside ku mugaragaro, ndetse amwe muri yo akaba atanga inkunga mu bitekerezo no mu bikorwa by'abakoze jenoside (cf. Longman, 2009; Carney, 2014; NURC, 2020).

Ibibazo nk'ingengabitekerezo ya jenoside n'ijanisha ry'abantu bagikomeza kubiba urwango rushingiye ku moko mu bandi zikwiye kwitabwaho ubutaretsa, ariko ntizikwiye kuvuguruza ibyagezweho mu rwego rw'ubwiyunge haba ku rwego rw'igihugu no ku rwego rw'abaturage ubwabo. Nk'uko umwe mu banyapolitiki b'ishyaka rizwi yabisobanuye:

> *Nyuma ya jenoside akazi k'ingenzi kajyanye n'ibyo kwigisha amateka ni ugukosora amateka yagoretswe ariyo yasenye ubumwe bwacu. Bikwiye kumvikana ko gukosora amateka yigishijwe imyaka myinshi, kugera ubwo abaturage bakura bayemera, bizasaba igihe kinini (…). Ariko reka nkubwire ko, kuba abantu bake bagifite ingengabitekerezo ya jenoside bakaba banga kwitabira ubwiyunge bidakwiye gufatwa nko gutsindwa mu rwego rwa politiki. Icyiza ni uko abakiri bato batatojwe ayo macakubiri bazakomeza gukora no gutera imbere hamwe n'abandi Banyarwanda. Naho twe abakuze twanyuze mu nyigisho za kera, guhinduka bizasaba igihe kirekire.*

*Abantu bashobora kwitabira gahunda z'ubwiyunge ariko batariyunga. Ariko kubera ubuyobozi bwiza n'amategeko ariho ahana ingengabitekerezo ya jenoside, abazagira ingengabitekerezo zitanya Abanyarwanda bizaba ngombwa ko bazigumana mu mitima yabo baceceke, bityo bigabanye gukwirakwiza ingengabitekerezo ya jenoside. Iyo ni intambwe ikomeye y'ubwiyunge bw'igihugu. Noneho uko abantu bakomeza gukorera hamwe, kwigira mu mashuri amwe, kujya mu masoko amwe n'amakoperative amwe, etc., niko abantu ku giti cyabo bazabona ko ntacyo bapfa. Ni aho bazaterera intambwe y'ubwiyunge hagati yabo. Rero, nibyo ko ubwiyunge bugeza ku bumwe, ariko na none n'ubumwe bukageza ku bwiyunge (KI17).*

Uwasubije KI17 ashimangira ko urugendo rw'ubwiyunge ari rurerure kandi rugenda rutera imbere, byibutsa ko bizafata igihe kirekire gukosora amateka yagoretswe akigishwa igihe kirekire. Uwasubije agaruka ku gitekerezo cy'uko ubuyobozi bwiza n'amategeko ahana icyaha cya jenoside bigira uruhare runini rwo gukumira ikwirakwizwa ry'ingengabitekerezo ya jenoside, bityo bigatuma ubwiyunge bugerwaho.

### 4.2.5. Incamake y'ibyagaragajwe ku 'Gusobanukirwa amateka no gutekereza ahazaza by'u Rwanda'

Iki gice cyerekanye ibyagaragajwe ku 'gusobanukirwa amateka no gutekereza ejo hazaza h'u Rwanda.' Hano, igitekerezo cyari uko uko abaturage benshi bashoboye kumva no guhangana n'inkomoko y'amacakubiri yabo mu mateka, ni ko barushaho kwiyemeza gutekereza ejo heza hazaza habo, ni nako ubwiyunge buruseho bushobora kubaho. Ibisubizo kuri iyi ngingo byemeje iki gitekerezo ku rwego rwo hejuru. Imbonerahamwe ikurikira irerekana ibyavuye mu Gipimo cyo mu 2020, icyo mu 2010 n'icyo mu 2015 kugira ngo tubashe gukurikirana impinduka zabaye mu myaka yashize.

**Imbonerahamwe 10**: Impuzandengo y'ibipimo ku 'Gusobanukirwa amateka, iby'ubu, no gutekereza ejo hazaza h'u Rwanda'

| Inkingi | Ibipimo | Ibisubi zo (%) in 2010 | Ibisubi zo (%) in 2015 | Ibisubi zo (%) in 2020 |
|---|---|---|---|---|
| Gusobanukirwa amateka, ubu no gutekereza ahazaza by'u Rwanda | 1. Impamvu zateye jenoside zaraganiriweho mu by'ukuri zinumvikanwaho | 88.2 | 91.3 | 95.8 |
| | ***Amateka n'uburyo ahererekanwa*** | | | |
| | 2. Nta munyarwanda ukibiba ingengabitekerezo ya jenoside mu bandi | 68.5 | 74.2 | 91.4 |
| | 3. Guhura n'inyigisho zibiba urwango n'amacakubiri | | | 96.7 |
| | 4. Mu muryango niho ubu amateka y'urwango n'amacakubiri yigishwa | | | 90.2 |
| | ***Kugira ubwiyunge ubwawe*** | | | |
| | 5. Abanyarwanda biteguye guhara amagara yabo aho gukora Jenoside | | 89.7 | 91.6 |
| | 6. Bemeza ko bakora ibishoboka byose ngo batitabira Jenoside | | 92.6 | 98.5 |
| | ***Gutekereza ejo hazaza*** | | | |
| | 7. Jenoside ntiyakongera kuba na gato mu Rwanda | 83.0 | 84.1 | 90.2 |
| | 8. Ubushobozi bwo gutuma Jenoside itakongera kubaho mu Rwanda | | 96.1 | 97.7 |
| | 9. Ibikorwa biteza imbere ubwiyunge mu banyarwanda mu midugudu | | | 96.4 |
| | 10. Abanyarwanda bamwe biteguye kongera gukora Jenoside | 60.1 | 71.1 | 94.8 |
| | **IMPUZANDENGO** | | | **94.6** |

Mu mbonerahamwe ya 10 yavuzwe haruguru, biragaragara ko ibipimo byose byerekana intambwe yatewe kuva mu 2015 kugeza mu 2020. Ndetse hari ibipimo bimwe bigaragaza izamuka cyane mu myaka itanu ishize. Hari ibitekerezo bivuga ko hakiri Abanyarwanda bagikomeje gukwirakwiza ingengabitekerezo ya jenoside mu bandi. Mu mwaka wa 2015, 25.8% by'abasubije bemeranyijwe n'ibyo bitekerezo, mu gihe mu mwaka wa 2020 8.6% gusa by'abasubije bemera ko babonye Abanyarwanda bagikomeza kubiba ingengabitekerezo ya jenoside mu bandi. Na none, umubare w'Abanyarwanda bemera ko jenoside itakongera kubaho mu Rwanda wariyongereye cyane uva kuri 84.1% mu 2015 ugera kuri 90.2% mu 2020, naho uw'abemera ko babanona ko hakiri amahirwe ko Abanyarwanda bakongera gukora jenoside waragabanutse cyane uva kuri 28.9% mu 2015 ugera kuri 5.2% mu 2020.

Nk'uko byasobanuwe mbere, ibi byagezweho bifatika bifitanye isano n'ukuntu Guverinoma yafashe icyemezo cyo kurwanya no guhana ingengabitekerezo ya jenoside, aribyo bituma na bake bashaka ko ingengabitekerezo ya jenoside ikwirakwira bikaba byagera n'aho jenoside

yongera gukorwa, bakomwa mu nkokora. Ariko ibi ntibyagombye gufatwa nk'aho hatakiriho ingengabitekerezo ya jenoside n'ibindi byaha bifitanye isano mu Rwanda. Byagombe kandi kwibutswa ko ingengabitekerezo ya jenoside itagifite ubukana nk'ubwo yari ifite kubera umubare muto w'abayifite, kubera ko, nk'indi ngengabitekerezo iyo ariyo yose, ihabwa ingufu na Leta/Ubuyobozi kugira ngo igire ingaruka mbi ku muryango w'abantu. Mu by'ukuri, ibisobanuro by'icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenoside n'ibindi byaha bifitanye isano nayo ni byinshi kandi ntibyahagararira ku bipimo 2 gusa byavuzwe muri iki gice. Ibindi bitekerezo kuri iyi ngingo biraza kuboneka mu nzitizi z'inzira y'ubwiyunge mu Rwanda.

Kubera gushaka guhindura ibibazo bigendeye ku gihe gito n'akamaro k'ibibazo bimwe byihariye mu bindi bipimo by'ubwiyunge byasuzumwe, hari ibisubizo bimwe bitagaragara mu mbonerahamwe ya 10. Ariko ikigaragara muri rusange ni uko amanota y'ibipimo bitandukanye bishobora kugereranywa yerekanye ko habaye izamuka kuri ibyo bipimo. Ibi bivuga ko ubwiyunge bwashinze imizi mu muryango nyarwanda, kandi uko ibihe bigenda bijya imbere Abanyarwanda bumvise neza akamaro k'ubwiyunge, ukuntu ubwiyunge ari inzira, ibibazo birimo n'ukuntu iyo nzira igomba guhora ibungabungwa. Iyi myumvire iva ku ngamba nyinshi Guverinoma yashyizeho kuva habaho Leta y'inzibacyuho y'Ubumwe bw'Abanyarwanda mu 1994 no mu bihe byayikurikiye.

## 4.3. Ubwenegihugu, ibiranga umuntu n'inshingano


Ku bwenegihugu, ibiranga umuntu n'inshingano ze, habayeho kwiyongera mu myumvire no kumenya ibiranga Abanyarwanda kuva mu gipimo cya mbere cyo mu 2010. Impinduka zijyanye n'iki kimenyetso birashoboka cyane ko zerekana ukwivugurura mu buryo Abanyarwanda babona ibibazo by'Ubwenegihugu n'ibibaranga. Mu bintu bitandatu byose byashingiweho mu bipimo by'ubwiyunge, iki kimenyetso n'ibikiri munsi ibipimo byose biri hejuru ya 95% byerekana neza ko Abanyarwanda ubu bafite icyizere rusange kandi bishimira ibibaranga n'Ubwenegihugu basangiye. Uku gusobanukirwa, kuva mu gipimo cyo mu 2010, kugenda kugira amanota menshi mu nkingi esheshatu zose. Byongeye kandi, iyi nkingi niyo yagiye amanota menshi kuva mu Gipimo cyo 2010. Kwiyemeza gukomera ku biranga umwenegihugu no kugarura ishema ry'igihugu byagize uruhare mu gukomeza kubona ibiranga umunyarwanda n'Ubwenegihugu bigaragara ko bikomeye. Ibi birashimangirwa n'ubushobozi bw'Abanyarwanda, bitandukanye no mu bihe byashize, bwo gutekerezanya ubushishozi ku bibazo bigira ingaruka mu buzima bwabo. Ubwizerwe bwarangaga Abanyarwanda mu bihe byashize aho bumvaga bakanakora ibyo babwiwe n'abayobozi b'icyo gihe, biragaragara ko bigenda bigabanurwa no guhora bahura n'ukuri.

### 4.3.1. Ibiranga umuntu

Abantu bakunda kumva ko bagize itsinda runaka cyangwa igihugu runaka babarirwamo. Umuntu ku giti cye ashobora gufata ibimuranga byinshi mu bihe bitandukanye. Mu gihe kimwe, Abanyarwanda bagize ibibaranga bishingiye ku bintu bito, nk'ubwoko bw'Abahutu, Abatutsi n'Abatwa, aribyo byazanye imyumvire ku bari bagize ayo moko bamwe babwirwa ko ari ba nyamwinshi abandi ba nyamuke, abanyapolitiki b'icyo gihe bashimangiye itandukaniro,


bashyiraho n'ibibaranga, nyama Abatutsi bagirwa abanyamahanga n'abanzi b'Igihugu. Iki nicyo gihe hari abagize ibibaranga bikemangwa n'Abanyarwanda bagenzi babo bo biyumvamo ko aribo benegihugu nyabo. Ibi bikaba aribyo byasenye Ubunyarwanda kuri bamwe. Kubaka imyumvire y'Ubunyarwanda rusange ni kimwe mu bikorwa bya mbere bya Guverinoma nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Mu bushakashatsi bwakozwe, habajijwe ibibazo bijyanye n'ibiranga umuntu rusange, ishema ryo kuba Umunyarwanda mu bandi. Mu ishusho ikurikira hari ibisubizo byatanzwe.

**Ishusho ya 20:** Ibitekerezo ku biranga umuntu




Nk'uko bigaragazwa n'ijanisha rikomatanyije mu ishusho ya 20, ubu Abanyarwanda bishimiye ibibaranga bafite. Abakoroni bashyizeho indangamuntu zishingiye ku byiciro by'imibereho y'abaturage kandi zikoreshwa mu gucamo ibice no gutegeka abanyagihugu. Ni ikintu gikomeye cyagezweho ko igisekuru kimwe cya nyuma ya jenoside, abaturage bashoboye gukuraho iki kibazo cy'irangamuntu kandi bagaragaza ibibaranga nk'Abanyarwanda. 99.4% by'abasubije biyumva ko ari Abanyarwanda mbere ya byose, aho kuba Abahutu, Abatutsi cyangwa Abatwa, cyangwa se aho kugira ibibaranga bishingiye ku idini, Uturere n'ibindi. Iyi mitekerereze yo kugira 'irangamuntu y'Umunyarwanda mbere ya byose' ni impinduka ikomeye mu mitekerereze y'Abanyarwanda politiki y'amacakubiri yari yarashyize mu bibaranga bito bigatuma indangamutu ishingiye ku bwenegihugu bari basangiye kandi ibatera ishema, ita agaciro.

**Ishusho ya 21** : Ibitekerezo byatanzwe ku ‘biranga umuntu’ ukurikije abagabo n’abagore





Abanyarwanda - ab’igitsina gore cyangwa gabo - basangiye imyumvire imwe ku bibaranga. Baha agaciro ukuntu igihugu cyabo cyongeye kubona icyubahiro kivuye mu baturage b’ibindi bihugu. Uyu munsi, nta Munyarwanda ugifite inyandiko imuranga iriho 'ubuhutu', 'ubututsi' cyangwa 'ubutwa', ahubwo ni Ubunyarwanda. Ubu Bunyarwanda bagaragaza ko busumbye ibindi byose biranga umuturage ni gihamya y’impinduramatwara mu mitekerereze y’abaturage.

### 4.3.2. Ishema ry’Abanyarwanda ryo gusangira ibibaranga

Kwishimira ibiranga umuntu bisangiwe bitera indi ntera y’ubumwe mu bantu. Kwishimira kuba umunyamuryango w’ishyanga rimwe risangira umuco n’ibindi bice by’ubuzima bw’imibereho ni ikimenyetso cyo gushimira byimazeyo abandi ndetse no kwishimira nawe ubwawe. Ibi birimo kwiyumva ko ufite aho uhuriye n’abandi muhuje Ubunyarwanda, aho kwiyumva mu tuntu duto tubaranga nk’amoko, amadini, n’ibindi.

**Ishusho ya 22:** Ishema ryo kugira ibibaranga bisangiwe





Ku rwego rwa buri muntu, 98.2% bagaragaje ko bishimiye kuba bafite indangamuntu basangiye. Indangamuntu isangiwe ni iyo kuba Umunyarwanda kuruta ibindi byose no kuba Umunyarwanda ubu yishimira uburenganzira bwo kuba umunyagihugu nta guhezwa hashingiwe ku biranga umuntu bito nk'amoko, idini, n'ibindi. Ugereranyije n'isuzuma ryo mu 2015, ushobora kugira impungenge z'amanota iki gipimo cyabonye mu 2020. Ariko iyo urebye neza, usanga ikibazo kitari kibajijwe kimwe muri aya masuzuma yombi. Mu 2015 ikibazo cyari ukumenya niba hakiri Abanyarwanda bakibona mu ndorerwamo y'amoko, naho mu 2020 isuzuma ryibanze ku kumenya urugero Abanyarwanda bagezeho batibona mu bibaranga bito, ahubwo bibona mu Bunyarwanda mbere y'ibindi byose. Niyo mpamvu habonetse 98.2% bemeza ko Abanyarwanda bibona mu Bunyarwanda n'ubwo baba bafite ibindi bibaranga biyumvamo. Impuguke mu mashuri ya kaminuza twabajije yadusobanuriye akamaro ko kugira irangamuntu ishingiye ku bwenegihugu mu magambo akurikira:

> *Urabona ikibazo igihugu cyacu gifite ni abanyapolitiki baducamo ibice bakurikije izo ngirwamoko zacu. Naho ubundi, ikintu k'ingenzi mu iterambere rya buri gihugu ni ukuba abaturage biyumva mu bwenegihugu bwabo kurusha ibindi bito bibaranga. Ibihugu byose bitangira birema igihugu abaturage bose biyumvamo. Ikibazo cyacu cyabaye ukuntu abanyapolitiki bacu ba mbere bananiwe kubaka igihugu cyunze ubumwe abaturage bose biyumvamo, aho kugira abahora biyumva nk'abanyagihugu batuzuye. Ahubwo urebye tugira amahirwe mu Rwanda kuko ibidutanya aribyo bike kurusha ibiduhuza. Tuvuga ururimi rumwe, tubana mu midugudu imwe, nta gahugu k'Abahutu n'ak'Abatutsi, etc. Ubundi ibi ni ibintu byagombye gutuma tugira ingufu z'ubumwe. Igikenewe gusa ni ukurandura imitekerereze y'izi ngirwamoko zahimbwe zikatubibwamo. Ubundi turi igihugu cyagombye kuba igihangange (KI 19).*

Nk'uko ubu buhamya bubitugaragariza, amateka y'u Rwanda muri rusange atwereka ko Abanyarwanda bahoze iteka biyumvamo Ubunyarwanda. Amacakubiri ashingiye ku moko yaracuzwe hanyuma abibwa mu Banyarwanda.


Ariko, na nyuma y'uko amoko akoreshwa mu gutandukanya Abanyarwanda bamwe bakibona nk'abanyagihugu buzuye abandi bakagirwa abanyamahanga bagomba kwirukanwa, ntabwo aba bigeze bibagirwa Ubunyarwanda bwabo ahubwo bakomeje kuburwanira kugeza babohoye u Rwanda muri 1994. Niyo mpamvu, aho gusuzuma niba Abanyarwanda bakibona mu ndorerwamo z'ibyiswe amoko y'Abahutu, Abatutsi n'Abatwa akaba ari nako babona abandi, ubushakashatsi butaha bukwiye gusuzuma niba hari Abanyarwanda bakishimira inyungu yo kwibona mu moko biyumvamo. Bityo, abantu babona ingaruka mbi zo kwibona mu moko kuko ubwoko ni ikintu abantu bashora kurema kandi kikaba ikibazo iyo bagikoresheje mu kugera ku nyungu zabo. Uwitabiriye ibiganiro KI21 yerekanye ko kimwe mu by'ingenzi byagezweho kandi Abanyarwanda bafitiye ishema ni ukugira indangamuntu isangiwe: "Kurema indangamuntu isangiwe bivuga ko igihugu gifite ubushake bwa politiki no kwiyemeza gukomeza ibiduhuza". Ibi bigaragarira mu mategeko, gahunda n'ingamba zo gusangira ku buryo buringaniye ibyo batunze.

**Ishusho ya 23**: Ibitekerezo byatanzwe ku 'Ishema ryo kugira indangamuntu, Ubwenegihugu busangiwe' hakurikijwe abagabo n'abagore




Imyumvire yo kwishimira indangamuntu isangiwe ku Banyarwanda ntaho ibogamiye kubera ko bigaragara mu mbonerahamwe yavuzwe haruguru ko abagore n'abagabo bagaragaza imyumvire imwe. Ibyagaragajwe byanatandukanyijwe kuri buri Karere nk'uko bigaragara ku ishusho ikurikira.

**Ishusho ya 24:** Ibitekerezo by'abaturage kuri buri Karere ku Ishema ryo kugira ibiranga umuntu bisangiwe





Ishusho ya 24 yerekana ko Abanyarwanda mu turere twose bafite imyumvire yo hejuru ku ishema ryo kuba Abanyarwanda, aribyo ndangamuntu yabo isangiwe. Mu turere tumwe, igipimo cyanagejeje ku 100% (reba Kirehe, Rutsiro, na Rulindo).

### 4.3.3. Indangagaciro n'icyerekezo bisangiwe


Ishema risangiwe ry'ibiranga umuntu rituma abantu bumvikana bakanagena icyerekezo cy'ejo hazaza bemera.

**Ishusho ya 25:** Ibitekerezo byatanzwe ndangagaciro n'icyerekezo bisangiwe




Kugira icyerekezo kimwe kw'abaturage bagize umuryango umwe nabyo byerekana ko abaturage bose bizera icyerekezo cy'ejo hazaza kandi ko bagize uruhare muri iyo nzira. Bivuze ko abaturage bumva uruhare rwabo mu gutuma ejo hazaza hashoboka. 99% by'abashubije basangiye iki gitekerezo. Bagaragaje ko bishimira indangamuntu y'ubunyarwanda basangiye hamwe n'icyerekezo cy'ejo hazaza. Kubyishimira bivuze ko biteguye kugira uruhare mu gikorwa cyo gutuma ejo hazaza haba heza, hamwe no kurinda ndetse no gushimangira ibimaze kugerwaho.

**Ishusho ya 26:** Ibitekerezo byatanzwe ukurikije igitsina ku ngingo y 'Indangagaciro n'icyerekezo bisangiwe'




Ibi birashimishije cyane kuko impuzandengo y'ikigereranyo ku bagabo n'abagore iri hejuru, ikaba iri ku kigero cya 99%.

### 4.3.4. Kwiyemeza gushyira imbere Ubunyarwanda.


Kwiyemeza gushyigikira ubunyarwanda n'ubwenegihugu bisangiwe byerekana kwiyemeza gukurikiza imyitwarire n'indangagaciro by'igihugu bisobanura ko umuntu yiyumva muri uwo muryango cyangwa igihugu. Kugira Ubunyarwanda witeguye kurengera no guha agaciro ni ikimenyetso cy'ubwenegihugu no gukunda igihugu byombi biteza imbere ibyiza kuri bose. Mu ishusho ikurikira hari ibisubizo nk'uko byatanzwe n'Abanyarwanda babajijwe hashingiwe ku myaka n'Uturere batuyemo.

**Ishusho ya 27:** Kwiyemeza gushyira imbere 'Ubunyarwanda'




Kwiyemeza gushyigikira Ubunyarwanda no kumenya ibibaranga Abanyarwanda bahuriyeho ni ibintu by'ingenzi mu kubaka umuryango w'amahoro, ubwumvikane n'iterambere risangiwe. Iyo abantu baretse kwirebera mu byo batandukaniyeho bishyigikira cyane ibyo bahuriyeho bikaba ari byo bagenderaho, bikaba ari ikimenyetso cyo kwiyemeza gukomera ku gihugu, Buri wese akizera ko Ubunyarwanda buzakomeza kugenderwaho mu biranga kandi bigahuza Abanyarwanda kandi ko bukomeye kurusha ibindi bakwibonamo. 99.2% by'abasubije bagaragaje kwiyemeza ku buryo buri hejuru kubushyigikira no kubukomeraho, bivuze ko biteguye kwirinda impamvu iyo ari yo yose yatesha agaciro Ubunyarwanda, biteguye guhagarara no kubarwa nk'Abanyarwanda kandi biteguye kurengera agaciro n'ishema bijyana n'Ubunyarwanda.

**Ishusho ya 28:** 'Kwiyemeza gushyira imbere Ubunyarwanda' uko byagaragajwe ukurikije abagabo n'abagore





Kimwe no mu bundi bushakashatsi bwerekana ibipimo byabanjirije iki, Abanyarwanda b'abagabo n'abagore basangiye ugukomera ku Bunyarwanda. Uko kubukomeraho bigaragara ku bitsina byombi, mu Turere twose batuyemo no mu myaka yose bafite. Nk'uko bigaragazwa n'ishusho iri hejuru, kwiyemeza gushyira Ubunyarwanda imbere biri ku rwego rwo hejuru kuri bose. Uru ni rwo rufatiro rwiza rwo kubakiraho umusingi ukomeye wo gukunda igihugu no kugiharanira biteza imbere ubumwe, kandi icyiza ni uko byita ku byo umuturage akeneye. Ni inkingi rero ikomeye mu guteza imbere ibikorwa by'ubwiyunge.

### 4.3.5. Kugira imitekerereze isesengura


Kugira imitekrereze isesengura bituma abaturage babaza ibibazo, bagashaka ibisubizo ku bibazo bitoroshye ndetse bakanashungura ibitekerezo, imyizerere n'imyemerere by'abandi. Ibi ni ibintu by'ingenzi kuko bituma benshi badashyira mu bikorwa ibyo basabwe gukora byose batabanje kubisuzuma neza.

**Ishusho ya 29:** Kugira imitekerereze isesengura




Intego yo gusuzuma urugero rw'imitekerereze isesengura ijyanye n'agaciro ko gushyira imbere Ubunyarwanda n'Ubwenegihugu bifitanye isano n'ubushobozi bwo guhindura abantu n'uburyo batekereza batabanje gushishoza no gushungura ibitekerezo by'abayobozi. 97% by'abashubije bemeza ko bafite ubushobozi bwo gutekerezanya ubushishozi ku bibazo bagejejweho no gusuzuma ukuri kwabyo hanyuma bakifatira imyanzuro yabo. Ibi rimwe na rimwe biterwa n'urugero bafite rwo guhura n'ibindi bitekerezo byinshi abantu bahura nabyo muri iki gihe, bakesha ikwirakwizwa ry'amakuru atandukanye cyane cyane amakuru ava mu bitangazamakuru bitandukanye.

**Ishusho ya 30:** Uko abagabo n'abagore babona ingingo ijyanye n'imitekerereze isesengura



Ishusho iri hejuru irerekana ko Abanyarwanda abagabo n'abagore basobanukiwe mu bushishozi bwabo amateka y'igihugu, yatumye habaho amacakubiri na Jenoside yakorewe Abatutsi, kandi basobanukiwe neza ibibazo by'igihugu ndetse n'icyerekezo cy'igihugu muri rusange, kandi bagaragaza ko bafite ubushobozi bwo gusesengura mbere ya byose. Iki ni ikintu cy'ingenzi mu guharanira ko abantu bagifite ingengabitekerezo ya jenoside kandi bakigerageza gukwirakwiza ibinyoma bazabibazwa na rubanda ku buryo bworoshye.

#### 4.3.6. Incamake y'ibyavuye mu bwenegihugu, ibiranga umuntu n'inshingano

Iki gice cy'ibanze ku bwenegihugu, irangamuntu n'inshingano. Icyatekerezwaga hano ni uko imyumvire imwe ihuriweho n'abanyagihugu ku bwenegihugu, ibibaranga n'inshingano bafite, hamwe no gutekerezanya ubushishozi, bizateza imbere ubwiyunge. Ibisubizo kuri iyi nkingi byemeje icyatekerezwaga, nk'uko byavuzwe mu mbonerahamwe ikurikira, hamwe n'ibyagaragajwe mu 2010 na 2015 mu Turere twashoboraga kugereranywa.

**Imbonerahamwe ya 11:** Impuzandengo y'amanota ku bwenegihugu, ibiranga umuntu n'inshingano

| Inkingi | Ibipimo | Ibisubizo (%) mu 2010 | Ibisubizo (%) mu 2015 | Ibisubizo (%) mu 2020 |
|---|---|---|---|---|
| Ubwenegihugu, ibiranga umuntu n'inshingano | 1. Ishema ryo kuba Umunyarwanda | 97.9 | 97.3 | 99.4 |
| | 2. Abanyarwanda biyumvamo ubunyarwanda kurusha ibindi bibaranga | 98.1 | 95.6 | 98.2 |
| | 3. U Rwanda ruyobowe n'indangagaciro zifasha Abanyarwanda kwiyunga | 96.4 | 96.6 | 99 |
| | 4. Abanyarwanda barakora ibishoboka byose ngo barinde ubusugire bw'igihugu n'ubw'Abanyarwanda | | 97.4 | 99.2 |
| | 5. Abanyarwanda ubu batekerezanya ubushishozi buhagije ku buryo bifatira ibyemezo biboneye | | | 97.0 |
| | **IMPUZANDENGO** | | | **98.6** |

Biragaragara ko ku bipimo bine byose byagereranyijwe hagati yo mu 2015 no mu 2020, byose byagaragaje ko byiyongereye, n'ubwo n'ubundi byari byarazamutse muri 2015 bigaragara ko byakomeje no kuzamuka mu mwaka wa 2020. Nta gipimo na kimwe cyigeze kigabanuka ku manota cyari gifite. Imitekerereze isesengura byari igipimo gishya cyatangijwe mu bushakashatsi ku gipimo cy'ubwiyunge cya 2020.

## 4.4. Icyizere n'uruhare rw'abaturage mu miyoborere

Ku miterere, icyizere no gushimangira uruhare rw'abaturage mu miyoborere mu Rwanda byarazamutse cyane mu bintu bitandatu byose byashingiweho mu gupima ubwiyunge hagati ya 2010 na 2020. Amanota y'ibipimo yazamutseho arenga 10 ku ijana hagati ya 2010 (77.8%) na 2015 (88.4%) naho amanota arenga gato 2 ku ijana hagati ya 2015 na 2020 (90,6%). Ikintu nyamukuru kigize iyi nkingi ni icyizere abaturage b'u Rwanda bafitiye inzego nyinshi za Leta cyane cyane mu guteza imbere ubwiyunge. Icyizere abaturage bafitiye inzego zimwe z'ingenzi n'imikorere yazo cyagiye cyiyongera buri gihe. Ibi kandi bishimangirwa n'ubundi bushakashatsi nk'ubwakozwe ku Miyoborere y'u Rwanda (RGS, 2019) aho bivugwa ko abaturage bizeye inzego z' ubucamanza ari 88.34%, 91.81% bizeye inzego z'Ubushinjacyaha na 91.44% bizeye Urwego Nshingamategeko.


### 4.4.1. Kwishimira uruhare rw'inzego mu guteza imbere ubwiyunge

Inzego zishinzwe imirimo rusange kandi ni isura ya Guverinoma mu gukorana n'abaturage. Gupima urugero abaturage bishimira uruhare rw' inzego n' ibigo bya Leta ni ngombwa mu gusobanukirwa uburyo abaturage babibona. Ibi na byo, bitanga umwanya wo kureba uruhare rw'izi nzego n'ibigo, mu guteza imbere ubwiyunge n'ubumwe bw'igihugu.

**a) Inzego z'Ubuyobozi**

Inzego z'Ubuyobozi muri rusange zikorana cyane n'abaturage, gushyiraho politiki, gutanga serivisi n'ibindi. Inzego nk'izo zirimo inzego nkuru za Guverinoma, ubuyobozi bw'inzego z'ibanze n'ubuyobozi nshingamategeko.


**Ishusho ya 31:** Inzego z'ubuyobozi




Abanyarwanda bagaragaza icyizere gihoraho kandi gihamye mu nzego z'ingenzi z'imiyoborere. 98,6% bagaragaza ko bizeye inzego nkuru za Guverinoma, 96% bagaragaza ko bizeye ubuyobozi bw'inzego z'ibanze, naho 94.9% bishimira imirimo yakozwe n'Inteko Ishinga


Amategeko imitwe yombi. Iri suzuma rishimangirwa n'ibitekerezo rusange byavuye mu bushakashatsi bwakozwe n'Inama y'Imiyoborere y'u Rwanda nk'uko byavuzwe haruguru.

**Ishusho ya 32:** Ibitekerezo by'abaturage kuri buri Karere ku 'Kwishimira uruhare rw'Inzego Nkuru za Guverinoma



Muri rusange, biragaragara ko inzego nkuru za Guverinoma zishimirwa cyane mu Turere twose tw’igihugu. Ibi bivuze ko abaturage bazi inshingano zitandukanye z’izo nzego. Bazi rero aho bajya gushakira serivisi, bityo bakaba bafite uburyo bwo kumenya niba izo nzego zuzuza inshingano n'ibindi zikora ku buryo buhagije.

**Ishusho ya 33:** Ibitekerezo by'abaturage kuri buri Karere ku 'Kwishimira uruhare rw'ubuyobozi bw'inzego z'ibanze'





Biranagaragara ko uruhare rw’inzego z’ibanze rushimwa mu Turere twose. Ibi ni ibintu bikomeye cyane kuko mu rwego rwo kwegereza ubuyobozi abaturage, Uturere n’Imirenge ni byo by’ingenzi mu bifasha abaturage. Ibikorwa rusange bya Leta hafi ya byose byahawe Uturere n'Imirenge. Imibereho myiza, gahunda z’ubukungu kimwe na gahunda zose za politiki

rusange bishyirwa mu bikorwa n'Uturere kugeza ku rwego rw'Umudugudu. Kuba abaturage bafitiye icyizere izo nzego ni ikintu cya ngombwa kugira ngo gahunda zinyuranye zigerweho harimo n'ibikorwa by'ubwiyunge n'imibanire myiza.

**b) Inzego z'ubutabera**


Inzego zitanga ubutabera zigira uruhare runini mu nzira y'ubwiyunge. Iyo abaturage batakaje icyizere cyangwa batumva uruhare rw'inzego z'ubutabera, bibaza niba zifite uburenganzira bwo gutanga ubutabera. Bitewe no kurandura umuco wo kudahana, hakenewe ko abaturage babona ubutabera bwuzuye no kutabogama kw'inzego zishinzwe ubutabera.

**Ishusho ya 34:** Inzego z'ubutabera





Icyizere mu nzego z'ubucamanza ni ikintu cy'ingenzi mu guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge. Iyo abantu bazi ko bashobora kubona ubutabera buboneye uko bahagaze kose, nibwo icyizere mu butabera cyiyongera. Inzego zose z'ubutabera zigirirwa icyizere n'abaturage ku rugero ruri hejuru ya 80%. Iki cyizere kigaragazwa n'icyizere bafitiye urwego rw'ubugenzacyaha / RIB (93.5%), umurimo w'abunzi (95.4%), inkiko (93.9%), ubushinjacyaha (92.8%) na MAJ, (82%).

**Ishusho ya 35:** Ibitekerezo by'abaturage kuri buri Karere ku 'cyizere bafitiye Abunzi'





Mu Turere twose, abaturage bashima uruhare rw'Abunzi (abahuza) mu gukemura ibibazo byabo.

**Ishusho ya 36:** Ibitekerezo by'abaturage muri buri Karere ku 'cyizere ku 'Nzu z'abajyanama mu by'amategeko' (MAJ)





Ishusho iri hejuru yerekana ko ahantu henshi serivisi za MAJ zitishimiwe bihagije. Impamvu nyamukuru yabyo, nk'uko byagaragaye mu gihe cy'ikusanyamakuru, ni ukubera ko abantu benshi basa nk'abadafite ubumenyi kuri uru rwego. Ibi bivuze ko hakenewe ko MAJ yimenyekanisha ku mugaragaro mu baturage kugira ngo babagishe inama mu by'amategeko.

**Ishusho ya 37:** Ibitekerezo by'abaturage kuri buri Karere ku 'cyizere ku bahesha b'inkiko b'umwuga'





Ibitekerezo by'abaturage ku ruhare rw'abahesha b'inkiko b'umwuga nabyo bigaragaza urugero babonaho urwo ruhare, bikaba bihindagurika muri buri Karere kuva ku rugero rwa 78.4% kugera kuri 98.9%. Mu Turere twinshi, bikaba babigargaza ku rugero rwo hejuru.

**Ishusho ya 38:** Ibitekerezo by'abaturage kuri buri Karere ku 'cyizere ku ruhare rw'ubucamanza'





Biragaragara ko icyizere cy'abaturage mu bucamanza kiri hejuru hose mu gihugu.

**Ishusho ya 39:** Ibitekerezo by'abaturage muri buri Karere ku 'cyizere ku ruhare rw'Ubushinjacyaha'




Ubushakashatsi bugaragaza ko abaturage bizeye ubushinjacyaha ku buryo butandukanye. N'ubwo hari itandukaniro mu manota yatanzwe, muri rusange, hari icyizere mu bikorwa byakozwe n'ubushinjacyaha.


**Ishusho ya 40**: Ibitekerezo by'abaturage muri buri Karere ku 'Cyizere ku ruhare rw'Ubugenzacyaha mu Rwanda (RIB)"




Ibiro by'Iperereza mu Rwanda (RIB) ni ikigo gishya ariko cyaramenyekanye cyane kandi kiragaragara mu baturage. Kizewe ku gutanga ibisubizo byihuse n'ubushobozi bwo gufatira ibyemezo abagaragaweho ibyaha mu baturage. Ntabwo bitangaje rero kuba gihabwa agaciro cyane mu gihugu hose.


**c) Izindi nzego**

**Ishusho ya 41:** Izindi nzego





Abanyarwanda kandi bazi uruhare rw'inzego nyinshi mu guteza imbere ubwiyunge. By'umwihariko, Abanyarwanda bazi uruhare rw'inzego nkuru za Leta ziri ku isonga mu kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside no guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge arizo NURC (97,6%), CNLG (97.4%), NIC (96.0%), NHRC (95.6) %), kimwe n'izindi nzego za Leta. Ku buryo bw'umwihariko, Abanyarwanda bafitiye icyizere imirimo y'inzego zishinzwe umutekano. N'ubwo umutekano w'igihugu ufite amanota menshi 99.40% wahawe n'Ubushakashatsi bwakozwe ku Miyoborere bwo mu 2019, ubushakashatsi bw'Igipimo cy'Ubwiyunge cyo mu 2020 bwakoresheje inkingi y'ibanze ku bwiyunge bubona 97.6%. Amanota rusange y'iki gipimo 93.8% yerekana ko abaturage bizeye izo nzego kandi bazi neza ndetse banemeza uruhare rwazo mu guteza imbere ubwiyunge. Imiryango itegamiye kuri Leta, itangazamakuru, ndetse n'imitwe ya politiki nayo igenda irushaho kugirirwa icyizere n'Abanyarwanda kuko amanota yavuye kuri 70.8%, 77.2%, na 73.1% mu mwaka wa 2015 agera kuri 84,6%, 94,6%, na 84.9% mu 2020. Iyi raporo yasuzumye kandi ibitekerezo by'abaturage ku ruhare rw'Inama Njyanama z'Uturere, Imirenge, n'Utugari, isanga izo Nama Njyanama zihagarariye inyungu z'abaturage mu micungire y'inzego zitandukanye z'ibanze zishimirwa n'Abanyarwanda (95.1%).

**Ishusho ya 42**: Urugero rw'icyizere cy'abaturage kuri buri Karere ku ' Inama Njyanama z'Uturere'




Inama Njyanama z'Uturere ni inzego z'ubutegetsi zifite abahagarariye abaturage muri buri Nama. Bakorana n'ubuyobozi bw'Akarere mu gushyiraho gahunda z'Akarere no kureba niba izo gahunda zishyirwa mu bikorwa. Usibye Uturere duke twahawe amanota ari muri za 80, inyinshi zabonye hejuru ya 90%. Iki ni ikigaragaza ko abaturage bizeye Inama Njyanama z'Uturere mu kurangiza inshingano zazo.


**Ishusho ya 43:** Urugero rw'icyizere cy'abaturage kuri 'Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu' kuri buri Karere.




Komisiyo y'igihugu y' uburenganzira bwa muntu mu Rwanda (NCHR) ni Ikigo cy'igihugu gishinzwe uburenganzira bw'ikiremwamuntu, cyagenwe n'Itegekonshinga, cyigenga kandi gihoraho gifite inyemezabushobozi ya "A" yatanzwe na Komite Mpuzamahanga ihuza ibikorwa by'inzego z'uburenganzira bwa muntu mu rwego rwo guteza imbere no kurengera uburenganzira bwa muntu (ICC). Iyo Komisiyo yashinzwe mu 1999 n'Itegeko N° 04/99 ryo ku wa 12 Werurwe 1999 ryemejwe n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu mu ngingo ya 177 ryahaye Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa muntu mu Rwanda inshingano yo guteza imbere no kurengera uburenganzira bwa muntu. Muri iki gihe iyo Komisiyo igengwa n'Itegeko N°19/2013 ryo ku wa 25/03/2013 rigena inshingano, imiterere n'imikorere ya Komisiyo. Igipimo rusange cy'imirimo ya komisiyo kiri hejuru ya 90% uuretse mu Turere tune twa Muhanga, Burera Kayonza na Bugesera, dufite munsi ya 90, ariko na none dufite ku gipimo kiri hejuru ha 80%.


Urundi rwego rufite uruhare runini mu bikorwa by'ubwiyunge ni urw'itangazamakuru. Itangazamakuru ryagize uruhare rutari ruto mbere ya jenoside no mu gihe cya jenoside rikangurira abantu kwishora mu bwicanyi. Itangazamakuru ubu ryakanguriwe kwigisha rubanda no gutanga amakuru yizewe kubera imbaraga rifite mu guhindura imyumvire y'abaturage, n'uruhare rwaryo mu mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi.

**Ishusho ya 44:** Urugero rw'icyizere cy'abaturage ku 'itangazamakuru' kuri buri Karere





Biragaragara ko muri rusange mu gihugu hose, itangazamakuru muri iki gihe ryizewe n'abaturage, uretse Uturere duke aho amanota ari muri 80% n'Akarere kamwe kari muri 70%, mu tundi Turere amanota ari muri hejuru ya 90%.

**Ishusho ya 45:** Urugero rw'icyizere cy'abaturage ku 'Nzego z'umutekano' kuri buri Karere




Inzego z'umutekano mu Rwanda zagiye zigirirwa icyizere n'abaturage. Biragaragara ko mu Turere twose icyizere mu nzego z'umutekano kiri hejuru ya 90%. Ibi byagaragaye no mu bundi bushakashatsi bwakozwe. Urugero, muri raporo yo mu 2018 y'uko abaturage babibona yatanzwe n'Urwego rw''Imiyoborere mu Rwanda (RGB), abaturage bishimiye serivisi z'umutekano ku gipimo cya 87,98% mu gihe muri raporo y'imiyoborere ya RGB 2019, urwego rw'umutekano w'abantu n'ibintu rwagize 94.97%.


**Ishusho ya 46:** Urugero rw'icyizere cy'abaturage kuri 'Sosiyete sivile' kuri buri Karere




Imikorere ya sosiyete sivile ivugwaho mu buryo bunyuranye nk'uko bigaragara mu ishusho iri hejuru. Hamwe bayiha amanota menshi mu gihe ahandi bayihaye make bitewe n'uko babibona. Mu ishusho ry'imiyoborere ryatanzwe na RGB mu 2019, uruhare rwa sosiyete sivile mu nkingi yo 'Kugira uruhare no kudaheza' rwagize amanota yose hamwe angana na 72.45%. Ibi rero ni ibintu bifatika byerekana ko abaturage bishimira ku buryo bugereranyije uruhare rw'imiryango itegamiye kuri Leta (sosiyete sivile) mu guteza imbere ubwiyunge.

Naho ku bijyanye na Komisiyo y'Iguhugu yo Kurwanya Jenoside bagaragaje ibi bikurikira:

**Ishusho ya 47:** Urugero rw'icyizere cy'abaturage kuri 'Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside' byatanzwe muri buri Karere





Komisiyo y'igihugu ishinzwe kurwanya Jenoside (CNLG), yashyizweho n'Itegeko №09/2007 ryo ku wa 16/02/2007, riteganya ko iyo komisiyo ari ikigo cy'igihugu, cyigenga kandi gihoraho. Ifite ubuzima gatozi, kandi ikigenga mu buyobozi n'imicungire y'umutungo. Komisiyo ifatanya cyane na Minisiteri ifite kwibuka mu nshingano zayo. Inshingano zayo ni ugukumira no kurwanya jenoside, ingengabitekerezo yayo no guhashya ingaruka zayo. Komisiyo ikora ibikorwa byinshi birimo gutegura ibikorwa ngarukamwaka byo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi. Kubera iyo mpamvu, abaturage bazi iki kigo kandi bagifitiye n'icyizere bishingiye ku nshingano zacyo zihuriza Abanyarwanda bose mu bikorwa byo kurwanya ingengabitekerezo

ya jenoside no gukomeza kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi. Uku kugaragara mu baturage nibyo bisobanura icyizere ifitiwe mu gihugu hose.

Ku bijyanye na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, ishusho ikurikira iratanga ibindi ibisobanuro:

**Ishusho ya 48:** Urugero rw'icyizere cy'abaturage kuri 'Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge ' muri buri Karere





Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge (NURC) yashyizweho muri Werurwe 1999 hagamijwe guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge mu Banyarwanda nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 kugira ngo igaragaze intambwe ikomeye mu guhindura, ku buryo bufatika, ingaruka z'imiyoborere mibi ishingiye ku ivangura no ku guheza bamwe.

Iyo Komisiyo yabaye urwego rw’ingirakamaro mu nzira yo gushyira mu bikorwa politiki y'ubumwe n'ubwiyunge, kwizerana kw'abaturage n’imibanire myiza biganisha ku ntego nyamukuru yo kugera ku gihugu cyunze ubumwe. Abaturage bamaze igihe kinini bakorana na Komisiyo y’Igihugu y’Ubumwe n’Ubwiyunge. Iyo komisiyo irazwi mu baturage binyuze mu bikorwa byinshi. Ntibitangaje kubona abaturage bazi neza gahunda zayo kandi bakishimira uruhare rwayo mu guteza imbere ubwiyunge ariyo ntego nyamukuru yo kubaka u Rwanda rwunze ubumwe.


Ishusho ikurikira iratanga impuzandengo ku cyizere kigirirwa Komisiyo y’Igihugu y’Amatora muri buri Karere.

**Ishusho ya 49**: Urugero rw’icyizere cy’abaturage kuri 'Komisiyo y’Igihugu y’ Amatora' kuri buri Karere



Komisiyo y'Igihugu y'Amatora (NEC) ishinzwe gutegura no gukoresha amatora ndetse no gutangaza ibyavuye muri ayo matora mu gihugu. Iyi komisiyo yashyizweho n'itegeko kandi ifite inkomoko mu biteganijwe mu Masezerano y'Amahoro ya Arusha yashyizweho umukono hagati ya guverinoma y'u Rwanda n'Umuryango wa FPR-Inkotanyi mu 1993. Urebye amatora menshi Guverinoma yateguye ndetse n'abayihagarariye mu Turere, Komisiyo y'Amatora ishinze imizi mu baturage. Ibi bisobanura ko abaturage bamenye uruhare rwayo ndetse n'ibipimo bayihaye ku itangwa rya serivisi ndetse no ku nshingano zayo mu gihugu hose.

**Ishusho ya 50:** Urugero rw'icyizere cy'abaturage kuri buri Karere ku 'Mitwe ya politiki'




Imitwe ya Politiki igira uruhare runini mu bumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda. Nk'uko bigaragara mu ishusho iri hejuru, umubare munini w'abaturage (hejuru ya 83%) bashima uruhare rw'Imitwe ya Politiki mu guteza imbere ubwiyunge, bigaragazwa n'icyizere bayifitiye.

### 4.4.2. Ibyemeranyijwe ku mikorere y'abayobozi

Ubuyobozi bugena gahunda yigihugu kandi aho imikorere y'abayobozi Atari myiza, icyizere cy'abaturage kiba gito, kandi gushishikariza abaturage nta cyizere bituma kugera ku ntego z'igihugu bigorana cyane. Abayobozi bafite uruhare runini mu kunga abaturage. Ubuyobozi bubi bwakoresheje amacakubiri na jenoside ariko ubuyobozi bwiza bukoresha za nzira mu kugarura ubumwe mu bantu.

**Ishusho ya 51: Ibyemeranyijwe ku mikorere y'abayobozi**




Icyizere cy'abaturage kigaragaza uruhare rw'abayobozi mu guteza imbere ubwiyunge gikomeje kwiyongera. Ibyo bikaba bigaragazwa n'uko 99.2% by'abasubije bagaragaje ubwitange bw'abayobozi babo mu bwiyunge bw'igihugu. Amakuru yakusanyijwe mu buryo bw'ibitekerezo yemeranya n'uruhare rukomeye abayobozi bagira mu guteza imbere ubwiyunge. Mu kiganiro, umwe mu batanze ibitekerezo muri ubu bushakashatsi yagize ati:

> *Uruhare rw'abayobozi mu bwiyunge ni ingenzi cyane. Ubumwe bw'Abanyarwanda bwasenywe n'abayobozi, kandi niba uyu munsi dukomeje gutera intambwe mu kubaka ubumwe bwacu, ahanini tubikesha ubuyobozi bwiza n'abayobozi beza. Rero, icyo twita ubuyobozi ni rwo rufunguzo rw'ubwiyunge, kandi umuyobozi wese agomba kuba urwo rufunguzo rufungura umuryango w'ubwiyunge (KI1).*

Ibipimo ku kumenya niba abayobozi bakora ibifitiye inyungu abaturage byagaragaje 96.7%, byariyongereye kuva kuri 95.2% mu 2015. N'ubwo bimeze bityo ariko, ku bijyanye n'uko abayobozi bubaha amategeko n'uburenganzira bwa muntu, igipimo cyo muri 2020 kiri kuri 92.0% habayeho igabanuka ugereranyije na 95.7% muri 2015. Amakuru yakusanyijwe mu buryo bw'ibitekerezo ahuza n'ibyo ko imikorere mibi ya bamwe mu bayobozi b'inzego

z'ibanze bananiwe guha abaturage serivisi zikenewe uko bikwiye. Umwe mu bitabiriye ubushakashatsi yasobanuye ibi bikurikira:

> *Ugomba kwibaza impamvu abaturage bahora bumva ko ibibazo byabo byakemurwa na Perezida cyangwa Minisitiri gusa aho kuba Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge cyangwa w'Akagari bibegereye. Ibi bituma umuntu yibaza niba abayobozi ku rwego rw'ibanze bafite ubushake n'ubushobozi bwo gukemura ibibazo by'abaturage. Ubu ni ubuyobozi bubi (KI22).*

Amagambo avugwa hejuru yerekana ko abaturage bamwe benda gutakaza icyizere mu bushobozi bw'abayobozi b'inzego z'ibanze mu gukemura ibibazo byabo, akaba ari nayo mpamvu bagomba gutegereza kugeza igihe Perezida wa Repubulika cyangwa Minisitiri runaka azazira. Muri rusange, iyo abantu bakomeye gutyo, cyane cyane Perezida, basuye uturere, abaturage baturuka mu midugudu itandukanye kugira ngo bereke Perezida ibibazo abayobozi banze cyangwa bananiwe gukemura. Uwashubije aha haruguru aribaza impamvu umuyobozi wahawe ububasha mu nzego zegerejwe abaturage mu Rwanda yananiwe gukemura ibibazo by'abaturage. We abona ko ari ubuyobozi bubi. Byongeye kandi, abitabiriye ubushakashatsi bahujije ingorane z'ubuyobozi bubi n'ibibazo byo kongerera ubushobozi abaturage no kugira uruhare mu miyoborere. Hano, impaka zihuza politiki yo kwegereza ubuyobozi abaturage, intego nyamukuru yabyo ikaba ari ukwegera serivisi abaturage, kongerera ubushobozi abaturage no kugira uruhare mu miyoborere. Ababajijwe bavuga ko uko ubushobozi na serivisi byegerezwa abaturage, niko abaturage bafite amahirwe menshi yo kugira uruhare mu gufata ibyemezo bigamije iterambere ryabo.

Mu gihe ababajijwe bashimye cyane politiki yo kwegereza ubuyobozi abaturage kimwe n'ingamba zinyuranye zashyizweho kugira ngo uburenganzira bw'abaturage bwubahirizwe, ndetse n'abaturage bagire uruhare mu gufata ibyemezo nk'uko amategeko abiteganya, basanga abayobozi b'inzego z'ibanze bakomeje guhura n'ibibazo bijyanye n'ishyirwamubikorwa rya politiki na gahunda nziza ku bibazo bya buri munsi by'abaturage. Umwe muri bo yabisobanuye mu buryo bukurikira, agira ati:

> *"Ikibazo kivuka iyo ushaka guhuza izi gahunda n'ibibazo bya buri munsi by'abaturage. Ku ruhande rumwe, urasanga bimwe byihutirwa bivuguruzanya hagati y'ibiva ku rwego rw'igihugu n'ibyo abaturage bashaka. Ku rundi ruhande, aho gukoresha inzira zishoboka z'abaturage kugira uruhare mu gufata ibyemezo, usanga abayobozi b'ibanze bakoresha urubuga ruhari (umugoroba w'ababyeyi, umuganda, n'ibindi), nk'imiyoboro banyuramo bamenyesha abaturage ibintu byatoranyijwe ngo bishyirwe mu bikorwa (KI16)."*

Undi wabajijwe yakomeje yerekana ko bamwe mu bayobozi babi ku nzego z'ibanze ari ikibazo kigomba gucyemurwa kuko babangamira imbaraga z'ubwiyunge. Dore uko yabisobanuye:

> *Urabizi, icyo umuturage ashaka ni uko umuyobozi amuha serivisi akeneye. Kunanirwa k'umuyobozi cyangwa kwanga gutanga iyo serivisi bivuze byinshi. Abayobozi bagomba kumenya ko abenegihugu atari injiji nk'uko babicyeka. Nyuma ya serivisi mbi zitangwa n'umuyobozi, umuturage ashobora kumureba agatangira kwibwira ko kwanga cyangwa kunanirwa gutanga serivisi nziza bitewe n'ubwoko badahuje. Nk'uko nabikubwiye,*

*ikintu cyose kigabanya ubushobozi bw'umunyarwanda kubona amahirwe yamufasha gukemura ibibazo cyangwa gukora ibyo akeneye kigarura ku buryo bworoshye amateka y'amacakubiri, inzangano n'ivangura ryakorerwa amatsinda amwe y'Abanyarwanda. Ni ikibazo gikomeye ku bayobozi. Uyu munsi, umuyobozi w'ishuri ashobora kwanga kwakira umunyeshuri, uwo munyeshuri akajya kubimenyesha umuyobozi w'Akarere. Umuyobozi ashobora gutinza cyangwa kunanirwa gufasha umunyeshuri mu gihe runaka kubera impamvu zinyuranye zitari ivangura rishingiye ku moko, ariko umunyeshuri akagenda agira ati: "Nari nzi ko bidakunda! Ni gute jye, umuhungu/umukobwa wa runaka nafashwa n'uwo muyobozi!!! Ibi birerekana uburyo imikorere myiza y'abayobozi ishobora gufasha mu guteza imbere ubwiyunge, n'uburyo imikorere mibi y'abayobozi ishobora kubangamira ubwiyunge. Iyo, nk'umuyobozi, utanze serivisi nziza ku baturage, nta kibazo bagirana nawe. Bazajya bashima uburyo uri umuyobozi mwiza, n'uburyo utanga serivisi n'amahirwe angana nta vangura iryo ari ryo ryose. Ariko iyo utanze serivisi ku bantu bamwe ukananirwa cyangwa ukanga gutanga serivisi zimwe ku bandi, abo bagutakariza icyizere bagatangira kukurebera mu ndorerwamo y'amoko, bikaba bibangamira inzira y'ubwiyunge (KI13).*

Ibi byavuzwe hejuru birerekana ko Abanyarwanda, kubera politiki y'amacakubiri igihugu cyanyuzemo, bashobora gusobanura byoroshye serivisi mbi bahawe bakoresheje indorerwamo z'amoko, bikaba ari ikibazo ku rugendo rw' ubwiyunge. Undi mu bitabiriye ubu bushakashatsi yasobanuye ibyo avuga ko abayobozi bafite umwanya mwiza wo guhuza impande ebyiri zifite intego zidahuye batanga serivisi nziza mu buryo butavangura.

*Uyu munsi, Umuyobozi w'Akarere cyangwa Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge cyangwa w'Akagari ukemura neza ibibazo by'abaturage byongera amahirwe ku baturage kugira ngo bizere ubuyobozi. Umuturage wishimiye imikorere y'abayobozi, utumva ko arenganyijwe, yizera cyane ubuyobozi, kandi ibyo bituma habaho inzira nziza y'ubwiyunge (D01).*


N'ubwo ubu bushakashatsi bwagaragaje ubuyobozi bubi nk'imwe mu mpamvu nyamukuru zituma icyizere cy'Abaturage no kwishimira imikorere y'abayobozi bigabanuka muri 2020 ugereranyije no muri 2015, ntabwo ubushakashatsi bwari bugamije gusobanura impamvu abayobozi bamwe na bamwe bahura n'ibibazo byo kudakemura ibibazo by'abaturage nyamara politiki yo kwegereza ubuyobozi abaturage yarashyiriweho koroherezwa kubona serivisi aho zikenewe. Bamwe mu babajijwe, ariko, babihuje n'igitutu kinini cyashyizwe ku bayobozi b'inzego z'ibanze kuva mu nzego zose, hejuru no hasi, kutagira ubushobozi ku ruhande rw'abayobozi b'ibanze bwo guhuza ibyihutirwa ku rwego rw'igihugu n'ibibazo by'ubuzima bwa buri munsi bw'abaturage, n'abandi benshi. Umwe mu bitabiriye ikiganiro yagaragaje ko atishimiye ukuntu ibibazo by'abaturage bidashyirwa imbere agira ati:

*Abayobozi benshi bahugiye mu byo bita 'gahunda nini', bivuze ibikorwa remezo, iterambere ry'ubukungu… baha agaciro gacye ibyo umuturage avuga. Urugero, ubu abayobozi bahugiye mu kubaka amashuri (ku bijyanye na gahunda ya Leta yo kongera umubare w'ibyumba by'amasomo mu rwego rwo kwitegura gufungura amashuri*

*nyuma yo kuyafunga kubera COVID-19) kandi bose bahugiye muri ibyo. Ariko uramutse ubabajije niba barigeze kugisha inama abaturage ku bijyanye nk'urugero, aho amashuri agomba kubakwa urebye intera igomba kugendwa n'abana bajya muri ayo mashuri, wasanga inama nk'izo zitigeze zibaho. Ibi ni ukubera ko, nk'uko (abayobozi) babivuga, gahunda nk'izo ziza nk'ibikorwa by'ingenzi byihutirwa bisaba ubwitange bwuzuye n'umuvuduko ukabije ("ibyo bikorwa biza bicanye maremare") (KI16).*

Ubushakashatsi bwimbitse ku kibazo cyo kumenya impamvu abayobozi b'inzego z'ibanze basa n'aho bafite uruhare runini mu itangwa rya serivisi mbi no kugirana inama nke n'abaturage bugomba gukorwa kugira ngo hamenyekane byinshi ku mbogamizi z'ingamba zo kwegereza ubuyobozi abaturage ku nzego z'ibanze.

**Ishusho ya 52:** Uko Abagabo n'Abagore babona 'IMikorere y'abayobozi'





Biragaragara ko ababajijwe abagabo n'abagore bose bashimye ku rugero rwo hejuru imikorere y'abayobozi mu mu bipimo bine byakoreshejwe mu gusuzuma ibitekerezo by'abaturage kurri iyi ngingo.

### 4.4.3. Ibyumvikanyweho ku bijyanye no kongerera ubushobozi abaturage no kugira uruhare mu miyoborere

Guha imbaraga abaturage no gushishikariza cyangwa kongera uruhare rwabo mu miyoborere bibaha agaciro kandi bigaha ijwi abarikeneye kurusha abandi. Binateza imbere umuco w'ubuyobozi n'abaturage wo kubazwa ibyo bakora no gukorera mu mucyo.

**Ishusho ya 53:** Ibyumvikanyweho ku bijyanye no kongerera ubushobozi abaturage no kugira uruhare mu miyoborere




Muri ubu bushakashatsi, ubushobozi bw'abaturage n'ubwitabire buri ku kigero cya 83.1%. Ibi birenze ibyatangajwe mu bushakashatsi bwakozwe ku gipimo cy'imiyoborere (RGS) cyo mu 2019 aho buri ku kigero cya 72.68%. Nk'uko ishusho ya 53 ibigaragaza, uruhare rw'ibanze abaturage bafite mu bwiyunge rwasuzumwe bwa mbere mu 2020, rugaragazwa ku rugero rwa 90.3%, inkingi zimwe na zimwe zavuzwe hano zagabanutse mu bipimo ugereranyije no muri 2015. Ibipimo byo kumenya niba abaturage bagira ijambo mu byemezo bijyanye na gahunda zigira ingaruka ku buzima bwabo byasubiye inyuma kuva kuri 92.5% mu 2015 bigera kuri 83.9% mu 2020. Ni nako byagenze ku bitekerezo byo kumenya niba abaturage babaza abayobozi ibikorwa byabo, byagabanutse kuva kuri 83.4% mu 2015 bigera kuri 69.7% mu 2020, ibitekerezo ku kumenya niba abaturage bavuga mu bwisanzure ibitekerezo byabo, byamanutse biva kuri 93.9% mu 2015 bigera kuri 83.1% mu 2020, no kugira ngo harebwe niba Abanyarwanda bafite imbaraga zo guhitamo ejo hazaza habo biva kuri 92.1% mu 2015 bigera kuri 83.9% mu 2020. Amakuru yakusanyijwe mu buryo bw'ibitekerezo ahuza kugabanuka mu manota y'ibipimo byavuzwe haruguru ku bayobozi bamwe na bamwe barya ruswa, cyane cyane ku rwego rw'ibanze, banga gutanga serivisi ku baturage keretse bahawe 'akantu' (amafaranga cyangwa ibindi bifite agaciro). Mu by'ukuri, abaturage bagenda barushaho kumva serivisi mbi no kwerekana ko batishimiye abayobozi bananiwe cyangwa banze gukemura ibibazo by'ubuzima bwa buri munsi bw'abaturage, cyane cyane binyuze mu bitangazamakuru bitandukanye byigenga - ababajijwe batanze urugero rwa Radio na TV1 nk'ibyitabazwa cyane. Umwe mu bitabiriye ibiganiro mu matsinda y'ibanze yagize ati:

> *Mbere na mbere, reka nkubwire ko kuri jye, twe (abaturage) tugira ijambo mu byemezo byafashwe kugira ngo habeho iterambere ryacu. Iyo urebye uburyo ubuyobozi butunganijwe muri iki gihe, ubona ko abaturage bafite imiyoboro myinshi banyuzamo ibitekerezo byabo, kuva ku mudugudu kugeza ku rwego rwo hejuru. Kubw'ibyo, ngira ngo uyu munsi abaturage bafite ijambo mu buyobozi bw'igihugu cyabo. N'ubwo bimeze bityo ariko, ushobora kubona abayobozi bamwe badakurikiza amategeko, ariko ibi bikorwa n'abayobozi ku giti cyabo, ntibiva mu miterere y'ubuyobozi.*

*Turabizi, nk'urugero, ko serivisi nziza ari uburenganzira bwa buri muturage kandi ko buri muyobozi afite inshingano yo guha abaturage serivisi nziza, ariko rimwe na rimwe turatungurwa no kubona umuyobozi runaka ategeka abaturage kwishyura serivisi igomba gutangwa nk' uburenganzira. Ibi bituma abaturage batakaza icyizere ku bayobozi babo. Ariko nk'uko nabivuze bikorwa n'umuntu runaka ntabwo ari ubuyobozi bwose (D02).*

Mu gice kibanziriza iki abasubije bagaragaje ko abayobozi bamwe babi, cyane cyane mu nzego z'ibanze, ari yo mpamvu nyamukuru yatumye ibipimo ku bitekerezo niba abayobozi bubaha amategeko n'uburenganzira bwa muntu yarasubiye inyuma mu mwaka wa 2020 ugereranyije n'umwaka wa 2015. Nk'uko bigaragara muri aya magambo yavuzwe hejuru (D02), ruswa ni cyo gisobanuro nyamukuru cyerekana impamvu abayobozi bamwe bigaragara ko bananiwe gutanga serivisi nziza ku baturage. Nk'uko uwabajijwe abigaragaza, mu gihe abaturage bazi neza uburenganzira bahabwa n'itegeko nshinga bwo kubona serivisi ku bayobozi babo ndetse n'inshingano z'abayobozi gutanga serivisi nziza, abaturage batungurwa no guhura n'abayobozi bamwe banga guha serivisi nziza abaturage keretse iyo batanze akantu (ruswa) ku muyobozi. N'ubwo uwabajijwe ashimangira ko ingero nk'izo z'abayobozi babi cyangwa barya ruswa ku giti cyabo kandi ko atari ikibazo gishingiye ku buryo ubuyobozi buteye, baracyagabanya icyizere cy'abaturage ku bayobozi babo.

Kujyana ibi ukabigeza ku rwego rw'abaturage babaza abayobozi ibyo babakorera, amakuru yakusanyijwe mu buryo bw'ibitekerezo, ku ruhande rumwe, bashima ibyagezweho mu bikorwa byo guha imbaraga no gushyiraho uburyo butandukanye abaturage babaza abayobozi ibyo bakora. Nk'uko umwe mu basubije yabivuze,

*Ubu, nta muturage wakwicecekera gusa iyo atanyuzwe na serivisi mbi zatanzwe n'abayobozi. Umuntu wese afite uburenganzira bwo gukomeza gutanga ikirego cye kugeza abonye ubutabera. Twabonye imanza nyinshi aho abaturage bavuze nabi ibyemezo by'abayobozi bamwe, bigatuma abo bayobozi bahatirwa kwegura cyangwa guhindura ibyemezo bari bafashe (D04)*


Ku rundi ruhande ariko, amakuru yakusanyijwe mu buryo bw'ibitekerezo yerekana ko abaturage bakishaka bakibura, ku nzego z'ibanze, aho bashobora gutanga ikirego ku bitabanyuze bitewe na serivisi mbi z'abayobozi babo. Umwe mu bitabiriye ikiganiro yagize ati:

*Ubu, hashyizweho uburyo butandukanye bwo gutuma abaturage bagaragaza ko batemeranya n'imikorere y'abayobozi, ariko nta kigo/urwego ruri mu nzego z'ibanze aho umuturage ashobora gutanga ikirego iyo ababajwe n'ibikorwa by'umuyobozi runaka. Uburyo buriho busa ni nk'uko mu Kinyarwanda bavuga ngo "usanga uwo urega ari we uregera" bivuze ko abayobozi aribo bacamanza babo, cyangwa ko abaturage bisanga bagomba gutanga ibirego kuri abo bayobozi nyine bashinja (KI18).*

Ibyo abitabiriye ubushakashatsi bavuze haruguru aha bishobora kumvikana nk'ikibazo mu rwego rw'ubuyobozi, kuko, nk'uko byagaragaye muri ubu bushakashatsi, uko abayobozi benshi bananiwe kwakira no gukemura ibibazo by'abaturage, niko batakaza icyizere mu baturage. Politiki yo kwegereza ubuyobozi abaturage mu Rwanda itanga inzego zitandukanye, nka Komite Njyanama (Inama Njyanama) ku nzego z'ibanze zigamije guhagararira inyungu z'abaturage no gutuma abayobozi mu nzego z'ibanze babazwa ibyo badakora neza, ariko iyo izo nzego zananiwe guhagararira neza no kurengera inyungu z'abaturage, abaturage ntibabatandukanya n'abayobozi batavuga rumwe. Rero, mu gihe hari ikigo ku rwego rw'ibanze, nk'uko byavuzwe n'uwasubije (KI18), byafasha cyane. Abantu bagomba gutekereza uburyo ikigo gisa n'iki kivugwa cyaba gitandukanye n'ibiriho; cyangwa bakareba niba igikenewe gishobora kuba ari ugusobanukirwa neza imbogamizi uburyo bwifashishwa buhura nazo mu guhagararira no kurengera inyungu z'abaturage no gutanga ingamba zikwiye zo kunoza ibibakorerwa.

Ibitekerezo ku kongerera ubushobozi abaturage no kugira uruhare mu miyoborere hakurikijwe abagabo n'abagore bisa nk'aho bigaragaza imyumvire imwe ku bagabo n'abagore, nkuko bigaragara ku ishusho ya 54 ikurikira:

**Ishusho ya 54:** Ibitekerezo ku 'kongerera ubushobozi abaturage no kugira uruhare



Hafi muri ibi bice birindwi byose byagaragajwe byo guha imbaraga no kugira uruhare byakoreshejwe muri ubu bushakashatsi, ababajijwe b'abagabo n'abagore bagaragaza imyumvire yegeranye kandi ari ku rugero rwo hejuru ku bipimo byasuzumwe.

### 4.4.4 Incamake y'ibyavuye ku ngingo y' icyizere n'uruhare by'abaturage mu miyoborere

Iki gice cyerekana ibyasubijwe kuri iyi ngingo. Igitekerezo cyari, « uko abaturage benshi bemeza ko abayobozi n'inzego baha agaciro ubwiyunge mu buzima bwabo bwa buri munsi, hamwe n'uko abaturage bagira uruhare bakanaha imbaraga imiyoborere, niko ubwiyunge bushoboka». Tuributsa ko ibisubizo, nk'uko byatanzwe muri ubu bushakashatsi, byemeje cyane icyi gitekerezo cyari cyitezwe. Ni muri urwo rwego, imbonerahamwe ikurikira yerekana urugero mpuzandengo rw'icyo gipimo muri 2010, 2015 no muri 2020 :

**Imbonerahamwe ya 12:** Impuzandengo y'igipimo ku cyizere n'uruhare rw'abaturage mu miyoborere

| Inkingi | Ibipimo | Ibisubizo (%) in 2010 | Ibisubizo (%) in 2015 | Ibisubizo (%) in 2020 |
|---|---|---|---|---|
| Ikizere n'uruhare rw'abaturage mu miyoborere | ***Uruhare rw'Inzego*** | | | |
| | 1. Guveninoma (Urwego rukuru rw'igihugu) | 92.4 | 95.8 | 96.5 |
| | 2. Inteko Ishinga Amategeko (Sena n'Umutwe w'Abadepite) | 91 | 91.1 | 94.9 |
| | 3. Inzego z'ubuyobozi bw'ibanze | 84 | 87.4 | 96.6 |
| | 4. Inzego z'ubutabera | 90 | 89.3 | 91.3 |
| | 5. Komisiyo y'Igihugu y'Amatora | | 87.5 | 94.7 |
| | 6. Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge | | 94.3 | 97.6 |
| | 7. Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside | | 93.9 | 97.4 |
| | 8. Urwego rw'Umuvunyi | | 85.7 | 92.3 |
| | 9. Inzego z'Umutekano | | 92.1 | 97.6 |
| | 10. Itangazamakuru | 69.2 | 77.2 | 94.6 |
| | 11. Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu | | 90.5 | 95.6 |
| | 12. Sosiyete sivile/Ibigo bitegamiye kuri Leta | 70.3 | 70.8 | 84.6 |
| | 13. Imitwe ya Politiki | 53.7 | 73.1 | 84.9 |
| | 14. Inama Njyanama (z'Uturere, Imirenge, Utugari) | | | 95.1 |
| | 15. Komisiyo y'Itorero ry'Igihugu | | | 96.0 |
| | 16. Inama y'Igihugu y'Imiyoborere | | | 93.0 |
| | ***Guha ubushobozi abaturage no gutuma bagira uruhare mu miyoborere*** | | | |
| | 17. Uruhare rw'abaturage ni ingenzi mu guteza imbere ubwiyunge | | | 90.3 |
| | 18. Abaturage bafite ijambo mu byemezo bijyanye na gahunda zigira ingaruka ku buzima bwabo | 52.3 | 92.5 | 83.9 |
| | 19. Abaturage bitorera ababayobora | 93.8 | 95.4 | 87.8 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | 20. Ibyo abaturage bakeneye byitabwaho mu iteganyamigambi rigamije iterambere ry'igihugu | | | 82.9 |
| | 21. Abaturage babaza abayobozi babo ibyo babakorera | | 83.4 | 69.7 |
| | 22. Abaturage batanga ibitekerezo byabo mu bwisanzure | | 93.9 | 83.1 |
| | 23. Ubu Abanyarwanda bafite ububasha bwo kugena ahazaza habo | 56.5 | 92.1 | 83.9 |
| | ***Imikorere y'abayobozi*** | | | |
| | 24. Uruhare rw'Abayobozi ni ingenzi mu guteza imbere ubwiyunge | | 95.3 | 99.2 |
| | 25. Abayobozi bakora ibiri mu nyungu z'abaturage | 80.7 | 95.2 | 96.7 |
| | 26. Abayobozi bubaha kugendera ku mategeko n'uburenganzira bwa muntu | | 95.7 | 92.0 |
| | 27. Abayobozi bakora ibihagije mu kunga Abanyarwanda | | | 91.4 |
| | **IMPUZANDENGO** | | | **90.6** |

Muri make, habaye igabanuka ku bipimo bimwe na bimwe hagati ya 2015 na 2020. Muri ibyo gipimo harimo no kumenya niba abaturage bafite ijambo mu byemezo bijyanye na gahunda zigira ingaruka ku mibereho yabo, aho byagabanutse kuva kuri 92.5% mu 2015 kugera kuri 83.9% mu 2020, ubushobozi bw'abaturage bwo kubaza abayobozi ibyo babakorera bwamanutse buva kuri 93.4% mu 2015 bugera kuri 69.7% mu 2020, ndetse n'uburyo abayobozi bubahiriza kugendera ku mategeko n'uburenganzira bwa muntu byavuye kuri 95.7% mu 2015 bigera kuri 92.0% mu 2020. Ikindi gipimo cyagaragaje igabanuka ni ukumenya niba abaturage batora abayobozi babo byamanutse bava kuri 95.4% mu 2015 bigera kuri 87.8% mu 2020. Igipimo cyasuzumye icyizere abaturage bafitiye inzego zigira uruhare mu bwiyunge cyerekanye kuzamuka ku bipimo byose. Igipimo rusange ku nkingi yose cyabaye 90,6% byerekana gutera imbere gato uvuye kuri 88.4% byo mu 2015.

## 4.5. Umutekano n'imibereho myiza

Ibijyanye n'umutekano nk'uko bigenda bivugwa mu nyandiko zinyuranye byagiye bihinduka kuva mu 1940 byerekana ku buryo bwimbitse kandi bwagutse imitekerereze ya kera ku ntambara, igisirikare, ingamba zikomeye z'igihugu na politiki y'uturere. Ibivugwa mu nyandiko z'ubu birimo ibintu bitatu bitandukanye n'ibisanzwe bivugwa mu za kera. Icya mbere ni uko ibivugwa mu buvanganzo bushya bifata umutekano, aho kuvuga kwirwanaho cyangwa intambara, nk'igitekerezo nyacyo cy'ingenzi; iri hinduka ry'imitekerereze ryerekana akamaro k'imibanire myiza y'abaturage n'isano iri hagati y'ibihungabanya umutekano wa gisirikare n'ibatari ibya gisirikare n'ahari intege nke. Icya kabiri ni uko ibi bivugwa mu nyandiko bitandukanye kuko bikemura ibibazo bishya byatewe n'Intambara y'Ubutita ndetse no kwirukira intwaro za kirimbuzi. Icya gatatu ni uko ibi bivugwa mu buvanganzo ubu usanga byandikwa cyane n'abasivili kuruta uko abasirikari babikoraho nk'inyandiko z'urwego rwo hejuru (Buzan et al, 2009).


Ng'uko uko umutekano w'abantu wibohoye ugahinduka igitekerezo cy'ingenzi cy'abashakashatsi n'abashinzwe kuwubungabunga (Buzan et al., 2009). Mu by'ukuri, mu isi ya none, abantu batewe impungenge n'ibibazo byinshi: yego birimo intambara, ariko kandi

n’ubukene, inzara, gukandamizwa muri politiki, no kwangirika kw’ibidukikije, tubivuze muri make (Peoples et al., 2010). Ni muri urwo rwego, gahunda y’umutekano yaguwe ikaza ikubiyemo ibibazo nk’ubukene n’uburezi, bivuze ko abantu bumva bafite umutekano bitatewe gusa no gukumira ibiwuhungabanya bya gisirikare bijyanye n’imyumvire gakondo ishingiye ku mutekano wa Leta, ahubwo binyuze no mu kurwanya ibitera ubukene, ubuzima bubi, kwangirika kw’ibidukikije, n’ibindi (op cit., 2010). Kugira ngo rero umenye neza uko umutekano uhagaze n’imibereho myiza, iyi raporo ivuga ku bipimo bine byaganiriweho mu bice bikurikira:

### 4.5.1. Umutekano w’Igihugu n’ubwiyunge

Igitekerezo cy'umutekano w'igihugu gikubiyemo ubushobozi bw'igihugu runaka bwo kurinda no kurengera abaturage bacyo. Uterwa n’ibintu bitandukanye birimo aho igihugu giherereye, uko politiki imeze muri rusange, n’uburyo abaturage bagira uruhare mu miyoborere, n'ibindi. Muri iki gice, uko umutekano w’igihugu uteye birigwa bijyanye n’urugendo rw’ubwiyunge, kandi ishusho ikurikira irerekana ibitekerezo by’Abanyarwanda muri urwo rwego:

**Ishusho ya 55:** Umutekano w’Igihugu n’ubwiyunge





Hagati ya 2015 na 2020, u Rwanda rwagize ibibazo by'umutekano muke nko kugaba ibitero kw’imitwe y’iterabwoba yitwaje intwaro mu Turere twa Nyuguru, Nyamasheke na Burera. Mu rwego rwo gusuzuma niba ibintu nk’ibi byaragize ingaruka ku nzira y’ubwiyunge, ibisubizo ku mibare yavuzwe haruguru byerekana ko 81% batabonye ko hari ingaruka z’umutekano muke mu rugendo rw’ubwiyunge. N’ubwo 19% by'abasubije batekerezaga ko ibibazo by’umutekano muke bishobora kuba byaragize ingaruka ku bwiyunge, abarenga 80% ntibabibona gutyo. Byongeye kandi, 98.4% by'abasubije bemeza ko inzego z'umutekano zifitanye ubufatanye bwiza n'abaturage, bikaba biteza imbere ubwiyunge. Iyi shusho nziza igaragazwa cyane na 98.9% by’Abanyarwanda babona ko umutekano uriho ubu utuma ubwiyunge bushoboka.

### 4.5.2. Umutekano w'umuntu ku giti cye n'ubwiyunge


Usibye umutekano w'igihugu, hasuzumwe kandi uko umutekano n'imibereho myiza bimeze mu bijyanye n'umutekano bwite w'umuturage, igitekerezo cyerekana ko hari imbaraga zihariye zashyizwe mu kugabanya amahirwe y'ibyaha bikorwa, no guhangana n'ibyo byaha mu gihe bibaye. Kugira ngo hasuzumwe iyi ngingo y'umutekano, raporo yibanze ku rwego rw'umuryango, yiga ibitekerezo by'abagize umuryango ku bijyanye n'umutekano wabo bwite n'ubwiyunge, nk'uko bigaragazwa n'ishusho ikurikira:

**Ishusho ya 56:** Umutekano bwite w'umuturage n'ubwiyunge




Nk'uko byagaragajwe hejuru muri iyi shusho, Abanyarwanda barenga 97% babona ko urugero rw'umutekano bafite ku rwego rw'umuryango bituma bagira icyizere cyo kugira uruhare mu bwiyunge, kuko nta kintu babona kibangamiye umutekano wabo (95.8%). Kugira ngo winjire muri uru rwego rw'umutekano w'umuntu ku giti cye, ishusho ikurikira irerekana ibitekerezo byatanzwe ukurikije igitsina.


**Ishusho ya 57:** Ibyagaragajwe ku 'umutekano' w'umuntu ku giti cye n'ubwiyunge' ukurikije abagabo n'abagore




Ishusho ya 57 yerekana uko Abanyarwanda babona isano iri hagati y'umutekano w'umuntu ku giti cye n'ubwiyunge, nk'uko byagaragajwe ukurikije igitsina. Nk'uko umuntu ashobora kubibona kuri iyi mibare yavuzwe haruguru, 95.4% by'ababajijwe b'igitsina gore bagaragaje ko bumva bafite umutekano w'umubiri, mu gihe 96.1% b'igitsina gabo babyumva kimwe. Mu buryo nk'ubwo, 97,9% by'igitsina gore bemeza ko umutekano bafite mu muryango no ku giti cyabo ari mwiza bihagije ku buryo utuma bagana inzira y'ubwiyunge bafite icyizere, mu gihe 98.2% b'igitsina gabo bemeza ko bafite imyumvire imwe. Iri janisha, n'ubwo harimo itandukaniro rito riri hagati y'ab'igitsina gabo n'ab'igitsina gore, ni icyerekana igipimo kiri hejuru cy'umutekano w'igihugu, nk'uko bigaragara mu ishusho ya 57.

Inzira imwe ishobora kugaragara mu gihe umuntu atandukanyije ibitekerezo k'umutekano w'umuntu ku giti cye n'ubwiyunge ukurikije imyaka. Ishusho ikurikira iratanga ibisobanuro birambuye.

**Ishusho ya 58:** Ibijyanye n 'Umutekano w'umuntu ku giti cye n'ubwiyunge ukurikije icyiciro cy'imyaka




Iyi mibare yo mu ishusho ya 58 irerekana ko Abanyarwanda bari hagati y'imyaka 51 na 64 bumva bafite umutekano ku mubiri, haba ku giti cyabo ndetse no ku muryango wabo (97.1%). Icyo cyiciro kimwe cy'imyaka cyongeye kugira ijanisha ryo hejuru (99.1) mu bijyanye no kumenya niba umutekano umuntu afite ku giti cye no ku rwego rw'umuryango bimworohereza kujya mu bikorwa by'ubwiyunge. Icyerekezo ku byiciro byose by'imyaka kiri hejuru ku bijyanye n'uko umutekano uhagaze ubu hamwe n'icyizere cyo kugira uruhare mu bikorwa by'ubwiyunge. Ariko, nta wabura kuvuga ko icyiciro cy'imyaka 18 kugeza 35 (urubyiruko) n'icy'imyaka 65 no hejuru (abageze mu za bukuru) bagaragaza igipimo kiri hejuru ku rwego rwo kumva bafite umutekano w'umubiri ku rwego rw'umuntu ku giti cye no ku rw'umuryango. Mu by'ukuri, ku kibazo cyo kumenya niba batigeze bumva ko hari ikibazo kibangamiye umutekano wabo bwite, ibi byiciro byombi bavuze 'oya' kuri 5.2% na 5.3%, mu gihe Abanyarwanda bari hagati y'imyaka 36 na 50, n'abari hagati ya 51 na 64 basubije 'oya' kuri 3,6% na 2,9%.

Imyumvire imwe yo kumva ko nta mutekano yongeye kugaragara ku mubare munini w'icyiciro cy'urubyiruko ugereranyije n'abandi, kuko 3,2% by'abari hagati y'imyaka 18 na 35 aribo bavuga ko umutekano bishimira ubu ku giti cyabo no ku rwego rw'umuryango udatuma bumva biteguye gukora ibikorwa by' ubwiyunge. Amakuru yakusanyijwe mu buryo bw'ibitekerezo yahujije iyi myumvire y'umutekano muke mu rubyiruko n'ubushomeri buriho. Umwe mu basubije yagize ati:

> *Hari abantu benshi, cyane cyane urubyiruko, badafite akazi gatuma binjiza amafaranga. Aba bantu muri rusange bagira ibitekerezo bibi ku manywa n'inzozi mbi nijoro. Kudakora ni ikibazo kibangamiye amahoro, kandi bikabuza kwiyunga ku rwego rwo hejuru. Hariho ikintu kizwi nka 'time bomb'. Ndakubwiza ukuri ko ubushomeri ari*


*igisasu gihari kizaturika, kubera ko abantu badafite akazi ari abakandida boroshye kwinjizwa mu gisirikare n'imitwe y'inyeshyamba ziteganya gutera igihugu. Urabizi, abenshi mu binjizwa mu mitwe y'iterabwoba muri rusange basezeranywa kubona imirimo ibyara inyungu vuba, cyangwa bagasezeranywa imyanya myiza muri Guverinoma nibamara gutsinda intambara irwanya Guverinoma iriho (KI16).*

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda kivuga ko umubare w'abashomeri mu Rwanda wiyongereye uva kuri 13.1% muri Gashyantare 2020 mbere y'uko iki gihugu gihura bwa mbere n' icyorezo cya COVID-19, ariko kikaba cyarazamutse cyane kigera kuri 22.1% muri Gicurasi 2020 (NISR, 2020). Nk'uko raporo ibigaragaza, amatsinda nyamukuru yibasiwe n'ubushomeri ni igitsina gore (25.0%) n'urubyiruko (27.2%). Uwasubije (KI16) muri aya magambo yavuzwe haruguru abona ko ubushomeri bw'urubyiruko ari igisasu cyizagire igihe giturika, kubera ko nk'uko abivuga, urubyiruko rudafite akazi rushobora kwinjizwa ku buryo bworoshye mu mitwe y'iterabwoba n'inyeshyamba zisezeranya guha urubyiruko akazi keza cyangwa imyanya muri Guverinoma nibamara gutsinda intambara. Iki gitekerezo ni ukuri kuko urubyiruko rwinjiye mu mitwe y'iterabwoba hanyuma rugafatwa nyuma muri rusange ruhamya ko ababasabye kwinjira babasezeranyije akazi ko gucukura amabuye y'agaciro muri Kongo (DRC) cyangwa imyanya yo mu rwego rwo hejuru muri Guverinoma nibamara gutsinda Guverinoma iriho ubu mu Rwanda. Ibi birerekana uburyo ikibazo cy'ubushomeri ari ingorabahizi cyane ku bijyanye n'amahoro, umutekano n'iterambere.

### 4.5.3. Umutekano mu by'ubukungu n'uburenganzira ku mutungo


Umutekano mu by'ubukungu ni ikindi kintu cy'ingenzi ku mutekano nk'uko bisobanuwe muri rusange. Komite mpuzamahanga ya Croix-Rouge isobanura iki gitekerezo nk'ubushobozi bw'abantu, ingo cyangwa imiryango y'abaturage bwo kubona ibyo bakeneye mu buryo burambye kandi bubashywe. Ubushobozi nk'ubwo buterwa n'ibyo umuntu ku giti cye akeneye, ibimukikije muri rusange hamwe n'umuco uhiganje. Mu rwego urwo arirwo rwose, umutekano w'ubukungu ureba ubushobozi bwo kwihaza mu biribwa, kubona aho kuba, kugira imyambaro n'isuku, hamwe n'amafaranga akoreshwa nko kwivuza, mu burezi, ndetse n'ubushobozi bwo kwibeshaho. Ni yo mpamvu, ubwiyunge bwasuzumwe na none mu buryo Abanyarwanda babona umutekano mu by'ubukungu n'uburenganzira ku mutungo. Ibitekerezo byabo bigaragara mu mashusho akurikira.

**Ishusho ya 59:** Umutekano w'ubukungu n'uburenganzira ku mitungo





Nk'uko bigaragazwa hejuru mu ishusho ya 59, 96.1% by'abasubije bavuze ko Abanyarwanda bagenda bava mu bukene, ibyo bikaba bigaragaza ko abatuye u Rwanda bishimiye cyane umutekano mu by'ubukungu bijyanye no kugabanya ubukene. Uburenganzira ku mutungo nabwo buhabwa amanota menshi, kubera ko ibisubizo byerekana ko Abanyarwanda bafite uburenganzira ku mutungo (95.8%), banyurwa na politiki y'imiturire (94,6%) yatangijwe na Guverinoma y'u Rwanda, kandi banyuzwe no kubona no gukoresha umutungo wabo bwite (94.1%). Kugira ngo hatangwe amakuru menshi yerekeye ibintu bine ubushakashatsi bwasesenguyemo umutekano mu by'ubukungu, hakozwe igereranya ku rwego rw'Uturere, nk'uko bigaragazwa n'imibare ikurikira:

**Ishusho ya 60:** Ibitekerezo ku buryo abantu bava mu bukene mu Karere kabo





Ku rwego rw'igihugu, 96.1% by'abasubije bemeje ko abantu bo mu Turere batuyemo bava mu bukene, mu gihe 3,9% batabyemeraga. Nk'uko bigaragara ku ishusho iri hejuru, kugabanuka k'ubukene mu Turere twose 30 ni ukuri kwigaragaza. Mu rwego rwo gusesengura neza twagombye kumenya ko Uturere tubiri, Gasabo na Burera, twagize byibuze 10% by'abasubije batemeranya n'amagambo avuga ko abantu bava mu bukene mu Turere batuyemo. Ikigaragara ni uko ibyo bitari ku rugero runini ugereranyije n'abarenga 89% babyemeye, ariko ubushakashatsi bwimbitse kurushaho, bibaye ngombwa, bushobora gutanga ibindi bisobanuro kuri iyi ngingo muri Utu Turere impamvu abagera ku 10% babibona gutyo.

**Ishusho ya 61:** Ibitekerezo ku burenganzira bwa buri muntu bwo kugira imitungo (ubutaka, amazu ...) muri buri Karere




Ishusho ya 61 irerekana ishusho nziza y'ukuntu abantu bafite uburenganzira bwo kugira imitungo mu turere twose tw'igihugu. Mu by'ukuri, amanota meza ku rwego rw'Akarere agaragaza 95.8% yabonetse ku rwego rw'igihugu. Akarere ka Gasabo, kuri iyi nshuro gahuje n'Akarere ka Nyarugenge, ku 10% by'Abanyarwanda ku giti cyabo batemeranya n'amagambo avuga ko bafite uburenganzira bwo kugira umutungo. Mu gihe mu tundi Turere abarenga 93% bemeza ko bafite uburenganzira ku mitungo yabo, ariko ubushakashatsi bwimbitse kurushaho kuri iyo ngingo bushobora gutanga ubundi bushishozi buramutse bukozwe.


**Ishusho ya 62:** Uko Abanyarwanda banyuzwe na politiki y'imiturire ukurikije Akarere




Ku bijyanye n'uko Abanyarwanda banyuzwe na politiki y'imiturire, uturere twose tugaragaza ko abaturage babyishimiye cyane kuko 94,6% bemeza ko banyuzwe na politiki yo gutuza abantu. Nubwo bimeze bityo ariko, Uturere twa Gasabo na Nyarugenge usanga dusangiye icyigereranyo kimwe kinini kw'ijana cyo kutanyurwa ugereranije n'utundi turere. Ariko rero, 22,6% by'abashubije mu Karere ka Gasabo bavuze ko batanyuzwe na politiki y'imiturire, mu gihe 18.1% by'abashubije muri Nyarugenge nabo bagaragaje ko batishimiye politiki yo gutuza abantu. Nubwo iryo janisha ridafite akamaro ugereranije na 77.4% by'abashubije banyuzwe muri Gasabo na 81.9% muri Nyarugenge, ubushakashatsi bwimbitse kurushaho bwazatanga urumuri rwinshi ku bijyanye n'uburyo ubwo buryo bugira ingaruka ku nzira y'ubwiyunge.

Ku bijyanye no kubona no gukoresha umutungo w'umuntu nk'ubutaka, ibitekerezo by'abaturage bitandukanije hakurikijwe uturere mu ishusho ikurikira'

**Ishusho ya 63:** Ibitekerezo ku kunyurwa kw'Abanyarwanda mu kubona no gukoresha umutungo wabo bwite (ubutaka, amazu, nibindi) ukurikije 'Akarere





Ishusho ya 63 irerekana ku rwego rwa buri Karere uko Abanyarwanda banyuzwe mu kubona no gukoresha umutungo wabo bwite. Kimwe n'ibindi bintu mu isesengura ry'umutekano mu by'ubukungu, Abanyarwanda berekana urwego rwo hejuru rwo kunyurwa mu kubona no gukoresha umutungo wabo bwite (94.1%). Akarere ka Gasabo na Nyarugenge bagaragaje ijanisha riri hejuru (16.5 na 19.2) ku bantu batanyuzwe no kubona no gukoresha umutungo bwite. Twabibutsa ariko ko utu Turere twombi tunafite Abanyarwanda bagaragaza rwo kunyurwa mu kubona no gukoresha ubutaka ku rugero rwa 83.5% mu Karere ka Gasabo na 80.9% mu Karere ka Nyarugenge.

### 4.5.4. Ibitekerezo bijyanye no gukwirakwiza neza ibikorwa remezo


Ku bijyanye no gukwirakwiza ibikorwa remezo, hari ibimenyetso bifatika byerekana ko Guverinoma yashoye imari mu iyubakwa ry'imihanda, gukwirakwiza amazi n'amashanyarazi, no kubaka ibigo by'uburezi, ubuzima n'iby'ikoranabuhanga. Kugira ngo duhuze ishoramari nk'iryo n'ubwiyunge, ababajijwe basabwe gusesengura isaranganya ry'ibikorwa remezo mu bijyanye n'amahirwe angana kuri bose. Ibitekerezo byabo bigaragara mu mashusho akurikira:

**Ishusho ya 64:** Ibitekerezo cy'abaturage ku gukwirakwiza neza ibikorwa remezo





Nk'uko bigaragara ku ishusho ya 64, Abanyarwanda banyuzwe cyane no gukwirakwiza neza ibikorwa remezo bijyanye n'amazi, isuku n'isukura (90.9%), amashanyarazi (88.5%), imihanda (94,6%), ibigo by'uburezi (98%), iby'ubuzima (97.6%), n'ibya ICT (84.9%). Imibare ikurikira irerekana uru rwego rwo kunyurwa, ariko ku rwego rw'Akarere.

**Ishusho ya 65:** Ibitekerezo cy'abaturage ku 'Gukwirakwiza neza ibikorwa remezo amazi, isuku n'isukura' kuri buri Karere





Ku bijyanye n'ibikorwa remezo by'amazi, isuku n'isukura, Uturere twose tugaragaza isura nziza, n'ubwo hari Uturere tugaragaza urwego rwo kutanyurwa rudashobora kwirengagizwa kuko bigaragara ko ruri hejuru. Urugero, itandukaniro riri hagati y'ijanisha ryo kunyurwa no kutanyurwa ugereranyije ntabwo ari rinini cyane mu Karere ka Gatsibo (59,6% banyuzwe na 40.4% batanyuzwe). Nanone, Uturere twa Nyamasheke, Ngororero na Rutsiro dufite ikigereranyo cyo kutanyurwa birenga 20%, ibyo nabyo bigomba gufatwa nk'icyuho ugereranyije n'utundi Turere.

**Ishusho ya 66:** Ibitekerezo by'abaturage ku 'Gukwirakwiza amashanyarazi neza' ukurikije buri Karere





Ku bijyanye no gukwirakwiza amashanyarazi, urwego rwo kunyurwa ku baturage ruhagaze kuri 88.5%, ibyo bikaba ari ikimenyetso kigaragara cyerekana imbaraga zashyizwe mu gukwirakwiza amashanyarazi mu gihugu hose. Uturere tumwe na tumwe, cyane cyane utw'icyaro turacyasaba ishoramari ryinshi birerekanwa n'umubare munini wo kutanyurwa n'uburyo amashanyarazi yatanzwe kugeza ubu. Ingero zabyo ziri muri Gatsibo ku kigero cya 39.4%, Ngoma 30.2%, Gicumbi na Nyanza bifite amanota yo kutanyurwa arenga 26%, naho Gakenke, Nyamasheke, Rutsiro na Kamonyi naho bafite ibirenga 20%.

**Ishusho ya 67:** Ibitekerezo cy'abaturage kuri buri Karere ku 'Gukwirakwiza neza imihanda'





Ukurikije ibisubizo byatanzwe, Abanyarwanda banyuzwe cyane no gukwirakwiza imihanda (94,6%). Uturere twa Bugesera, Gicumbi, Nyamasheke, Ngororero na Rutsiro nitwo dufite kutanyurwa biri hejuru ya 10%.

**Ishusho ya 88:** Ibitekerezo by'abaturage kuri buri Karere ku 'Gukwirakwiza neza ibigo by'uburezi'





Kwishimira gukwirakwiza ibigo by'uburezi biri hejuru cyane ku rwego rw'igihugu (98%), ibyo bikaba bigaragara no mu turere twose kuko bose bafite amanota arenga 93%.

**Ishusho ya 69:** Ibitekerezo by'abaturage kuri buri Karere ku 'Gukwirakwiza neza ibigo nderabuzima'




Abanyarwanda bagaragaje ko banyuzwe cyane ku bijyanye no gukwirakwiza ibigo by'ubuvuzi ku rwego rw'igihugu (97,6%), ariko no mu Turere twose tw'igihugu kuko umubare uri hasi wagaragaje kunyurwa ari 91.9%.

**Ishusho ya 70**: Ibitekerezo by'abaturage kuri buri Karere ku 'Gukwirakwiza neza ibikoresho by'ikoranabuhanga mu itumanaho (ICT) '




Kubijyanye no gukwirakwiza ibikorwa remezo by'ikoranabuhanga mu itumanaho (ICT), ibimenyetso ku rwego rw' igihugu byerekana igipimo cyo kunyurwa ku rugero rwa 84.9%. Ku rwego rw'Akarere, ishusho muri rusange bimeze neza, ariko ibipimo byo kutanyurwa ku ikwirakwizwa ry'ibi bikorwa remezo mu Turere tumwe na tumwe, cyane cyane utwo mu cyaro, bigomba kwitabwaho cyane. Nko mu Karere ka Ngoma (54.3% byo kunyurwa na 45.7% byo kutanyurwa), Ngororero (62.1% byo kunyurwa n 37.9% kutanyurwa), ndetse na Burera 29.3% na Rulindo 28.9% bagaragaje kutanyurwa, bafite naho mu Turere twa Muhanga,

Ruhango, Gakenke, na Bugesera naho bagaragaje kutishimira uko gukwirakwiza ibikorwa remezo bya ICT bihagaze hejuru ya 20%.

### 4.5.5. Incamake y'ibyasubijwe ku mutekano n'imibereho myiza

Iki gice cyibanda ku nkingi y'umutekano n'imibereho myiza n'isano bifitanye n'ubwiyunge. Kubera ko umutekano ufatwa nk'umusingi w'inzira y'ubwiyunge, igitekerezo cy'umutekano cyasuzumwe mu buryo bwagutse, umutekano w'abantu, ufata abantu nk'ikintu gifite aho gihuriye cyane n'umutekano. Ni muri urwo rwego, ibipimo ubushakashatsi bwakoresheje mu gusesengura imiterere y'iyo nkingi ari umutekano w'igihugu, umutekano w'abaturage ku giti cyabo bwite, umutekano mu by'ubukungu, no gukwirakwiza neza ibikorwa remezo (amazi, isuku n'isukura, imihanda, ibigo by'uburezi, ibigo nderabuzima, n'ibigo bya ICT). Igitekerezo cyari cyitezwe cyari uko, uko abaturage bumva bameze neza muri rusange, mu by'ubukungu, no ku mubiri wabo kandi bafite umutekano, niko barushaho kwiyemeza kugana inzira y'ubwiyunge. Ibisubizo by'ubu bushakashatsi byemeje iki gitekerezo ku rwego rwo hejuru. Imbonerahamwe ikurikira irerekana ibyavuye mu bushakashatsi ku gipimo cy'ubwiyunge mu mwaka wa 2020, ndetse n'ubwo mu mwaka wa 2015 hagamijwe kugereranya intambwe iyi nkingi yateye mu myaka ishize. Twakwibutsa ko, aho ibigize ibipimo bigomba gusesengurwa byahindutse uko imyaka yagiye ihita, bityo bikaba bidasa cyane cyangwa bitarakoreshejwe mbere, imbonerahamwe ikurikira irerekana ibisubizo bihari gusa.

**Imbonerahamwe ya 13:** Impuzandengo y'ibipimo ku mutekano n'imibereho myiza.

| Inki ngi | Ibipimo | Ibisubizo (%) muri 2010 | Ibisubizo (%) muri 2015 | Ibisubizo (%) muri 2020 |
|---|---|---|---|---|
| Umutekano n imibereho myiza | ***Umutekano w'Igihugu n'Ubwiyunge*** | | | |
| | 1. Umutekano w'u Rwanda ubu, utuma habaho ubwiyunge | | | 98.9 |
| | 2. Ubufatanye buriho bw'inzego z'umutekano n'abaturage buteza imbere ubwiyunge | | 97.0 | 98.4 |
| | 3. Ibiherutse guhungabanya umuteknao w'u Rwanda ntibyagize ingaruka ku nzira y'ubwiyunge | | | 81.0 |
| | ***Umutekano w'umuntu ku giti cye n'ubwiyunge*** | | | |
| | 4. Umuryango wange nangye nta mpungenge z'umutekano muke mfite ku mubiri | 86 | 95.9 | 95.8 |
| | 5. Umutekano mfite jye n'umuryango wanjye utuma twiyemeza kugana inzira y'ubwiyunge nta nkomyi | | | 97.9 |
| | ***Umutekano mu by'ubukungu n'uburenganzira ku mitungo*** | | | |
| | 6. Aho ntuye abaturage bava mu bukene | | 90.3 | 96.1 |
| | 7. Mfite uburenganzira ku mitungo (ubutaka, amazu, n'ibindi.) | 60.3 | 87.4 | 95.8 |
| | 8. Abanyarwanda bishimiye politiki y'imiturire | | | 94.6 |
| | 9. Abanyarwanda bishimiye uburyo bagera, kandi bakoresha imitungo yabo (ubutaka, amazu, n'ibindi) | | | 94.1 |
| | ***Ibitekerezo kw'ikwirakwizwa ry'ibikorwa remezo*** | | | |
| | 10. Amazi, isuku n'isukura | | | 90.9 |
| | 11. Amashanyarazi | | | 88.5 |
| | 12. Imihanda | | | 94.6 |
| | 13. Ibigo by'uburezi | | | 98.0 |
| | 14. Ibigo by'ubuvuzi | | | 97.6 |
| | 15. Ibikorwa bya ICT | | | 84.9 |
| | **IMPUZANDENGO** | | | **94.3** |

Nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ya 13, mu bintu byinshi byasesenguwe ibipimo byakomeje kunozwa uko imyaka yagiye ihita, niyo mpamvu yatumye ibintu bike cyane bifite ibisubizo bigereranywa. Ku kibazo cyo kumenya niba ubufatanye buriho hagati y'inzego zishinzwe umutekano n'abaturage bwarateje imbere ubwiyunge, ibisubizo byo mu 2020 byerekana ko hiyongereyeho 1,4% ho gato ugereranije n'ibyo mu mwaka wo mu 2015. Ku

bijyanye n'umutekano bwite w'umuturage, cyane cyane ku kibazo cyo kumenya niba ababajijwe bumva mu miryango yabo na bo ubwabo nta mpungenge z'umutekano izo arizo zose bafite, ibisubizo byo mu mwaka wa 2015 n'uwa 2020 bikomeza kuba bingana na (95.9% na 95.8%), byariyongereye kuva kuri 86% mu mwaka wa 2010. Ku bijyanye n'umutekano mu by'ubukungu n'uburenganzira ku mitungo, 96.1% by'abasubije bemeje ko abantu bariho bava mu bukene mu Turere twabo, ibyo bikaba byariyongereye kuva kuri 90.3% muri 2015 kugera kuri 96.1% muri 2020. Muri ubwo buryo, hiyongereye cyane ibijyanye n'uko Abanyarwanda ku giti cyabo bafite uburenganzira ku mutungo nk'ubutaka, amazu, n'ibindi. Mu byavuye kuri 60.3% muri 2010 na 87.4% muri 2015 bigera kuri 95.8% muri 2020. Muri rusange, Abanyarwanda bemeranya cyane n'uko igihugu gifite umutekano wo mu rwego rwo hejuru ndetse n'imibereho myiza (94.3%), bikaba ari umusingi ukomeye wo kwiyemeza n'icyizere cyo gukomeza inzira y'ubwiyunge.

## 4.6. Ubutabera, amahirwe angana n'uburenganzira

Mu miryango ya nyuma y'amakimbirane, kimwe mu bibazo bikomeye kandi bitoroshye ni uguhitamo hagati y'ubutabera buca umuco wo kudahana ariko kandi bukunga n'abaturage. U Rwanda rwagize icyo kibazo nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Ku ruhande rumwe, Guverinoma y'ubumwe bw'igihugu nyuma y'amakimbirane yashakaga kuburanisha no guhana, mu buryo buboneye kandi bushishoza, abantu ibihumbi n'ibihumbi bagize uruhare muri jenoside. Ku rundi ruhande, byari ngombwa gutangira inzira yo kunga abaturage b'igihugu. Byagaragaye ko kwitabaza inzego z'ubutabera zisanzwe bitashoboraga kugera kuri izo ntego zombi z'ubutabera n'ubwiyunge. Iyi ni imwe mu mpamvu zatumye Guverinoma ifata icyemezo cyo gushyiraho Inkiko Gacaca mu mwaka wa 2001 kugira ngo ziburanishe ibihumbi by'abakoze jenoside bari bafungiye muri gereza nyinshi zo mu gihugu. Mu gihe kimwe kandi itangira inzira y'ubwiyunge bw'igihugu. Inkiko Gacaca zari zijyanye na gahunda y'ubutabera gakondo ihuza ubutabera bugamije guhana no gusubiza ibintu mu buryo. Izo nkiko zarangije imirimo yazo mu 2011 nyuma y'imyaka 10 zikora.

Inkiko Gacaca zimaze gutangira, byaragaragaye kandi ko abantu batandukanye bagize uruhare muri jenoside badafite amakosa angana. Ku rwego rwo hejuru hari abateguye bagatanga n'ibikoresho byo gukangurira Abanyarwanda basanzwe kwica abaturanyi babo b'Abatutsi. Ku rwego rwo hasi hari Abanyarwanda basanzwe bishe abaturanyi babo babitegetswe n'ubuyobozi muri rusange.


Mu rwego rwo guhuza ubutabera, ubwiyunge no kongera kugarura mu muryango nyarwanda abakatiwe n'Inkiko Gacaca, Guverinoma yashyizeho 'Imirimo nsimburagifungo ifitiye igihugu akamaro' (TIG), yari gahunda yemerera imfungwa zujuje ibisabwa kurangiza ibihano binyuze mu kugira uruhare mu bikorwa binyuranye bifitiye igihugu akamaro. Mu ngingo zikurikira turasuzuma icyo Abanyarwanda batekereza ku mbaraga zose zashyizwe mu kubaka umuryango washingiwe kandi utera imbere ku muco w'ubutabera, kugira amahirwe angana no kurengera uburenganzira bw'ibanze bwa muntu.

### 4.6.1. Ukuri ku mateka no guhana jenoside n'ibyaha bifitanye isano nayo

Kumenya neza ibyabaye, impamvu byabaye n'uburyo byabaye byose hamwe byiswe 'kuvuga ukuri ku byabaye' ni intambwe y'ingenzi iganisha ku bwiyunge nyuma y'amakimbirane. Inkiko Gacaca zatumye abahohotewe n'abagizi ba nabi kugana inzira yo 'kuvugisha ukuri' binyuze mu kwemerera abahohotewe n'abagizi ba nabi kumvwa bari mu ruhame. Izindi gahunda za Leta zashishikarije Abanyarwanda kwitabira ibiganiro byeruye ku mateka no guhuriza hamwe ibitekerezo no kureba ku byahise. Mu bihugu bya nyuma y'amakimbirane, ukuri kugira uruhare runini mu kuzana ubwiyunge. Muri izo gahunda zindi harimo Ndi Umunyarwanda n'amahugurwa n'inyigisho byo mu Itorero.

Usibye ukuri n'ubutabera, ni ngombwa kandi ko abahohotewe n'ababigizemo uruhare babona ko ubutabera butabera koko kandi ko bushinzwe no kurengera uburenganzira budasubirwaho bw'umuntu. Mu rwego rwo gusuzuma gahunda zose z'ubucamanza zashyizweho kugira ngo zikemure ibibazo by'ibihe bidasanzwe kandi by'umwihariko by'u Rwanda rwa nyuma y'amakimbirane, ubushakashatsi bwabajije Abanyarwanda icyo batekereza ku bibazo bimwe na bimwe by'ubutabera, amahirwe angana n'uburenganzira.

**Ishusho ya 71:** Ukuri ku mateka no guhana jenoside n'ibyaha bifitanye isano nayo




Ibyagaragajwe mu ishusho ya 71 yavuzwe hejuru byerekana ibitekerezo by'Abanyarwanda basanzwe kuri ibyo bipimo bitatu bijyanye n'amateka no guhana jenoside n'ibyaha bifitanye isano nayo. Abanyarwanda bemeza ko igihugu cyashyizeho amategeko ahagije kugira ngo ahangane n'icyaha cya jenoside, ingengabitekerezo yayo, ndetse kinashyiraho ingamba zishobora kurinda abantu guhembera ingengabitekerezo ya jenoside. Muri 2015, 95.4% by'Abanyarwanda babonaga ko hari politiki n'ingamba zifatika zemewe n'amategeko zirwanya amacakubiri na jenoside mu Rwanda'. Mu 2020, ibi uko babibona byarazamutse bigera kuri 99%, byerekana neza ko Abanyarwanda basanzwe bafite icyizere ko amategeko y'igihugu n'izindi ngamba bifitanye isano bihagije kugira ngo bahangane na jenoside n'ingengabitekerezo yayo.


Uretse ibyo, Abanyarwanda bemeza ko abakoze jenoside bahanwe bihagije kandi ko muri rusange Abanyarwanda ubu bemeranyijwe ku rwego rw'ibanze ku cyateye jenoside n'ukuri kuri politiki y'amacakubiri y'ubutegetsi bwariho kwacukumbuwe kandi kuganirwaho ku buryo bwuzuye kandi henshi mu gihugu. Mu 2015, 95.8% bemezaga ko abakoze jenoside bahanwe bihagije. Umubare w'abasubije muri iki gihe muri 2020 bemeza ko ibyo ari ukuri ubu ni 98.2%. Mu mwaka wa 2010, bari 89.3%. Na none kandi, iyi ni inzira ihamye yo kwemeza ko abakoze jenoside bahanwe ku buryo bukwiye kandi ko igihano cyari gikwiye kandi kiboneye.

Kuva igipimo cya mbere cy'ubwiyunge cyatangira gukorwa mu mwaka wa 2010, mu Rwanda hagaragaye igitekerezo gihamye ko Inkiko Gacaca zatanze inzira yo kuvuga ukuri ndetse no kwiyunga. Uku kudahuzagurika mu bitekerezo rusange gushimangira inzira na gahunda bigamije kuvugisha ukuri ku byabaye. Mu mwaka wa 2010, 93.7% by'abasubije bemeje ko ukuri kuri jenoside yabereye mu Rwanda, nk'uko ibintu byagenze koko, ukuri kwaragaragaye binyuze mu Nkiko Gacaca. Muri 2015, hakoreshejwe ibipimo bibiri bitandukanye: ukuri ku byabaye mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi, n'ukuri ku macakubiri yaranze amateka y'u Rwanda. Muri ibyo bipimo byombi, 93.3% na 93.0% by'abasubije bemezaga ko ukuri ku byabaye mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi kwagaragaye mu gihe cy' Inkiko Gacaca kandi ko ukuri ku macakubiri yaranze amateka y'u Rwanda nako kwagaragajwe.

Mu 2020, ibyo bipimo byahurijwe hamwe biza ku kigero cya 97.9% cy'abasubije, byerekana neza ko inzira igenda ikomeza kwemerwa na rubanda. Ibi bishimangirwa n'ibisubizo byavuye mu ikusanyamakuru rishingiye ku bitekerezo. Urugero, umwe mu bitabiriye ikiganiro, yagize ati: "Kuvuga ukuri bigira uruhare runini mu kwiyunga n'abantu. Mbere yo kwiyunga n'umuntu, bagomba kukubwira ukuri kose ku byabaye n'uburyo ibintu byagenze. Kuvuga ukuri ni umusingi ukomeye w'ubwiyunge (KI1)". Muri uwo murongo umwe w'ibitekerezo, undi yongeyeho ati: "kuvuga ukuri byari ingirakamaro cyane mu gihe cya Gacaca. Ikibabaje ni uko abantu bamwe bahisemo kutavuga ukuri kuri buri kintu cyose" (KI24).


Icyo amagambo avugwa hejuru yerekana ni akamaro ko kuvuga ukuri mu kwiyubaka kw'igihugu n'Abanyarwanda ubwabo. Kuba abarenga 97% bumva banyuzwe n'uburyo ukuri kuri politiki y'amacakubiri yaranze u Rwanda na jenoside byagaragaye bigira uruhare runini mu bwiyunge. Ariko, nk'uko byatangajwe n'abitabiriye ibiganiro, KI24, hari abantu bamwe batagaragaje ukuri kose kugeza uyu munsi. Ibi bivugwa cyane cyane mu gihe cyo kwerekana aho imibiri y'abazize jenoside iherereye, igipimo cyagize 85.4%.

**Ishusho ya 72:** Ibitekerezo byatanzwe ku 'ukuri ku mateka no guhana jenoside n'ibyaha bifitanye isano' hakurikijwe abagabo n'abagore




Ishusho ya 72 iri hejuru yerekana ibitekerezo by'abaturage b'igitsina gore n'ab'igitsina gabo babajijwe kuri ibyo bipimo bitatu. Ku bijyanye no kumenya niba ukuri ku mateka no guhana jenoside n'ibyaha bifitanye isano nayo, no kumenya niba ukuri kuri politiki y'amacakubiri yaranze u Rwanda no kuri jenoside kwarashyizwe ahagaragara, 98.2% by'igitsina gore na 97.9% by'igitsina gabo basubije bemeza ko aribyo… Byongeye kandi, ku byerekeye kumenya niba abakoze jenoside barahanwe bihagije, 98.4% by'igitsina gore na 98.2% by'abasubije b'igitsina gabo bavuga ko ibyo ari ukuri mu gihe 99.3% by'igitsina gore na 99.2% by'abasubije b'igitsina gabo bagaragaje ko u Rwanda rufite amategeko n'ingamba zifatika zo guhana jenoside n'ibindi byaha bifitanye isano. Biragaragara ko nta tandukaniro rigaragara ukurikije ibitekerezo by'Abanyarwanda b'abagabo cyangwa ab'igitsina gore ku bipimo bitatu biri ku ishusho ya 72. Ibi bivuze ko muri rusange, Abanyarwanda basanzwe bahuje imyumvire kuri ibyo bibazo hatitawe ku gitsina cyabo.

**Ishusho ya 73:** Ibitekerezo byatanzwe ku 'Ukuri ku mateka no guhana jenoside n'ibyaha bifitanye isano nayo' ukurikije ibyiciro by'imyaka





Nk'uko bigaragara ku ishusho ya 73, ku byiciro byose by'imyaka no ku bipimo bitatu byose, ibitekerezo by'abasubije hose bifite igipimo cyo hejuru ya 95%. Byongeye kandi, nta tandukaniro rinini rigaragara mu bitekerezo by'abasubije ukurikije imyaka y'ubukure bafite. Ibi bivuze ko n'abakiri bato babonye amateka y'igihugu bityo bakaba bashoboye kumenya uko ibintu biteye mu gihugu.

Bishobora kandi gutahurwa ko muri rusange abantu bakuze bagize igipimo kiri hejuru muri ibyo bipimo uko ari bitatu. Ibi bishobora guterwa n'uko abantu bakuze bazi neza amateka y'inkomoko n'ishyirwa mu bikorwa bya Jenoside kurusha urubyiruko. Ku bijyanye n'igihano cy'abakoze jenoside, ibitekerezo by'abasubije mu byiciro bitandukanye by'imyaka barabishyigikiye ku rugero rwa 98.1% mu rubyiruko (18-35) na 98.7% mu basaza bafite imyaka 65 n'irenga. Biragaragara rero ko ku bijyanye n'igitekerezo cy'ibyo bipimo bitatu, imyaka y'ababajijwe ntabwo ari ngombwa.

### 4.6.2. Indishyi z'imitungo yasahuwe cyangwa yangijwe mu gihe cya jenoside


Ku bijyanye n'imitungo yasahuwe cyangwa yangijwe, muri rusange havugwa ko guteza imbere ubwiyunge mu Rwanda bisaba ko imitungo y'abarokotse yangiritse/yasahuwe, mu gihe cya jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Ibyagaragajwe n'ubushakashatsi bufatika ku myumvire y'ababajijwe muri uru rwego birerekanwa mu ishusho ikurikira:

**Ishusho ya 74:** Ibitekerezo by'abaturage ku ndishyi z'imitungo yasahuwe cyangwa yangijwe mu gihe cya jenoside





Nk'uko ishusho ya 74 iri hejuru ibigaragaza, 92.9% by'ababajijwe bagaragaje ko bishimiye uburyo irangizwa ry'urubanza rwa Gacaca ryerekeye imitungo yasahuwe cyangwa yashenywe mu gihe cya Jenoside yakozwe bavuga ko byakozwe neza mu gihe 89.9% by'ababajijwe bavuze ko imitungo yasahuwe cyangwa yarimbuwe mu gihe cya Jenoside yishyuwe. Urebye imbogamizi mu kwemeza ko indishyi zikorwa, biratangaje kubona ababajijwe batekereza ko byakozwe ku rwego rushimishije.

**Ishusho ya 75:** Ibitekerezo by'abaturage kuri buri Karere ku ndishyi z'imitungo yasahuwe n'iyangijwe mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi




Urebye iyi mibare ivugwa mu ishusho ya 75, biragaragara ko Akarere ka Nyaruguru ari ko gafite umubare munini (99.8%) ku gitekerezo cy'abaturage bemera indishyi z'imitungo yasahuwe cyangwa yashenywe mu gihe cya Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994, mu gihe akarere gafite umubare muto ugereranyije ku gitekerezo kimwe, ari Nyarugenge ifite 73,6%.

**Ishusho ya 76:** Ibitekerezo by'abaturage kuri buri Karere ku byerekeye gushyira mu bikorwa imyanzuro y'imanza za 'Gacaca' ijyanye n'imitungo yasahuwe n'iyangijwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi




Nk'uko ishusho ya 76 ibigaragaza, ku bijyanye n'igitekerezo cy'abaturage cyerekeranye n'uko ishyirwa mu bikorwa ry'imanza za 'Gacaca' zerekeye imitungo yangiritse cyangwa yasahuwe bikorwa neza, akarere ka Nyuguru kaza ku mwanya wa mbere n'amanota 99.8% mu gihe akarere gafite amanota make ugereranyije ku kibazo kimwe ari Nyarugenge ifite 73,6%. Mu by'ukuri, nk'uko byagaragajwe hejuru, irangizwa ry'imanza za Gacaca riragenda neza mu turere dutandukanye. Ariko, hakenewe imbaraga nyinshi mu Karere ka Nyarugenge mu rwego rwo kurushaho kunoza imyumvire y'ubwiyunge kuko kuva kera imanza za Gacaca zifatwa nk'ishingiro ry'Ubumwe n'ubwiyunge mu Rwanda.


### 4.6.3. Gusaba imbabazi no kubabarira

Kugira ngo inzira y'ubwiyunge igende neza nyuma y'amacakubiri n'ihohoterwa bisaba impande ebyiri: abakoze icyaha n'abarokotse. Impande zombi zigomba kugira uruhare muri iki gikorwa abemera makosa kandi bagasaba imbabazi ku ruhande rumwe ku bushake, n'abatanga imbabazi ku rundi ruhande. Ubu ni uburyo bwiza bwo gushimangira umubano mushya nk'uko byabayeho mu Rwanda. Icyakora, uretse abakoze jenoside n'abayikorewe, uruhare rwa Leta narwo ni ingenzi. Umwe mu bitabiriye ubushakashatsi yabisobanuye uko abibona muri aya magambo:

> *Ntabwo nshobora kubabarira umuntu nzi ko ejo azaza akanyica. Hari aho ngeze uyu munsi hanyemerera gutanga imbabazi. Aho hantu haterwa n' umutekano Leta yashyizeho. Abishe babikoze kubera ko Leta yabibemereye, bivuze ko kugira ngo ubwiyunge bubeho Leta nabwo igomba kubyemera. Urebye, niba Guverinoma y'igihugu yarashyizeho politiki yangiza ubumwe bw'abaturage bayo bikavamo Jenoside, igomba kugira uruhare mu kongera guhuza abenegihugu. Politiki y'igihugu y'uyu munsi ku bumwe n'ubwiyunge igira uruhare runini mu bwiyunge bw'abantu ku giti cyabo, kubera ko iyo Leta idatera intambwe ya mbere yo guhuza abaturage, nta muturage ku giti cye wari kwiyunga. Kubera iyo mpamvu, Leta igira uruhare runini muri uru rugendo (rw'ubwiyunge). N'ubwo umuturage ku giti cye yatanga imbabazi akavuga ko yiyunze, ibikorwa nk'ibi ntacyo byaba bimaze iyo hatabayeho imbabazi n'ubwiyunge ku rwego rw'igihugu. Hatariho aho umuntu yasabira imbabazi, ntihashobora kubaho aho umuntu yatangira imbabazi (KI15)*

Nk'uko iki gice kibimburira ibisobanuro kibivuga, hari abantu batandukanye bagize uruhare mu gikorwa cy'ubwiyunge - abarokotse jenoside, abayikoze, Guverinoma, n'abandi benshi. Urebye ukuntu Guverinoma y'u Rwanda ishimwa kuba yarashyizeho uburyo bukwiye bwo gusaba imbabazi no kubabarira (reba KI15 haruguru), ibyagaragaye muri ubu bushakashatsi byerekana iterambere rikomeye nk'uko bivugwa mu ishusho ikurikira:

**Ishusho ya 77:** Gusaba imbabazi no kubabarira




Iyi shusho ya 77 yerekana ko 96.7% by'abasubije bemeza ko abarokotse jenoside bababariye abakoze jenoside basabye imbabazi. Mu buryo nk'ubwo, 94,9% by'abasubije bavuga ko 'abakoze jenoside basabye imbabazi ku bikorwa byabo muri jenoside yakorewe Abatutsi. Ibi biragaragaza iterambere rinini mu mibanire hagati y'impande zombi kandi ingaruka kuri iki kibazo zigaragara ku mahoro ari hagati y'abacitse ku icumu n'abakoze jenoside yakorewe Abatutsi mu mpande zitandukanye z'igihugu usibye ahakiri ibibazo bike byihariye. Mu biganiro byo mu matsinda no mu biganiro n'abaturage, abitabiriye ubu bushakashatsi bashimangiye ko abarokotse jenoside biteguye gutanga imbabazi. Umwe mu bitabiriye ibiganiro yagize ati:

> *Reka dufate urugero rwa Gacaca. Inkiko Gacaca zagize uruhare runini mu bwiyunge hagati y'Abanyarwanda, kubera ko, niba umuntu yarasabye imbabazi akavuga ukuri kuri Jenoside yakorewe Abatutsi, washoboraga kubona ko abayirokotse batangiye kubona uwayikoze ari umuntu. Ibyakozwe muri kiriya gihe kugeza uyu munsi byari bifite agaciro gakomeye kandi bigomba gukomeza gushimangirwa kuko byatanze ibisubizo (KI14).*


Ibyo uwasubije ibibazo by'ubushakashatsi (KI14) avuga muri aya magambo ari haruguru ni ingirakamaro kuko byerekana ko gusaba imbabazi bigarura ubumuntu ku bakoze jenoside iyo bazisabye abayikorewe. Abantu benshi kw'isi ntibashobora kumenya no/cyangwa gusobanukirwa imbaraga ziva mu kuvuga ngo 'Mumbabarire' cyangwa ngo 'Ndasaba imbabazi', ariko abarokotse jenoside n'abayikoze barabizi. Mu by'ukuri, abantu benshi bitabiriye ubu bushakashatsi ku mpande zombi berekanye akamaro ko gusaba imbabazi no kubabarira. Ku ruhande rumwe, abarokotse jenoside bagaragaje ko bakeneye kumva umuntu ubasaba imbabazi, kuko nyuma yo kubabarira bagarura ibyiyumviro n'ishema byo kumenyekana nk'abantu na none muri sosiyete. Ku rundi ruhande, abakoze jenoside bagaragaje ko bongeye kwemerwa nyuma yo kubabarirwa n'abaturanyi biciye benewabo mu gihe cya jenoside.

**Ishusho ya 78:** Ibitekerezo by'abaturage kuri buri Karere ku "kumenya niba abakoze jenoside barasabye imbabazi ku byaha bakoze"




Urebye iyo mibare yavuzwe haruguru, bigaragara ko Akarere ka Nyuruguru kari ku rwego rwo hejuru (100%) ku gitekerezo cy'abaturage kijyanye n'uko abakoze jenoside basabye imbabazi ku byaha bakoze, mu gihe Akarere gafite amanota make ugereranyije n'icyo gitekerezo kimwe ari Nyarugenge ifite 84.3%.

**Ishusho ya 79:** Ibitekerezo by'abaturage, kuri buri Karere ku kumenya niba abarokotse jenoside baratanze imbabazi ku bayikoze bazisabye





Nk'uko ishusho ya 79 ibigaragaza, ku gitekerezo cy'abaturage kijyanye n'uko abarokotse jenoside bahaye imbabazi abayikoze bazisabye muri buri Karere, Uturere tune aritwo Burera, Ngororero, Nyamagabe na Nyaruguru baza bwa mbere ku manota 100.0%, mu gihe Akarere gafite umubare muto ugereranyije imibare y'ijanisha ari Nyarugenge ifite 90%. Mu by'ukuri, gutanga imbabazi ku ruhande rw'abarokotse jenoside ni ikimenyetso cyiza muri gahunda y'ubwiyunge. Ni akarusho kiyongereyeho abayobozi bagomba kuzirikana kugira ngo ubwiyunge bugerweho mu Rwanda.

### 4.6.4. Gukira ibikomere umuntu ku giti cye

Hafi ya buri muturage w'u Rwanda yagizweho ingaruka, kandi arahungabana, kubera umurage w'amacakubiri n'ihohoterwa, by'umwihariko na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, haba mu ruhare rutaziguye yagize mu gukora iryo hohotera no guhohoterwa ubwabyo, ibikomere by'umuntu ku giti cye, cyangwa se ibikomere muri rusange ndetse n'urupfu rw'abo yakundaga. Abantu bagiye batakaza ibintu ku rwego rukomeye, bagira ibikomere ku mubiri, ndetse n'ihungabana ku mutima no mu bitekerezo mu Rwanda byongera ihungabana ry'uwabikorewe utava muri iki kibazo. Gukira ibyo bikomere utsinda ihungabana ni imwe mu mpungenge zigomba kwigwaho muri ubu bushakashatsi; ibitekerezo by'ababajijwe byerekanwa ku mashusho akurikira:

**Ishusho ya 80:** Gukira ibikomere umuntu ku giti cye




Nk'uko bigaragara ku ishusho ya 80 hejuru, 73.1% bumva ko bakize ibikomere byatewe na jenoside na politiki y'amacakubiri; 86.1% by'abasubije bagaragaza ko abarokotse jenoside bitabwaho; 85.4% by'abasubije bemeza ko bafite amakuru y'aho bashobora gusanga imirambo y'abazize jenoside kugira ngo babashyingure mu cyubahiro; 69.8% by'abasubije bavuga ko amakuru ajyanye n'aho imibiri y'abishwe muri jenoside yakorewe Abatutsi yajugunywe yatanzwe. Ukurikije ibitekerezo by'abasubije', gukira ibikomere k'umuntu ku giti cye ntabwo biri mu bigaragara nabi ariko biboneka ko ari inzira ikomeza, ikenera kwitabwaho buri munsi bitewe n'uburyo iteye. Akantu kose gato gashobora guhindura ibintu vuba. Ihinduka nk'iryo rishobora kugaragara mu by'ukuri kuko mu 2015 iki gipimo cyari kuri 88,6%, mu gihe mu 2020 ari 86.7%. Abitabiriye ubu bushakashatsi basobanuye ingorane zikomeje kubaho zijyanye no gukira ibikomere k'umuntu ku giti cye, mu magambo akurikira (KI16):

> *Hari ibintu byinshi byakozwe mu buryo butaziguye kugira ngo bigabanye ingaruka z'ihungabana, nka FARG, n'ibindi, ariko gahunda zigamije gukira ibikomere by'umuntu ku giti cye ziracyari nke cyane kandi ntizihagije. Iyo ugereranyije n'ibyo igihugu cyagezeho mu zindi nzego, usanga umuvuduko*

*twashyize mu zindi nzego urenze uwashyizwe mu bibazo byo gukira ibikomere by'umuntu ku giti cye. (…) Minisiteri y'ubuzima ikemura ibibazo by'ihungabana n'uburwayi bwo mu mutwe ntigomba kwibanda gusa ku bigo by'ubuvuzi byonyine, kubera ko imiti y'ubuvuzi idahagije kugira ngo ivure ihungabana (KI16).*

Icyo amagambo avugwa hejuru yibandaho ni uko gahunda zo kuvura ibikomere zikeneye kwitabwaho kurushaho birenze imiti yo kwa muganga. Mu rwego rumwe nk'urwo, undi wabajijwe yakomeje yerekana ko, usibye imiti y'abaganga, gukiza ibikomere byatewe na jenoside bifitanye isano cyane no gusaba imbabazi no kuzitanga, arirwo rugendo rw'umuntu ku giti cye rusaba kandi rurenga ibisabwa n'amategeko. Uwasubije KI13 yabivuze muri aya magambo:

*Gukira ibikomere (byo mu mutwe bifitanye isano na jenoside) ubundi bishoboka bitewe n'abaguhohoteye. Iyo abantu (bari barahamijwe icyaha cya jenoside) batekereje gusaba imbabazi mu nzira z'amategeko gusa (muri Gacaca cyangwa izindi nkiko zisanzwe), bivuga ko usabwa gutanga imbabazi azatanga imbabazi za mbuze uko ngira. Kubera ko gusaba imbabazi no kuzitanga bizaba byabaye kubera ko bisabwe n'amategeko (bifatwa nk'aho bitavuye ku muntu wicuza ibibi yakoze) usabwa imbabazi azazitanga, ariko ntazakira. Kugira ngo akire neza bizaterwa n'ukuntu uwagize nabi azasanga uwo yahemukiye (kumusaba imbabazi) amwereka umutima wicuza. Ariko uwahemutse nagenda avuga ngo – cyagwa uwahemukiwe akabyumva uko ngo: "mpa imbabazi, cyangwa n'iyo atabikora, nta kizaba k'uwahemukiwe, ntabwo uwahohotewe azakira ibikomere (KI13*)


Icyo uwasubije (KI13) asobanura mu mvugo ye ya ruguru aha ni uko gukira ibikomere bisaba ibirenze ibyo ubutabera bw'inkiko butanga. Undi muturage witabiriye ibiganiro yabivuze agira ati: "*Ubucamanza ntibuhagije kugira ngo bukize ibikomere byatewe na jenoside (KI21)*". Nk'uko uwasubije KI13 abivuga, gusaba imbabazi no kuzitanga bigira uruhare mu gukiza ibikomere. Aha ikibandwaho ni ukubona uwakoze nabi afata urugendo akajya kureba uwo yahohoteye, noneho akamusaba imbabazi yicuza nk'uko uyu muturage abivuga, mu gihe nta kwicuza by'ukuri bibayeho – uwasubije aravuga iyo byabereye mu rukiko – uwahohotewe azazitanga yikiza kugira ngo ave aho kandi kubera gushaka ubwiyunge bw'igihugu, ariko ntazaba akize ku giti cye. Uretse imbabazi za nyirarureshwa nk'uko zagarutsweho aha, ababajijwe banavuze ku ihuungabana rigera no ku bisekuruza bikurikira, nk'uko bisobanurwa aha hasi:

*"Mu by'ukuri, abantu babwira abana babo ibyo bahuye nabyo mu buzima, kandi ibyo ni byo bitera ibikomere byatewe n'akarengane mu mateka, politiki z'amacakubiri, na Jenoside yakorewe Abatutsi (…). Gukira ibikomere byatewe na jenoside si iby'umunsi umwe. Ni gute umuntu yakira ibikomere byo kubura abo bafitanye isano? Abo bantu (abishwe muri jenoside, abayirokotse, abayikoze, etc) bazakomeza kubaho bafite*

*ibikomere byayo iteka, kugeza igihe bazapfira. Bazanasigira ibyo bikomere ababakomokaho, bizwi nko guhererekanya ibikomere. Umwana ubyawe n'umuntu ufite ibikomere byatewe na jenoside azaragwa ibyo bikomere n'ababyeyi be nya nyuma y'urupfu (KI2)*

Uwasubije KI2, asobanura ukuntu ihungabana rihererekanwa mu bisekuru by'urifite abihereye ku mateka n'ukuntu ahererekanwa. Nk'uko byagaragajwe mu nkingi yo 'gusobanukirwa amateka, iby'ubu no gutekereza ejo hazaza, hari Abanyarwanda bagikomeje gukwirakwiza ingengabitekerezo ya jenoside, by'umwihariko bahererekanya amateka agoretse ya politiki y'amacakubiri. Aho ibi bikorerwa cyane cyane ni mu muryango (ku mashyiga), aribyo bihura neza n'ibyo uwasubije hejuru yerekezaho, nk'iyo ababyeyi ngo bahererekanya ibyo bahuye nabyo mu buzima bwabo byiza cyangwa bibi, birimo n'ibikomere bafite byatewe na jenoside na politiki y'amacakubiri. Birashoboka rero kumva izamuka ry'ijanisha ku bantu bagifite ibyo bikomere bitakize muri urwo rwego rwo gusaba imbabazi bya nyirarureshwa (byo kwikiza) n'ihungabana rihererekanwa mu bisekuru by'abahuye naryo.


**Ishusho ya 81:** Ibitekerezo byatanzwe ukurikije abagabo n'abagore ku 'gukira ibikomere umuntu ku giti cye'




Nk'uko bigaragara ku ishusho ya 81, abantu b'igitsina gabo n'igitsina gore berekana ibitekerezo byabo ku gukira ibikomere kwa buri muntu k'urwego rutandukanye gato. Nk'uko ubushakashatsi bubyerekana kuri buri gipimo, igitekerezo gifata iyambere ku bantu b'igitsina gore no ku b'igitsina gabo ni icy'uko "abarokotse Jenoside bitaweho mu Rwanda" ku gipimo cya 85.2% ku bagore na 87% ku bagabo. Igitekerezo gikurikiraho ni ikivuga ku makuru y'aho ushobora gusanga imibiri y'abakorewe Jenoside ngo bashyingurwe mu cyubahiro bifasha gukira ibikomere; ibi byagize 84.5% ku bantu b'igitsina gore na 86.3% ku b'igitsina gabo. Naho

igitekerezo gikurikiraho ni "Ndumva narakize ibikomere byatewe na Jenoside na politiki y'amacakubiri" bishyigikiwe na 70.9% by'abagore na 75.3% abagabo. Amakuru ajyanye niba aho imirambo y'abazize Jenoside yaratanzwe, ni cyo gitekerezo cya nyuma cyagize amanota make aho ab'igitsina gore bagishyigikiye kuri 68.8% mu gihe ab'igitsina gabo bagishyigikiye kuri 70.7%. Hagomba rero gushakwa igisubizo cy'ubufatanye, cyane cyane ku bijyanye n'amakuru y'aho imirambo y'abazize Jenoside iherereye kugira ngo ubwiyunge nyakuri bugerweho,


**Ishusho ya 82:** Ibitekerezo byatanzwe ukurikije ibyiciro by'imyaka ku 'Gukira ibikomere by'umuntu ku giti cye'




Ishusho ya 82 iri hejuru yerekana ko abasubije kuva mu byiciro bitandukanye bafite igitekerezo kimwe ku gushyigikira gukira ibikomere k'umuntu ku giti cye bigaragara mu nzego zitandukanye. Icyakora, ku gitekerezo: "Ndumva narakize ibikomere byatewe na jenoside na politiki y'amacakubiri" mu rubyiruko ruri hagati y'imyaka 18-35 cyagize igipimo gito (71.4%) ugereranyije n'ibitekerezo by'abakuze bafite imyaka 65 no hejuru yayo biri ku gipimo cya 76.3%. Ku bijyanye n'uko "abarokotse jenoside bitabwaho mu Rwanda", ibitekerezo by'abantu bo mu byiciro bitandukanye byabishyigikiye ku rugero rwa 86.0% ku rubyiruko (18-35); no kuri 87.17% ku bakuze bafite imyaka 65 no hejuru yayo. Ku ngingo ivuga ku "makuru ku haboneka imibiri y'abazize jenoside kugira ngo ishyingurwe mu cyubahiro afasha mu gukira ibikomere", 82.1% by'abasubije byagaragaye ku ruhande rw'urubyiruko ruri hagati y'imyaka 18-35 na 87.2% by'abasaza bafite imyaka 65 n'irenga. Nyamara, ijanisha ryinshi rya 87.3% rigaragara ku bantu bafite hagati y'imyaka 50 kugeza kuri 64. Byaragaragaye ko amakuru ajyanye n'aho imibiri y'abazize Jenoside niba yaratanzwe, yaragize amanota make ugereranije

n'ayayabanjirije. Kugereranya ibitekerezo bijyanye n'icyo gitekerezo byerekana 66.9% ku rubyiruko ruri hagati y'imyaka 18-35 bifite amanota make, mu gihe ari ku rwego rwo hejuru 72.4% ku bantu bari hagati y'imyaka 51-64, naho ku ruhande rw'abasaza bafite imyaka 65 no hejuru bashyigikiye icyo gitekerezo kuri 70.1%.

**Ishusho ya 83.** Ibitekerezo byatanzwe kuri buri Karere ku ngingo ya "Numva narakize ibikomere byatewe na jenoside na politiki y'ivangura"




Ishusho ya 83 yafashije kwerekana uko gukira ibikomere ku munt uku giti cye bihagaze ukurikije buri Karere. Nkuko bigaragara Uturere twa Nyamagabe, Kicukiro, Muhanga, Nyabihu, Nyarugenge na Gasabo tugaragaza ijanisha riri muri 40 ry'abantu biyumva ko batarakira ibikomere byatewe na jenoside yaakorewe Abatutsi. Ibipimo mu tundi Turere nabyo biragaragaza ko hakenewe imbaraga nyinshi mu rwego rwo guhangana n'ibikomere bituruka ku bihe bikomeye igihugu cyanyuzemo.

### 4.6.5. Amahirwe angana no kubahiriza uburenganzira bw'ibanze bwa muntu

Kugira amahirwe angana no kubahiriza uburenganzira bw'ibanze bw'ikiremwa muntu ni ikindi gipimo cyakoreshejwe mu gupima aho ubwiyunge bugeze ubu mu Rwanda. Igitekerezo cy'ibanze muri urwo rwego ni uko guteza imbere ubwiyunge nyuma y'ihohoterwa bisaba ko hubahirizwa uburenganzira bw'ibanze no kugira amahirwe anagana mu bice byose by'ubuzima bw'Abanyarwanda. Igitekerezo rusange ni uko niba abaturage bumva bafite uburenganzira kandi bubaha, bazarushaho kwiyemeza guca inzira z'ubwiyunge. Isuzuma ry'imiterere y'ubwiyunge muri iki gihe ritanga ibisubizo bifatika nk'uko ishusho ikurikira ibigaragaza:

Ishusho ya 84: **Amahirwe angana no kubahiriza uburenganzira bw'ibanze bwa muntu**




Ishusho ya 84 iri hejuru irerekana ko 87.4% by'abasubije bavuga ko Abanyarwanda bose bafite amahirwe angana yo kubona akazi. Ibi biragaragara binyuze mu bikorwa byo gutangaza imyanya y'akazi amashyirahamwe atandukanye akora akoresheje itangazamakuru rusange mu Rwanda ku buryo bugerwaho n'Abanyarwanda bose. Mu buryo nk'ubwo, 95.3% by'abasubije bemeza ko Abanyarwanda bose bafite amahirwe angana yo kwiga. Aya magambo afite ishingiro kuko politiki y'uburezi ishingiye ku mitsindire aho gushingira ku bwoko cyangwa Akarere. Ku bijyanye no guhabwa serivisi z'ubuzima, Abanyarwanda bose bishimira iyi serivisi kimwe nk'uko byavuzwe na 96.9% by'abasubije kubera ko ibigo nderabuzima bigerwaho n'Abanyarwanda bose mu buryo bungana, mu gihe 93.8%

by'abasubije bavuga ko mu Rwanda hari uburinganire bw'ibitsina byombi. Hashingiwe ku bitekerezo bitandukanye batanzwe, hari inzira nziza muri urwo rwego igaragara no mu bindi bipimo bikomeye cyane mu kwerekana inzira y'ubwiyunge mu Rwanda.

Hariho ubwumvikane rusange ko Abanyarwanda bose bafite amahirwe angana. Mu miyoborere yo hejuru ya politiki, ariko, bigaragara ko hari uburyo bwo gushyira mu gaciro bushingiye ku bitekerezo bitandukanye nk'uburinganire bw'ibitsina, n'ibindi bintu bigenderwaho kandi byumvikana. Umwe mu bitabiriye ibiganiro yabisobanuye mu magambo akurikira:


> *Ntekereza ko uburyo imirimo ibonwa ari bwiza. Urubyiruko ntirwitaye cyane kuri iki gitekerezo ko uri iki n'iki. Bari imbere baradusize. Benshi bazi ko ugomba gukora cyane kugira ngo ubone amahirwe. N'ubwo hashobora kubaho imyumvire idahwitse ituruka ku babyeyi, biragenda bigabanuka kuko hariho amategeko na politiki bidaheza kandi bitanga amahirwe angana (KI22).*

Mu magambo asa n'ayo, undi yongeyeho ko:

> *Kera kuba Umuhutu byari uburenganzira bwo guhabwa amahirwe muri politiki, cyangwa akazi cyangwa kubona amashuri n'izindi serivisi. Kubera iyo mpamvu, abantu bashimangiraga ubwoko bwabo uko bikwiye, baheza abandi. Uyu munsi, kubera amahirwe angana kuri bose, nta nyungu ijyanye no kuba Abahutu cyangwa Abatutsi. Ibi bigabanya kwishingikiriza kuri ibi bitekerezo kandi biteza imbere ubumwe mu bantu kuko bazi ko bose bangana '(KI6).*


Muri rusange, byemejwe ko Abanyarwanda bose bafite amahirwe angana. Ikibazo gusa ni uko Abanyarwanda bamwe bashobora kubona amakuru ku byerekeye amahirwe ariho kurusha abandi. Uku kubona amakuru ku buryo butandukanye bishobora kuba biterwa no kutabona kimwe serivisi za interineti.

**Ishusho ya 85:** Ibitekerezo byatanzwe ukurikije abagabo n'abagore ku 'Mahirwe angana no kubaha uburenganzira bw'ibanze bwa muntu





Ishusho ya 85 igaragaza ko ab'igitsina gabo n'igitsina gore berekana ibitekerezo byabo ku gutaga amahirwe angana no kubahiriza uburenganzira bw'ibanze birimo ikinyuranyo gito ku ijanisha. Nk'uko ibyagaragajwe bibyerekana, ibitekerezo bifata iyambere ku bagore no ku bagabo harimo ko "Abanyarwanda bose bafite amahirwe angana yo kugera kuri serivisi z'ubuzima" bifite 96.4% na 97.6%, igitekerezo gikurikira ni ikivuga ko "Abanyarwanda bafite amahirwe angana yo kwiga" bifite 95% ku b'igitsina gore na 96.2% ku b'igitsina gabo; igikurikiraho ni uko "uburinganire bw'ibitsina mu Rwanda" bushyigikiwe na 93,6% by'abagore na 93,9% by'abagabo. 'Abanyarwanda bose bafite amahirwe angana yo kubona akazi' nicyo gitekerezo cyiza bwa nyuma gifite amanota make aho ab'igitsina gore bagishyigikiye ari 86,6% mu gihe abagabo bageze kuri 88.3%.

**Ishusho ya 86:** Ibitekerezo byatanzwe ukurikije icyiciro cy'imyaka ku 'Mahirwe angana no kubaha uburenganzira bw'ibanze bwa muntu'





Ishusho ya 86 iri hejuru yerekana ko abasubije, mu byiciro bitandukanye, bumva kimwe amahirwe angana no kubahiriza uburenganzira bw'ibanze ariko ku nzego zitandukanye gato ukurikije ijanisha. Icyakora, nk'uko bigaragazwa n'amanota, kwemeza ko 'Abanyarwanda bose bafite uburenganzira bungana kuri serivisi z'ubuzima' nibyo biza mbere, bifte ijanisha ryinshi, 96.4% na 97.6 %, ibitekerezo by'urubyiruko ruri hagati y'imyaka 18-35 byagize 95.1% ugereranyije n'ibitekerezo by'abasaza bafite imyaka 65 no hejuru yabyo byagize 98%. Ku bijyanye n'uko Abanyarwanda bose bafite amahirwe angana yo kwiga, ibitekerezo by'abantu bo mu byiciro bitandukanye byashyigikiye ayo magambo kuri 91.2% ku rubyiruko (18-35) na 97.2% ku bantu bafite imyaka 65 no hejuru yayo. Ku bijyanye n'uburinganire bw'ibitsina mu Rwanda, byagaragaye ko urubyiruko ruri hagati y'imyaka 18-35 rwagize ijanisha ryinshi rya 95.1% ugereranyije na 93.2% by'abakuze bafite imyaka 65 nirenga. Byagaragaye ko ibyavuzwe ku Banyarwanda bose bafite amahirwe angana yo kubona akazi byabonye amanota make ugereranyije n'ibindi. Kugereranya ibitekerezo bijyanye n'aya magambo byerekana ko 86% by'urubyiruko ruri hagati y'imyaka 18-35 bemeranya nayo, naho 88.2% by'abasaza bafite imyaka 65 n'irenga.

**Ishusho ya 87:** Ibitekerezo byatanzwe ukurikije Uturere ku gitekerezo kivuga ko 'Abanyarwanda bose bafite amahirwe angana yo kubona akazi'





Nk’uko ishusho ya 87 ibiragaragaza Akarere ka Gatsibo gafite umubare munini 98.7% ku bijyanye n’amahirwe angana yo kubona akazi ku banyarwanda bose mu gihe Akarere kagize igipimo gito ugereranyije ari Akarere ka Gasabo gafite 71.8%.

**Ishusho ya 88:** Ibitekerezo byatanzwe ukurikije Uturere ku ngingo ivuga ko 'Abanyarwanda bose bafite amahirwe angana yo kwiga'





Urebye iyi shusho ya 88 iri haruguru, ku bijyanye n'uko Abanyarwanda bose bafite amahirwe angana yo kwiga, byaragaragaye ko Akarere ka Gatsibo kari ku rwego rwo hejuru rw'ijanisha: 100%, mu gihe mu gihe Akarere ka Kicukiro gafite ari ko gafite rito ku kigero cya 88,6%.

**Ishusho ya 89:** Ibitekerezo byatanzwe ukurikije Uturere ku ngingo ya 'Abanyarwanda bose bafite amahirwe angana yo kubona serivisi z'ubuzima'




Ishusho ya 89, iragaragaza ko Akarere ka Gatsibo kari ku rwego rwo hejuru rw'ijanisha 100% ku bijyanye n'uko Abanyarwanda bose bafite uburenganzira bungana kuri serivisi z'ubuzima, mu gihe Akarere gafite ijanisha rito ari aka Nyarugenge gafite 89.8%.

**Ishusho ya 90:** Ibitekerezo byatanzwe ukurikije Uturere k'uko 'Hari uburinganire bw'abagabo n'abagore mu Rwanda'




Ishusho ya 90 yerekanwe, iragaragaza ko Akarere ka Nyaruguru kari ku rwego rwo hejuru rw'ijanisha rya 98.7% ku bijyanye no kumenya niba mu Rwanda hari uburinganire bw'abagabo n'abagore, mu gihe Akarere gafite bike ugereranyije n'utundi Turere kuri icyo gitekerezo ari Akarere ka Gasabo gafite 85,6%.

### 4.6.6. Incamake y'ibyavuye mu butabera, amahirwe angana n'uburenganzira

Iki gice cyasuzumaga ibijyanye n'amahirwe angana, ubutabera n'uburenganzira bwa muntu nk'ibintu byagizweho ingaruka na jenoside. Bivugwa ko uko ubutabera, kugira amahirwe angana no kubahiriza uburenganzira bwa muntu bigenda byiyongera, niko ubwiyunge mu Rwanda bugenda bwiyongera. Kugira ngo tuvuge muri make iki gice, imbonerahamwe ikurikira irerekana ibisubizo byatanzwe mu 2020 ugereranije n'ibisubizo byo mu 2010 no mu 2015 kuri buri gikimo kimwe.

**Imbonerahamwe ya 14:** Impuzandengo y'ibipimo k'ubutabera, kugira amahiwe angana n'uburenganzira

| Inkingi | Ibipimo | Ibisubizo (%) muri 2010 | Ibisubizo (%) muri 2015 | Ibisubizo (%) muri 2020 |
|---|---|---|---|---|
| ubutabera,amahiwe angana nuburenganzira | ***Ukuri ku mateka, guhana jenoside n'ibindi byaha bifitanye isano nayo*** | | | |
| | 1. Ukuri kuri politiki y'amacakubiri yabaye mu Rwanda no kuri jenoside kwaramenyekanye | | 93.0 | 97.7 |
| | 2. Abakoze jenoside barahanwe | 89.3 | 95.8 | 98.2 |
| | 3. Mu Rwanda hari amategeko aboneye n'izindi ngamba zo guhana jenoside n'ibindi byaha bifitanye isano | | 95.4 | 99.0 |
| | ***Indishyi z'imitungo yasahuwe cyangwa yangiritse mu gihe cya jenoside*** | | | |
| | 4. Imitungo yasahuwe cyangwa yangijwe mu gihe cya jenoside yararishywe | 70.8 | 88.2 | 89.9 |
| | 5. Gushyira mu bikorwa imyanzuro y'imanza za Gacaca ku mitungo yasahuwe cyangwa yangijwe birakorwa neza | | | 92.9 |
| | ***Gusaba imbabazi no kubabarirwa*** | | | |
| | 6. Abakoze Jenoside basabye imbabazi z'ibyaha bakoze | 80.4 | 93.9 | 94.9 |
| | 7. Abarokotse jenoside bahaye imbabazi abakoze jenoside bazisabye | 89.9 | 93.5 | 96.7 |
| | ***Gukira ibikomere umuntu ku giti cye*** | | | |
| | 8. Ndumva narakize ibikomere byatewe na jenoside na politiki y'amacakubiri | 78.5 | 88.6 | 73.1 |
| | 9. Abarokotse jenoside bitaweho mu Rwanda | 69.0 | 88.6 | 86.1 |
| | 10. Amakuru ku hantu hajugunywe imibiri y'abazize jenoside kugira ngo ishyingurwe mu cyubahiro afasha gukira ibikomere | | | 85.4 |
| | 11. Amakuru y'ajugunywe imibiri y'abazize jenoside yaratanzwe | | | 69.8 |
| | ***Amahurwe angana no kuba uburenganzira bw'ibanze bwa muntu*** | | | |
| | 12. Abanyarwanda bose bafite amahirwe angana yo kubona akazi | 61.7 | 74.4 | 87.4 |
| | 13. Abanyarwanda bose bafite amahirwe angana yo kwiga | | 91.2 | 95.3 |
| | 14. Abanyarwanda bose bagera kimwe kuri serivisi z'ubuzima | | 93.0 | 96.9 |
| | 15. Hari uburinganire bw'Abagabo n'abagore mu Rwanda | | 89.6 | 93.8 |
| | **IMPUZANDENGO** | | | **91.5** |

Isuzuma rirambuye ry'amakuru, nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe yavuzwe haruguru, ryerekana inzira nziza n'iterambere mu rwego rwo guca burundu umuco wo kudahana hashyirwaho ingamba zo guhana abakoze ibyaha no kwerekana ukuri kuri politiki y'amacakubiri yo mu bihe byashize, ibi biri kuri 99% by'ababajijwe mu 2020 mu gihe byari kuri 95.4% mu 2015. Ikindi cy'ingenzi cyasesenguwe ni indishyi z'imitungo yasahuwe cyangwa yangijwe mu gihe cya jenoside yakorewe Abatutsi, aho abasubije bagaragaje ko abahohotewe bahawe ingurane ku gipimo cya 89.9% mu 2020 bivuye kuri 88.2% mu 2015 na 70.8% mu 2010. Abasubije kandi bemeza ko imanza za Gacaca zerekeye imitungo yangijwe cyangwa yasahuwe mu gihe cya jenoside zarangijwe ku gipimo cya 92.9%.

Ku bijyanye n'imbabazi, hari iterambere rinini ku bijyanye n'imibanire hagati y'abarokotse jenoside n'abayikoze mu mpande zitandukanye z'igihugu. Mu by'ukuri, ibisubizo byo mu 2020 bigaragaza ko 96.7% by'Abanyarwanda bemeza ko abarokotse jenoside bababariye abakoze jenoside. Uku ni ukwiyongera kugaragara uhereye ku isuzuma ryabanje kuko icyo gipimo cyagize 93.9% mu 2015 na 89.9% mu 2010. Mu buryo nk'ubwo, 94.9% by'abasubije bavuze ko 'abakoze jenoside basabye imbabazi ku bikorwa bakoze mu gihe cya jenoside. Izi ngingo zombi z'ibitekerezo by'impande zombi ni ikimenyetso cyiza mu bikorwa by'ubwiyunge. Icyakora, kugira ngo umuntu akire ibikomere ku giti cye, hafi ya buri Munyawanda yagizweho ingaruka ndetse aranahahamuka kubera umurage w'amacakubiri n'urugomo. Ni muri urwo rwego, urugendo rwo gukira ibikomere rusanzwe rujyana n'ubukomere bw'umuntu ku giti cye, kandi Abanyarwanda basa nk'aho bahuza gukira ibikomere no gusaba no gutanga imbabazi. Hano, Abanyarwanda baha 73.1% kumva niba barakize ibikomere byatewe na jenoside na politiki y'amacakubiri, ibyo bikaba byaragabanutse kuva mu mwaka wa 2015 byari kuri 88.6% na 78.5% mu 2010. Igabanuka nk'iryo rigaragara ku gipimo cyerekana niba abarokotse Jenoside bitabwaho mu gihugu, kubera ko, mu gihe cyari gihagaze kuri 88,6% mu 2015, ubu gihagaze kuri 86.1% mu 2020, kivuye kuri 69.0% mu 2010.

Iyi nzira igabanuka isa naho igaragara ityo ugereranyije n'uko amakuru ajyanye n'aho imibiri y'abishwe muri jenoside atangwa. Mu byukuri, ibisubizo bya 2020 byerekana ko 69.8% by'Abanyarwanda aribo bashima uburyo ayo makuru asaranganywa kugeza ubu, nubwo 85.4% babona ko aya makuru afite agaciro mu gushyingura mu cyubahiro abishwe muri jenoside yakorwe Abatutsi, ari nako bifasha umuntu ku giti cye gukira.

Ku bijyanye no kurenganura no kubahiriza uburenganzira bw'ibanze bwa muntu, havugwa ko uko abaturage bumva ko uburenganzira bwabo bwubahirizwa kandi bagafatwa neza, niko barushaho kwiyemeza inzira z'ubwiyunge. Ibi birashimangira umwanya w'uburinganire no kubahiriza uburenganzira bw'ibanze bwa muntu mu nzira y'ubwiyunge, nk'uko bigaragazwa n'isuzuma rya 2020 ryerekana ko hari iterambere ryagaragaye ku buryo bungana kuri serivisi zitandukanye: uburezi 95.3% kuva kuri 91.2% muri 2015, serivisi z'ubuzima 96.9% ziva kuri 93.0% muri 2015, na 87.4% ku buryo bungana bwo kubona akazi ugereranyije na 74.4% muri 2015 na 61.7% muri 2010.

Hashingiwe ku bitekerezo bitandukanye by'abasubije, hari inzira nziza yo kongera ubwiyunge mu bijyanye no kugira amahirwe angana no kubahiriza uburenganzira bw'ibanze bwa muntu. Ariko, ni ngombwa guteza imbere kugira amahirwe yo kubona akazi kuko iki gipimo cyagize ijanisha rito ugereranyije n'ibindi bipimo biri mu nkingi imwe.


## 4.7. Imibanire myiza

Kugeza ubu mu Rwanda, hari impinduka nziza mu mibanire n'imikoranire, n'ubushake buhagije bwo gushyikirana nta vangura. Imibanire myiza ifatwa nk'ubujeni bufatanya abagize umuryango mugari, bityo ikaba ikimenyetso cya mbere cyerekana inzira y'ubwiyunge igenda neza. Ni muri urwo rwego, kwizerana, kwihanganirana, imikoranire myiza n'ubucuti hagati y'abaturage bigenda bigaragara. Ibitekerezo by'Abanyarwanda ku kuntu iyi mico yo kwishyira hamwe yinjijwe mu mibereho ya buri munsi y'Abanyarwanda igaragara mu gice gikurikira:

### 4.7.1. Icyizere mu Banyarwanda

Birazwi hose ko hatabayeho urwego rwo kwizerana mu bagize umuryango, uwo muryango ntiwabaho. Igitekerezo kibiri inyuma ni uko niba icyizere cyiyongera hagati y'abaturage b'u Rwanda, ubwiyunge hagati y'Abanyarwanda bushobora kugerwaho. Isuzuma ryerekana uko icyizere gihagaze mu Rwanda mu ishusho ya 91 ikurikira:

**Ishusho ya 91:** Icyizere mu Banyarwanda




Ishusho ya 91 yererekana ko 94.8% by'Abanyarwanda basubije bagaragaza ko bashobora gusiga abana babo nta bwoba mu wundi muryango baturanye. Uru rwego rwo kwizerana ntirwari ruriho mu bihe byashize. Abanyarwanda babayeho batizerana kandi akenshi ubwoba bwabo bufite ishingiro. Mu bihe byashize, wasangaga ibirego by'amadayimoni n'uburozi ku bana b'abaturanyi. Abana bo mu muryango umwe ntibashoboraga kujya mu wundi muryango gukina.

Byongeye kandi, 97% by'abasubije bemeza ko mu hantu hahurira abantu basabana (amashuri, siporo, resitora, utubari, ubwikorezi rusange,) nta vangura iryo ariryo ryose rihari. Mu buryo nk'ubwo, ibyagaragaye byerekana urwego runini rwo kwizerana aho 95% by'abasubije bagaragaza ko uyu munsi Abanyarwanda bizeranye. Dufatiye kuri aya magambo, biragaragara ko umubano hagati y'amatsinda n'abantu babana bari ahantu begeranye wateye imbere cyane n'ubwo rimwe na rimwe haboneka ihohoterwa rishingiye ku byaha rusange. Ku bijyanye n'uko Abanyarwanda babanye ubu bishimangira ubwiyunge, nk'uko abitabiriye ibiganiro by'ubushakashatsi babigaragaje:


> *'Ubwiyunge ntabwo ari inzira igendwa ijoro rimwe. Ku rwego rw'ibanze, umuntu yavuga ko Abanyarwanda babana mu mahoro ariko haracyari icyuho mu guteza imbere umubano ukomeye hagati y'abaturage kuko ibyo bisaba urwego runini rw'icyizere. Ikintu cyiza ni uko kuva urwego rw'ibanze rwo kubana ruriho nk'ishingiro, abasigaye bazakurikira buhoro buhoro' (KI19).*

Ibyo uwitabiriye ubushakashatsi (KI19) avuga hejuru birongera gutandukanya ubwiyunge bw'igihugu muri rusange n'ubwiyunge bwa buri muntu. Nk'uko abitabiriye ubushakashatsi babigaragaza, ubwiyunge ni inzira ifata igihe. Umubano w'abantu ushobora gufata igihe kirekire kuko bisaba urwego runini rw'icyizere, ariko mu gihe hari umusingi w'ubwiyunge ku rwego rw'igihugu, ibisigaye birakurikira buhoro buhoro. Ku bw'ibyo, biragaragara, ko imikoranire hagati y'Abanyarwanda n'uburyo babanye biri mu nzira nziza. Uyu munsi abantu baratumirana mu bikorwa bijyanye n'imibereho yabo nk'ubukwe hatitawe ku mateka yabo. Ndetse no gushyingiranwa bigenda byemerwa buhoro buhoro, n'ubwo aha ari agace inzitizi zikiriho bitewe n'abatabikozwa, cyane cyane ku babyeyi bamwe na bamwe. Urubyiruko ruragenda rukuraho izo nzitizi kandi ababyeyi akenshi usanga bagomba kubi bemerera n'ubwo baba babyumva ukundi. Icyakora, hari n'ababyeyi bakizirika kuri ibyo bitekerezo bito, nk'uko bigaragara mu buhamya bukurikira bw'umwe mu bitabiriye ibiganiro by'ubushakashatsi:

> *Uyu munsi, abantu bashobora gushyingirwa byoroshye cyangwa kubona abana babo bashyingirwa mu 'bwoko' butandukanye n'ubwabo. Mfite rwose umwana washatse mu bundi 'bwoko'. 'Sinshobora gutinda mu bintu nk'ibi by'ivangura kuko, mbere na mbere, nizera ko mu Rwanda ibi ari ibintu byubatswe mu mibereho, ko amoko mu gihugu cyacu adahuje n'umuco cyangwa imyitwarire runaka. Ushobora gushyingirwa mu bwoko uvuga ko wiyumvamo kandi ukananirwa kurwubaka, undi muntu akarongora mu bwoko bundi kandi akagira urugo rwiza. Urukundo ntirugira inzitizi. Ntushobora guhatira umwana wawe gushyingiranwa n'umuntu adakunda ngo ni ubwoko ushaka gusa (KI1).*


Ku bindi bisobanuro bijyanye n'icyizere mu Banyarwanda, ishusho ikurikira irerekana ibipimo ikurikije Uturere.

**Ishusho ya 92:** Ibyagaragajwe kuri buri Karere ku 'Cyizere mu Banyarwanda'




Biragaragara ko Akarere ka Ngororero kerekana urwego rwo hejuru rw'icyizere: 99.3% by'abasubije muri ako Karere barabyemeza. Naho Akarere kari ku rugero rwo hasi ni Akarere ka Nyarugenge gafite 81.7%. Biteye amatsiko yo kugumya gucukumbura kurushaho impamvu hariho itandukaniro ry'ahantu no kumenya niba koko iryo tandukaniro rifite ishingiro ukurikije imibare uko ibigaragaza.


**Ishusho ya 93:** Ibitekerezo byatanzwe ukurikije abagabo 'abagore ku "cyizere mu Banyarwanda'




Ishusho ya 93 yerekana ibitekerezo by'Abanyarwanda b'ibitsina byombi ku cyizere mu Banyarwanda byerekana itandukaniro rito ku ijanisha hagati y'ab'igitsina gabo n'ab'igitsina gore. Nk'uko ubushakashatsi bubyerekana 96.8% by'abagore na 95.1% by'abagabo basubije bagaragaje ko nta vangura iryo ari ryo ryose ririho. "Mu mibanire n'imibereho ihuriweho n'abantu (amashuri, siporo, resitora, utubari, ubwikorezi rusange…) 94.9% by'abagore na 95.1% by'abagabo basubije bemeza ko "uyu munsi Abanyarwanda bizerana". Byongeye kandi, 94,6% by'abagore na 95.0% by'abagabo babajijwe bemeza ko uyu munsi Abanyarwanda bashobora gusiga abana babo mu muryango uwo ari wo wose baturanye.

Urebye ukuntu nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, abantu batashoboraga no kuvuga, n'ukuntu abaturanyi batizeranaga rwose, ubu buhamya bw'Abanyarwanda bwemeza ko icyizere cyagarutse burashimishije kandi ni ubwo gushyigikira.

**Ishusho ya 94:** Ibitekerezo byatanzwe ukurikije icyiciro cy'imyaka ku 'cyizere mu  Banyarwanda'





Ishusho ya 94 iri hejuru yerekana ko abasubije baturutse mu byiciro bitandukanye basangiye ibitekerezo bimwe ku rwego rw'icyizere mu Banyarwanda. Ku bijyanye n'imikoranire myiza mu buryo budaheza nko mu mashuri, siporo, resitora, utubari, n'ubwikorezi rusange 94.8% by'abasubije bafite hagati y'imyaka 18-35 na 98.1% by'abasubije bafite imyaka 65 no hejuru yayo bagaragaje ko nta vangura iryo aririyo ryose rihari.

Byongeye kandi, 96,6% by'abasubije bafite imyaka 18-35 na 96.4% by'abasubije bafite imyaka 65 n' irenga basangiye igitekerezo cy'uko uyu munsi Abanyarwanda bizeranye mu gihe 91.4% by'abasubije bafite imyaka (18-35) na 95.2% bafite imyaka 65 gusubiza hejuru bemeje ko bashobora kwisanzura kandi bagasiga abana babo nta bwoba mu yindi miryango cyangwa mu baturanyi.

### 4.7.2. Ubworoherane n'imikoranire


Ubworoherane n'imikoranire myiza mu Rwanda byabaye ikindi gipimo cy'ingenzi cyasuzumwe. Ni muri urwo rwego ibyagaragaye bifatika byerekana iterambere ryinshi nk'uko ishusho ikurikira ibigaragaza.

**Ishusho ya 95:** Ubworoherane n’imikoranire





Nk’uko ishusho ya 95 iri hejuru ibigaragaza, 95.4% by’abasubije bavuga ko mu gihe cy’amatora, badatora byanze bikunze abo basangiye ubwoko, Akarere, cyangwa idini. Ni muri ubwo buryo, 97,6% by’abasubije bashimangira ko nta kibazo bafite cyo gukorana (mu bucuruzi, mu kazi bakora) n’abantu badahuje ibitekerezo cyangwa uko babona ibintu. Byongeye kandi, 97,6% by'abasubije bemeza ko hari kubana mu mahoro hagati y'abantu badahuje ibitekerezo cyangwa imyumvire imwe. Ibitekerezo byavuzwe haruguru by’abasubije byerekana ko hari iterambere ry’ibanze ryerekeranye n’urwego rwo kubana, kwihanganirana ndetse n’imikoranire myiza hagati y’Abanyarwanda, bikaba ikimenyetso cyiza cyane cyerekana inzira y’ubwiyunge.

**Ishusho ya 96:** Ibitekerezo byatanzwe hakurikijwe Uturere ku 'Ubworoherane n'imikoranire myiza'





Ku bijyanye n' ubworoherane mu Banyarwanda, nk'uko bigaragazwa mu ishusho ya 96, abasubije bo mu Karere ka Rwamagana berekanye ikigero cyo hejuru: 99.4% mu gihe Akarere ka Nyarugenge gafite icyo hasi cya 86.8%.

**Ishusho ya 97:** Ibitekerezo byatanzwe ukurikije abagabo n'abagore ku ''Ubworoherane n'imikoranire myiza




Ishusho ya 97 yerekana ko abasubije b'igitsina gabo n'igitsina gore bemeza ko Abanyarwanda bashoboye kubana mu mahoro n'abo badahuje ibitekerezo cyangwa imyumvire ku kigero cya 96.4% by'abagore na 97,6% by'abagabo basubije bemeza ko ibyo bishoboka mu gihe 97.1% by'abagore na 98.1% by'abagabo basubije bemeza ko Abanyarwanda bafite amahirwe angana yo kwiga. Mu rwego rwo gusangira umwanya w'ubusabane nko mu kazi cyangwa n'ahandi, 97.2% by'abagore na 98.0% by'abagabo basubije bagaragaza ko Abanyarwandakazi nta kibazo bafite cyo gukorana (mu bucuruzi, mu kazi) n'abantu badahuje ibitekerezo cyangwa imyumvire mu gihe 95.2% by'abagore na 95,6% by'abagabo basubije bagaragaje ko mu matora gutora bidashingiye ku muryango, ubwoko, idini cyangwa ikindi kintu cyose ubushobozi bakubonamo.

**Ishusho ya 98:** Ibyatanzwe ukurikije ibyiciro by'imyaka ku 'Ubworoherane n'imikoranire myiza'





Ishusho ya 98 iri hejuru yerekana ibitekerezo by'abasubije baturutse mu byiciro by'imyaka bitandukanye ku bworoherane n'imikoranire mu Banyarwanda. 95.8% by'abasubije bari hagati y'myaka 18-35 na 98.5% by'abantu bafite imyaka 65 no hejuru berekanye ko Abanyarwanda nta kibazo bafite cyo gukorana (mu bucuruzi, mu kazi) n'abo badahuje ibitekerezo cyangwa imyumvire mu gihe 96.0% by'abafite imyaka 18-35 na 97.9% by'abafite imyaka 65 n'irenga bemera ko Abanyarwanda bashobora kubana mu mahoro n'abo badahuje ibitekerezo cyangwa imyumvire. Kandi 91.9% by'abafite (18-35) na 96.9% by'abafite imyaka 65 n'irenga berekana ko mu matora badashaka guha amajwi uwo bita 'umwe mu babo' bivuze uwo basangiye ubwoko, Akarere cyangwa idini.

### 4.7.3. Ubufatanye mu Banyarwanda


Bikunze kumvikana ko kwizerana, kwihanganirana ndetse n'imikoranire myiza ari ibintu by'ingenzi biteza imbere ubufatanye mu Banyarwanda. Ubufatanye ubwabwo bugaragarira mu kwitabira ibirori mbonezamubano mu nzego zitandukanye no gutanga inkunga ku bakeneye ubufasha. Mu Rwanda, kugira uruhare mu kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi no gutanga ubufasha butandukanye bw'ibikoresho, amafaranga n'ijambo ryiza ku barokotse jenoside, gutera inkunga abayikeneye nta vangura (yaba ubwoko, uturere amadini, ...), ni bimwe mu biranga ubufatanye hagati y'abantu. Igice gikurikira kirasesengura ibitekerezo by'abasubije ku bijyanye n'ibi bipimo.

**Ishusho ya 99:** Ubufatanye mu Banyarwanda





Mu ishusho ya 99 iri hejuru, biraboneka ko umubare munini w'Abanyarwanda (98.5%) bashyigikiye igitekerezo cy'uko Abanyarwanda badafite ikibazo cyo kwaka ubufasha ku baturanyi babo cyangwa ngo batange ubufasha ku muntu ubukeneye nta vangura. Abandi Banyarwanda 97.8% bagaragaje ko bumva kandi bashyigikiye abarokotse jenoside mu gihe cyo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi. Ibi birerekana iterambere rinini mu bikorwa by'ubwiyunge dukesha ubukangurambaga n'amahugurwa binyuze muri gahunda zitandukanye za Leta.

**Ishusho ya 100**: Ibitekerezo byatanzwe ukurikije Uturere ku 'Ubufatanye mu Banyarwanda'





Duhereye ku ishusho ya 100, biragaragara ko abasubije baturutse mu Turere tune twa Kirehe, Ngororero, Nyamagabe na Nyaruguru bagaragaje ko hari ubufatanye mu Banyarwanda ku rugero rwa 100% babyemeza muri buri utwo Turere. Naho, abagera kuri 93.1% by'abasubije baturutse mu Karere ka Gasabo nibo bemeza ko buhari.

**Ishusho ya 101:** Ibitekerezo byatanzwe ukurikije abagabo n'abagore ku 'Ubufatanye mu Banyarwanda'




Muri iyi shusho ya 101, ushobora kubona ko abasubije b'igitsina gabo n'ab'igitsina gore muri rusange bemeza ko Abanyarwanda boroherwa no gusaba ubufasha umuntu uwo ari we wese mu baturanyi babo cyangwa gutabara umuntu uwo ari we wese ubikeneye ku kigero cya 98.7% na 98,3% by'abasubije b'abagabo n'abagore; kandi ko Abanyarwanda benshi bagaragaza ubufatanye mu gihe cyo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi nk'uko 97.6% b'abagore na 98.1% b'abagabo babigaragaje.

**Ishusho ya 102:** Ibitekerezo byatanzwe ukurikije ibyiciro by'imyaka ku 'Ubufatanye mu Banyarwanda'





Ishusho ya 102 yerekana ibisubizo ukurikije ibyiciro by'imyaka byakoreshejwe mu bushakashatsi. Ikigaragara ni uko ibyiciro byose by'abasubije bavuga ko mu gihe cyo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi, Abanyarwanda bose bagaragaza ubufatanye kandi bagashyigikira abarokotse jenoside kandi ko muri rusange Abanyarwanda nta kibazo bafite cyo gusaba ubufasha ku baturanyi cyangwa no gutanga ubufasha mu gihe bibaye ngombwa batitaye ku imyaka.

### 4.7.4. Ubusabane n'ubucuti mu Banyarwanda

Mu muryango gakondo w'Abanyarwanda, umwami n'abatware bakundaga gutegura ibirori bihuza Abanyarwanda bose ngo bizihize imihango imwe n'imwe. Byongeye kandi, Abanyarwanda bahanaga impano nk'inka n'ibindi bintu nk'ikimenyetso cy'ubucuti. Umubano wuzuye hagati y'imiryango wanyuraga mu guhana abageni. Ubu buryo abantu babanagamo hafi na hafi byafashaga gushimangira umubano hagati y'Abanyarwanda. Mu myaka yashize cyane cyane mu gihe cy'ubukoroni na nyuma yabwo, ubu buryo bwa gakondo bwo gukomeza ubumwe n'imibereho myiza bwashegeshwe na politiki yo 'gucamo ibice abanyagihugu ngo ubategeke'. Imibereho y'ubumwe rusange yashenywe n'amacakubiri yakomejwe n'abakoroni n'abayobozi ba nyuma y'ubwigenge bananiwe kugarura iyo mibereho ishingiye ku bumwe bw'Abanyarwanda ahubwo bakomeza inzira y'amacakubiri ariyo amaherezo yaje kuvamo Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Nyuma hafashwe ingamba ko inzira y'ubwiyunge izagarura iyi ngingo y'ingenzi mu mibereho y'Abanyarwanda kandi igateza imbere imibereho ishingiye ku mahoro n'ubwumvikane irangwa no kwizerana n'ubucuti. Ahakurikira turareba ibitekerezo by'Abanyarwanda ku bijyanye no gusana iyo mibanire y'ubucuti.


**Ishusho ya 103:** Ibitekerezo ku busabane n'ubucuti mu Banyarwanda'




Nk'uko ishusho ya 103 iri ibigaragaza, 97.4% by'abasubije bagaragaza ko ubu gushyingirwa hagati y'Abanyarwanda baturuka mu byiciro bitandukanye (ubwoko, akarere cyangwa idini) bishoboka. Mu buryo nk'ubwo, 98.2% by'abasubije bemeza ko bishoboka kubona inshuti mu bandi Banyarwanda badahuje icyiciro kimwe. Urebye ukuntu mu bihe byashize abaturanyi barebanaga urwikekwe, ibi birerekana ko hari iterambere rinini mu mibanire myiza hagati y'Abanyarwanda no ku bijyanye n'ubwiyunge mu Rwanda.

Mu ishusho ikurikira ya 104, turareba niba hari itandukaniro mu bitekerezo ku byerekeye ubusabane n'ubucuti ukurikije uko Abanyarwanda b'ibitsina byombi babibona.


**Ishusho ya 104:** 'Ubusabane n'ubucuti mu Banyarwanda' ukurikije abagabo n'abagore



Muri iyi shusho, biraboneka ko abasubije igitsina gabo n'igitsina gore basangiye urwego rumwe rwo kwizera ubushobozi bw'Abanyarwanda mu gushyingiranwa cyangwa gushaka inshuti no gusabana mu byiciro byose by'imibereho y'Abanyarwanda. Nta tandukaniro rigaragara mu bitekerezo hagati y'abagabo n'abagore; byerekana neza ko ari igitekerezo cy'Abanyarwanda bose b'ibitsina byombi. Mu bisubizo, 98.3% by'igitsina gore na 98.1% by'igitsina gabo basubije bemeranya n'imvugo ngo 'Mfite inshuti mu bantu tudasangiye icyiciro kimwe' mu gihe abagore 97.1% n'abagabo 97,6% bemeza ko bashobora gushyingiranwa n'abaturuka mu byiciro byose by'imibereho y'Abanyarwanda.

Mu gihe cya jenoside, wasangaga abantu bishe abo bashakanye ndetse n'abana babo bwite kubera gusa ko babyawe na ba nyina cyangwa ba se b'Abatutsi. Ndetse na mbere yabwo, hari aho byari umuziro gushyingirwa mu bundi bwoko. Bakanabishishikariza abandi nk'urugero, muri rimwe mu mategeko icumi y'Abahutu yasohowe na Hassan Ngeze, bavugaga ko bibujijwe ko Umuhutu arongora Umututsi hakaba ababyemera gutyo n'ubwo hari abatarabigenderagaho. Ibi birerekana uburyo amacakubiri yari amaze gucengera mu muryango nyarwanda. Bamwe mu bashyingiranywe n'abo badahuje 'ubwoko' bafatwaga nk'abahemu mu byiciro byombi bakomokamo. Ni ibintu bihumuriza rero uyu munsi kubona Abanyarwanda benshi berekana ko ibi bigenda bihinduka bikaba biri ku rugero rwo hejuru.

**Ishusho ya 105:** Ibitekerezo byatanzwe ukurikije ibyiciro by'imyaka ku 'Ubusabane n'ubucuti mu Banyarwanda'




Ishusho ya 105 iri hejuru irerekana ko, muri rusange, mu byiciro byose byasuzumwe, Abanyarwanda bahuriza k'uko umubano mu baturage b'ingeri zose wateye imbere cyane mu myaka yashize. Ku byiciro byose by'imyaka, hari ukwizera gukomeye ko abantu bashobora kugirana umubano cyangwa gushyingiranwa mu byiciro by'imyaka cyangwa by'imibereho bikagaragazwa n'ibyiciro by'imyaka yose.

### 4.7.5. Incamake y'ibyagaragajwe

Igice cyavuzwe haruguru cyasuzumye imibanire myiza nk''urufatiro rukuru mu bihuza umuryango w'abantu ikaba n'ikimenyetso gikomeye cy'uko inzira y'ubwiyunge imeze neza. Biragaragara rero ko uko Abanyarwanda barushaho kwizerana, kubahana, kworoherana no kwitabira cyangwa gushyira mu bikorwa imibanire myiza, niko ubwiyunge bugenda bugerwaho. Byerekanywe ko muri iki gihe mu Rwanda aho bigaragara ko hari impinduka nziza mu mibanire y' Abanyarwanda nta vangura, n'ubushake buhagije bwo kwitabira umubano n'abantu baturuka mu miryango itandukanye.

Isesengura rigereranya impinduka muri ibi bipimo uko imyaka yagiye ishira nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ya ikurikira :

**Imbonerahamwe ya 15 : Impuzandengo y'ibyagaragajwe ku mibanire myiza**

| Inkingi | Ibipimo | Ibyasubijwe (%) in 2010 | Ibyasubijwe(%) in 2015 | Ibyasubijwe (%) in 2020 |
|---|---|---|---|---|
| Imibanire myiza | ***Kwizerana mu Banyarwanda*** | | | |
| | 1. Ubu Abanyarwanda barizerana | 72.8 | 93.0 | 95.0 |
| | 2. Mu mikoranire y'abantu aho bahurira (amashuri…) nta vangura iryo ariryo ryose rihari. | | 93.0 | 97.0 |
| | 3. Ubu Abanyarwanda bashobora gusiga abana babo mu miryango iyo ariyo yose baturanye | | 95.6 | 94.8 |
| | ***Ubworoherane n'imikoranire*** | | | |
| | 4. Abanyarwanda bashobora kubana mu mahoro n'abantu badahuje ibitekerezo cyangwa imyumvire | | 97.0 | 97.6 |
| | 5. Abanyarwanda nta kibazo bafite cyo gukorana (mu bucuruzi, mu kazi) n'abantu badahuje ibitekerezo cyangwa imyumvire | | 97.1 | 97.6 |
| | 6. Mu matora ntabwo ntora nshaka guha amajwi abo nita 'abacu' bivuze ko dusangiye ubwoko, akarere, idini…. | | 96.8 | 95.4 |
| | ***Ubufatanye mu Banyarwanda*** | | | |
| | 7. Mu gihe cyo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi ubufatanye mu Banyarwanda bose (kugirira impuhwe no gushyigikira abarokotse jenoside) buragaragara. | | 96.2 | 97.8 |
| | 8. Abanyarwanda biroroshye gusaba ubufasha ku bantu bose baturanye cyangwa gutabara umuntu wese ubikeneye | 94.0 | 96.8 | 98.5 |
| | ***Ubwumvikane n'ubucuti mu Banyarwanda*** | | | |
| | 9. Mfite inshuti mu bantu tudasangiye icyiciro kimwe | | 97.0 | 98.2 |
| | 10. Nshobora kurongora cyangwa kurongorwa n'umuntu tudasangiye icyiciro kimwe | | 94.9 | 97.4 |
| | **IIMPUZANDENGO** | | | **97.1** |

Ku bijyanye no kwizerana mu Banyarwanda baturuka mu matsinda atandukanye, 95% by'abasubije bemeza ko Abanyarwanda bizerana ugereranyije na 93% mu 2015, na 72.8% mu 2010. Urugero rw'ubworoherane no gukorana rwariyongereye mu 2020 kuko ruhagaze kuri 97.6 % ugereranyije na 93% mu 2015, mu gihe abasubije 97.8% bagaragaza ko hari ubufatanye mu Rwanda, bigaragara ko byiyongereye kuva kuri 96.2% mu 2015. Ibyo bifite agaciro cyane kuko kwizerana, ubworoherane n'imikoranire ni ibintu by'ingenzi bigomba gutekerezwaho kugira ngo habeho inzira y'ubufatanye mu Banyarwanda. Umuco w'ubusabane n'ubucuti nawo wagaragaje ubwiyunge bw'abaturage n'umuryango nyarwanda, kubera ko urugero rwo gushyingiranwa rushoboka hagati y'amatsinda atandukanye ruhagaze kuri 97.4% mu 2020, bigaragara ko rwiyongereye kuva kuri 94.9% mu 2015. Ubusanzwe, Abanyarwanda bateguraga ibirori bitsimbataza ubucuti, imibanire myiza no gusabana, kandi bigafatwa nk'inkingi y'ubumwe n'imibanire myiza, yaje gusenywa na politiki y'amacakubiri. Ariko, iterambere rigaragara ryerekanwe muri iyi raporo ni gihamya cyo kugarura no gushimangira ubusabane n'ubucuti hagati y'Abanyarwanda; bikaba bitera ibyiringiro by'ubwiyunge bugenda bugerwaho muri iki gihe n'ejo hazaza.

Ikigaragara ni uko ubushakashatsi bwakozwe mu mwaka wa 2020 bwerekana ko mu mibare yose y'imibanire myiza ibipimo byerekana ikigereranyo kiri hejuru ya 95% kandi biri mu bihe byose, usibye kimwe, kiri hejuru mu bushakashatsi bwakozwe mbere ku bwiyunge cyerekana ko hari iterambere ry'imibanire myiza muri iki gihe. Ukurikije ibyavuye mu bushakashatsi, umuntu yavuga ko muri iki gihe imibanire y'abaturage mu Rwanda ari myiza kandi ko yerekeza ku muryango w'amahoro n'ubwumvikane bw'ejo hazaza. Ibi ariko ntibikwiye kubonwa nk'aho twageze iyo tujya, ahubwo ni uburyo bwo kugera ku byo twifuza mu Cyerekezo 2050, 'u Rwanda Twifuza'.

### 4.8. Uko ubwiyunge buhagaze ubu mu Rwanda


Urebye ibyavuye mu bushakashatsi byaganiriweho mu bice bibanziriza iki muri iyi raporo ushobora kumenya aho ubwiyunge bugeze mu Rwanda mu mwaka wa 2020. Imbonerahamwe ikurikira iratanga incamake y'ibyagaragajwe byose.

**Imbonerahamwe ya16: Uko ubwiyunge buhagaze ubu mu Rwanda**

| Inkingi | Ibipimo | Ibisubozo (%) mu 2020 | Impuzandengo (%) mu 2020 |
|---|---|---|---|
| 1. Gusobanukirwa amateka, ubu no gutekereza ahazaza by'u Rwanda | Ibitekerezo ku byabaye bifatika | 95.8 | 94.6 |
| | Amateka n'uburyo ahererekanwa | 92.8 | |
| | Kugira ubwiyunge ubwawe | 95.1 | |
| | Gutekereza ejo hazaza | 94.8 | |
| 2.Ubwenegihugu ibiranga umuntu n'inshingano ze | Ibiranga umwenegihugu/Umunyarwanda | 99.4 | 98.6 |
| | Ishema ryo kugira Ubwenegihugu /Ubunyarwanda busangiwe | 98.2 | |
| | Ishema ry'Ubwenegihugu /Ubunyarwanda n'icyerekezo bisangiwe | 99.0 | |
| | Gukomera ku biranga Ubwenegihugu/Ubunyarwanda | 99.2 | |
| | Gutekerezanya ubushishozi | 97.0 | |
| 3. Ikizere n'uruhare by'abaturage mu miyoborere | Kwishimira uruhare rw'inzego | 93.8 | 90.6 |
| | Ibitekerezo ku mikorere y'abayobozi | 94.8 | |
| | Ibitekerezo ku kongerera ubushobozi abaturage no kugira urhare mu miyoborere | 83.1 | |
| 4. Umutekano n'imibereho myiza | Umutekano w'Igihugu n'ubwiyunge | 92.8 | 94.3 |
| | Umutekano w'umuturage ku giti cye n'ubwiyunge | 96.9 | |
| | Umutekano mu by'ubukungu | 95.2 | |
| | Isuzuma ryerekeranye no gukwirakwiza neza ibikorwa remezo | 92.4 | |
| 5. Ubutabera, amahirwe angana n'uburenganzira | Ukuri ku mateka no guhana Jenoside n'ibyaha bifitanye isano | 98.3 | 93.1 |
| | Indishyi z'imitungo yasahuwe cyangwa yangijwe mu gihe cya Jenoside | 91.4 | |
| | Gusaba imbabazi no kubabarirwa | 95.8 | |
| | Gukira ibikomere umuntu ku giti cye | 86.7 | |
| | Kugira amahirwe angana no kubahiriza uburenganzira bw'ibanze bwa muntu | 93.4 | |
| 6. Imibanire myiza | Icyizere mu banyarwanda | 95.6 | 97.1 |
| | Ubworoherane n''imikoranire | 96.9 | |
| | Ubufatanye mu Banyarwanda | 98.2 | |
| | Ubwumvikane n'ubucuti mu Banyarwanda | 97.8 | |
| **IMPUZANDENGO** | | **94.7** | |

Nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ya 16, igipimo cy'ubwiyunge mu Rwanda cy'umwaka wa 2020 kigaragaza ko bugeze kuri 94.7% mu mwaka wa 2020. Ukurikije inkingi esheshatu zose hamwe n'ibipimo byazo, dushobora kwemeza ko Abanyarwanda bateye intambwe igaragara mu bwiyunge. Mu kubyerekana, twakoresheje imibare ikurikira y'ibarurishamibare kugira ngo igaragaze urugendo rw'ubwiyunge mu Rwanda kuva mu 2010 ubwo ubushakashatsi bwa mbere bwakorwaga kugeza ku bw'ubu mu 2020 bukozwe nyuma y'ubwakozwe mu 2015.

**Ishusho ya 106:** Kugereranya ibipimo byo mu mwaka wa 2010, 2015, na 2020





Ishusho ya 106 irerekana neza aho ubwiyunge bwavuye kuri 82.3% mu 2010, bukagera kuri 92.5% mu 2015, na 94.7% mu 2020. Iri ni iterambere ridasanzwe, ryerekana ubwitange bw'Abanyarwanda mu kubaka igihugu cyunze ubumwe kandi cyiyunze nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

## 4.9. Ibiteza imbere ubwiyunge mu Rwanda

Ababajijwe basabwe gutanga ibitekerezo byabo ku bijyanye n'uburyo bwashyizweho bugamije kuzamura imibereho y'abaturage no guteza imbere ubwiyunge mu Rwanda. Ibitekerezo by'Abanyarwanda bijyanye n'uburyo ubwo buryo bugira uruhare mu bwiyunge bugereranywa mu ishusho ikurikira.

**Ishusho ya 107:** Ibiteza imbere ubwiyunge mu Rwanda




Nk'uko bigaragara ku ishusho ya 107, inzira zose ziteza imbere ubwiyunge zirashimwa cyane kandi zizerwa ko zigira uruhare rugaragara mu bwiyunge mu Rwanda. Bishobora kuboneka ko

mu bice byose, buri nzira/nzego yagaragajwe haruguru iri ku rugero ruri hejuru mu 2020 ugereranyije no mu 2015, byerekana ko Abanyarwanda basanzwe bishimira uruhare runini izo nzira zigira mu guteza imbere ubwiyunge mu Banyarwanda. Ni ngombwa gushimangira ko izo nzira zo kugera ku bwiyunge zishyirwa mu bikorwa n'inzego zose zo mu gihugu. Ibi bijyanye n'ihame rivuga ko Abanyarwanda bose n'inzego zose bafite inshingano zo kureba niba igihugu kigenda cyunga ubumwe kandi cyiyunga. Mu by'ukuri, gahunda za Leta n'inzego zishobora kugira inshingano zihariye zitajyanye no guteza imbere ubwiyunge mu buryo butaziguye, ariko akazi kazo nako gashimwa harimo n'uburyo ziteza imbere cyangwa zibangamira inzira y'ubwiyunge. Kugira ngo birushemo ibi gusuzumwa neza, byaba byiza gushyira ingufu mu buryo inzego zimwe zishyira ubwiyunge muri gahunda zazo n'uburyo izo gahunda zigira uruhare mu bwiyunge.

## 4.10. Ibibangamira ubwiyunge

Usibye gutanga ibitekerezo ku bintu biteza imbere ubwiyunge, ababajijwe banasabwe gutanga ibyo babona ko bizitira inzira y'ubwiyunge. Kugira ngo ibitekerezo byabo bigaragare neza kandi biganirweho ku buryo bworoshye, ibitekerezo byabo byatondekanyijwe hakurikijwe uburemere bwabyo mu buryo birutana. Imbonerahamwe ikurikira irabyerekana.

**Imbonerahamwe ya 17:** Kugereranya ibibangamiye ubwiyunge mu bipimo byakozwe

| Ibibazo | Ibisubizo (%) 2010 | Ibisubizo (%) 2015 | Impuzandengo (%) 2020 |
|---|---|---|---|
| Abanyarwanda bakibiba ingengabitekerezo ya jenoside na politiki y'amacakubiri | 31.5 | **25.8** | **8.6** |
| Kurebera mu ndorerwamo z'amoko | 30.5 | **27.9** | **1.8** |
| Ibikomere bitakize byatewe na jenoside na politiki y'amacakubiri | 11.6 | **4.6** | **26.9** |

Biragaragara ko usibye ikibazo cy'ibikomere bitakize gishobora kuba mu bizitira ubutabera n'ibifitanye isano, izindi nzitizi zishobora kuba mu gisobanuro cy'ubu cy'ingengabitekerezo ya jenoside n'ibifitanye isano nayo, nk'uko byavuzwe mbere. Byongeye kandi, imbonerahamwe ya 17 yerekana ko imbaraga zakoreshejwe mu gukemura ibibazo byagaragajwe mu Gipimo

cy'Ubwiyunge cyo mu 2010 n'icyo mu 2015 zatanze umusaruro ugaragara muri rusange. Urugero, hari ugutera imbere bigaragara mu kugerageza kugabanya ingengabitekerezo ya jenoside, kuko byavuye ku kigero cya 31.5% (2010) bigera kuri 25.8% (2015) no hasi ku 8.6% (2020). Bikwiye kumvikana ariko ko iryo terambere ribonwa gusa mu bijyanye n'igipimo cyo mu 2015 cyakoreshejwe mu gupima ingengabitekerezo ya jenoside, cyabazaga niba hakiri Abanyarwanda bagifite icyaha cyo kumenya niba kakiri Abanyarwanda bakibiba ingengabitekerezo ya jenoside na politiki y'amacakubiri! Aho ubundi, gufata igisobanuro cy'icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenoside n'ibindi byaha bifitanye isano nk'uko byemejwe mu Gipimo cyo mu 2020, ijanisha ry' uko babona ingengabitekerezo ya jenoside gihagaze kuri 32.0%. icyo ibi bivuga ni uko ingengabitekerezo ya jenoside n'ibindi byaha bifitanye isano bigiteye impungenge ku nzira y'ubwiyunge, bivuze ko abo bireba bose by'umwihariko bakwiye gukomeza gushyiramo imbaraga zihagije mu kurwanya icyo cyaha. Gukwirakwiza ingengabitekerezo ya jenoside na politiki y'amacakubiri bishobora kuba byaragabanutse, ariko ibyagaragajwe byerekana ko ibindi bigize icyaha cya jenoside bikiboneka. Urugero, hakwiye gushyirwamo ingufu zihariye mu kurwanya ihakana n'ipfobya bya jenoside, imvugo z'urwango, no kwanga nkana kwerekana aho imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatitsi yajugunywe.

Indi mbogamizi Ibipimo by'Ubwiyunge byo mu 2015 no muri 2020 byagaragaje ko bizitira ubwiyunge ni ukuba hakiri Abanyarwanda bakibona bakabona n'abandi mu ndorerwamo y'amoko. Mu 2020, ubushakashatsi ntibwasuzumye iki gipimo ku buryo bw'umwihariko, ariko ikibazo kimeze nka cyo cyabajijwe mu nkingi y'Ubwenegihugu, ibiranga umunyarwanda, n'inshingano afite. Aha, abasubije bagombaga kwibaza niba Abanyarwanda bakibona nk'Abanyarwanda mbere y'ibindi byose bibaranga, bivuze ko barenze urwego rwo kwibona no kubona abandi mu byo Shapiro (2016) yita irangamuntu nto (ubwoko, idini, inkomoko, etc). Ibyagaragajwe muri iki kibazo byerekana ko ijanisha ry'Abanyarwanda bibona nk'Abanyarwanda mbere y'ibindi bibaranga ryazamutse kuva kuri 95.6% mu 2015 kugera kuri 98.2% mu 2020, bivuze ko abatibona batyo ari 1.8% by'abasubije.

Mu gushaka kumenya icyo Abanyarwanda batekereza ku bwenegihugu, Ubunyarwanda n'inshingano zabo, igitekerezo kibiri inyuma cyari uko Ubunyarwanda busangiwe nk'Ubwenegihugu kandi butagira abo buheza, n'abanyagihugu bumva inshingano zabo kandi batekerezanya ubushishozi biteza imbere ubwiyunge. Icyo ibi bivuga ni uko ibipimo biri muri iyi nkingi byakoreshejwe mu gusuzuma urugero Abanyarwanda biyumvamo ko Ubunyarwanda, bikaba byatuma ubwiyunge bushoboka cyane, kuko byavuga ko barenze ibindi bito bibaranga bakwibonamo cyangwa bakabonamo abandi. Nk'uko ibisubizo bibigaragaza, urebye Abanyarwanda hafi ya bose (98.2%) bemera ko biyumva nk'Abanyarwanda bwa mbere kurusha ibindi bibaranga, uretse 1.8% bibona ukundi. Mu kumva neza kurushaho iri tandukaniro, mu yandi magambo 1.8% basubije ngo 'OYA' ku kibazo kibabaza niba biyumvamo ubunyarwanda mbere y'ibindi byose bibaranga; imbonerahamwe ikurikira irerekana muri buri Karere, ibyo basubije kuri iyo ngingo.

**Imbonerahamwe ya 18.** Ibitekerezo byatanzwe kuri buri Karere ku ngingo ivuga "ABanyarwanda bemera ko bibona nk'Abanyarwanda mbere y'ibindi"

| Akarere | Yego | Oya |
|---|---|---|
| Nyarugenge | 96.4% | 3.6% |
| Gasabo | 94.4% | 5.6% |
| Kicukiro | 96.3% | 3.7% |
| Nyanza | 99.1% | 0.9% |
| Gisagara | 99.3% | 0.7% |
| Nyaruguru | 99.1% | 0.9% |
| Huye | 94.7% | 5.3% |
| Nyamagabe | 99.4% | 0.6% |
| Ruhango | 96.1% | 3.9% |
| Muhanga | 97.7% | 2.3% |
| Kamonyi | 99.8% | 0.2% |
| Karongi | 99.5% | 0.5% |
| Rutsiro | 100.0% | 0.0% |
| Rubavu | 99.5% | 0.5% |
| Nyabihu | 99.6% | 0.4% |
| Ngororero | 99.4% | 0.6% |
| Rusizi | 97.2% | 2.8% |
| Nyamasheke | 99.4% | 0.6% |
| Rulindo | 100.0% | 0.0% |
| Gakenke | 97.4% | 2.6% |
| Musanze | 97.2% | 2.8% |
| Burera | 97.2% | 2.8% |
| Gicumbi | 99.3% | 0.7% |
| Rwamagana | 99.1% | 0.9% |
| Nyagatare | 99.3% | 0.7% |
| Gatsibo | 97.7% | 2.3% |
| Kayonza | 99.3% | 0.7% |
| Kirehe | 100.0% | 0.0% |
| Ngoma | 99.6% | 0.4% |
| Bugesera | 94.1% | 5.9% |
| ***Impuzandengo*** | ***98.2%*** | ***1.8%*** |


Ibyagaragajwe mu mbonerahamwe ya 18 birasa n'ibyerekana aho ibisubizo bihakana kuri iki kibazo "Abanyarwanda bibona nk'Abanyarwanda mbere y'ibindi bibaranga byose", byirunze mu Turere tw'Umujyi wa Kigali no mu Karere ka Huye (kari mu Mijyi yunganira Kigali), Uturere twa Ruhango na Bugesera (twajya mu Turere tw'icyaro). Ubu bushakashatsi ntabwo bwacukumbuye impamvu Uturere two mu Mijyi dufite ijanisha rinini ry'abatanga ibisubizo bihakana (OYA). Bivuze ko iki cyaba ikibazo cyiza cyo gucukumbura mu bushakashatsi buzakurikira.

Gukira, umuntu ku giti cye, ibikomere byatewe na jenoside na politiki y'amacakubiri byafashwe nk'urwego rukizitira inzira y'ubwiyunge. Hano, umubare w'abatumva ko bakize ibikomere, nyamara, warazamutse cyane uva kuri 4,6% (mu 2015) ugera kuri 26.9% mu 2020; wari kuri 17.1% mu 2010 Ibyavuye mu bushakashatsi bwo mu 2020 bijyanye no gukira ibikomere ku buri muntu biragaragaza ibyavuye mu bushakashatsi ku buzima bwo mu mutwe mu Rwanda bwo muri 2018 bwakozwe n'ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubuzima cyerekanye ubwiyongere bw'indwara zo mu mutwe zitandukanye mu baturage b'u Rwanda muri rusange, ndetse no mu barokotse jenoside by'umwihariko. Mu by'ukuri, ibyagaragaye byerekana inzira ebyiri z'ingenzi. Iya mbere, ibihe bikomeye byo kwiheba bihagaze kuri 12% mu baturage muri rusange, ariko bikaba kuri 35% mu barokotse jenoside. Icya kabiri, ihungabana rya nyuma y'ihungabana mu gihe cy''amahano rihagaze kuri 3,6% mu baturage muri rusange, mu gihe mu barokotse jenoside, ubu bwoko bw'indwara zo mu mutwe buhagaze kuri 27%. Icyo ubu bushakashatsi bwerekana ni uko abo bireba bakora, haba mu bigo bya Leta ndetse n'imiryango yigenga, bakeneye gushyira ingufu nyinshi mu gukemura ibibazo byo mu mutwe cyane cyane mu barokotse enoside, ibintu biri ngombwa cyane mu gukomeza inzira y'ubwiyunge.

Usibye ingengabitekerezo ya jenoside ikigaragara n'ibindi byaha bifitanye isano nayo, Igipimo cy'Ubwiyunge cy'umwaka wa 2020 bwanagaragaje imbogamizi zijyanye no gukoresha ibikorwa by'urugomo mu gukemura amakimbirane nk'indi nzitizi ikomeye y'ubwiyunge. Ubu bwoko bw'ibyagaragajwe busobanuye ko Abanyarwanda berekana impungenge bafitiye ibikorwa by'ihohotera bikomeje guhungabanya amahoro yabo ya buri munsi. Mu yindi miryango y'ahandi, ibikorwa by'ihohotera bigaragara gusa ko bibangamira amahoro n'umudendezo; ariko nyuma ya jenoside u Rwanda rwanyuzemo, ntibitangaje ko ikibangamira amahoro cyose kinabangamira ubwiyunge.

Uretse izo nzitizi 3 zerekanywe mu mbonerahamwe ya 17, igipimo cy'ubwiyunge 2020 cyagaragaje izindi nzitizi Abanyarwanda bemeza ko zibangamira imbaraga zishyirwa mu bwiyunge mu gihugu. Kugirango zerekanwe kandi zinagerweho ku buryo bworoshye, izo nzitizi zashyizwe mu ishusho izerekana ikurikije ubukana bwazo n'ijanisha ryazo nk'uko bimeze mu ishusho ikurikira.

**Ishusho ya 108**: Inzitizi z'ubwiyunge zisanishijwe n'ibipimo binini




Nk'uko bigaragara ku ishusho ya 108, ingengabitekerezo ya jenoside n'ibindi byaha bifitanye isano nibyo bizitira ubwiyunge kurusha ibindi, cyane cyane ihakana rya jenoside n'ipfobya ryayo, riri ku kigero cya 7.1%. Mu bushakashatsi bwakozwe ku ihakana n'ipfobya bya jenoside hagati y'umwaka wa 1995 na 2015, CNLG yasanze ko 16.1 % by'abantu 180 bitabiriye ubwo bushakashatsi bemeje ko hakiriho ingengabitekerezo ya jenoside mu Rwanda, kandi 83.9% bemeza ko iki cyaha kigenda kigabanuka. (CNLG, 2016). Tugendeye ku byagaragajwe n'Ibipimo by'Ubwiyunge byo mu 2015 no mu 2010, umuntu yavuga ko icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenoside kitagabanutse, ariko ni ngombwa kumenya uko icyo cyaha cyagiye gisobanurwa, cyumvikana kinasesengurwa uko imyaka yagiye isimburana byarahindutse. Urebye ku Gipimo cy'Ubwiyunge cyo mu 2020, igisobanuro, n'uko ingengabitekerezo ya jenoside byumvwa binasesengurwa byakurikijwe ibiri mu itegeko No

59/2018 of 22/8/2018 ku cyaha cy'ingengabitekerezo ya jenoside n'ibindi byaha bifitanye isano. Iri tegeko rivuga ko umuntu ukoze igikorwa, mu ruhame, haba mu magambo, mu nyandiko, mu mashusho cyangwa mu bundi buryo, kigaragaza ingengabitekerezo ishyigikira cyangwa ihamagarira gusenya, umuryango w'abantu bahuje ubwoko, isano cyangwa idini, baba bose cyangwa igice cyabo, aba akoze icyaha gihanwa n'amategeko. Iryo tegeko kandi risobanura ko ihakana n'ipfobya bya jenoside, ibimeze nka byo n'ibyaha bifitanye isano nko kwiba, kwambura agaciro imibiri y'abazize jenoside, kwangiza inzibutso cyangwa ahandi abazize jenoside bashyinguwe, guhohotera abarokotse jenoside, bigize ibyaha bifitanye isano n'ingengabitekerezo ya Jenoside.

Ku bw'ibyo, n'ubwo ijanisha ry'Abanyarwanda bakwirakwiza ingengabitekerezo ya Jenoside na politiki y'amacakubiri ryagabanutse, ibyavuye mu bushakashatsi byerekana ko Abanyarwanda bagifite ibintu bitandukanye bigize icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenoside n'ibindi byaha bifitanye isano nk'impamvu nyamukuru zizitira ubwiyunge mu Rwanda.

Indi nzitizi isa nk'iteye impungenge Abanyarwanda ni imyumvire yo kurwanya ikoreshwa ry'ubugizi bwa nabi mu gukemura ibibazo bitandukanye bitumvikanwaho. Ibi bigaragarira mu mitwe yitwaje intwaro yibasiye igihugu, abantu banga nkana ibikorwa bya sosiyete bigamije kuzana impinduka nziza nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, ndetse no gukwirakwiza ibihuha by'intambara zenda kuba zihungabanya umutekano. Ubu bwoko bw'ibyagaragajwe bwerekana, bimwe mu bindi bintu, ko Abanyarwanda bagaragaza ko bumva ko hari ihohoterwa rihungabanya amahoro yabo ya buri munsi. Mu zindi sosiyete ibikorwa by'ihohoterwa bigarukira gusa ku guhungabanya amahoro, ariko muri sosiyete zanyuze muri jenoside nk'u Rwanda, ntibitangaje ko ibibangamira amahoro binabangamira ubwiyunge. Mu yandi magambo, ubwiyunge ni amahoro, kandi amahoro ni ubwiyunge.

Ishusho ya 108 yerekana izindi nzitizi, nk'abayobozi b'inzego z'ibanze bananiwe gukemura ibibazo by'abaturage, gusaba imbabazi bya nyirarureshwa bitavuye ku mutima, abakoze jenoside banze kwihana, n'ibindi. Kimwe n'ibyamaze kuvugwa, ibintu byose byerekanywe mu mbonerahamwe ya 17, iya18 n'ishusho ya 108, bifatwa nk'aho bizitira inzira y'ubwiyunge, bityo rero bikaba bikwiye kwitabwaho by'umwihariko.

## 5. Umwanzuro n'ibyifuzo-nama

Ubu bushakashatsi bwasuzumye uko ubwiyunge buteye mu Rwanda hagati y'umwaka wa 2016 na 2020. Ni isuzuma rya gatatu nyuma y'iryakozwe mu mwaka wa 2010 na 2015. Icyari kigamijwe cyane cyane ni ugushyigikira inshingano za Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge (NURC) zo guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge binyuze mu gusobanukirwa neza ibitekerezo by'abaturage ku bumwe n'ubwiyunge, gusuzuma no kubona inkingi, ibipimo n'ibimenyetso bikwiranye n'aho ubwiyunge bugeze ubu, no kumenya ibintu biteza imbere ubwiyunge ndetse n'imbogamizi zabwo. Ubushakashatsi bwakoresheje uburyo buvanze bwo gushakisha amakuru aho ubushakashatsi bushingiye ku mibare bwuzuzanya n'ubushakashatsi bushingiye ku bitekerezo by'abatangabuhamya. Isesengura ry'ibyavuye mu bushakashatsi ryagendeye ku nkingi esheshatu, arizo gusobanukirwa ahahise (amateka), igihe turimo, no gutekereza ejo hazaza; Ubwenegihugu/Ubunyarwanda, ibiranga umwenegihugu n'inshingano ze; umuco wa politiki n'imiyoborere; umutekano n'imibereho myiza; ubutabera, kugira amahirwe angana n'uburenganzira; n'imibanire myiza. Isesengura ryasojwe no gutanga ibyifuzo-nama bitandukanye. Iki gice kikaba kigizwe n'ibice bibiri - umwanzuro, ibyifuzo-nama, n'ibyakwibandwaho mu bushakashatsi buzakurikira.

### 5.1. Umwanzuro

Urugendo rw'ubwiyunge mu Rwanda rukomeje gutera intambwe igaragara. Ibyavuye mu bushakashatsi byerekanye ko ubwiyunge muri iki gihe mu Rwanda buhagaze ku gipimo cya 94.7%, bukaba bwariyongereye buvuye kuri 92.5% mu isuzuma ryo mu 2015.

Ku bijyanye n'inkingi yo gusobanukirwa ahahise (amateka), iby'ubu ndetse no gutekereza ejo hazaza, ibyagaragajwe byerekana ko igipimo cyabyo cyiyongereye kuva kuri 91.8% mu 2015 kigera kuri 94,6% mui 2020. Iri zamuka ryatewe n'imbaraga zikomeje gushyirwa mu kubaka igihugu cyunze ubumwe ariko kizi neza n'ubusharire buri mu mateka yacyo, kandi gikomeza kwigira ku mateka cyagize kugira ngo kireme ejo hazaza heza. Ibipimo byose biri munsi y'iyi nkingi biri ku kigero cyo hejuru ugereranyije no muri 2015, usibye ko ayo mateka n'uburyo aherekanwa yagabanuka gake bijyanye n'ukuntu abaturage bamwe bakwirakwiza ingengabitekerezo ya jenoside, cyane cyane mu miryango yabo.

Naho ku bijyanye n'inkingi y'Ubwenegihugu/Ubunyarwanda ibiranga umwenegihugu /Umunyarwanda n'inshingano ze, igipimo cyavuye kuri 96.7% mu 2015 kigera kuri 98,6% mu 2020. Amanota y'ibipimo byose biri munsi y'iyi nkingi yariyongereye, kandi ibipimo bishya – imitekerereze isesengura - byagize 97%. Ibi ni ibimenyetso byerekana ko Abanyarwanda bakomeje kwishimira Ubunyarwanda bwabo kandi basangiye, byerekana kandi ubushobozi bunini bwo guhitamo ibikwiye. Kuganira ku guhitamo ibikwiye biganisha ku nkingi ya gatatu, umuco wa politiki n'imiyoborere. Ugereranyije, igipimo cy'iyi nkingi cyariyongereye kiva kuri 88.4% mu 2015 kigera kuri 90,6% mu 2020, byerekana uburyo Abanyarwanda bashima cyane uruhare rw'inzego (93.8%) n'abayobozi (94.8%) mu miyoborere y'igihugu cyabo. Nubwo bimeze bityo ariko, kugereranya ibyavuye mu bushakashatsi byerekana ko amanota menshi y'ibipimo bimwe na bimwe yasubiye inyuma mu 2020, cyane cyane ibijyanye no kongerera

ubushobozi abaturage no kugira uruhare mu miyoborere, ndetse no ku mikorere y'abayobozi b'inzego z'ibanze. Ibyavuye mu bushakashatsi bigaragaza isano y'iri gabanuka n'abayobozi bamwe batubahiriza inshingano, cyane cyane ku nzego z'ibanze, ibyo bikaba ari ibimenyetso byerekana ko abaturage bakomeje kunenga no kumva ko abayobozi bamwe bo mu nzego z'ibanze bananiwe gutanga serivisi nziza nk'uko amategeko abiteganya. Ibi, bifatanije n'ikigero kinini cyo gutekerezanya ubushishozi, byerekana ko abaturage bazakomeza gusaba abayobozi babo serivisi nziza, bakaba banafata ingamba nyinshi zo kubibaryoza bitewe n'uko abo baturage bakomeza kumva uburenganzira bwabo n'inshingano zabo mu miyoborere y'igihugu cyabo.

Inkingi y'umutekano n'imibereho myiza yakomeje kwishimirwa n'abaturage, kubera ko yavuye kuri 90.7% mu 2015 ikagera kuri 94.3% mu 2020. N'ubwo mu bihe bya vuba aha umutekano muke mu bice bimwe na bimwe by'igihugu wahungabanyije amahoro ku rugero runaka, ibyo bikaba biha ishingiro ukugabanuka kw'ibipimo by'umutekano w'igihugu n'ubwiyunge, amanota y'ibindi bipimo byose yariyongereye. Abaturage bakomeje kubona no kwerekana umutekano w'igihugu nk'igikorwa cyiza kandi cyubakiweho ibindi bikorwa byose by'ubukungu n'imibereho myiza.

Ku bijyanye n'ubutabera, kugira amahirwe angana n'uburenganzira, ubushakashatsi bwerekanye ko amanota yavuye kuri 91.4% mu 2015 agera kuri 93.1% mu 2020. Hano havuzwe ko hagaragaye amanota ku bipimo hafi ya byose, nko ku ukuri, gusaba imbabazi no kuzitanga, no ku ndishyi z'ibyangiritse cyangwa imitungo yasahuwe mu gihe cya jenoside. Igipimo cyo gukira ibikomere umuntu ku giti cye nicyo cyagabanutseho gato, ibyo bikaba bifitanye isano no kuvuga ko uru rwego rutigeze rushyirwamo ingufu nyinshi ugereranyije n'izindi nzego zo mu gihugu.

Hanyuma, inkingi y'imibanire myiza yerekanye ko Abanyarwanda bongereye urugero rw'icyizere bafitanye, ubworoherane, ubufatanye no kumvikana hagati yabo. Ni muri urwo rwego, amanota y'inkingi yavuye ku kigero cya 96.1% mu 2015 agera kuri 97.1% mu 2020.

Ku bijyanye n'ibiteza imbere ubwiyunge, ubushakashatsi bwerekanye ko abaturage bishimira cyane uruhare rwa gahunda zinyuranye nka Ndi Umunyarwanda mu guteza imbere ubwiyunge mu Rwanda. Ariko, hari n'ibintu byinshi byagaragajwe ko bibangamira ubwiyunge. Muri byo harimo ingengabitekerezo ya jenoside n'ibindi byaha bifitanye isano nayo (32.0%), gukoresha uburyo bw'urugomo mu gukemura amakimbirane asanzwe (24.2%), ibibazo bijyanye no gutinza ubutabera (16.4%), ingamba z'ubuzima bwa buri munsi bw'umuturage (14.7%), n''ibibazo bijyanye n'abayobozi bamwe badakora neza inshingano zabo cyane mu nzego z'ibanze (10.8).

Hashingiwe ku bibangamiye ubwiyunge byagaragajwe hateguwe ibyifuzo-nama bikurikira:

## 5.2. Ibyifuzo-nama

Mbere yo gutangira iki gice, ubushakashatsi bwakozwe bwahuye n'ikibazo kijyanye n'uburyo umuntu yasobanura iyi mibare y'ubwiyunge ugereranije n'impaka zivuga ko inzira y'ubwiyunge ikomeje guhura n'ibibazo byinshi, bikaba byatera ikibazo cy'ukuntu ubwiyunge burenga 90%. Ibyavuye muri ubu bushakashatsi byakemuye iki kibazo mu gutandukanya 'ubwiyunge ku rwego rw'igihugu' n '' ubwiyunge ku rwego rwa buri muturage '. Impaka hano zavugaga ko ubwiyunge nk'urugendo abaturage bose bakora ku giti cyabo badashobora kuba ku rwego rumwe cyangwa ku muvuduko umwe, ariko ko igihugu cyatanze ibikenewe bikwiye kugira ngo ubwiyunge bwa buri muntu bugende butera imbere kandi bubeho. Niyo mpamvu, mu gihe Abanyarwanda bamwe ku giti cyabo bashobora kuba bari ku rugero rwo hasi muri uru rugendo, igihugu cyo cyageze ku bikorwa bitangaje bigaragazwa n'ibintu bifatika byerekana ko amoko atagikoreshwa nk'itike yo kubona amahirwe kurusha abandi bafite ibibaranga bitandukanye, kandi no kubera ko hari inzego zifasha aba gifite ingengabitekerezo ya Jenoside guhinduka, aho kubarebera abafite ingengabitekerezo nk'iyo nk'uko byahoze kera.

Ibyifuzo-nama bikurikira, byatekerejwe hitawe ku mbogamizi zagaragajwe, ariko nanone hitawe no kongera amahirwe menshi ahari yo kugira ngo buri munyarwanda ashobore kwitabira ibikorwa by'ubwiyunge abyiyumvamo.

1. Ingengabitekerezo ya jenoside n'ibindi byaha bifitanye isano nayo: ibintu abaturage bagaragaje ko bibahangayikishije muri uru rwego ni uguhakana jenoside no kuyipfobya, byagarutsweho inshuro 894 bingana na 7.10%. Ibi birumvikana kuko, nk'uko inzobere mu bya jenoside zabigaragaje, guhakana jenoside nicyo cyiciro cya nyuma cy'icyaha cya jenoside. Ibyavuye muri ubu bushakashatsi byagaragaje ko inzira y'ubwiyunge mu Rwanda ikomeje kubangamirwa n'ingengabitekerezo ya jenoside mu bantu bamwe na bamwe, ibyo bikaba bigaragarira mu guhakana jenoside no kuyipfobya, kuvuga amagambo/imvugo y'urwango, cyane cyane mu gihe cyo kwibuka, kwanga nkana gutanga amakuru y'aho imibiri y'abazize jenoside yajugunywe. Icyifuzo nyamukuru cyo gukemura iki kibazo ni ugukomeza kwigisha, cyane cyane urubyiruko, ibijyanye na jenoside, ingaruka zayo, n'uburyo ikumirwa. Mu rwego rwo kunoza uburyo amateka yigishwa kandi ahererekanwa, hatanzwe ibyifuzo-nama bikurikira:

a) Bifashijwemo na Ministeri y'Uburezi, abafatanyabikorwa bashobora kongera mu byigishwa ibirebana na Jenoside yakorewe Abatutsi n'ingaruka zayo;

b) Bifashijwemo na Minisiteri ifite mu nshingano kwigisha amashuri abanza, ayisumbuye n'andi mashuri, n'abafatanyabikorwa banyuranye, bagomba kwigisha amateka ababyiruka bose kugira ngo bamenye ibibi byabaye ariko batabahungabanyije;

c) Hakwiye kugeza inyigisho z'amateka ku rubyiruko rutari mu mashuri asanzwe. Ibi bishobora gukorwa mu buryo bw'Itorero, cyangwa mu bundi buryo;

d) Abarimu bo mu byiciro byose mu burezi ubwo ari bwo bwose bagomba guha abakiri bato amahirwe yo kuganira ku kibazo cy'amoko mu Rwanda n'ingaruka zayo, ubumwe

n'ubwiyunge n'izindi ngingo ziri mu masomo y'amateka zigahabwa umwanya wo kuziganiraho mu rwego rwo guha ababyiruka umwanya wo kungurana ibitekerezo bagahabwa n' amahirwe yo kuganira ku nzego zashyizweho ngo bihangane n' ingaruka za jenoside nka FARG, AERG, AVEGA AGAHOZO, CNLG, n'ibindi;

e) Minisiteri y'Uburezi kandi ikwiye guteganya ibitabo byifashishwa mu kwigisha amateka mu mashuri kuko biracyari bike, bigasesengurwa neza n'inzobere n'abarimu bagahugurwa hitawe ko, kimwe n'abandi Banyarwanda, na bo bagizweho ingaruka n'amateka u Rwanda rwanyuzemo.

2. Indi mbogamizi abasubije bagaragarije impungenge ni ugukoresha inzira z'ubugizi bwa nabi nk'uburyo abantu bahitamo bwo gukemura ibyo batumvikanaho bisanzwe kandi byanze bikunze bibaho mu mikorere ya buri munsi. Muri rusange abantu bemeza ko amakimbirane mu bantu abaho byanze bikunze, kandi ko icy'ingenzi mu kuyakemura ari ukureba ko yakemurwa mu mahoro mbere y'uko hazamo urugomo no guhohotera abandi. Nyamara, bitewe n'umuco wiganje mu bantu wo guhohotera, abantu ku giti cyabo n'amatsinda bakunze kwishora mu bikorwa by'urugomo, nk'ibitero by'imitwe yitwaje intwaro ndetse no kurwanya byimazeyo gahunda zigamije impinduka nziza n'ubwiyunge.

   Mu yindi miryango iyo ari yo yose, kwifashisha inzira z'urugomo bifatwa gusa nk'ibibangamiye amahoro, ariko mu Rwanda, nk'abagizweho ingaruka na jenoside, nyuma yayo, ikintu cyose kibangamiye amahoro kiba kibangamiye n'ubwiyunge, kubera ko amahoro adashobora gutandukanywa n'ubwiyunge. Ntabwo rero bitangaje kuba urugero rwa makumyabiri na gatandatu n'ibice bibiri (26.2%) ku ijana by'abasubije barabonye ko gukoresha inzira z'urugomo ari ikintu kibangamira ubwiyunge. Kugira ngo iki kibazo gikemuke, hatanzwe ibyifuzo-nama bikurikira:

a) Gushimangira guhuza inyigisho z'amahoro mu burezi busanzwe, ubudasanzwe, n'ubutamenyerewe, hibandwa cyane ku gufasha abiga kumenya imikorere n'imvugo bihembera umuco w'urugomo n'ihohoterwa;

b) Abari mu bikorwa kwigisha umuco w'amahoro baba inzego za Leta nka NURC, Sosiyete Sivile, AEGIS Trust n'abandi bakwiye gufatanya mu kureba uburyo uburezi bwagira uruhare mu kurushaho kumenya intandaro y'amakimbirane n'ihohoterwa no kumenya ibibuza amahoro haba ku muntu ku giti cye, mu miryango, mu gihugu, mu Karere no ku rwego mpuzamahanga n'ingamba zo kubaka umuco w'amahoro mu byiciro byose;

c) Abarezi n'abafashamyumvire ku muco w'amahoro bagomba kwihatira kugira umuco w'amahoro intego y'ubuzima kuko umuco w'amahoro ugamije guhindura umuntu ku giti cye n'imibanire mu bijyanye n'imyitwarire n'indangagaciro, kandi bagaha agaciro ijambo bigisha bakarangwa naryo mu bikorwa.

3. Ku bijyanye n'ubutabera no gukira ibikomere, ubushakashatsi bwerekanye imbogamizi zijyanye n'abahamijwe icyaha cya Jenoside banze kwihana (10.3%), ibikomere bidakira byarushijeho kuba bibisi kubera kwanga kwerekana aho imirambo y'abishwe mu gihe cya Jenoside iri, gusaba imbabazi bya nyirarureshwa, n'ihungabana rigenda rihererekanwa kugera no ku bisekuru byavutse nyuma ya Jenoside. Ibyagaragajwe byerekanye ko gukira ibikomere kwa buri muntu biterwa na gahunda y'isanamitima mu gihugu rinyuze mu nzira z'ubutabera, ndetse bikanasaba ko abakoze ibyaha basaba imbabazi bibavuye ku mutima, n'abakorewe ibyaha bakababarira bivuye ku mutima. Ibi rero ni ibintu biterwa n'ubushake bw'abantu ku giti cyabo, ntibigomba kugerwaho binyuze mu nzira z'amategeko. Kugira ngo ibibazo bivuzwe hano bikemurwe, hatanzwe ibyifuzo-nama byinshi:

a. Abafatanyabikorwa mu gufasha mu gikorwa cyo kurekura abarangije igihanocy'icyaha cya jenoside bakwiye kwita ku ntambwe zinyuranye z'imyiteguro ikwiye mu gutegura Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi n'abafungurwa, hagamijwe kugira ngo bagire imibanire myiza;

b. Minisiteri y'ubuzima n'abandi bafatanyabikorwa bayo (amashyirahamwe ashingiye ku madini, imiryango itegamiye kuri leta, n'abandi) bakora mu rwego rw'isanamitima ry' abantu ku giti cyabo bagomba gushaka uburyo bwo gufatanya burenze iby'abaganga bandika kuko bidahora iteka ari ingirakamaro ku ihungabana cyangwa ubundi bwoko bw'uburwayi bwo mu mutwe;
c. Abakora ibikorwa byo kubaka amahoro haba mu nzego za Leta cyangwa sosiyete sivile bagomba kugena ahantu hizewe (hari umutekano) wo kuganira no gutega amatwi abaganira bari mu matsinda mato. Umwanya mwiza wo kuganiriramo ugomba gushakishwa no gushyirwaho neza kugira ngo abantu bumve bafite icyizere cyo gusangira akababaro kabo.
d. Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge igomba gukomeza gufata Ndi Umunyarwanda nk'urubuga aho abantu basangira akababaro kabo mu buryo bwo komorana ibikomere no gufasha buri wese kwiyunga na mugenzi we;
e. Abakorera mu Nzego z'Ibanze bagomba gukoresha Ndi Umunyarwanda n'izindi mbuga zose zishoboka kandi zizewe mu gufasha abantu bafite amakuru ku hajugunywe imibiri y'abishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi. Ibi bizatanga umwanya mwiza kuri buri muntu wo kuganira, gusaba imbabazi bivuye ku mutima no kubabarira bikenewe mu gukira ibikomere ku muntu ku giti cye.

4. Ubu bushakashatsi bwerekanye ibijyanye n'abayobozi bamwe b'inzego z'ibanze badakemura ibibazo by'abaturage nk'ikintu kibangamira ubwiyunge. Ikigaragara ni uko imikorere idahwitse ya bamwe mu bayobozi ifatwa nk'ikibuza abaturage amahirwe yo kwitabira ubwiyunge, kandi ko imikorere myiza y'abayobozi ifatwa nk'iyongera amahirwe yo kwitabira ubwiyunge. Nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ya 108, ibikorwa bimwe na bimwe nka ruswa no kunanirwa cyangwa kwanga kw'abayobozi gukemura ibibazo cyangwa ibindi byugarije abaturage bituma bamwe muri abo baturage bagwa mu mutego woroshye wo gusobanura ibyo bikorwa binyuze mu ndorerwamo y'amoko n'ivangura. Ibi noneho

bikaganisha ku myumvire ko abantu bamwe bafite amahirwe menshi cyangwa bahezwa bitewe n'abo bari bo. Kugira ngo iki kibazo gikemuke, hashobora gukorwa ibi bikurikira:

a. Abafatanyabikorwa bagira uruhare mu guhugura abayobozi b'inzego z'ibanze by'umwihariko RMI, bagomba gutegura amahugurwa y'ubuyobozi, ariko n'amahugurwa ajyanye n'isanamitima no gukira ibikomere.

b. Guha imbaraga abayobozi b'inzego zihari cyangwa gushyiraho inzego nshya zishimangira uko abayobozi b'inzego z'ibanze babazwa ibyo bakora. Uko abaturage bamenya uburenganzira bwabo niko bashobora no kubaza abayobozi ibyo bakora, Abayobozi rero bagomba kuba bariteguye guhura nabyo kandi bakemera kunengwa mu byo batakoze neza. Iki kikaba gifatwa nk'intambwe ya demokarasi aho abayobozi batagomba gushaka inyungu zabo bwite mu buyobozi ahubwo bagaharanira buri gihe inyungu z'abaturage bayoboye.

c. Minisiteri ibifite mu nshingano kwegereza abaturage ubuyobozi igomba gukomeza kwigisha abaturage ku nshingano n'uburenganzira bafite. Ibyavuye mu bushakashatsi byagaragaje ko abaturage bamwe bagifite ubwoba cyangwa badashobora gusaba ibiri mu burenganzira bwabo, cyane cyane kubera ubujiji. 97% by'abasubije bagaragaje ko Abanyarwanda bashoboye gufata ibyemezo bikomeye kandi bisobanutse (bibasaba gutekerezanya ubushishozi), ibyo bikaba ari ibintu byiza byagezweho ku bijyanye n'inshingano z'abaturage no kugira uruhare mu bibakorerwa.

d. Gutegura abayobozi, cyane cyane ab'inzego z'ibanze, kwemera kubazwa ibyo bakora: kwigisha abaturage ku burenganzira bwabo bigomba kujyana no guhugura abayobozi kugira ngo bumve ko bafite umwanya wo gukorera abaturage, kuko iyo bananiwe kubikora, urwego rw'abaturage rwo kwizera abayobozi babo ruragabanuka, bityo n'ubwiyunge bukabangamirwa.

## 5.3 Ingingo zikwiye kwitabwaho mu bushakashatsi buzakurikira

Hariho ingingo ibyagaragaye muri iyi raporo byagaragaje ko ubushakashatsi butaha bwakwitaho.

a. Ibyavuye mu bushakashatsi byerekana ko Abanyarwanda barenga 98% bibona ko ari Abanyarwanda mbere y'ibindi bibaranga. Ibi biributsa ko, mbere y'ubukoroni abaturage bose b'u Rwanda bemeraga ko bahuje ikibaranga cy'ubunyarwanda. Ariko ubwo bumwe bwashenywe na politiki y'amacakubiri yashimangiraga ibindi bibaranga bito, biza gucibwa intege no gusenya ibiranga Abanyarwanda. Bitewe n'imbaraga nyinshi zashyizweho nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, uyu munsi Abanyarwanda bongeye kubona ishema kubera ko basangiye Ubunyarwanda, bivuze ko barenze cyane imyumvire yo kwibona ndetse no kubona abandi mu ndorerwamo y'amoko y' Abahutu, Abatutsi, Abatwa. Kugira ngo hamenyekane niba ibintu bibi biranga amoko yubatswe bigifite agaciro ku baturage bamwe, ubushakashatsi bwo mu gihe kizaza bugomba kwibanda ku gusuzuma niba hari Abanyarwanda bagifite inyungu iyo ari yo yose babona mu moko cyangwa uturere bakomokamo.

b. Ibyavuye mu bushakashatsi byagaragaje ko abayobozi b’inzego z'ibanze, baba bake cyangwa atari bake, aribo bafite uruhare runini mu itangwa rya serivisi itanoze, bigaragara ko ari kimwe mu bintu bibangamira ubwiyunge. Kugira ngo urusheho gusobanukirwa n’iki kibazo, ubushakashatsi bw’igihe kizaza bugomba gushaka kumenya ibibazo bijyanye no kwegereza ubuyobozi abaturage ku rwego rw’ibanze.
c. Uturere two mu mijyi - mu Mujyi wa Kigali n’uw’Akarere ka Huye, ufatwa nk'umujyi wa kabiri - bisa nk’aho bifite uruhare runini mu gusubiza OYA ku kibazo kibaza niba "Abanyarwanda bibona nk'Abanyarwanda mbere y'ibindi byose". Icyo ibi bivuze ni ukwibanda ku bakomeje kwibona ubwabo hamwe na/cyangwa n’abandi mu ndorerwamo y’ibibaranga bito. Inyigisho z’igihe kizaza zigomba gushishoza kugira ngo zumve neza icyatuma Uturere two mu mijyi tuzamukai ugereranyije n’icyaro mu bijyanye no kwizirika ku biranga umuntu bito. Uturere twa Ruhango na Bugesera dushobora kwibandwaho kuko natwo twagize ijanisha riri hejuru muri iki kibazo.

## Inyandiko zifashishijwe


1. Almond, G. & Verba, S. (1963). *The civic culture: Political attitudes and democracy in five Nations.* Princeton, NJ: Princeton University Press.
2. Assefa, H. (2008). The meaning of reconciliation. In Reychler, L. & Paffenholz, T. (Eds.), *Peacebuilding: A filed guide* (pp. 336 - 342). USA, Boulder, Colorado: Lynne Reinner Publishers.
3. Badie, B. (2011). International encyclopedia of political science. In Badie, B.; Berg-Schlosser, D.; & Morlino, L. (Eds.). *International Encyclopedia of Political Science, 1.* Los Angeles/London/New Delhi, Singapore & Washington DC: SAGE Publications, Inc.
4. Borer, T. A. (2006). Truth-telling as a peacebuilding activity: A theoretical overview. In Borer, T. A. (Eds.), *Telling the truths: Truth-telling and peacebuilding in post-conflict societies* (pp. 1 – 57). Notre Dame, Indiana: University of Notre Dame Press.
5. Brewer, J. & Higgins, G. (1998). *Anti-Catholicism in Nothern Ireland, 1600-1998: The Mote and the Beam.* Great Britain: Macmillan Press LTD.
6. Chakravarty, A. (2006). Gacaca Courts in Rwanda: Explaining Divisions within the human rights community. *Yale Journal of International Affairs, 1*(2), 132-145.
7. CNLG. (2016). État de l'ideologie du génocide au Rwanda: 1995 – 2015. Kigali, Rwanda.
8. Cochran W. J. (1963). *Sampling Techniques*. New York: John Wiley and Sons.
9. Creswell, W. J. (2011). *Research Design: Qualitative, Quantitative and Mixed Methods Approaches (Third edition ed.).* United Kingdom: SAGE Publications Ltd.
10. De Lacger, L. (1939). *Le Rwanda ancien et moderne*. Namur: Editions de la revue "Grands Lacs".
11. De Heusch, L. (1995). Rwanda: Responsibilities for a genocide. *Anthropology Today, 11*(4), 3-7.
12. Du Bois, F. & Du Bois-Pedain, A. (Eds.). Justice and reconciliation in post-Apartheid South Africa. *European Journal of International Law, 21*(1), 246 – 249. https://doi.org/10.1093/ejil/chq006
13. Evaldsson, A.K. (2007). *Grassroots Reconciliation in South Africa*. PhD Dissertation. Gothenburg University, Sweden: School of Global Studies.
14. Gultung, J. (1998): "After violence: 3Rs, Reconstruction, Reconciliation, Resolution. Transcend.
15. Gunstone, A. (2007). *Unfinished business: The Australina forma reconciliation process.* Australia: Australian Scholarly Publishing.
16. Hannah, A. (1989). The Human Condition. Chicago: University of Chicago.
17. Harroy, J. P. (1984). *Rwanda: De la féodalité à la démocracie (1955–1962).* Bruxelles, Hayez, et Paris: Académie des Sciences d'Outre-mer.
18. Hirsch, M. B-J.; MacKenzie, M.; & Sesay, M. (2012). Measuring the impacts of truth and reconciliation commissions: Placing the global 'success' of TRCs in local perspective. *Cooperation and Conflict, 47*(3), 386 – 403.
19. International Institute for Democracy and Electoral Assistance (2003). Reconciliation after violent conflict: Policy summary (International IDEA report). Stockholm, Sweden.

20. Israel, G. D. (2013). Determining Sample Size, A document of Agricultural Education and Communication Department, UF/IFAS Extension. Institute of Food and Agricultural Sciences (IFAS), University of Florida, http://edis.ifas.ufl.edu (accessed on 06/11/2019).

21. Center for Medicare & Medicaid Services & University of Minnesota (2004). *Measures, insdicators, and improvement of quality of life in nursing homes* (Center for Medicare & Medicaid Services & University of Minnesota report). Minnesota, USA: Kane, R. A.; Kane, R. L.; Bershadsky, B.; Curtler, L. Giles, K.; Liu, J.; Kang, K.; Zhang, L.; Kling, K. & Ddegenholtz, H.

22. Krejcie, R.V., & Morgan, D.W. (1970). Determining Sample Size for Research Activities. Educational and Psychological Measurement, 30, 607-610.

23. Krondorfer, B. (2018). Introduction: Social and political reconciliation. State University of New York Press (SUNY Press). Retrieved from https://www.sunypress.edu /pdf/63870.pdf (Accessed December 29, 2020).

24. Lenth, V. R. (2001). Some Practical Guidelines for Effective Sample-Size Determination. Department of Statistics, University of Iowa. (Unpublished).

25. Long, W.J. and Brecke, P. (2003). *War and reconciliation: reason and emotion in conflict resolution.* London: The MIT Press.

*26.* Longerich, P. (2010). *Holocaust: The Nazi persecution and murder of the Jews.* New York: Oxford University Press.

27. Mariam, S. B. (1998). *Qualitative research and case study Applications in Education*.San Francisco: Jossey-Bassy Publishers.

28. Marshall, N. M. (1996). Sampling for qualitative research, Family Practice, Vol. 13, No. 6, 522-525.

29. MINALOC (2018). 2018/19 – 2023/24 Social Protection Sector Strategic Plan (SP-SSP). Kigali: Ministry of Local Governance.

30. Mugenda, M. O. & Mugenda, G.A. (2003). *Research Methods: Quantitative and Qualitative Approaches.* Nairobi: African Centre for Technology Studies.

31. Nemeth, R. (2001). Respondent Selection Within the Household-A Modification of the Kish Grid. https://www.researchgate.net/publication/237794222 (accessed on 07/11/2019).

32. MINICOFIN & NISR (2014). *Fourth Population and Housing Census: Characteristics of households and housing* (MINICOFIN & NISR Thematic Report). Kigali, Rwanda: NISR.

33. MINICOFIN & NISR (2020). *Labour force survey trends: Impact of COVID-19 on labour force* (MINICOFIN & NISR report). Kigali, Rwanda: NISR.

34. NURC (2007). *National policy on unity and reconciliation.* Kigali, Rwanda.

35. NURC (between 2004 and 2006). *The Rwandan conflict: Origin, development, exit strategies* (NURC report). Kigali, Rwanda: Shyaka, A.

36. NURC (2010). *Rwanda Reconciliation Barometer.* Kigali – Rwanda.

